

DUSHOBORA KWIZERA IMANA

Igihe kimwe Jimi yabajije umuntu utaremeraga ko Imana ibaho niba yarigeze amara akanya byibuze na gato agundagurana n'igitekerezo cy'uko ahari Imana yaba iriho.

Icyatangaje Jimi ni uko uwo muntu yamusubije ati " Rwose byambayeho. Mu myaka ishize igihe umwana wacu w'uburiza yavukaga, habuze gato ngo nemere Imana. Ubwo nitegerezaga ako karemwmamuntu k'akaziranenge kari mu gatanda kako, ubwo nitegerezaga uko kahinaga kandi kakarambura udutoki twako, ndetse nkanabona mu maso yako hagaragaza ko kabasha kumenya umuntu, namaze igihe mbitekereza, ndetse mara amezi menshi, habura gato ngo ndeke kuba umuhakanamana. Kwitegerezza ako gahinja byabuze gato ngo binyemeze ko Imana ibaho."



1.IGIHANGANO CYOSE KIGIRA UWAGIHANZE

Imiterere y'umubiri w'umuntu igaragaza ko hariho uwayihanze. Abahaha mu by'ubumenyi batubwira ko ubwonko bubika kandi bukibuka amashusho yabwinjiyemo, buhuriza hamwe kandi bugatanga ibisubizo by'ibibazo, bumenya ibyiza, burimenya, kandi bwifufa guteza imbere ibyiza muri buri muntu. Umurimo w'amashanyarazi ukomoka mu bwonko ni wo utuma imihore y'umubiri wacu ikora.

Bya byuma kabuhariwe (ordinateri) na byo bikoreshwa n'imbaraga z'amashanyarazi. Nyamara ubwonko bw'umuntu ni bwo bwavumbuye ibyo byuma kabuhariwe, umuntu arabirema, abibwira n'icyo bigomba gukora.

Ni na cyo cyatumye umunyazaburi afata umwanzuro ko umubiri w'umuntu uvuga ku Muremmyi w'igitangaza mu ijwi riranguruye kandi risobanutse. Yagize ati

"Ndagushimira uko naremwe uburyo buteye ubwoba, butangaza; Imirimo wakoze ni ibitanghaza: ibyo umutima wanje ubizi neza." -- Zaburi 139:14.



Si ngombwa ko tujya kure gushakirayo " ibikorwa " by'Imana. Imiterere ihambaye y'ubwonko bw'umuntu, hamwe n'indi myanya y'umubiri ni " ibikorwa " by'Imana, kandi byerekana umuhanzi ufite ubuhanga butagerwa.

Nta pombo yakozwe n'umuntu yagereranywa n'umutima w'umuntu. Nta cyuma kabuhariwe (ordinateri) cyagereranywa n'imikorere y'ubwonko bwacu. Nta televiziyo (Inyerekananamashusho) yagira imikorere ishyitse yahwana n'ijwi, ugutwi n'ijisho by'umuntu. Nta byuma bizana amafu cyangwa bishyushya ahantu byakora umurimo wahwana n'ukorwa n'izuru ryacu, ibihaha byacu, cyangwa uruhu rw'umubiri wacu. Imiterere ihambaye y'umubiri w'umuntu igaragaza ko hariho umuhanzi uhebuje wawuhanze, kandi uwo wawuhanze ni Imana.

Umubiri w'umuntu ugizwe n'ingingo zishyitse - zose zifitanye isano, kandi ziremye neza. Ibihaha n'umutima, uturandaryi (nerfs) n'imihore, byose bikora umurimo ukomeye cyane usohozwa kubera ko hari undi murimo ukomeye uba wakozwe.

Tuvuge ko ufite ibiceri icumi, byanditseho inomero imwe kugeza ku icumi (buri giceri gifite inomero imwe uramutse ubitondekanyije uhereye kugifite inomero imwe ukageza ku gifite iya cumi, warangiza ukabishyira mu mufuka wawe ukabisandazamo

GENZURA

ubivangevanga, warangiza ukabivanamo kimwe kimwe. Mbese wabivanamo bikurikiranye ku nomero nk'uko wabishyizemo? Dukurijke amategeko y'imbare, mu mahirwe miliyari icumi, waba ufite amahirwe incuro imwe gusa yo gusohora bya biceri mu mufuka bikurikiranye kuva ku nimo imwe kugeza ku icumi.

Noneho zirikana amahirwe umwanya umwe w'umubiri mu myanya cumi wajya ugira kugira ngo ukore! Igifu, ubwonko, umutima, umwijima, imitsi ya ruboroga iyobora amaraso, imitsi mito, impyiko, amatwi, amaso n'amenyo. Byose bikurira icyarimwe kandi bigatangira gukora mu gihe kimwe.

Ni ibihe bisobanuro nyakuri umuntu yatanga ku miterere y'umubiri w'umuntu imeze ityo?

" Imana iravuga iti 'Tureme umuntu, agire ishusho yacu, ase natwe'... Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo,... umugabo n'umugore ni ko yabaremye." Itangiriro 1:26,27.

Umugabo wa mbere n'umugore wa mbere nti bapfuye kubaho. Bibiliya ihamya ko Imana yaturemye ku ishusho yayo. Yadutekerejeho, hanyuma iraturema tubaho.

2. IKINTU CYOSE CYAREMWE KIGIRA UWAKIREMYE

Ikigaragaza ko Imana ibaho ntikigarukira gusa ku miterere y'umubiri wacu; ahubwo gisakaye no ku ijuru hose. Reka tube turetse amatara y'umugi, maze njoro urarame urebe ku ijuru. Kirby gicu gifite umweru w'amata kiba kiri hirya inyuma y'inyenyeri ari na cyo twita Ijuru ry'Amata, burya ni urusobekerane rw'inyenyeri miliyari na miliyari zirabagirana umucyo w'amazuba azirasaho asa n'iryacu. Ndetse mu by'ukuri, izuba ryacu hamwe n'indi mibumbe rimurikira, burya na byo bigize Ijuru ry'Amata. Nyamara kandi Ijuru ry'Amata ryacu, mu buryo bwo gucishiriza gusa, rigizwe n'urusobekerane miliyari ijana rutatse inyenyeri. Umuntu akoresheje ibyuma kabuhariwe byabigenewe, yashobora kubona inyenyeri z'urwo rusobekerane ari hano ku isi. Ngicyo icyateye umunyazaburi gufata umwanzuro ko inyenyeri na zo zivuga iby'Umuremyi wuji ikuzo. Yagize ati

Saan a pagsiddaawan ngarud a ti salmista nga ibagana a dagiti bituen ibagada ti nadayag a Nagaramid:

" Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, isanzure ryerkana imirimbo y'Intoki zayo. ..." Zaburi 19:1-3

None se umwanzuro nyakuri twafata ni uwuhe, iyo twitegereeje imiterere ihambaye n'ubunini bw'ijuru n'isi?


**" Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi." Itangiriro 1:1.
Yabanjirije byose, kandi byose bibeshwaho na we." Abakolosayi
1:17.**

**"Ket isu [Dios] ti umuna kadagiti isuamin nga adda, ket isuamin a
banbanag addada kenkuana."--Colosas 1:17.**

Ibyaremwe byose bigaragaza Imana Umuhanzi uhebuje abandi, ikaba n'Umuremyi Utarondorwa. Mu magambo yumvikana, " mbere na mbere Imana," tubona igisubizo cy'ibanga ry'ubuzima. Hariho Imana yaremye buri kintu cyose.

Muri iki gihe hari inzobere mu by'ubumenyi (science) zemera ko Imana ibaho. Dr Arthur Compton, umunyabugenge wegukanye igihembo cya Nobel, yagize icyo avuga kuri uyu murongo wo mu Byanditswe tubonye haruguru, agira ati

"Ku rwanje ruhande, kwizera gutangirana no kwiyumvisha ko hariho ikinyabuzima gihebuje ibindi gifite ubwenge bwatumye ijuru n'isi bibaho



GENZURA

kandi kikarema n'umuntu. Kuri jye kugira kwizera ntibingoye, kuko ahari igishushanyombonera, haba hari n'ubuhanga bukomoka ku Imana. Isi n'ljuru byaremanywe gahunda, bigaragaza Imana, bishimangira ukuri gukubiye muri aya magambo ngo "mbere na mbere Imana."

Bibiliya ntigerageza kugaragaza ko Imana ibaho, ahubwo ivuga ko ibaho. Dr Arthur Conklin, umuhanga waminuje mu by'ibinyabuzima, yagize ati "Kwibwira ko ubuzima bwaba bwarabayeho ku buryo bw'impanuka, ni kimwe no kwibwira ko inkoranyamagambo ya rurangiza yaba yarabayeho biturutse ku kintu cyasandariye mu nzu icururizamo ibitabo."

Tuzi neza ko abantu batarema ibantu mu busa. Dushobora kubaka ibantu tukagira ibyo tuvumbura, ndetse tugatera ibindi. Nyamara nta kintu twigeze turema tukivanye mu busa, nubwo kaba agakeri gato cyane hanyuma y'utundi, cyangwa se akababi k'ururabyo. Ibidukikije byose bivuga biranguruye ko Imana ari yo yahanze ibantu, irabirema kandi ni yo ibibeshaho. Igisubizo kimwe rukumbi cy'ukuri ku byerekeye inkomoko y'ijuru, iyi si n'abantu, ni Imana.

3. IMANA IGIRANA UMUBANO N'ABANTU

Ya Imana yaremye ijuru rihunze inyenyeri, ya yindi yaremye ijuru n'isi, ishaka ko tugirana umubano wihariye. Yagiranye umubano wihariye na Mose. "Uwiteka yavuganaga na Mose... nk'uko umuntu avugana n'incuti ye." Kuva 33:11. Rero Imana ishaka kugirana nawe umubano wihariye, bityo ibe incuti yawe. Yesu yasezeraniye abamuyoboka ati "Muri incuti zanje." Yohana 15:14.

Twese twaba twaragundaguranye n'igitekerezo cyerekeye ku Imana, kubera ko mu buryo bwa kamere, abantu ari abanyadini. Nta nyamaswa cyangwa itungo byigeze byubaka aho bisengera Imana. Nyamara hirya no hino aho ubona abagabo n'abagore, usanga baramya Imana. Mu ndiri y'umutima waburi muntu habamo icyifuzo cya kamere cyo kuramya Imana, akaba ayizi kandi yifuza kugirarana ubucuti na yo. Iyo rero dusohoje icyo umutima wacu wifufa tukabonana n'Imana, ntituba tugishidikanya ko ibaho cyangwa ko tuyikeneye.

Mu myaka y'1990, abantu miliyoni nyinshi b'abahakanamana bo mu Burusiya baretse ihakanama, maze bberapa Imana. Umwigisha wo muri Kaminiwa ya Petersburg yavuze ijambo yari ahuriyeho n'abandi bahoze ari abahakanamana bo mu Burusiya. Yagize ati

"Mu bushakashatsi bushingiye ku bumenyi nakoze, nashatse kumenya igisobanuro cy'ubuzima, nyamara ntacyo nabonye umuntu yagirira icyizere. Bagenzi banje b'inzobere mu by'ubumenyi na bo ntacyo bagezeho. Mu gihe nigaga iby'ubumenyi bw'inyenyeri, ubwo nitegerezaga ukuntu isanzure ari rigari cyane, kandi nkiyumvamo ko muri jye harimo icyuhu kituzura, niyumvisemo ko haba hari impamvu ibitera. Igihe Bibiliya mwanyoyerereje yangeragaho, natangiye kuyisoma, maze cya cyuho nari mfite mu buzima bwanjye, kiba kirasiwe. Nasanze ko Bibiliya ari yo yonyine umutima wanje ugirira icyizere. Nakiriye Yesu nk'Umukiza wanje ubwo ni bwo mu buzima nagize ukunyurwa n'amahoro nyakuri"

Umukristo yizera Imana kubera ko aba yarabonanye na yo maze akibonera ko ari yo imara umutima ubukene bwawo bwimbitse. Imana abakristo babonanye ibyishimo ko ibaho, iduha icyerekezo gishya, imibereho mishya, ingamba nshya, hamwe n'ibyishimo bishya.

Ntabwo Imana idusezeranira ubuzima butarangwamo impagarara n'ibirushya, nyamara itwizeza ko izatuyobora kandi ikadukomeza nitwemera kugirana umubano na yo. Miliyoni nyinshi z'Abakristo zihamya ko zareka ikindi kintu icyo ari cyo cyose aho kugira ngo basubire mu buzima butarangwamo Imana.

Dore igitangaje kuruta ibindi byose: ni uko Imana Nyirububasha yahanze, yaremye, kandi ibeshejeho ijuru n'isi, yifuza kugirana umubano na buri mugabo n'umugore, na buri muhungu n'umukobwa. Ibyo byatangaje Dawidi ubwo yandikaga ati:

GENZURA



"Iyo nitegerje ijuru umurimo w'intoki zawe, n'ukwezi n'inyenyeri, ibyo waremye, umuntu ni iki ko umwibuka, cyanga umwana w'umuntu ko umugenderera? "--Zaburi 8:4,5.

Umuremyi wacu " azirikana " buri muntu muri twe. Akwitaho nk'aho ari wowe kiremwa cyonyine yaremye.

Bityo dushobora kwizera Imana: (1) Kubera imiterere ihambaye iboneka mu byo yaremye bidukikije. (2) Kubera kwifuza Imana kutubamo kudatuma dutuza kugeza ubwo tubonye uburuhukiro muri yo. (3) Kubera ko iyo tuyishatse tukayibona, itumara ubukene bwacu bwose, n'ibyo twifuza byose - ku buryo busesuye.

4. MBESE IYO MANA NI MANA KI?

Rwose birumvikana ko Imana ibaho ishaka kwihihurira ibiremwa byayo nk'uko se w'abana yifuza ko bamumenya. Muri Bibiliya kandi Imana itubwira uwo ari we n'uko imeze.

Mbese igishushanyo mbonera Imana yarebeyeho ijya kurema umugabo n'umugore ni ikihe?

"Imana irema umuntu, ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye." Itangiriro 1:27.

Ubwo rero twaremwé ku ishusho y'Imana, ubushobozi bwacu bwo gutekereza, kwiyumva uko tumeze, kwibuka no kugira ibyiringiro, kwinira ukibaza no gusesengura ibintu - ibyo byose tubikomora kuri yo.

Mbese icy'ibanze kiranga Imana ni ikihe?

""Imana ni urukundo." 1 Yohana 4:8.

Imana igirana umubano n'ikiremwa muntu ibikuye ku mutima wayo wuje urukundo. Nta kintu na kimwe yigeze ikora, cyangwa se izigera ikora, itabitewe n'urukundo rutikanyiza, rwa rundi rwitangira abandi.

5. UKO YESU ATUGARAGARIZA UKO IMANA IMEZE

Muri Bibiliya, incuro nyinshi Imana yigaragaza nka se w'umwana.

"Twese ntidusangiye Data? Imana yaturemye si imwe?" -- Malaki 2:10.

Amwe mu mashusho aranga ababyeyi b'abagabo akwiye gusubirwaho akanonosorwa. Hari ababyeyi b'abagabo batagira icyo bitaho, bahohotera abandi bantu. Imana ntabwo imeze ityo. Imana ni Data utwitaho kandi yumva ibibazo. Ni nka se w'umwana wishimira gukina n'umuhungu we cyangwa se umukobwa we. Imana ni nka se w'umwana ubikira abana be ababwira udutekerezo twiza dutuma basinzira.

Data wa twese udukunda yifuje gukora ibirenze kwigaragariza mu magambo y'lbyanditswe. Yari izi ko umuntu tubana tumuzi neza kuruta umuntu twumvise cyangwa twasomye ibimwerekeye mu gitabo. Bityo Imana iza kuri iyi si yacu ari umuntu ugaragara, umuntu witwa Yesu.

GENZURA

"Ni na we [Yesu] Shusho y'Imana itaboneka."-- Kolo.1:15.

Bityo rero niba warabonye Yesu, wabonye Imana. Yicishije bugufi ageza ku rugero rwacu - amera nkatwe - kugira ngo atwerekere uko twabaho kandi twishimye, bityo rero dushobora kubona rwose uko Imana imeze. Yesu ni Imana yashyizwe ahagaragara. Ubwe yarivugije ati " Umbonye aba abonye Data." Yohana 14:9.

Uko usoma igitekerezo cya Yesu mu Butumwa bune, ari byo bitabo bine bibanza byo mu Isezerano Rishya, uzagenda ubonamo ishusho ishimishije ya Data wa twese wo mu ijuru. Abarobyi bataranganwaga ikinyabupfura basize incundara zabo bakurikira Kristo, ndetse n'abana bato bamubyiganiragaho kugira ngo abahé umugisha. Yahumurizaga umunyabyaha wahawe akato, kandi indyarya yiyita intungane agatuma izinukwa ibyo yiratanaga. Yakijije abantu indwara zose, uhereye ku buhumyi ukageza ku bihembe. Muri ibyo bikorwa byose Yesu yakoraga yagaragaje ko Imana ari urukundo. Yagiye amara abantu ubukene, ku buryo mu bamubanjirije hatigeze haboneka umuntu wagenje nka we - yewe, habe no mu babayeho nyuma ye!

Igikorwa gihebuje ibindi cyo kugaragaza uko Imana imeze Yesu yakigaragarije ku musaraba.

"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."--Yohana 3:16.

Ntabwo Yesu yapfuye kugira ngo muri iki gihe gusa aduhe ubuzima bushimishije, ahubwo kwari no kugira ngo aduhe ubugingo buhoraho. Mu bihe bya kera cyane, abantu bibajje ibyerekeye Imana, barayiringiye, ndetse bagiye bayitekerezaho byinshi. Babonye ibikorwa byayo ku ijuru no mu byo yaremye bitatse ubwiza. Ariko noneho ku musaraba, Yesu yashyize ahabona icyifuzo cy'ibihe byose, maze abantu bagiye kubona babona bararebana n'Imana imbona nkubone, bayireba uko iri rwose - yuje urukundo, urukundo ruhoraho kandi rutagajuka!

Ubu ushobora kugenzura ukabona Imana imeze nk'uko Yesu ayiguishuriye. Ubwo bugenzuzi buzakugeza aho nawe ubwawe uvuga wemeza uti "Data, ndagukunda."



BIRASHOBOKA KO TWIZERA BIBILIYA

Ba bigaragambyaga b'ibirangirire batumye ubwato Bounty (Bawunti) bw'Abongereza burohama, amaherezo bo n'abagore babo b'abakavukire baje komokera ku kirwa cya Pitcairn (Pitikeni) kiri mu Majyepfo y'inyanja ya Pasifike. Iryo tsinda ryari rigizwe n'abasare b'Abongereza icyenda, abagabo batandatu bo muri Tahiti n'abagore icumi na bo bo muri Tahiti, hamwe n'umwana w'umukobwa w'imyaka cumi n'itanu. Umwe muri abo basare yaje kumenya uko bakora ibisindisha (alcool), maze ntibyatinze icyo kirwa cyokamwa n'ubusinzi. Imirwano ikomye yaduka ubwo hagati y'abagabo ubwabo ndetse no mu bagore.



Nyuma y'igihe gito, umugabo umwe muri ba bandi bomokeye kuri icyo kirwa, yararusimbutse. Ariko uwo mugabo witwaga Alexandre Simith, aza kugwa kuri Bibliya yari mu gisanduku kimwe mu byari byakuwe mu bwato. Yatangiye kuyisoma no kwigisha abandi ibyari biyanditswemo. Uko yagenzaga atyo, imibereho ye ubwe yarahindutse nyuma n'imibereho y'abari batuye icyo kirwa bose irahinduka.

Abaturage b'icyo kirwa biberaga mu bwigunge batazi ibibera hirya no hino ku isi, kugeza ubwo ubwato bwitwa Topaz bwo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bwageraga kuri icyo kirwa mu 1808. Abaje muri ubwo bwato basanze abaturage baho ari abanyambaraga, icyirwa cyabo gifite amajyambere, nta bisindisha biharangwa, nta gereza zihaba, nta n'ubwicanyi buharangwa. Bibiliya yari yarahinduye abatuye icyo kirwa ibakura ibuzimu, Imana ibagira intangarugero hano ku isi nk'uko yifuza ko abatuye isi bose bamera. N'uju munsi ni ko bikimeze.

Mbese Imana yaba ikivuganira n'abantu bayo mu mpapuro zo muri Bibiliya? Nta shiti iracyavugana na bo. Mu gihe ndimo nandika ibi, ndimo ndareba ku rupapuro rw'ibisubizo twohererejwe n'umwe mu bigishwa bacu bo mu ishuri rya Bibliya. Hepfo ku mpera y'urupapuro yahanditse ikitonderwa, agira ati "Ndi murigereza, ndi no ku rutonde rw'abacirwa urwo gupfa kubera icyaha nakoze. Mbere y'uko niyandikisha muri iri shuri rya Bibiliya, nari narihebye, ariko ubu noneho mfite ibyiringiro, kandi nabonye n'urukundo rushya."

Bibiliya ifite imbaraga zibasha rwose guhindura imibereho y'abantu. Iyo abantu batangiye kuyiga bashyizeho umwete, imibereho yabo ihinduka mu buryo butangaje.

1. UKO IMANA IVUGANIRA NATWE MURI BIBILIYA

Imana lmaze kurema Adamu na Eva, umugabo wa mbere n'umugore wa mbere babayeho ku isi, yavuganye na bo imbona nkubone. Nyuma aho bamariye gucumura, Imana ije kubasura byagenze bite?

"Bumvise imirindi y'Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya ni munsi, wa mugabo n'umugore we bihisha hagati y'ibibabi byo muri iyo ngobyi amaso y'Uwiteka." Itang.3:8.

Icyaha cyarogoye umushyikirano mbona nkubone Imana yagiranaga n'umuntu

None se aho icyaha cyiziye ku isi ni mu buhe buryo Imana yavuganye n'abantu?



GENZURA

"Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo."--Amosi 3:7.


Ku byerekeye ubuzima n'icyerekezo cyabwo, Imana ntiyadushyize mu gihirahiro. Ibicishije mu bahanuzi -- ni ukuvuga abantu Imana yitoranyirije kugira ngo bayikorere, haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko -- Yagaragaje ibisubizo ifitiye ibibazo bikomeye by'ubu buzima.

2. NI NDE WANDITSE BIBILIYA?

Abahanuzi batangaje ubutumwa Imana yabahaye haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko, aho bamariye gupfa ibyo banditse birasigara. Ubwo butumwa abahanuzi basize, Imana iyobora abantu barabwegeranya, babukubira mu gitabo twita Bibiliya.

None se ibyo abahanuzi banditse byagirirwa icyizere kingana iki?

"Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye, kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake b'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera."--2 Petero 1:20,21.



Abanditse Bibiliya ntibanditse ibyo bishakiraga cyangwa se ibyifuzo byabo, ahubwo igihe cyose Mwuka w'Imana yabateragamo igitekerezo, ni bwo bandikaga. Bibiliya rero ni igitabo cy'Imana ubwayo!.

Muri Bibiliya rero Imana itubwira ibiyerekeye, ikanatubwira imigambi ifitiye ikiremwa muntu. Itwereka ibyo Imana yakoze mu gihe cyahise, iduhishurira ibyo ahazaza, ikanatubwira uko amaherezo ingorane zazanywe n'icyaha zizabonerwa igisubizo, n'uko amahoro azasakara ku isi.

None se Bibiliya yose ikubiyemo ubutumwa bwakomotse ku Mana?

"Ibyanditswe Byera byose byahumetswe n'Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka: kugira ngo umuntu w'Imana abe ashxitse, afite ibimukwiriye byose, ngo akore imirimmo myiza yose."--2 Timoteyo 3:16,17.

Bibiliya ireba abantu cyane kubera ko Bibiliya "yose" uko yakabaye ari "impumeko y'Imana", ni inyandiko ifite inkomoko ku Mana, ni Igitabo cy'Imana. Uramutse ushatse kumenya icyo ubuzima ari cyo, ujye usoma Ibyanditswe Biziranenge. Gusoma Bibiliya bizahindura ubuzima bwawe. Uko uzarushaho kuyisoma kandi usenga, ni ko uzarushaho kugira amahoro.

Wa Mwuka Muziranenge watumye abahanuzi bandika Bibiliya, azatuma ibyo Bibiliya yigisha, inkuru nziza iyikubiyemo, bigira ingaruka yo guhindura ubuzima bwawe nuramuka uraritse Mwuka ngo mubane mu gihe usoma Bibiliya.

3. UBUMWE BWA BIBILIYA

Urebye, icyo twita Bibiliya ni ikoraniro ry'ibitabo 66. Ibitabo 39 bigize Isezerano rya Kera byatangiye kwandikwa uhereye nko 1450 ukageza hagana 400 Mbere y'ivuka rya Kristo. Ibitabo 27 bigize Isezerano Rishya byo byanditswe hagati y'umwaka wa 50 na 100 Nyuma y'ivuka rya Kristo.

Umuhanuzi Mose yatangiye kwandika ibitabo bitanu bibanza bya Bibiliya mbere y'umwaka 1400 Mbere y'ivuka rya Kristo. Intumwa Yohana yanditse igitabo giheruka cya Bibiliya, ari cyo cy'Ibyahishuwe, mu

GENZURA

mwaka wa 95 Nyuma y'ivuka rya Kristo. Mu myaka 1500 iri hagati y'iyanidikwa ry'igitabo cya mbere n'igihuka bya Bibiliya, byibura abanditsi 38 Imana yagiye yitoranyiriza, baranditse. Bamwe bari abantu bikorera ku giti cyabo, abandi ari abashumba, abarobyi, abasirikari, abaganga, abavugabutumwa, abandi ari abami, mbese abantu bo mu nzego z'ubuzima zitandukanye. Ibihe byinshi bagiye babaho mu mico n'intekerezo binyuranye.

Dore igitangaza gihebuje byose: Ibyo bitabo 66 bigize Bibiliya, bifite ibice 1189, bikagira nimirongo 31173, iyo ibyo byose ubihuriye hamwe, usanga ubutumwa bubikubiyemo bifite ubumwe butagira amakemwa.



Tuvuge ko iwawe haje umuntu agakomanga, ukamukingurira, yamara kwinjira agashyira mu ruganiriro ishusho igaragara ko itabaje neza, yamara kuyihaterika agasohoka nta cyo akubwiye. Nyuma ye hagakurikiraho abandi bashyitsi 40, umwe umwe akagenda ashira akantu kabaje mu mwanya kagenewe kuri ya shusho.

Uheruka yasohoka amaze gushyira akantu mu mwanya wako kagenewe, wajya kubona ukabona noneho ufite ishusho y'agatangaza. Noneho ukaza no kumenya ko bababaji batigeze babonana kandi

bakomoka mu bihugu bitandukanye. Bamwe bakomoka muri Amerika y'epfo, abandi mu Bushinwa, mu Burusiya, muri Afurika no mu yindi migabane y'isi. Umwanzuro wafata ni uwuhe? Wavuga ko habayeho umuntu wakoze igishushyanyo mbonera cy'iryo shusho, kandi akagenda yoherereza buri mubaji amabwiriza asobanutse ya buri mugabana wayo azabaza n'ingero zawo.

Bibiliya yose uko yakabaye itangaza ubutumwa buhuriye hamwe, nk'uko yashusho ibaje yari ihurije hamwe idafite amakemwa. Ubwenge bwatekereje Bibiliya ni bumwe, ni ubwenge bw'Imana. Ubumwe bugaragara muri Bibiliya ni ikimenyetso cy'uko nubwo abantu banditse ibiyikubiyemo, babaga babihishuriwe n'Imana.

4. USHOBORA KWIZERA BIBLIYA

(1) Uko Bibiliya yagiye izigamwa biratangaje. Inyandiko zayo za kera zagiye zandukurwa hakoreshejwe intoki - ubwo ni kera cyane mbere y'uko imashini zicapa zibaho. Abazobereye mu kwandukura Bibiliya bakoraga amakopi bandukuye ku nyandiko mwimerere maze bakayakwiragiza mu bantu. Bene ayo makopi y'izo nyandiko cyangwa se udupande twazo n'ubu biracyariho.

Inyandiko z'Isezerano rya Kera zishobora kuba zaranditswe hagati y'imyaka 150-200 mbere y'ivuka rya Kristo, mu 1947 zabonetse hafi y'Inya Ipafye. Biratangaje cyane kubona imizingo y'izo nyandiko imaze imyaka 2000 irimo ukuri guhwanye n'uko dusanga muri Bibiliya icapwa muri iki gihe. Iki ni ikimenyetso gikomeye cy'uko ijambo ry'Imana ari iryo kwiringirwa.

Intumwa zo bwa mbere zanditse Isezerano Rishya ari inzandiko zabaga zandikira amatorero y'Abakristo yashinzwe nyuma y'urupfu n'izuka bya Kristo. Inyandiko zisaga 4500 ziraho isezerano Rishya ryose cyangwa se umugabane waryo usanga bimuritswe mu mazu. Ndangamurage no mu mazu asomerwamo akomeye by'i Burayi no muri amerika. zimwe muri izo nyandiko ni izo mu kinyejana cya kabiri. Iyo ufashe izo nyandiko za kera ukazigereranya na Bibiliya icapwa muri iki gihe, dusanga rwose ko Isezerano Rishya na ryo ritigeze rihinduka kuva ryandikwa mbere na mbere.



GENZURA

Muri iki gihe Bibiliya cyangwa se imigabane imwe yayo, byasobanuwe mu ndimi zisaga 2060. Ni cyo gitabo kigurwa cyane ku isi. Miliyoni zisaga 150 za Bibiliya hamwe n'indi migabane yayo bigurishwa buri mwaka.



(2) Amateka yo muri Bibiliya araboneye bitangaje. Ibyo abashakashatsi bacukura mu butaka bavumbuye byahamije ku buryo budasubirwaho ukuntu ibyo Bibiliya ivuga bitagira amakemwa. Abahanga mu by'amateka bavumbuye inyandiko zanditse ku bisate by'ibumba, bavumbura n'amashusho akoze mu mabuye, byatumye amazina, ahantu n'ibintu byabonekaga muri Bibiliya gusa birushaho gusobanuka.

Urugero, mu Itangiriro 11:31 havuga ko Aburahamu n'umuryango we "bava muri Uri y'Abakaludaya... bajya mu gihugu cy'i Kanani." Kubera ko Bibiliya ari yo yonyine yavugaga Uri, abahanga benshi bavugaga ko nta mugi nk'uwo wigeze ubaho. Nyuma abashakashatsi bacukura mu butaka baje kuvumbura umunara w'urusengero mu majyepfo ya Iraki. Ku ntango y'uwo munara bahavumbuye inyandiko yanditse ku gisate cy'ibumba cyanditse mu nyandiko yitwa kinyiforume, kuri iyo nyandiko hariho izina rya Uri. Ibyagiye bivumburwa nyuma, byagaragaje ko Uri yari umugi ukomeye wateye imbere mu majyambere. Ibiranga uwo mugi byari

byaribagiranye, Bibiliya yonyine ni yo yazigamye izina ryawo - kugeza ubwo abacukuzi bahamya ko ari ry'ukuri. Bityo Uri ni rumwe mu ngero nyinshi zatanzwe n'abacukuzi zihamya ko ibyo Bibiliya ivuga ari ukuri.


(3) Ibyo Bibiliya yari yaravuze ko bizabaho nyuma bikabaho na byo bigaragaza ko ushobora kwiringira Bibiliya. Mu Byanditswe harimo ibintu byari byarahanuwe ko bizabaho none ubu ibyo bintu bikaba biriho bishyika tubireba. Ibyo byari byarahanuwe tuzabireba mu byigisho biri imbere.

5. UBURYO WASOBANUKIRWA BIBILIYA

Uko usesengura Ijambo ry'lmana, aya mahame nshingiro ujye uyazirikana:

(1) Ujye wiga Bibiliya ufite umutima wuje gusenga. Iyo wiga Bibiliya ufite umutima n'ubwenge byakinguwé n'isengesho, icyo cyigisho gihinduka umushyikirano umuntu agirana ku giti cye na Yesu (Yohana 16:13-14).

(2) Ujya usoma Bibiliya buri munsi. Kwiga Bibiliya buri munsi ni urufungozo rukingurira imbaraga ituzamo, ni umubonano tugirana n'ubwenge bw'lmana (Abaroma 1:16).



(3) Igihe usoma Bibiliya, ujye ureka abe ari yo yivugira. Ujye wibaza uti "Uwanditse Bibiliya yashakaga kuvuga iki?" Iyo dusobanukiwe n'icyo isomo risobanura, tugerageza kureba icyo ritwigisha muri iki gihe cyacu.

(4) Ujye wiga Bibiliya ingingo ku ngingo. Ibyanditswe muri Bibiliya ubigereranye n'ibindi biyanditsemo ahandi. Ubu buryo Yesu yarabukoresheje agira ngo agaragarize abantu ko ari we Mesiya:

"Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we."--Luka 24:27.

Ibyo Bibiliya ivuga byose ku ngingo iyi n'iyi, iyo tubishyize hamwe, tuba dufite icyerekezo kitabogamye.

GENZURA

(5) Ujye wiga Bibiliya kugira ngo uronke imbaraga yatuma ubaho wizihije Kristo. Ijambo ry'Imana rivugwa mu Baheburayo 4:12 ko ari inkota ityaye. Rirenze kure kuba ari amagambo yanditse ku rupapuro gusa; ni intwaro nzima dufite mu ntoki zacu turwanisha duhashya ibidushuka ngo dukore ibyaha.

(6) Ujye utega matwi igihe Imana ivuganira nawe mu Ijambo ryayo. Umuntu nashaka kumenya ukuri kwa Bibiliya ku ngingo iyi n'iyi, aba agomba kwemera gukurikiza icyo yigisha (Yohana 17:7), aho kwemera icyo abantu bibwira, cyangwa se icyo inyigisho z'amatorero amwe zishyigikira.

6. BIBILIYA IBASHA GUHINDURA IMIBEREHO Yawe

"Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge."--Zaburi 119:130.

Kwiga Bibiliya bizashimangira uguabanukirwa kwave, biguhe imbaraga zo gutsinda ingeso mbi, kandi bigushobozeku mu by'umubiri, ubwenge, imbonezamutima, no mu bya mwuka.

Bibiliya ivugana n'umutima. Ivuga ku biba ku bantu: ivuka, urukundo, ishyingiranwa, ababyeyi, ivuga no ku rupfu. Ivura ibikomere byimbitse muri kamere muntu, ari byo icyaha n'ubuhanya gitera.



Ijambo ry'Imana si igitabo cy'ubwoko bumwe, cy'igihe cyimwe, cy'igihugu kimwe, cyangwa cy'umuco umwe. Nubwo cyandikiwe mu Burasirazuba, kinogeye rwose abagabo n'abagore bo mu Burengerezuba. Gifite icyicaro mu ngo z'aboroheje kimwe no mu bitabashwa by'abakungu. Abana bakunda ibitekerezo byiza bikirimo. Intwari zikibonekamo zituma urubyiruko rwifuzza kumera nkazo. Abarwayi, abari mu bwigunge ndetse n'abageze mu za bukuru bakibonyemo ihumure n'ibyiringiro by'ubuzima burushaho kuba bwiza.

Kubera ko Imana ikorera muri Bibiliya, bituma Bibiliya igira imbaraga ikomeye cyane. Imenagura ndetse n'abafite imitima yanga igishyikamuntu, ikaborosha, ikabuzuza urukundo. Ibihe byinshi Bibiliya yagiye ihindura abicanyi n'abanywi b'urumogi bagahinduka ababwiriza b'ijambo ry'Imana b'abanyamwete. Bibiliya yagiye yarura abantu babaga bagiye kwiyahura, ikabaha intangiriro nshya y'ubuzima bufite ibyiringiro. Bibiliya izura urukundo mu bantu basanzwe ari abanzi. Ituma umwibone yicisha bugufi, n'umunyabugugu akaba umunyabantu. Bibiliya itwongera imbara igihe twacitse intege, iradukomeza iyo twihebye; iraduhumuriza iyo dushavuye; iratuyobora iyo dushidikanya; itugaruramo ubuyanja iyo dutentebutse. Itwereka uko dukwiye kubaho dufite ubutwari n'uko dukwiye gupfa tudafite ubwoba.

Bibiliya ari cyo gitabo cy'Imana, ibasha guhindura ubuzima bwawe. Ibyo uzarushaho kubibona uko uzakomeza kwiga ibyigisho bya GENZURA.

Kuki Bibiliya yatwandikiwe? Yesu araduha igisubizo.

"Ariko ibi byandikiwe kugira ngo mwizere yuko Yesu ari Kristo Umwana w'Imana; kandi ngo nimwizera, muherwe ubugingo mu izina rye."--Yohana 20:31.

Impamvu ikomeye cyane ituma tugomba kwimenyereza Ibyanditswe Biziranenge, ni uko birimo ibintu byinshi bigaragaza ishusho ya Yesu, kandi bikatwizeza rwose ubugingo buhoraho. Uko twitegerezza Yesu muri Bibiliya yose, turahinduka tukarushaho gusa na we. Ni kuki se utatangira uyu munsi kwibonera imbaraga y'Ijambo ry'Imana ishobora kuguhindura ukarushaho kumera nka Yesu?

ESE UBUGINGO BWANJYE IMBERE Y'IMANA BUFITE AGACIRO?



Hari ubwo bucya isi imeze nka Paradizo. Wabyuka, ugahumeka umwuka mwiza, uhagaze hafi y'idirishya, witegereza imirasire y'izuba ku biti no ku bibabi. Hari ibihe bimwe bituma utekereza agaciro k'ubuzima: mumaso h'inshuti yawe uyisezeraho, indirimbo zinyuze amatwi zijiyanne n'ibihe urimo, gutungurwa n'igikorwa cy'urukundo rw'umwana muto.

Ariko indi minsi bugacya isi isa naho yabaye isibaniro riteye ubwoba. Wabyuka ugasanga ibinyamakuru biravuga ibikorwa byitera bwoba ibibombe byashwanyaguje umwana cyangwa byamuteye kuba impumyi, naho ikindi kihebe cyo cyirata ko kimaze kwica abageze kwi icumi, ahandi ibinyamakuru bivuga iby'inzara cyangwa umwuzure, intambara n'ibishyitsi. Ibi ni ibihe wumva ibintu byose ari amahano, nta kigerageza gushyira mu gaciro.

Ibi byose bishatse kuvuga iki? Ese iyi si yacu y'agatangaza ishobora gushyira mu kandi yuzuye amahano? Kuki se tuyrimo? Ese imibereho yanje koko Imana iyitaho? Cyangwa meze nk'agashinge kanzunya mu kimashimani cya rutura?

1. IMANA YAREMYE ISI ITUNGANYE



Imana n'Umuremyi, ni yo muhanzi w'ibantu byose uhoreye kunyenyeri zirabagirana ukageza no kumababa y'ikinyugunyugu.

"Ijambo ry'Uwiteka ni ryo ryaremye ijuru, Umwuka wo mu kanwa ke ni wo waremye ingabo zo muriryo zose. Ateranya amazi yo munyanja nk'ikirundo, ashyingura imuhengeri mu bubibaho. Isi yose yubahe Uwiteka, abari mu isi bose bamutinye. Kuko yavuze, bikaba, yategetse bigakomera."--Zaburi 33:6-9.

Imana igomba kuvuga gusa, ibyaremwe bikumvira ubushake bwayo.

2. ISI YAREMWE MU MINSI ITANDATU

"Kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi: ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweba."--Kuva 20:11.

Umuremyi Uhoraho, nyir'ububasha bwose, yashoboraga kurema isi mu kanya gato cyane "abikoreshje umwuka wo mu kanwa ke." Ariko Imana yahisemo kubikora mu minsi itandatu - nyamara iminota itandatu cyangwa se amasegonda atandatu yari kuba ahagije. Igice cya mbere cyo muri Bibiliya, Itangiriro igice cya mbere, gisobanura icyo Imana yaremye kuri buri munsi w'icyumweru cy'rema.

Ni iki Imana yaremye gihebuje byose ku munsi wa gatandatu?

GENZURA

"Imana irema umuntu, ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye; Umugabo n'umugore ni ko yabaremye."--Itangiriro 1:27.



Imana yahisemo kurema abantu bameze nka yo babasha gutekereza, bashobora kwiyumvira, no gukunda. Umuntu wese aremwe "ku ishusho"y'Imana.

Mu minsi itandatu isi yari yuzuye ibimera n'inyamaswa, hanyuma Imana yerekana igihebuje ibyo yari imaze kurema. Dushingye ku Itangiriro 2:7. "Imana Nyirububasha yaremye Adamu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo; umuntu ahinduka ikiremwa kizima." Ni ukuvuga ko umuntu yagize ubuzima. Imana yita uwo muntu yari imaze kurema Adamu, ijambo risobanurwa ngo "Umuntu", n'umugore wa mbere Eva, risobanurwa ngo "ufite ubuzima" (Itangiriro 2:20; 3:20). Imana yuje urukundo yabonye ko umuntu akeneye uwo babana.

Aba bombi Adamu na Eva Imana ikimara kubarema bagaragaza ishusho yayo. Imana yashoboraga kurema abantu bameze nk'ibimashini bakajya bagendagenda mu murima wa Edeni bagahanika amajwi yabo bayihimbaza. Ariko Imana yashatse kurema uwo bafitanye isano nyayo. Imashini zishobora, kumwenyura, kuvuga, ndetse no gukora imirimio itandukanye, ariko ntizibasha kwerekana urukundo.

Imana yaturemye ku ishusho yayo, iduha ububasha bwo gutekereza no guhitamo, kwibuka, kumenya no gukunda. Adamu na Eva bari abana b'Imana, ibakunda ku buryo butavugwa.



ICYUMWERU CYIREMA

Umuni wa 1: Umucyo, Isimburanwa ry'umunsi n'ijoro

Umuni wa: Isanzure

Umuni wa: Ahumutse h'ubutaka n'ibimera

Umuni wa kane: Izuba n'ukwezi biraboneka

Umuni wa gatanu: Inyoni n'amafi

Umuni wa gatandatu: Inyamaswa zo kubutaka n'Umuntu

Umuni wa karindwi: Isabato

3. ICYAHYA CYADUKA KU ISI ITUNGANYE

Adamu na Eva bari bafite buri kintu cyari gutuma bagira umunezero. Bari bafite ubuzima buzira umuze, ibitekerezo bizima, bari mu rugo rwabo muri wa murima wuzuye ibyiza gusa. Itangiriro 2:8; 1:29-31.

Imana yabasezeraniye kuzororoka no kugira ibitekerezo byagutse, no kunezezwu n'imirimio y'amaboko yabo. (Itangiriro 1:28; 2:15) Basabanaga n'Umuremyi wabo imbona nkubone. Nta cyabateraga ubwoba, nta gutinya cyangwa indwara byahungabanya iyo mibereho yabo myiza.

Isi se yaje guhinduka ite mu kanya gato ikaba indiri y'ibyago n'umubabaro? Igice cya kabiri n'icya gatatu by'Itangiriro, bitubwira uko byagenze n'uburyo icyaha cyinjiye ku isi yacu. Wisomere ibyo bice incuro zose ushaka. Ariko dore ibikubiyemo mu nshamake.



Hashize igihe Imana imaze kurema isi itagira amakemwa, Satani yaje mu murima wa Edeni gushuka Adamu na Eva ngo bagomere iyabaremye. Imana ntiyemeye ko Satani abashukisha ikindi kitari icyo yari yarabihanangirije kutazarya ho "aricyo giti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi.". Yari yarihanangirije abo bantu ba mbere kutegera icyo giti no kutarya imbuto zacyo, kugira ngo batazapfa.

Ariko umunsi umwe Eva yitembereza kuri cya giti Imana yababujije. Satani aba yamuteye imboni aramuresaresa. Yamubwiye ko Imana yamubeshye; ko

GENZURA

ahubwo narya ku mbuto zacyo, atazapfa, ahubwo azagira ubwenge nk'ubw'Imana, amenye icyiza n'ikibi. Ikibabaje ni uko Eva na Adamu, bari basanzwe bazi icyiza, bemereye Satani akabashuka, maze bakarya ku mbuto z'igitu bari barabujijwe, bityo bakica amasezerano yo kwizera no kumvira Imana.

Imana yari yarateguriye Adamu na Eva "gutegeka" iyi si nk'ibisonga by'ibyo yaremye. (Itangiriro 1:26). Ariko kubera ko batiringiye Imana, bagahitamo kumvira Satani ngo ababere umuyobozi mushya, byatumye batakaza ububasha Imana yari yabahaye. N'uyu munsi Satani avuga ko isi ari iyi ni cyo gituma akora ibishoboka byose ngo aheze abantu mu bubata bwe.

Hari ubwo rimwe na rimwe usanga dukora ibikorwa byo kwikunda, ndetse bishishana, nyamara twifuzaga gukora ibyiza. Biterwa n'iki? N'uko uwo mugome utagaragara, Satani, aharanira gutuma abantu batsindwa.

Mu gihe usoma igice cya gatatu cy'Itangiriro, uzasanga ko icyaha cyatumye Adamu na Eva bagira ubwoba bakihiha Imana. Icyaha cyangije ibyaremwe byose. Amahwa atangira kuboneka ku ndabyo nziza. Ubutaka bwarakakaye, umurimo uhinduka umuruho. Ibyorezo by'indwara biraduka. Ishyari, urwango n'ubugugu byarushijeho kwiyongera, ari na ko byakomeje guhenebereza umuntu. Ariko ikibabaje kuruta ibindi icyaha kizana urupfu!

4. UWO SEKIBI WAZANYE ICYAHAGAHINDANYA IYI SI YACU NI NDE?

"Uwo yahereye kera kose ari umwicanyi.... kuko ukuri kutari muri we. Navuga ibinyoma, aravuga ibye ubwe, kuko ari umunyabinyoma, kandi ni se w'ibinyoma"--(Yohana 8:44).

Nk'uko Yesu yabivuze, Satani ni we nkomoko y'icyaha cyogogoje iyi si. Ni we "Se" w'icyaha n'ubwicanyi no kubeshya.

Thomas Carlyle, Umucurabwenge w'umwongereza, rimwe yatambagije Ralph Waldo Emerson imwe mu mihanda mibi, cyane yo mu mugi wa Londoni ahitwa East End (Esiti Endi). Nuko ubwo bagendagendaga, bitegereza amahano akorerwa muri iyo mihanda Carlyle yaramubajije ati "Ubu noneho wemera ko Satani ariho?"

5. ESE IMANA NI YO YAREMYE SATANI?

Oya! Imana nziza ntiyari kurema Satani. Nyamara Bibiliya ivuga yuko Satani, hamwe n'abamarayika yari amaze kuyobya, batakaje umwanya wabo mu ijuru, bajugunya

ku isi.

"Mu ijuru habaho intambara. Mikayeli n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka; ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. Ntibanesha, kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka. Cya kiyoka kinini kiracibwa, ni cyo ya nzoka ya kera, yitwa "umwanzi na Satani, ni cyo kiyobya abari mu isi bose; na cyo kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo."(Ibyahishuwe 12:7-9)

Satani yaje kuboneka ate mu ijuru?



"Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira, kandi nagushyizeho, kugira ngo ube ku musozi wera w'Imana; wagendagendaga hagati yamabuye yaka umuriro. Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho, kugeza igihe wabonetseho gukiraniwa."(Ezekiyeli 28:14,15)

GENZURA

Imana si yo yaremye Satani, yaremye Lusuferi wari umumarayika atunganye; umwe mu bamarayika bakuru, bahagarara i ruhande rw'intebe y'Imana. Ariko yaje gicumura "muri we haboneka gukiranirwa". Amaze kwirukanwa mu ijuru yigize inshuti ya Adamu na Eva, nyamara yari umwanzi wabo ukomeye.

6. NI KUKI LUSUFERI UMUMALAYIKA WARI UTUNGANYE YACUMUYE?

"Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w'umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa! Uwaneshaga amahanga ko baguciye bakakugeza ku butaka! Waribwiraga uti 'Nzazamuka njye mu ijuru, nkuze intibe yanje y'ubwami, isumbe inyenyeri z'Imana;' kandi uti 'Nzicara ku musozi w'iteraniro mu ruhande rw'impera y'ikasikazi; nzazamuka ndenge aho ibicu bigarukira; nzaba nk'isumba byose." Yesaya 14:12-14.

Icyo kiremwa cyaje guhinduka Satani, mbere yitwaga Lusuferi, risobanurwa ngo "Inyenyeri yo mu ruturuturu", cyangwa "urabagirana". Mu mutima w'uyu mumarayika, habonetsemo ubwirasi n'irari bisimbura kuyoboka Imana. Imbuto yo kwiyemera yabyaye kwifuba gusimbura Imana mu cyubahiro cyayo.

Birumvikana ko Lusuferi yakoze ibishoboka byose ngo yemeze ibindi biremwa byo mu ijuru umugambi we. Bioroshye kwiyumvisha ko Satani yaberekaga ko Imana hari ibyo ibagomwa, kandi ko amategeko yayo adashobotse, n'ikindi kandi ko Imana ari umutegetsi utabitaho. Yasebeje uwo imico ye isobanura urukundo icyo ari cyo.

Iyi ntambara yo mu ijuru se yaje guhoshwa ite?

**"Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru...
nakujugunye hasi..." Ezekiyeli 28:17.**

Kwisyira hejuru kwahinduye umutware w'abamarayika aba Sekibi ari we Satani. Kugira ngo amahoro n'ubumwe bw'ijuru birindwe, we na kimwe cya gatatu cy'abamarayika bifatanyije na we mu bwigomeke, baciwe mu ijuru (Ibyahishuwe 12:4,7-9).



7. NI NDE NYIRABAYAZANA W'ICYAH?

Kuki Imana itaremye ibiremwa bitabasha gicumura? Iyo ibigenza ityo nta ngorane y'icyaha tuba dufite kuri iyi si yacu. Ariko Imana yashatse kurema abantu baftanye na yo isano ifite aho ishingiye. Nuko "Imana irema umuntu, ngo agire ishusho yayo" Itangiriro 1:27. Ibi bigaragaza ko dufite umudendezo kandi ko tubazwa ibyo dukora. Dushobora guhitamo gukunda Imana cyangwa se ntituyikunde.

Imana yahaye abamarayika n'abantu bo mu bihe byose, imibereho y'umwuka n'ububasha bwo guhitamo ibikwiriye.

"Uyu munsi ni mwitoranyirize uwo muzakorera"-- Yosuwa 24:15.

Imana irahamagarira abo yaremye ku ishusho yayo ngo bahitemo gukora ibitunganye kuko imbaraga y'umutimanama wabo ibabwira ko "Inzira z'Uwiteka ari zo nziza." Bakwiye kand guhindukira bakava mu bibi kuko imbaraga y'umutimanama wabo ibereka ingaruka zo kutumvira niz'icyaha.



Ibiremwa bifite imbaraga yo gutekereza no guhitamo ni byo bibasha gusobanukirwa n'urukundo nyakuri. Imana yashatse kurema abantu babasha gusobanukirwa no kunyurwa n'imico yayo, bityo bagakunda

n'abandi. Imana ntiyashatse kwiharira urukundo rwayo ni na cyo cyatumye yemera kwigerezaho irema abamarayika n'abantu bafite umudendeze wo guhitamo. Imana yari izi neza ko bishoboka ko umunsi umwe kimwe mu biremwa byayo cyabashaga kuzahitamo kutayumvira. Satani ni cyo kiremwa cya mbere cyagize ayo mahitamo ateye akaga. Ingorane z'icyaha zatangiriye kuri we Yohana 8:44; 1 Yohana 3:8.

8. UMUSARABA UTUMA ICYAH A GITESEMBWAHO

Kuki Imana itarimbuye Lusuferi mbere y'uko icyorezo cy'icyaha cye gikwira hose? Lusuferi yahinyuzaga ubutabera bw'ubutegetsi bw'Imana. Yagiye abeshyera Imana. Iyo Imana iza guhita imurimbura, abamarayika bari gutangira kuyubaha kubera uwobwa aho kuyubaha babitewe nu urukundo. Ibi byari kuba bibangamiye umugambi w'Imana wo kurema umuntu ufite ububasha bwo guhitamo.

None se umuntu yari gusobanukirwa ate ko imigambi y'Imana ari yo ikwiye? Imana yahaye Satani amahirwe yo kugaragaza ko gahunda ye iboneye kuruta iy'Imana. Ni na cyo cyatumye yemererwa gushuka Adamu na Eva.

Uyu mubumbe w'isi yacu wabaye urubuga rw'igerageza aho imico ya Satani n'ubutegetsi bwe biggereranywa n'imico n'ubutegetsi by'Imana, ni nde se uri mu kuri? Ese uwo twagirira icyizere ni nde? Lusuferi ni umunyaburiganya, ku buryo byatwaye igihe kirekire kugira ngo abatuye isi basobanukirwe neza akaga kari mu guhitamo uruhande rwa Satani. Nyamara amaherezo buri wese azabona ko "Ibihembo by'ibyaha ari urupfu," naho "impano y'Imana ari ubugingo buhoraho muri yesu Kristo Umwami wacu." (Abaroma 6:23).

Buri kiremwa cyose ku isi kizagira kit:

"Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri. Mwami ni nde Utazakubaha, cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe, ko ari wowe wenyine wera? Amahanga yose azaza akwikubita imbere, akuramye, kuko imirimo yawe yo gukiranuka igaragajwe." (Ibyahishuwe 15:3,4)

Ubwo umuntu wese azaba amaze gusobanukirwa n'ububi bw'icyaha n'uko amayeri ya Satani ari ayo kurimbura, ni bwo Imana izarimbura Satani n'icyaha. Ni na bwo izarimbura abo bose birengagije imbabazi n'ubuntu byayo bagahitamo kwifatanya na Satani mu migambi ye mibisha.

Imana ishishikajwe no gukuraho ingorane z'icyaha n'akaga cyiduteza, nk'uko twifuza ko yabigira. Ariko itegereje kukivanaho burundi, ubwo umudendeze wacu utazaba uvogerwa n'icyaha nticyongere kubyutsa umutwe ukundi.

Imana yasezeranye kuzarimbura icyaha burundu maze ijuru n'isi ikabitunganyisha umuriro. "Nk'uko yasezeranye dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo" (2 Petero 3:10,13). Icyaha ntikizonera kwangiza isi. Icyaha n'ingaruka zacyo bizahyirwa ku karubanda ku buryo kugomera Imana bizangwa urunuka iteka ryose.



Ni nde ufite ububasha bwo kurimbura Satani n'icyaha burundi?

"Nuko rero, nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, ni ko na we ubwe yahuje ibyo na bo, kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu, ni we Satani, abone uko abatura abahoze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose" (Abaheburayo 2:14,15).

GENZURA

Ku musaraba abamarayika n'andi masi atacumuye, bibonye uko Satani ateye - umuriganya, umubeshyi n'umwicanyi. Aha ni ho yagaragarije imico ye ubwo yahatiraga abantu kwica umwana w'Imana uzira amacyemwa. Abatuye isi yose basobanukiwe n'ukuntu icyaha. Umusaraba wahishuye imigambi ya Satani, kandi ubwo Imana izarimbura Satani hamwe n'abakomeje kugundira icyaha, abantu bose bazahamya ko Imana idaca urwa kibera.



Urupfu rwa Yesu ku musaraba rwahishuriye ibyaremwe byose imigambi ya Satani (Yohana 12:31,32). Umusaraba kandi wahishuye ko Kristo, ari umucunguzi w'isi. I Gologota imbaraga z'urukundo zariyerekanye ngo zihinyuze kumaranira ubutegetsi. Umusaraba werekanye bidasubirwaho ko urukundo ruzira kwikunda ari rwo rugenga Imana mu byo igirira Satani byose, uko igenza icyaha n'abanyabyaha b'abagabo n'abagore.

Ku musaraba ni ho Kristo yagaragarije urukundo rw'Imana rutagira icyo ruduca maze atsinda Satani. Intambara y uwagombaga gutegeka isi, niba ari Kristo cyangwa Satani, yarinangiyie. Umusaraba wakemuye icyo kibazo burundi. Kristo ni we uhebuje bose!

Mbese waba warabashije kwibonera isano ufitanye n'Umukiza wagupfiriye kugira ngo akwereke urukundo rwe rutangaje kandi rudahinduka? Utokereza iki ku waje ku isi agahinduka umuntu, agapfa mu cyimbo cyawe kugira ngo agukize ingaruka z'icyaha? Ese ubu wabasha kwicisha bugufi ugashimira Yesu, ukamanusaba ngo aze abe ari we Ugenge ubugingo bwawe?

UMUGAMBI W'IMIBEREHO YAWE

Nyuma y'uko umugabura yigisha ibyerkeye "Impamvu Nizera Yesu," umusore wambaye neza yaje kumusura aho uwo mugabura yateguriraga ibyigisho bye maze aramubwira ati "Ibyo wavuze uyu mugorroba byari bishimishije, ariko ibyo wavuze kuri Kristo byose byavuye muri Bibiliya yawe. Mbwira, niba Kristo yarigeze kuba hano kuri iyi si, ni kuki amateka nta cyo amuvugaho?"

"Icyo ni ikibazo cyiza," maze uwo mugabura ariho amusubiza, arahindukira amanura ibitabo byinshi. "Nyamara mu by'ukuri, amateka avuga ibya Yesu Kristo."

"Ibyo ndagira ngo mbyirebere n'amaso yanje." Uwo musore ati.

"Ni byiza, dore Urwandiko rwa 97 rw'Igitabo cya 10 cy'Inzandiko za Pliny Muto, wari umutegetsi i Bituniya, intara imwe muri Aziya ntoya. Pliny yandikiye umwami w'abami w'ibihugu byategekwaga n'Abaroma, witwaga Trajan, amuha raporo y'ibyakorwaga mu ntara ye. Dore hano arasaba inama y'icyo yakorera idini ry'inzanduka, ari yo y'Abakrisito. Aravuga uko bungukaga abayoboke vuba vuba n'uko baririmba indirimbo bahimbiye umuyobozi wabo, Kristo. Pliny yohereje urwo rwandiko nko mu w'110 N.K. Urwo rwandiko rwanditswe na Pliny rutanga ubuhamya bw'amateka y'uko mugabo, Kristo n'uburyo imyizerere ye yakwiriye hose mu gihe cy'intumwa ze."

Uwo musore atangaye, yaravuze ati, "Komeza umbwire n'ibindi!"



Uwo mugabura akomeje kubumbura ikindi gitabo, yongeyeho ati "Dore undi munyamateka wabayeho mu gihe cya Pliny witwaga Tasitusi. Mu bitabo yanditse, (icya 15, igice cya 44) avuga uko Nero yangaga kandi akarenganya abakristo mu gihe Roma yatwkwaga. Tasitusi asobanura ko izina "Abakristo" rikomoka ku izina "Kristo" Avuga ko Yesu Kristo wahanze idini ry'abakristo yaciriwe urwo gupfa na Pontiyusi Pilato, umucamanza w'i Yudaya, ku ngoma y'Umwami w'abami Tiberiyusi. ayo mateka yose Tasitusi awandikira ahuje neza n'ibabayeho, n'amazina, n'uturere bivugwa muri Bibiliya."

"Pasitoro, sinigeze menya yuko ibantu nk'ibyo biboneka mu mateka y'isi!" Uwo mushyitsi yaratangaye ati.

Uwo mugabura yungamo ati "Ndagira ngo umenye yuko nko mu w'180 N.K. Celsus yanditse igitabo atuka abakristo, agaragaza ko icyo gihe ubukristo bwari bumaze kuba imbaraga igaragara.

"Niba ugishidikanya, wibuke ko Ubutumwa Bwiza buboneka mu bitabo bine buvuga iby'amateka nk'uko ibi bitabo by'isi biyavuga."

Uwo musore abonye ko amateka y'isi n'ay'iyobokamana yemera ko Yesu yabaye ku isi nk'umuntu, yagiye yemejwe ko Yesu Kristo yari umuntu wabayeho mu mateka.

1. KRISTO YABAYEHO UHEREYE ITEKA RYOSE

Yesu ntiyari umuntu mwiza gusa ahubwo yari n'lmana. Ubumana bwe Yesu yabuvuzeho iki?

GENZURA

"Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhoreye none muramuzi, kandi mwaramurebye... Umbonye aba abonye Data."
Yohana 14:7-9.

Nushaka kumenya ibisubizo by'ibibazo "Imana ni nde?, Isa ite?" Reba Yesu gusa wavuze ati


"Jyewe na Data turi umwe." Yohana 10:30.

Imana data na Yesu umwana barahoranye kuva kera kose (Abaheburayo 1:8). Nta gihe Yesu atigeze aba umwe na Se. Imana ikunda umuntu nk'uko Yesu yamukunze kandi imwitaho nk'uko Yesu yamwitagaho mu yari afite imibereho ya kimuntu ku isi.



2. KRISTO UMUTIMA W'AMATEKA N'UBUHANUZI

Ubwo igitekerezo cy'imibereho ya Kristo ari ukuzuza ubuhanuzi, igitekerezo cy'imibereho ye cyanditswe mbere y'uko avuka. Ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera bushyira ahagaragara imibereho ya Kristo, urupfu no kuzuka kwe mbere y'uko bibaho. Isezerano Rishya ni igitekerezo cy'imibereho ye nk'uko byari byarahantuwe.



Abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera babayeho hagati y'imyaka magana atanu, n'ighumbi na magana atanu mbere y'ivuka rya Kristo, bavuze ingingo nyinshi zifatika zerekeye imibereho ya Mesiya. None se, agitangira umurimo we hano ku isi abantu bakagereranya imibereho ye n'ubuhanuzi buvugwa mu Isezerano rya Kera, babivuzeho iki?

"Uwo Mose yanditse mu mategeko, n'abahanuzi bakamwandika, twamubonye; ni Yesu mwene Yosefu w'i Nazareti." Yohana 1:45.

Umukiza wacu yiyambaje ubuhanuzi bwagiye busohora kugira ngo yimenyekanishe:

"Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe kuri we." Luka 24:25-27.

Ubuhanuzi bwamaze kugaragara butanga ubuhanya budashidikanywaho ko Yesu ari we Mesiya wasezeranywe.

3. IMIBEREHO YA KRISTO NI UKUZURA K'UBUHANUZI

Reka turebe imirongo mike y'ubuhanuzi mu Isezerano rya Kera n'uko bwagaragaye mu nyandiko z'Isezerano Rishya.

TI AHO YAVUKIYE

Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera:

"Ariko wowe, Betelehemu Efurata,... muri wowe ni ho hazava uzaba Umwami wa Isirayeli, akansanga, imirambagirire ye ni iy'iteka, uhoreye kera kose." Mika 5:1.

Ukuzura k'Ubuhanuzi mu Isezerano Rishya:

"Yesu amaze kuvukira i Betelehumu mu gihugu cy'i Yudaya ..." Matayo 2:1.

GENZURA

KUBA YARABYAWE N'UMWARI

Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera:

"Dore umwari azasama inda, azabyara umwana w'umuhungu, amwite izina Imanweli." Yesaya 7:14.

Ukuzura kw'ubuhanuzi mu Isezerano Rishya:

"Yosefu, mwene Dawidi, witinya kurongora umugenzi wawe Mariya: kuko IMBUTO IMURIMO ARI IY'UMWUKA WERA. Azabyara umuhungu uzamwite YESU; kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo." Matayo 1:20-23.



IGISEKURUZA CYE NI MU MURYANGO WA YUDA

Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera:

"INKONI Y'UBWAMI NTIZAVA KURI YUDA, ...nyirayo ataraza."

Itangiriro 49:10

Ukuzura k'ubwo buhanuzi mu Isezerano Rishya:

"Kandi biragaragara rwose yuko UMWAMI WACU YAKOMOTSE KURI YUDA." Abaheburayo 7:14.

KWANGWA KWE

Ubuhanuzi mu Isezerano rya Kera:

"Yarasuzugurwaga, AKANGWA n'abantu." Yesaya 53:3

Ukuzura k'ubwo buhanuzi mu Isezerano Rishya:

"Yaje mu bye ariko ABE NTIBAMWEMERA." Yohana 1:11.



UBUGAMBANYI YAGIRIWE N'IKIGUZI CYAHawe UWAMUGAMBANIYE

Ubuhanuzi mu Isezerano rya Kera:

"Kandi incuti yanje y'amagara nizeraga, nagaburiraga, ni yo imbangiriye umugeri." Zaburi 41:9.

"Ndababwira nti, Niba mureba ko ari byiza, nimumpe ibihembo byanje; kandi niba atari byiza, nimurorere. Nuko bangerera IBICE BY'IFEZA MIRONGO ITATU babimpho ibihembo." Zekariya 11:12.

Ukuzura k'ubwo buhanuzi mu Isezerano Rishya:

"Hanyuma umwe muri abo cumi na babiri, witwaga Yuda Isikaryota, asanga abatambyi bakuru, arababaza ati "Mwampa iki, nkamubagenzereza?" Bamugerera IBICE BY'IFEZA MIRONGO ITATU." Matayo 26:14,15.

URUPFU RWE KU MUSARABA

Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera:

"BANTOBOYE IBIGANZA N'ibirenge." Zaburi 22:16.

Ukuzura k'ubwo buhanuzi mu Isezerano Rishya:

"Nuko bageze ahitwa i Nyabihanga, bamubambanaho n'abagome,..." Luka 23:33. (Kitaen pay ti Juan 20:25.)

UKO YAVUYE MU MVA

Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera:

"Kuko utazareka ubugingo bwanjye ngo bujye ikuzimu, kandi utazakundira umukunzi wawe ko abona kubora." Zaburi 16:10.

Ukuzura k'ubwo buhanuzi mu Isezerano Rishya:

"... Yavugaga ibyo kuzuka kwa Kristo, abibonye bitari byaba; ni cyo cyatumye avuga ko atarekewe ikuzimu, kandi ngo, n'umubiri we nturakabora. Imana yazuye Yesu uwo, natwe twese turi abagabo bo guhamya ibyo." Ibyakozwe 2:31,32.

Ibihamya ni byinshi yuko Kristo atujuje ubuhanuzi bucye gusa. Mu by'ukuri imibereho yanditswe mbere y'ibihe mu buryo bw'imbaraga



idasanzwe. Ni koko Yesu ni umwana w'Imana.

Tumaze gusobanukirwa n'ubwo buhamya, dukwiye gusenga tugafata umwanzuro wo guhitamo uri butubere Umwami mu mibereho yacu. Mbese washyira ubugingo bwawe mu biganza bya Yesu niba uta rakora ibyo?

4. IMIBEREHO ITEGURWA N'IMANA

Yesu yagize imibereho yateguve n'lmana, imyaka amagana n'amagana mbere y'uko avuka. Kuko yari azi ibyo, yakomezaga kumva ko ayoborwa n'lmana. Kristo yaravuze ati:

"Nta cyo nkora ku bwanjye; ahubwo yuko uko data yanyigishije ari ko mvuga.... kuko mpora nkora ibyo ashima." Yohana 8:28,29.

Imana yateganyije iby'imibereho ya kimuntu ya Kristo mbere y'uko avuka, kandi Imana ifitiye na buri muntu wese umugambi. Izi ukuntu buri wese muri twebwe yagera ku byifuzo byacu bidushengura maze akabona ubugingo busesuye.



Umugabo witwa Ray ntiyari yarigeze yiyeza kwitanga ngo akoreshwe n'ubushake bw'lmana. Ariko ubwo yagombaga gufata umwanzuro ukomeye wo guhitamo kaminuza yagombaga kwigamo, yiyeze bwa mbere mu mibereho ye gusaba Imana ngo ibumufashemo. Yabisengete iminsi myinshi maze agerageza gutegera amatwi igisubizo. Nyuma y'igihe, yabaye nk'usobanukirwa neza impamvu akiwiye guhitamo ikigo B: aho hari hahendutse, ari ikigo kinini, kandi kitayoborwa n'umuntu ku git'i cye. Bidatinze amaze gutangira kwiga, yatangiye kugira incuti z'abakristo beza bari mu muryango w'Amateraniro ya Kristo y'Ikigo. Umubano yagiranye na bo mu myaka ibiri yakurikiyeho wahinduye imibereho ye rwose.

Iyo Ray ahindukiye akareba inyuma muri iki gihe, asanga yuko igihe cyose yagize ingorane ikomeye yo guhitamo maze agasaba gufashwa n'lmana, aragira ati "Imana yanyugururiye imibereho mishya itaziguye."

Ni buryo ki wamenya umugambi Imana ifitiye imibereho yawe? Imana iyobora mu buryo bwinshi:

(1) BIBILIYA

Dushingiye ku magambo y'umunyezaburi, Igitabo cy'indongozi y'ubuzima ni iki?

"Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanje, ni umucyo umurikira inzira yanje." Zaburi 119:105.

GENZURA : Ijambo ry'lmana rivugurura ibitekerezo byacu rikadusobanurira (Abaroma 12:2, Zaburi 119:99). Igihe gihoraho cyo gusenga no kwiga ibyanditswe ni bwo buryo biwiza bwo kumenya ibyo dukwiye kugira nyambere.

(2) IBYO DUHABWA N'IMANA

Na none, Imana ituyoborera mu byo iba yemeye ko bitubaho. Zaburi 23 igaragaza ko Imana ari Umwungeri mwiza. Umwungeri ayobora intama ze mu cyanya cy'ubwatsi butoshye nk'uko anaziba hafi mu mikokwe y'ibitare. Afite ububasha bwo gufasha abo ashinzwe kuyobora bakiga kandi bakungukira mu byo banyuramo byose. Dufite Umwungeri utuba hafi cyane.

(3) IMANA IVUGANA N'UMUTIMA MU BURYO BUTAZIGUYE

Na none, Imana ituyoborera mu kuvugana n'imitima yacu. Umwuka ashobora guhwejesha "amaso y'imitima yanyu" (Efeso 1:18). Uko turushaho gusabana n'lmana ni ko irushaho kutuyobora. Itunganya imitima yacu, ibyo dutekereza n'ibyo dukunda, kugira ngo dusobanukirwe neza n'ibindi dukeneye.

5. IBYO BITUYOBORA BIKWIYE GUHUZA

Birashoboka rwose kwibwira ko imibereho yawe iyobowe n'Imana nyamara wikurikiriza ubushake bwawe gusa (Imigani 16:25). Ibyo twibwira bikwiye guhuza n'inyigisho za Bibiliya. Si byiza kwmeza ko Imana ituyobora keretse ibituyobora uko ari bitatu bihuza.

Urugero ni urw'umugabo witwa Jake (soma Jaki). Yari afite umugore mwiza n'abana babiri, ariko agasambana n'undi mugore. yabwiye incuti ze ati "Narabisengeye kandi ndumva ari ubushake bw'Imana."

Bigaragara neza ko amarangamutima ya Jake "n'ibyo yibwiraga mu mutima we" byamuyobeje. Yibwiye ko ari ubushake bw'Imana bwatumye ahura n'undi mugore maze ntiyasubira inyuma ngo arebe itegeko rya Bibiliya ribuzanya gusamba. Kadi Bibiliya, "amategeko y'Imana n'ibihamya," ni cyo gitabo kituyobora, ni we mucamanza usumba bose wemeza ko inzira iyi n'iyi ari yo y'ukuri (yesaya 8:20). Nta na rimwe dukwiye kwishingikiriza ku byo twibwira cyangwa yenda ibigaragara ko ari ubushake bw'Imana ngo bituyobye bitume tunyuranya n'ihame riboneka muri Bibiliya.

6. KWEMERA KUYOBORWA N'IMIGAMBI Y'IMANA

Igihe umubi yaje gushuka Yesu mu butayu, yaramubwiye ati "Niwemera ukareka kwitanga bikubabaje nk'uko so yabiguteguriye, nzaguha isi nyitereke mu biganza byawe, nyiguhanne n'ibybahir, n'ubutunzi, n'imibereho myiza." Ndetse Satani yanavuze lbyanditswe agira ngo ayobye Yesu. Nyamara igihe cyose Yesu yamurwanyaga avuga ati "handitswe ngo" (Matayo 4:1-11).



Isomo rikomeye cyane twakwigira ku mibereho ya Yesu ni ukumvira ubushake bwa Data wa twese. Ndetse n'igihe yari ababaye cyane i Getsemane, yaratatse ati "Data, niba bishoboka, iki gikombe kindenge; ariko bye kuba uko jyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka" (Matayo 26:39). Amaze imyaka itatu mu murimo we, buri munsi akurikiza umugambi wa se, Kristo ajya gupfa yaravuze ati "Birarangiye (Yohana 19:30) Mu by'ukuri Yesu yavugaga at"Imibereho. Data yanteguriye ubu igeze ku musozo kandi narayikurikije."

Nuko rero ubwo utangira kumva ijwi ry'Imana rivuga neza mu Ijambo ryayo, ari byo bushake bwayo n'ibitekerezo tuyikomoraho, wemere kuyoborwa na yo utizigamye. Nawe ushobora kubona umunezero utari warigeza kumenya uboneka mu mibereho itegurwa kandi iyoborwa n'Imana.

ITEME RIKUGEZA KU MIBEREHO IKUNYUZE

Basanze amagufwa y'umurambo we mu karuri yari yarigondagondeye ku kirwa kidatuwe hagati mu nyanja y'Atalantiki. Uwo mugenzi utazwi, buri munsi yahoraga yandika imibereho mibi yagize mu mezi ane yahamaze. Ubwato bw'Abaholandi ni bwo bwamusize aho ku kirwa cya Ascension (soma: asenshoni) mu w'1725 kubera icyaha runaka kitavugwa. Bidatinze yatangiye kunya amaraso y'udusimba two mu mazi kugira ngo azimye umwuma waru umumereye nabi. Uwo muntu yarababajwe bikabije ku rwego rw'umubiri. Nyamara umubabaro usumbye uwo ugaragara mu byo yandikaga buri munsi: umutima umucira urubanza ku buryo budasubirwaho.



"Mbega umubabaro abanyabyaha bagira iyo bavuye mu nzira yo gukirana bakongera umubare w'abarimbuka, kandi bo bibwiraga ko ibyo bagiyemo ari byiza!" Irungu rikomeye ryishe uwo mugabo ku kirwa cya wenyinge ryatewe n'uko yiyumvagamo ko yari yararetse Imana. Ibyo ni byo atashoboye kwihanganira.

abantu bamaze igihe bari ku nkeke y'uko gutandukana n'Imana mu mitima yabo uhereye igihe Adamu na Eva "bihishe UWITEKA Imana mu biti byo muri ya ngobyi"bamaze kurya ku mbuto bari barabujije (Itangiriro 3:8). Ibitekerezo batari basanganywe by'ikimwaro, umutima ubashinja, n'ubwoba byatumye uwo muryango wa mbere ku isi uhunga Imana ubwo yazaga ibahamagara. Birababaje yuko natwe muri iki he tujya tumera nk'abo.



Mbese ni iki gituma dutandukana n'Imana?

"Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanje n'Imana yanyu n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso,..." (Yesaya 59:2)

Uwo mworerera munini utandukanya abanyabyaha n'Imana si yo iwutera. Imana ntiyahunze Adamu na Eva ahubwo ni bo bayihunze.

1. KUBONA IBYADUKIZA INZARA IHISHWE

Mbere y'uko icyaha cyangiza isura yari muri Edeni Adamu na Eva bari bishimiye ubucuti bari bafitanye n'Umuremyi wabo mu rugo rwabo muri Edeni. Byabaye ibyago bikomeye kuko bemeye ikinyoma cya Satani yuko bazagira ubwenge nk'ubw'Imana, bikuraho icyizere Umuremyi wabo yari yarabagiriye (Itangiriro 3).

Bamaze kwirukanwa mu murima wa Eden, Adamu na Eva basanze ubuzima buruhije cyane hanze ya Edeni. Kubyara no guhinga babigezeho biyushye akuya. habayeho kurira no kuva amaraso. Isano y'umwihariko bari bafitanye n'Imana bamaze kuyica, batangiye kumva hari ikibura kandi batabonera igisubizo; irungu riterwa n'icyaha.

Uhereye igihe Adamu na Eva bakoraga igikorwa cya mbere cyo kugoma, "bose" (abantu bose) bakoze icyaha bibaviramo urupfu, ari yo ngaruka y'icyaha.

GENZURA

"Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, NI KO URUPFU RUGERA KU BANTU BOSE kuko BOSE BAKOZE IBYAHА" Abaroma 5:12.



Twese tugira inzara mu mutima y'icyo twabuze, ari rwo rukumbuzi rw'umutekano runaka utangwa n'lmana gusa. Kenshi tugerageza guhaza iyo nzara tutitangira cyangwa dukora n'ibidakorwa kugira ngo tuzamurwe mu nteria mu kazi, cyangwa tukiyahuza ibiyobyabwenge nk'inzoga, urumogi, no gusambana.

Nyamara ibyo turarikira byose ni ibimenyetso by'irungu duterwa no gutandukana n'lmana. Kandi nta muti w'ibyo keretse twakiriye urukundo rwayo mu mibereho yacu.

"Uzamenyesha inzira y'ubugingo: imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye; mu kuboko kwave kw'i buryo hari ibinezeza iteka ryose." Zaburi 16:11.

Ukunyurwa nyakuri kuzaboneka gusa ari uko wa mworerera uri hagati yacu n'lmana uzashyirwaho iteme rizatubashisha kwambuka tukayisanga.

2. KUBAKA ITEMЕ KU MWORERA W'ICYAHА N'URUPFU

abantu si bo bonyine bicishijwe irungu n'icyaha. Wa munsi Adamu na Eva batera Imana umugongo, Imana na yo yashengutse mu mutima. Kandi n'ubu iracyababazwa n'agahinda n'ibago bigera ku bantu. Imana yiteguye kudufasha mu byo twifuza bihishwe no kudukiriza ibisebe by'umutima. Ntiyanyuzwe no kulturebana impuhwe gusa aho turi hakurya y'umworera udutandukanya na yo. Imana yafashe umwanzuro wo kuba iteme ku mworerera w'icyaha n'urupfu.

"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga umwana wayo w'ikinenge kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye umwana wayo mu isi guciria abari mu isi ho iteka: ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we." Yohana 3:16,17.

Imana yatanze umwana wayo, na Yesu atanga ubugingo bwe ngo bube igitambo cy'ibyaha, ubwe apfa mu cyimbo cyacu. Ubugingo bwe, urupfu, no kuzuka byatumye abanyabyaha bashobora kubabarirwa kandi bagakizwa badashoboye kunesha icyaha, maze isi n'ijuru bikabona imico y'ukuri ya Kristo n'iya Satani. Iteme ry'umubiri wa Kristo watewe icumu kandi ukavirirana, ribashisha abantu kugaruka bakava mu mutego w'icyaha. Urukundo rwubaka iteme ku mworerera, rukabashisha bose abizera Kristo ngo ababere Umwami n'Umukiza kwambuka bakajya mu bugingo buhoraho.



3. AMAHAME ARINDWI Y'INGENZI Y'IBYEREKEYE KRISTO UKWIRIYE KUMENYA

Aya mahame arindwi y'ibya Yesu, nta wundi muntu wigeze kubaho uhuza na yo:

**(1) Yesu yaturutse mu ijuru aza ku isi.
Ni ryari Yesu yavuze ko yabayeho?**

"...Aburahamu atarovuka, ndi ho!" Yohana 8:58.

GENZURA

Yesu yabwiye isi ati "Ndiho!" Nahozeho kandi nzahoraho. Nubwo Yesu yabyawe n'umuntu (Matayo 1:22,23) ni Imana - Imana yambaye umubiri wa ki muntu.

Dwight L. Moody, twagereranya na Billy Graham w'ikinyejana cya 19, yigeze kuvuga iby'uko Yesu yambaye umubiri wa ki muntu ati "Yesu yari kuba yitanze bikomeye iyo avuka agashyirwa mu gatanda k'ifeza, akarerwa n'Umumarayika, akagaburirwa hakoreshejwe akayiko k'izahabu. Ariko Umuremyi w'ijuru n'isi yaraje yambara umubiri w'umuntu, avukira mu kiraro cy'ababyeyi b'abakene ahantu hadashobotse mu buryo bwose.



Ubwo Yesu yavukaga, Umumarayika yabwiye Yosefu ati:

"Azabyara umuhungu, uzamwite YESU KUKO ARIWE UZAKIZA ABANTU IBYAHYA BYABO. " Matayo 1:21.

Yesu, Umuremyi w'isi n'ijuru (Yohana 1:1-3,14), yemeye kuza mu isi yacu kudukiza ibyaha n'urupfu.

(2) Yesu Ntiyigeze acumura

"Yesu Umwana w'lmana, ...yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha." Abaheburayo 4:14,15.

Imana yakoze ibirenze kutwinginga ngo idukure mu mibereho y'icyaha iduhe ubugingo burushaho kuba bwiza. Ubwo yari hano afite imibereho ya kimuntu, ku bw'imibereho itavangwamo icyaha yagize, yesu yaduhaye isomo ryiza cyane ritagereranywa n'ikibwirizwa icyo ari cyo cyose cyigeze kubwirizwa. Satani, umwanzi wa Kristo, yagambanye mu mibereho yose ya Yesu hano ku isi kugira ngo amucumuze. Mu butayu, Satani yakoze uko ashoboye kose ngo amuhungabanye (Matayo 4:1-11). I Getsemane, agiye kubambwa, yarageragejwe cyane ku buryo Yesu yabize ibuya bivanze n'amaraso (Luka 22:44).

Nyamara Kristo ntiyigeze ahungabanya n'ibyo Satani yamutezaga byose. "Nyamara nta cyaha yakoze". Nuko rero, kuko Yesu yanyuze mu ngorane zose abantu banyuramo, azi neza ibyago turwana na byo. "Ababarana natwe mu ntege nke zazu" (Abaheburayo 4:15).



Ni kuki byari ngombwa ko Yesu abaho mu buryo budacumura?

**"Kuko utigeze kumenya icyaha, Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'lmana" 2
Abakorinto 5:21.**

Yesu yatsinze ibishuko maze abaho adacumuye kugira ngo aduhe iyo mibereho, natwe tumuhe imibereho yacu ya kera y'icyaha.

(3) Yesu yapfiriye Gukuraho Icyaha

Ni bangahe bakoze icyaha?

"Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashykira ubwiza bw'lmana." Abaroma 3:23.

Ibihembo by'ibyaha ni iki?

"Kuko ibihembo by'ibyaha ari URUPFU, ariko impano y'lmana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu." Abaroma 6:23.

Ni kuki Yesu yapfuye?

GENZURA

"Nguyu Umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Yohana 1:29.

Twese twakoze ibyaha bityo tuzapfa buheriheri; nyamara Yesu yapfuye mu cyimbo cyacu. Yahindutse "icyaha ku bwacu." Yatubereye incungu apfa mu cyimbo cyacu. Urupfu rwe ni impano, kand "IMPANO Y'IMANA NI UBUGUNGO BUHORAHO muri Kristo Yesu Umwami wacu." (Abaroma 6:23).

Yesu yatanze ubugingo bwe butunganye kandi butarangwaho icyaha, abutanga nk'impano y'urukundo adukunda. Urukundo nk'urwo rurenze ubwenge bw'abantu. Kandi kubera urupfu rwe "dufite AMAHORO ku Mana" (abaroma 5:1).

(4) Yesu Yazutse mu Bapfu

Urupfu rwa Yesu ku musaraba ntirwabaye iherezo ry'igitekerezo cye gitangaje. Ntiyari kuguma mu gituro kandi ngo atubere Umucunguzi.

"Kandi niba Kristo atazutse, kwizera kwanyu ntokugira umumaro, ahubwo muracyari mu byaha byanyu. Kandi niba bimeze bityo, n'abasinziriye muri Kristo bararimbuse." 1 Abakorinto 15:17,18.

Hari ukuri kogeye ku isi kw'abacurabwenge kwavuzwe na Mohamedi na Buda. Bagize abayoboke amamiloyoni y'abantu, nyamara ntibafite imbaraga irenze iya kimuntu ngo batange ubugingo kuko bakiri mu bituro.



Ni irihe sezerano Yesu adusezeranira bitewe nuko yazutse akava mu gituro ku munsi wa gatatu nyuma y'uko apfa?

"Kuko ndiho namwe muzabaho." Yohana 14:19.

Yesu ni muzima! Kuko yanesheje urupfu, ashobora kurudukiza akaduha ubugingo, busesuye kandi bw'iteka ryose. Azatura mu mitima yacu nitumurarika. Kristo wazutse ari kumwe natwe, yiteguye kudufasha mu byo dukeneye uyu munsi.

"Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." Matayo 28:20.

Abagabo n'abagore ku isi yose ubu baratanga ubuhamba bw'ukuntu Kristo yabarokoye akabakura mu bubata bubi cyane bw'ibiyobyabwenge n'ihahamuka rikomeye.

Umwu mu bari abanyeshuri bacu yanditse aya magambo y'ishimwe ku rupapuro rumwe rw'ibisubizo bye agira ati "Nari umusinzi wari usigaye ategekwa n'inzoga. Umunsi umwe ubwo nari nasinze, nabonye ikarita mu ngarani y'imyanda yararikiraga abantu kwiga ibyigisho bya Bibiliya byanyu. Narayitoraguye, ndayuzuza, maze ku nshuro ya mbere menya Kristo by'ukuri. Hashize igihe gito ntangiye kwiga, neguriye Imana umutima wanje, sinongera kuryoherwa na Wisiki!!"

Yesu amaze kwakira ubugingo bw'uyu muntu, imbaraga nshya yamuuhaye ububasha bwo gutsinda ubusinzi bwe. Kubera ko Kristo ari Umukiza wazutse, ashobora gukiza abamusanga bose bamusaba ubufasha.

(5) Yesu Yarazamutse Ajya mu Ijuru

Mbere yuko Yesu asubira kwa Se, amaze kuzuka (Ibykaozwe 1:9), yasezeraniye abayoboke be ati:

"Ntimuhagarike imitima yanyu. Mwizera Imana nanje munyzire. Mu rugo rwa Data hariyo amazu menshi; ... ngiye



GENZURA



KUBATEGURIRA AHANYU. kandi ... nzagaruka mbajyane iwanjye." Yohana 14:1-3

(6) Yesu Ni Umutambyi mu Ijuru.

Yesu ahora ashaka kudutegurira umwanya mu ijuru.

"Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana abe n'impongano y'ibyaha by'abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe abasha no gutabara abageragezwa bose." Abaheburayo 2:17-17.

Yesu yaje mu isi yacu "guhongerera ibyaha by'abantu, no kuducungura tukarokoka agahinda n'umubabaro duterwa no kubatwa n'ibyaha. yarapfuye kugira ngo adukize, maze amaherezo azakureho rwose umuzi w'icyaha, kubabazwa, n'urupfu ubwo azaba arimbuye Satani.

Yesu Umutambyi wacu mukuru "yahinduwe nka bene se muri byose." Kandi ubu ahora imbere ya se atuvuganira nk'Umuhuza wacu. Uwo Yesu, wawundi wahaye umugisha abana, akagarura mu nzira wa mugore wafashwe asambana, akabarira igisambo cyari kigiye gupfira ku musaraba, ari mu ijuru arakora imirimo yo kudufasha mu byo dukeneye, "afasha abageragezwa."

(7) Yesu azagaruka

Ni irihe sezerano Yesu yadusezeraniye mbere y'uko asubira mu ijuru?

"Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye ngo aho ndi namwe muzabeyo." Yohana 14:3.

Yesu nagaruka azaducungura adukize ibyaha, uburwayi, amakuba, n'urupfu bimunga iyi si. Kandi azatwakira mu isi nshya y'umunezero udashira n'ubugingo buhoraho.

4. URUKUNDO RUTAGAJUKA

Hari igitekerezo cy'abantu bashyingiranywe mu gihugu cya Tayiwani, umugabo yitwaga U Long n'umugen yitwaga "Ururabo rw'Izahabu" (Golden Flower). Ubwo U Long ya twikururaga mugeni we bamaze gushyingirwa, yakubiswe n'inkuba kandi yumva acitse intenge. Mu maso he hari huzuye inkovu zatewe n'indwara yitwa ubushita.

Nyuma y'aho, U Long ntityitate ku mugore we. Umugore we yagerageje kumushimisha; yakoraga cyane imirimo y'imuhira, yiringira ko amaherezo umugabo we azamwemera. Ariko yakomeje kutamwitaho nubwo undi yageragezaga uko ashoboye ngo abe yamukunda.

Hashize imyaka 12 babana batyo, U Long yagize indwara y'amaso atangira guhuma amaso yombi. Muganga yamubwiye ko azahuma rwose n'adahindurirwa amaso. Nyamara ibyo byari bihenze cyane kandi hari umurongo muremure w'abantu bategereje kubagwa. Golden Flower yatangiye gukora amasaha menshi kugeza mu gicuku aboha ingofero z'ibyatsi kugira ngo babone andi mafaranga yasbwaga. Umunsi umwe U Long yabwiwe ko hari umuntu wagize impanuka bityo akaba ashobora guhabwa amaraso ye. Yihutiye kujya mu bitaro ngo bamubage.

Ni Golden Flower ken nangrugi a nagtrabaho iti napaut nga oras iti rabii a nagararamid iti straw a kallugong tapno makategged iti mainayon a kuarta. Maysa nga aldaw, ni U Long ket nabagaan nga adda maikabil a cornea iti matana gapu ta adda kano naaksidente. Nagapura a napan iti ospital tapno maoperahan.

Amaze gukira, yiyeemeje kujya gushimira umugore we wari warakoze cyane kugira ngo babone ayo mafaranga. Ubwo U Long yamwuburaga umutwe agira ngo amurebe kuko umugore yari yubitse umutwe,

U Long yakubiswe n'inkuba. Umugore yamurebesheje ibinogo by'amaso kuko amaso ye yari yayatanze. Ikiniga kimwishe yikubita imbere ye apfukameye arabogoza. Nuko, ku nshuro ya mbere, avuga izina rye yongorero: Rurabo rw'Izahabu (Golden Flowe).



Yesu yifuza gushyikirana n'abamwirengagije igihe kirekire. Ategereje yuko amaherezo twavuga izina rye twongorera tuti "Umukiza wacu!! We yemeye kutubera igitambo adatanze amaso ye gusa ahubwo yatanze umubiri we wose kugira ngo atugaragarize urukundo rwe rutagajuka. Yadukunze bikomeye ku buryo "yaje mu isi gukiza abanyabyaha." (1 Timoteyo 1:15).

Igitambo cya Kristo cyatubereye iteme riduhuza, kandi riduhabura. Mbese wowe ku gitи cyawe waba umaze kumenya ko Kristo ashaka kukuzahura maze akagushyira mu gituza cye? Mbese wamwemerera maze ugasenga uti "Yesu, ndagukunda. Ndagushimira igitambo cyawe kitarondoreka. Ngwino mu mutima wanje maze unkize nonaha, unkize wese, unkize rwose, kandi unkize by'iteka ryose."

YESU

YAJE nk'lmana muntu.

YABAYEHO adacumura mu cyimbo cyacu.

YAPFIRIYE ibyaha byacu.

YARAZUTSE ngo adukize uruppfu.

YASUBIYE mu ljuru kudutegurira aho tuzaba.

IKORA buri munsi nk'Umutambyi mukuru wacu.

AGIYE KUGARUKA VUBA kutujyana ngo tubane nawe iteka ryose.

AMAHIRWE YO KWISUBIRAHO

Nyuma yuko amara igihe kinini cy'imibereho ye ari umubudisiti, umugabo usheshe akanguhe muri Singapuru wari warahindutse umukristo baramubajje bati " Lim, ni irihe tandukaniro ubona hagati yo kuba umubudisiti n'umukristo?"

Yarasubije ati "Icyo kivoroshye". Uhereye igihe naboneye Yesu akambera umucunguzi, mfite amahoro y'umutima."

Ng'uko bigenda iyo twubakiye imibereho yacu kuri Kristo.

"Ugushikamijeho umutima, uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringira."Yesaya 26:3.

Ti panagbiag iti Nacristianoan a biag ket agresulta iti naan-anay a talna--ti naan-anay a rikna iti talged ken naimbag a kinatao.


Imibereho ya gikristo itanga amahoro asesuye, umutekano no kugubwa neza. Abagenzuye ibyo babonye ko amahirwe ya kabiri yo kubaho ari Yesu!

1. BIVUZE IKI IYO UWAZIMIYE AROKOWE

Birashoboka ko umuntu muzima ku by'umubiri yagira imibereho bamwe bita myiza, ariko akaba nta bugingo afite mu by'umwuka.

**"Namwe yarabazuye, mwebwe abari bapfuye muzize
ibicumuro n'ibyaha byanyu, ibyo mwagenderagamo kera,
mukurikiza imigenzo y'iyi si, mugakurikiza umwami utegeka
ikirere, ni we mwuka ukorera mu butumvira!" Efeso 2:1,2.**

Satani ayobora umuntu wapfuye mu by'umwuka akamucurika mu byaha no mu bugome. Nyamara ukuri gutangaje k'Ubutumwa bwiza ni uko Imana ikunda abantu bazahaye nk'abo. Ibakunda barafiriye mu byaha byabo, maze ikabaha gucungurwa byuzuye kandi ku buntu bakarokoka ingaruka zabyo.



**"Ariko Imana, kuko ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo, ku bwo urukundo
rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu... kugira ngo mu bihe bizaza
izerekane ubutunzi bw'ubuntu bwayo buhebuje rwose itugirira neza muri Kristo Yesu." Efeso 2:4-7.**

Imana yadukunze ntacyo iduca. Ubuntu bwayo bwaduhaye ubugingo bushya muri Kristo. Ntitwakwhindura ariko Imana yabishobora. Iyo tuyisanze twizeye kandi twicishije bugufi, itwemerera guhabwa ubundi bugingo nk'impano y'ubuntu.

2. DUKENEYE GUKIZWA IKI?

(1) Dukeneye gukizwa ibyaha

"Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashykira ubwiza bw'Imana." Abaroma 3:23.

Mu yandi magambo, imibereho yacu ntigendera mu kuri tuzi. Umubyeyi unaniwe ya tomboka agakomeretsa umwana mu maranga mutima. Umuntu yarakarira umushoferi w'imodoka yenda akaba yateza impanuka. Umunyeshuri ashobora kwangana akaba yavuga ibintu bitari byiza ku wundi.

GENZURA

Umucuruzi yagambirira "kwiyibagiza" aho akura amafaranga runaka mu gihe cyo gusora. "Bose bakoze ibyaha"; nguko uko abantu bameze.

Ni buryo ki Bibiliya isobanura icyaha?

"Gukiranirwa kose ni icyaha". 1 Yohana 5:17.

Dukeneye gukizwa tukareka ingeso mbi zose n'irari ryose; kubeshya, uburakari, kwifuza, umujinya, n'ibindi nk'ibyo.

"Umuntu wese ukora icyaha aba agomye" 1 Yohana 3:4.



Bityo dukeneye gukizwa tukava mu byaha ari ko kwica amategeko y'lmana.

(2) Dukeneye gukizwa tukava mu bidutandukanya n'lmana.

"Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n'lmana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso". Yesaya 59:2.

Ibyaha bitababariwe ni byo bidutandukanya n'lmana. Kristo yazanywe no gusana ikizere mu Mana cyari cyarashegeshwe na Satani.

(3) Dukeneye gukizwa urupfu rw'iteka ryose, ari rwo ngaruka y'icyaha.

"Nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose, kuko bose bakoze ibyaha" Abaroma 5:12.

(4) Dukeneye gukizwa tukava mu mibereho y'ibyaha, itarangwamo umunezero, kandi idafite akamaro.

Kuko umunyabyaha afite ubugingo bugufi.

(5) Dukeneye gukizwa tukava mu isi y'ibyaha.

Dukwiriye gucungurwa tukava mu isi yuzuyemo ibyaha n'ingaruka zabyo; agahinda, kurwara umutima, irungu intambara, kurwara n'urupfu!

3. NI NDE WADUKIZA?

Yesu wenyine ni we wadukiza.

(1) Yesu yadukiza ibyaha.

"Uzamwite Yesu kuko ariwe uzakiza abantu ibyaha byabo." matayo 1:21.

Umuhindu yabwiye umukristo ati "Hari ibintu biboneka mu idini ya Hindu bitaboneka mu idini ya Gikristo, ariko hari n'ikintu kimwe Abakristo bagira Abahindu batagira - Umukiza." Idini ya Gikristo ni yo yonyine ku isi iha abantu Umukiza.

(2) Yesu yadukiza tukongera kwiyunga n'lmana

"Icyo gihe mwari mudafite Kristo... ari nta byiringiro mufite by'ibizaba, ahubwo mwari mu isi mudafite Imana Rurema. Ariko none kuko muri muri Kristo Yesu, mwebwe abari kure kera, mwigijwe hafi n'amaraso ya Kristo." Efeso 2:12,13.

GENZURA



Yesu niwe nshuti y'ukuri umuntu yakwishimira kugirana umushyikirano. "Ku bw'amaraso ya Kristo", ibyaha twakoze birababarirwa, maze umunsi ku wundi, akatwemera, akaduha kunesha ibyaha, kandi akuduha kugira imibereho nk'ye itarangwamo icyaha. Tuzi ko buri gihe cyose tuguye aba yiteguye kutubyutsa. Kubera ibyo natwe urukundo tumukunda rutuma dushaka kugira imibereho yishimira.

(3) Yesu ashobora kudukiza urupfu rw'iteka ari byo bihembo by'ibyaha.

"Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu (rw'iteka) ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu."
Abaroma 6:23.

Turi abantu bagomera amategeko ndetse twaciriwe urwo gupfa. Ibihembo by'ibyaha ni urupfu. Yesu aradukiza ntitube tugiciriwe iteka ryo gupfa buheriheri, ahubwo akaduha ubugingo buhoraho.

"Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha."
Abaroma 5:8.

Kubera urukundo rwe rudacogora, Yesu "yaradupfiriye." kandi kubera ko yadupfiriye akanababazwa cyane kubera ingaruka z'icyaha, ubu Imana ishobora kubabarira abanyabyaha, kandi ikabemera icyaha kidapfobejwe.

(4) Yesu ashobora kudukiza akadukura mu mibereho y'icyaha idashima n'agahinda.

"Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya." 2 Abakorinto 5:17.

Twebwe ntitwakwikiza ngo tuve mu byaha cyangwa ngo duhindure kamere yacu ku bwacu nk'uko intare itakwihindura umwana w'intama (abaroma 7:18). Ubushake bwacu ntibwahangana n'icyaha. Ariko Kristo ashobora "kubakomeza cyane ku bw'umwuka we mu mitima yanyu" (Abefeso 3:16). Adufasha kureka ingeso mbi akazisimbiza izitanga ubuzima buzira umuze, bugizwe n'urukundo, amahoro, umunezero, imbabazi, no kwirinda (Abagalatia 5:22,23). Imibereho ya Kristo igaragarira muri twebwe, maze tugahabwa ubugingo bw'iby'umwuka, tukavugururwa, tukagira imibereho mishya.

Harold Hughes yari atagifite ibyiringiro byo kuzigera ahinduka. Yari yaragerageje kureka inzoga ariko biba iby'ubusa. Icyo yari azi neza gusa ni uko intambara yarwanaga n'icupa yari yarashyizze umugore we n'abakobwa be babiri mu muriro utazima w'imyaka cumi. Bityo umunsi umwe ari mu gitondo hakonje, ajya mu rwiuhagiriro atunga umunwa w'imbunda mu kanwa ke. Atararekura isasu, yahisemo kubanza gusobanurira Imana uko ibye byari bimeze. Iryo sengesho ryamubereye ukubogoza amarira no kwinginga Imana ngo imufashe.



Yasabye umwanya munini maze Imana iramugoboka. Harold Hughes yiyegeuriye Kristo maze ahabwa imbaraga y'umwuka imuha kwihangana. Yaretse kunywa inzoga burundu, maze ahinduka umugabo n'umubyeyi wuzuye urukundo kandi wiringirwa. Yaje gukomera maze atorerwa umwanya mu nteko ishinga amategeka y'igihugu cy'America. Harold Hughes yabonye imbaraga ikomeye cyane ihindura abatuye isi. Iyo mbaraga ni Yesu!

(5) Yesu ashobora kudukiza tukava mu isi y'ibyaha.

Ibi byigisho bine bikurikiraho birasobanura uburyo yabigenza.

GENZURA

4. DUKIZWA NO GUTERA INTAMBWE ESHATU ZITARUHIJE.

Intambwe ya 1. Saba Kristo agutsindire icyaha mu mibereho yawe.
Uruhare rwacu mu gutsinda imiberho yacu y'ibyaha ni uruhe?

"Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe." Ibyakozwe 3:19.

Igituma umuntu yihana ni iki?

"Ukugira neza kw'Imana ni ko kukurehereza kwhiana." Abaroma 2:4.

"Agahinda kabateye kwhiana." 2 Abakorinto 7:9.

Kwhiana ni ukubabazwa n'imibereho yacu y'ibyaha twari dufite, maze tugatera umugongo ibyaha byacu, tukitandukanya n'ingeso zacu za kera, imigirire n'amatwara. Ntidukwiriye kugira agahinda k'uko tuzahanwa, ahubwo dukwiye kubabazwa n'uko tutakira "ubuntu bw'Imana" bwatumye Yesu aza gupfa mu cyimbo cyacu kubera ibyaha byacu. Dukwiye kwanga ibyaha kuko bibabaza Imana.

Mu gihe twakiriye Kristo akaduha imibereho mishya, tuba dukwiye gukora uko bishobotse kose tukagorora ibidatunganye twakoraga. (Ezekiyeli 33:14-16).

Ni uruhe ruhare Imana ifite mu kudukiza imibereho ya kera y'icyaha?

Kwhiana no kubabarira ni impano duhabwa n'Imana.

"Imana yaramuzamuye, imushyira iburyo bwayo, ngo abe ukomeye n'umukiza aheshe Abisirayeli kwhiana no kubabarira ibyaha." Ibyakozwe 5:31.

Kandi iyo twihannye, Umukiza wuje urukundo atubabarira ibyaha byacu, akabidukuraho maze akabijugunya mu nyanja ikuzimu.

"ARIKO NITWATURA ibyaha byacu, NI YO YO KWIZERWA kandi ikiranukira KUTUBABARIRA ibyaha byacu, NO KUTWEZAHO gukiraniwa kose." 1 Yohana 1:9(Reba na Mika 7:18,19).

Nta cyaha kibi cyane, Umukiza wapfiriye ibyaha byacu ku musaraba w'i Kaluvari atababarira. Umuntu wizera Kristo akeneye kumusaba imbabazi gusa. Kuba Kristo yaradupfiriye ntibyadukiza gusa, keretse dusabye kubabarira. Ni inkuru mbi kubona ibyaha bacu byarateje imisumari mu biganza no mu birenge bya Kristo. Nyamara Yesu afite ubwuzu buruta ubwo twatekereza bwo kutwingingira kwakira imbabazi no kwiyunga na we.



Igitekerezo kivuga ko umusore wari warahindutse ikirara, agahunga iwabo yaje kumva ko nyina yari arembye agiye gupfa. Iyo nkuru yamuteye kwicuza icyatumye batandukana. Nuko yihutiye gutaha, maze yirukira mu cyumba nyina yari aryamyemo.

Arimo arira asaba nyina kumubarira. Nyina yaramwiyegereje maze aramwongorera ati "Mwana wanje, mba narakubabariye kera, iyo unsaba imbabazi. Niba waratse Imana cyangwa ukaba utarayimenya, ndakwinginze, tekereza uko Data wo mu ijuru yiteguye kukwakira ngo ugaruke imuhira."

Nta kindi yifuza keretse ko wakwakira imbabazi ze. Yesu aragukunda.

GENZURA

DISCOVER
online

Yaragupfiriye, ahora yiteguye kukubabarira. Ngaho rero akira ukurarika kwe kw'impuhwe ngo wihane. Atura ibyaha byawe. Izere gusa ko Yesu yakubabarira, kandi arabikora. Izere Imana! Izere amasezerano yayo.

Intambwe ya 2. Akira imibereho mishya uhabwa na Yesu.

Uruhare ufite mu kwakira imibereho mishya uhabwa na Yesu ni ukwizera ko Yesu koko yagucunguye. Wemere udashidikanya ko yakubabariye, kandi akakweza, ko yagukuye mu mibereho ya kera y'ibyaha kandi ko yaguhaye indi mibereho mishya, kandi yahindutse.

"Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushoboz bwo kuba abana b'lmana."
Yohana 1:12.

Ubwo uri umwana w'lmana rero, ufite "uburenganzira" bwo guhabwa na Yesu ubugingo bushya. Nk'uko twabivuze, nti wabwigezaho ku gitи cyawe. Ni impano ituruka kuri So wo mu ijuru! Yesu atanga isezerano ridashidikanywaho nk'iryo, agira ngo twekugira impungenge cyangwa gushidikanya.

Uruhare rw'lmana mu kuduha imibereho mishya ni uruhe?

"Yesu aramusubiza ati, < Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona Ubwami bw'imana.>" Yohana 3:3.

Nk'uko Yesu abivuga, umunyabyaha wizera kandi wihana aba avutse ubwa kabiri kandi agiye gutangira imibereho mishya. Ni igitangaza gikorwa n'lmana gusa. Imana irasezerana iti:

"Nzabaha n'UMUTIMA MUSHYA, mbashyiremo UMWUKA MUSHYA. Nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashyiremo umutima woroshye." Ezekiyeli 36:26.

Yesu ni we uhindura imitima yacu, ibyo twibwira, n'imico yacu, maze agatura "muri twebwe." (Abakolosayi 1:27). Iyi mibereho mishya si igitekerezо cyiza mu by'umwuka gusa; ni ihame rikomeye ryo kuzuka k'umuntu uba yarapfuye mu by'umwuka maze akagira imibereho mishya kandi akabaho bundi bushya.

Intambwe ya 3. Imibereho yawe igaragaze Yesu buri munsi.

Imibereho ya gikristo isaba ko buri munsi umuntu atera umugongo kwikunda, maze akomatana na Yesu incuti magara yacu. Iyo dukomeje isano tugirana na Yesu, duhabwa gukura muri iyi mibereho mishya. Ibyo bivuze ko tumara igithe gihagije turi kumwe na We, twubaka umushyikirano w'ukuri kandi utaziguye. Imana yaduhaye ubufasha bw'ingeri eshanu ngo dukure mu by'umwuka: kwiga Bibiliya, gusenga, gutapfuna ijambo ry'lmana, gusabana n'abandi bakristo, no kubwira abandi ibyiza atugirira!

Kuba muri Kristo ntibivuze ko umuntu adakora amakosa. Ariko iyo dusitaye tugacumura, dusaba Kristo kutubabarira maze tugakomeza. Twerekeje mu ijuru kandi tuzi ko Kristo ari muzima mu mitima yacu.

5. AMAHIRWE YO KWISUBIRAHО

Harold Hughes yahawe ibyubahiro byinshi mu gihe yari Intumwa ya Rubanda ariko igithe yishimye cyane ni igithe yafashe icyemezo cyo kwiyegurira Kristo.

Umunsi umwe Harold yari ariho yiga Bibiliya ari ni mugoroba, yumva umuntu aramusunitse buhoro ku nkokora. Yubuye amaso yabonye ari udukobwa twe tubiri twari duhagaze aho dutuje twambaye imyenda yo kurarana. Yabahanze amaso umwanya muto; bari barahindutse cyane kandi ntiyabonetse igithe kinini mu gihe yarwanaga intambara mbi cyane arwana n'icupa.



Nuko Carol, umuto aramubwira ati "Papa tuje kugusezeraho ngo tujye kuryama."

Mu maso ya se hajemo ibihu kuko hari hashize igithe kinini abana bataza ngo abahobere. Noneho amaso yabo meza ntiyagaragazaga ko bamufitiye ubwoba kuko papa yari yagarutse imuhira.

Mu by'ukuri Yesu aha abantu amahirwe yo kwisubiraho. Afata abari akahebwe akabahindura ibiremwa bishya.

Umukiza yifuza ko umuntu wese yagaruka imuhira. Mbese waba umaze kwemera ukurarika kuje urukundo Kristo akugezaho? Kwakira imbabazi z'Imana no gutunganywa na yo biroroshye kandi bikora ku mutima nk'uko umubyeyi aramburira amaboko umwana we akamuhabera bikora ku mutima nk'uko umubyeyi aramburira amaboko umwana we akamuhabera.

Niba utarizerwa Kristo ngo akubere Umukiza, dore isengesho rya gufasha ubu:
"Data, umbabarire imibereho y'ibaha nagize. Ngushimiye ko wohereje Umwana wawe ngo apfe mu cyimbo cyanje. Yesu, ndakwinginze, mbabarira ibaha byanje ube mu mibereho yanje, unkize. Ndasaba amahirwe yo kwisubiraho ngo mbyarwe ubwa kabiri. Ibirenze ibyo, ndashaka kugirana nawe umushyikirano wa buri munsi. Ngushimiye igitangaza unkoreye. Mu izina rya Yesu, Amen."

Genzura ayo mahirwe atagira uko asa. Twebwe dusanga Yesu, we icyo akora ni ukudukiza.

IBY'AHAZAZA HAWE

Dogiteri Patrisiya na Dogiteri Dawidi Mrazek babonye ibintu byinshi byabababaje mu murimo wabo. Kubera ko bari abahaha bazobereye mu kuvura abana, umurimo wabo wari uwo kwita ku bana bari mu kaga. Nyamara batangajwe n'uko abana bamwe babashaga kurokoka icyorezo mu gihe abandi cyahabitana. Ibyo byaterwaga n'iki? Kuki umwana umwe yahoraga ahabwa imiti mu gihe undi yakomezaga amashuri akagera muri kaminuza? Ni kuki abana bamwe bagiye bahohoterwa bakura nuko na bo bakazahohotera abandi bantu mu gihe abandi muri bo baba ababyeyi beza?

Umuryango wa Mrazeks wakoze ubushakashatsi bwagutse kugira ngo ubone ibisubizo by'ibyo bibazo. Muri ubwo bushakashatsi bwabo basanze ko hariho ikintu rusange cyagaragaraga mu bana bihanganiye ubuzahare, bakagira ubuzima bwiza. Ibanga ryari irihe? "Imibereho ishingiye ku kugira icyizere n'ibyiringiro."

Ibyiringiro ni byo byatumye habaho itandukaniro. Ibyiringiro kurenza ikindi kintu icyo ari cyo cyose, bidufasha guhangana n'ibirushya tukabinesha iyo bitujeho.

Abantu bakeneye cyane kugira ibyiringiro. Nyamara se ni buryo ki tubigira? Ntibyoroshye kugira ibyiringiro muri iyi si yacu -MU GIHE tutabigize twishingikirije ku buhanuzi bwa Bibliya. Iki CYIGISHO kigamije gusuzuma ubuhanuzi bw'ingenzi bwagiye buha abantu benshi ibyiringiro bishyitse.

1. UBUHANUZI BWA BIBILIYA BUTANGAJE

Mu myaka igera kuri magana atanu mbere y'ivuka rya Kristo, Imana yayahe isi amahirwe atangaje yo kumenya ibizaba ibinyujije mu muhanuzi Daniyeli. Imana yagaragaje incamake y'amateka y'isi mu myaka 2500 mbere y'uko ayo mateka aba, uhereye mu gihe cya Daniyeli kugeza muri iyi minsi turimo.

Ubu buhanuzi bwaturutse ku nzozi Imana yahaye Nebukadinezari, umwami w'i Babuloni mu myaka 2500 ishize. Izo nzozi zateye uwo mwami guhangayika cyane -nyamara ntiyabashije kuzibuka ubwo yari akangutse! Nyuma y'uko abanyabwenge bose b'i Babuloni bari bananiwe gufasha umwami ngo yibuke inzozi no kuzisobanura, umusore w'Umuheburayo w'umunyagano witwaga Daniyeli yarahagobotse maze avuga ko Imana yo mu Ijuru ishoboye guhishura ibihishwe.



Yahagaze imbere y'Umwami maze avugana ubutwari ati:

"Nuko, Nyagasani wabonye IGISHUSHANYO KININI, kandi icyo gishushanyo cyari kinini cyane, kirabagirana cyane, cyari kighagaze imbere, kandi ishusho yacyo ikaba yari iteye ubwoba. Nuko icyo gishushanyo umutwe wacyo wari izahabu nziza, kandi igituza cyacyo n'amaboko yacyo byari ifeza, inda n'ibibero byacyo byari imiringa, amaguru yacyo yari ibyuma, n'ibirenge byacyo byari igice cy'ibyuma, n'icy'ibumba. Urabyitegerezza, ugeza aho ibuye ryaziye, ritarimbwe n'intoki, ryikubita ku birenge by'icyo gishushanyo by'ibyuma n'ibumba, rirabimengura. Nuko icyuma n'ibumba n'umuringa n'ifeza n'izahabu bimenagurikira rimwe, bihinduka nk'umurama w'aho bahurira mu cyi, bitumurwa n'umuyaga, ntibyagira ishyikizo; maze IRYO BUYE RYAKUBISE ICYO GISHUSHANYO rihinduka umusozi munini, RIRANGIZA ISI YOSE." Daniyeli 2:31-35.

Icyo gishushanyo, umuntu akitibona, gishobora gusa n'ikidafitanye isano no kugira ibyiringiro muri ibi bihe turimo, nyamara ihangane gato.

2. UBUHANUZI BUSOBANURWA

Nyuma yo kubwira Nebukadinezari wari watangariye ibyo yabonye mu iyerekwa, umuhanuzi Daniyeli yatanze ubusobanuro

"Nuko izo ni zo nzozi kandi turasobanura impamvu zazo, aha imbere y'umwami" Daniyeli 2:36.

UMUTWE W'IZAHABU: Daniyeli yabwiye umwami ko ari ubuhe butegetsi bw'isi bugereranywa n'umutwe w'izahabu?



"Nuko wowe, Nyagasan, uri umwami w'abami. Imana yo mu ijuru yaguhaye ubwami n'ubushoboz n'imbaraga n'icyubahiro;... WA MUTWE W'IZAHABU NI WOWE" Imirongo ya 37 na 38.

Daniyeli yarimo abwira umutegetsi w'ingoma ikomeye yo ku isi ati :
"Nebukadinezari, Imana iriho ikubwira ko ingoma yawe ya Babuloni ishushanywa n'umutwe w'izahabu."

IGITUZA N'AMABOKO BY'IFEZA: Ubirebesheje amaso y'umuntu Babuloni yasaga n'ingoma izagumaho iteka ryose. Nyamara se ubuhanuzi buvuga ko bizagenda bite?



"Kandi uzakurikirwa n'ubundi bwami budahwanije n'ubwawe gukomera." umurongo wa 39

Mu gusohoza ubuhanuzi bwatanzwe n'Imana, ingoma ya Nebukadinezari yaraneshejwe ihinduka amatongo ubwo Kuro, umugaba w'ingabo z'Abaperesi yahirikaga ingoma ya Babuloni mu mwaka wa 539 mbere y'ivuka rya Kristo. Nuko rero igituza n'amaboko by'ifeza bishushanya Ubumedi n'Ubuperesi, indi ngoma yari ikomeye.



INDA N'IBIBERO BY'UMURINGA: Uwo mugabane w'igishushanyo kigizwe n'ubundi butare ushushanywa iki?

"Kandi hazaba ubundi bwami bwa gatatu bw'imiringa butegeke isi yose." umurongo wa 39

Inda n'ibibero by'umuringa byo ku gishushanyo bishushanya ingoma y'u Bugereki. Alegizanderi Ukomeye yanesheje Abamedi n'Abaperesi, maze ategeka ingoma ya gatatu y'isi. Iyo ngonma yabayeho kuva mu mwaka wa 331 kugeza mu mwaka w'168 mbere y'ivuka rya Kristo.



AMAGURU Y'ICYUMA:

"Ariko ubwami bwa kane buzakomera nk'icyuma, kuko ibyuma ari byo bimenagura ibintu byose, bikabijanjagura; kandi nk'uko ibyuma bimenagura ibintu byose, ni ko ubwo bwami buzamenagura, bukajanjagura butyo." Umurongo wa 40.

Nyuma y'urupfu rwa Alegizanderi, ingoma ye yagize intege nke maze yigabanyamo imitwe itarumvikanaga kugeza ubwo mu mwaka w'168 mbere y'ivuka rya Kristo, mu ntambara yabereye i Pidina "Ingoma y'icyuma" igereranya Roma yanesheje u Bugereki.

Kayisari Agusito yategekaga ingoma ya Roma ubwo Yesu Kristo yavukaga mu myaka 2000 ishize (Luka 2:1). Kristo n'intumwa ze babayeho mu gihe gishushanywa n'amaguru y'icyuma.

GENZURA

DISCOVER
online

Nta gushidikanya na gato, Gibbon umuhanga mu kwandika amateka wabayeho mu kinyejana cya cumi n'umunani ubwo yandikaga ibi bikurikira yazirikanaga ubuhanuzi bwa Daniyeli: "Ibishushanyo by'izahabu, cyangwa ifeza, cyangwa umuringa biggereranya amahanga n'abami bayo byaneshejwe uko byakurikiranaga n'ingoma y'icyuma ari yo Roma." (Byanditswe na Edward Gibbon mu gitabo yise Amateka yo Gucogora no Kugwa kw'Ingoma ya Roma, The History of the Decline and Fall of the Roman Empire), vol.4, p. 89.

Nk'umuntu buntu, mara umwanya utekereza ubu buhanuzi. Ni buryo ki Daniyeli, wariho mu gihe cya Babuloni yari kubasha gutekereza uburyo ingoma zagombaga gukurikirana mu myaka amagana y'ibihi byari bitari byabaho? Tuuya tugira ingorane zo kumenya ibishobora kuzagurishwa mu isoko mu cyumweru gitaha! Nyamara Babuloni, u Bumedi n'u Buperesi, u Bugiriki, na Roma byakurikiranye neza nk'uko byari byarahanuwe -nk'abana bumvira iyo bari ku murongo.

Mbese Imana ni yo mugenga w'ahazaza? Dushobora kugira icyizere twishingikirije kuri gahunda yayo ikomeye? Igisubizo cy'ukuri rwose ni: Yego!

IBIRENGE N'AMANO BIGIZWE N'ICYUMA KIVANZE N'IBUMBA:
Mbese hari ubutegetsi bwa gatanu bwagombaga gutegeka isi
bwari gukurikira Roma?



"**Kandi nk'uko wabonye ibirenge n'amano, ari igice cy'ibumba
ry'umubumbyi n'igice cy'ibyuma, NI KO UBWO BWAMI
BUZIGABANYAMO;** ariko muri bwo hazaba gukomera
nk'ibyuma, nk'uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba.
**Kandi nk'uko amano yari igice cy'ibumba, ni ko ubwo bwami buzamera; igice cyabwo kimwe
kizaba gikomeye, ikindi kidakomeye.**" Daniyeli 2:41, 42.

Umuhanuzi ntiyavuze ingoma ya gatanu izategeka isi, ahubwo yavuze ibyo kwigabanya kw'ingoma y'icyuma ari yo Roma. Roma yagombaga kwigabanyamo ingoma cumi biggereranywa n'ibirenge n'amano byigishushanyo.

Ariko se koko mu kuri ibyo byarabaye? Ni koko byarabaye. Mu kinyejana cya kane n'icya gatanu byo muri yi myaka ya nyuma y'ivuka rya Kristo, abapagani bari bavuye mu majyaruguru bagabye ibitero bya simusiga ku ngoma ya Roma yagendaga icika intenge. Hanyuma amoko cumi yigarurira Uburengerazuba bwa Roma, hanyuma amahanga cumi atandukanye kandi yigenga yigarurira u Buraya bwose. Nuko rero amano ashushanya amahanga yo muri iki gihe yo mu Buraya.

3. IMINSI YACU MU BUHANUZI BWA BIBILIYA

Mbese ubuhanuzi bwo muri Daniyeli buvuga ko hazabaho imbaraga zizakoreshwa zigamije guhuriza hamwe amahanga y'u Buraya munsi y'ubutegetsi bumwe?

"**Kandi nk'uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba, ni ko bazivanga n'urubyaro rw'ABANTU;
ariko NTIBAZAFATANA, nk'uko ibyuma bitavanga n'ibumba.**"
Daniyeli 2:43.

Ibihe byinshi abantu b'abanyambaraga bagerageje guhuriza hamwe u Buraya, nyamara igihe cyose byagiye bibananira. Napolewo ni we wari ugiye kugera ku ntego yo kunga u Buraya kurenza abandi bantu bose, nyamara ahari, ubwo yatekerezaga iby'ubu buhanuzi ahunga kandi atsinzwe mu ntambara y'i



Waterloo, yatatse agira ati "Imana ishobora byose indusha imbaraga!"

Kayizeri Wilhelm II na Adolfe Hitler bashyizeho ingabo zari zifite imbaraga nyinshi mu gihe cyabo. Nyamara buri wese muri bo yananiwe guhuriza hamwe u Buraya mu gihe bategekaga. Kuki? Kuko Ijambo Imana yavuze ridakuka: "Niko bazivanga n'urubyaro rw'abantu ariko ntibazafatana." Ingaruka y'intambara ebyiri z'isi igaragaza ko Imana ifite ahazaza mu ntoki zayo; ni yo mugenga utavuguruzwa. Ibyo birahagije kugira ngo biduhe ibyiringiro, amahoro y'umutima, n'icyizere muri gahunda ifitiye ubugingo bwacu.

AMANO CUMI -AMOKO CUMI AKOMEYE MU NGOMA YA ROMA YO MU BURENGERAZUBA

Anglo - Saxons (Ubwongereza)
Franks (Ubufaransa)
Alamanni (Ubudage)
Lombards (Ubutaliyani)
Ostrogoths (Nyuma bwararimbuwe)
Visigoths (Esipanye)
Burgandians (Ubusuwisi)
Vandals (Afurika y'Amajyaruguru, nyuma bararimbuwe)
Suevi (Porutugali)
Heruli (Nyuma y'imyaka mike bahanaguritse ku isi)

4. GUHANGA AMASO KU BIRI IMBERE

Umugabane umwe w'ubuhanuzi bwa Daniyeli ni wo utarasohora. Ni ubuhe busobanuro bw'ibuye ryikubise ku birenge by'igishushanyo, rikagisya kigahinduka ifu, maze rigakura rigahinduka umusozzi wuzuye isi yose?

"NUKO KU NGOMA Z'ABO BAMI [amahanga ariho ubu mu Buraya], IMANA YO MU IJURU IZIMIKA UBUNDI BWAMI, butazarimbuka iteka ryose; kandi ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n'irindi shyanga; ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho; kandi buzahoraho iteka ryose." Daniyeli 2:44.

"Abo bami" ni abami bashushanywa n'ibirenge n'amano by'igishushanyo -abayobozi b'u Buraya bw'iki gihe, ni ukuvuga abantu bariho muri iki gihe. Ibuye rizashyiguka bidakomotse ku maboko y'abantu, ryikubita ku gishushanyo maze kimenekamo ibice byinshi, nuko rikure ryuzure isi (umurongo wa 34, 35, 45). Vuba aha Yesu azamanuka ava mu ijuru maze "yimike ubwami", ingoma ye y'umunezero n'amahoro. Ubwo Kristo, Rutare rw'iteka n'Umwami w'Abami, azategeka isi iteka!

Buri kintu cyose cyahanuwe muri Daniyeli 2 cyarasohoye uretse igikorwa giheruka -igikorwa cy'ibuye rizakubita igishushanyo. Hakurikijwe gahunda yategewe n'Imana, ubu turagenda twegera umusozo w'akataraboneka ari wo, kugaruka kwa Kristo aje kuri iyi si. Yesu Kristo, Umwana w'Imana, vuba aha azasoza intambara ndende yo mu mateka y'abantu yavushije amaraso maze yimike ingoma ye y'iteka ryose irangwa n'urukundo n'ubuntu.

5. INZOZI Z'UMWAMI NAWE UBWAWE

Ubu buhanuzi bugaragaza ukuboko kw'Imana kuyobora kwimikwa no guhanguka kw'ingoma z'amahanga. Imana izi ibyahise, kandi ubu buhanuzi bwa Bibiliya bugaragaza neza ko izi n'ahazaza.



Niba rero Imana iyobora neza ibikorwa by'amahanga idasobwa, nta gushidikanya ishoboye kuyobora imibereho ya buri muntu. Yesu yaduhamirije agira ati "Ndetse n'imiritsi yo ku mitwe yanyu irabazwe yose. Nuko ntumutinye" (Matayo 10:30-31). Impano y'Imana yo kwizera ishobora kuba umuti w'ibiduhangayikisha n'ibidutera ubwoba byose. Ibyiringiro aduha bishobora kuba igitsika umutima w'ubugingo bwacu (Abaheburayo 6:19).

Umuhanga wo mu kinyejana cya cumi na gatandatu witwaga Erasimusi yavuze igitekerezo cy'ibyabaye mu rugendo rwo mu nyanja byakomeje kumubamo mu buzima bwe bwose. Ubwato yarimo bwasekuye igitare mu gihe cy'umuraba. Amazi menshi yo mu nyanja yagiye yihura ku bwato nuko butangira kumeneka bituma abasare batangira guhangayika cyane. Abagenzi bahise bashya ubwoba. Abensi muri bo batakiraga abo bitaga abatagatifu babo ngo babatabare, bakaririmba indirimbo, binginga cyane basenga.



Nyamara Erasimusi yabonye umugenzi umwe wakoraga ibitandukanye n'ibyabo. Dore ibyo Erasimusi yanditse ku byerekeye uwo mugenzi: "Umuntu wari utuje kurenza abandi bose yari umugore wari ukiri muto, wari ufashe mu ntoki umwana w'uruhinja yonsaga. Ni we wenyine utarasakuzaga, ngo arire cyangwa atonganye Imana. Icyo yakoraga gusa ni ugusenga bucece, afashe umwana we kandi amwiyegereje cyane mu gituza."

Erasimusi yabonye ko uwo mugore yari afite imibereho yari isanzwe imenyereye gusenga. Yasaga n'uwiyegurira Imana. Ubwo ubwato bwari butangiye kurohama, uwo mugore yahawe urubaho rwo kwicaraho, maze ahabwa igiti cyo gukoresha mu mwanya w'ingashya, maze imiraba ikomeza kumuteragana hirya no hino. Yafatishaga umwana we ukuboko kumwe maze akagashya akoreshje ukundi kuboko. Abantu bake ni bo batekerezaga ko ashobora kurokoka iyo miraba yagendaga izikuka.

Nyamara kwizera no kwihangana kwe byatumye ashikama. Uwo mugore n'uruhinja rwe ni bo babaye abambere bageze ku nkcombe.

Ibyiringiro mu Mana y'Inyamurava ni byo bishobora gutuma ibyo bishoboka -ndetse no mu gihe ibimenyetso byo gusaza kw'isi bigenda byigaragaza ahatuzengurutse. Ntabwo tugashya turi twenye. Ukuboko gukomeye kuratuyobora kandi kuradushyigikiye.

Nuramuka wiyeguriye Kristo burundu, azaguha ukwizera kuzakubashisha kwambuka umuraba wose. Zirikana amahoro adasanzwe Yesu yasezeranye:

"Mbasigiye amahoro, amahoro yanje ndayabahaye...Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye." Yohana 14:27.

Mbese ufite ayo mahoro? Niba uyafite, shima Yesu, Umukiza wawe. Niba utayafite ni kuki utamurarika ngo aze mu mibereho yawe uyu munsi?



GENZURA

GENZURA IGIHE YESU AZAZA KUKUJYANA

Nyuma y'imyaka myinshi yo gufatwa nabi, Armando Valladares yarananutse cyane, agera ubwo ahinduka nk'igicucu kiremaye umugereranije n'uko yari ameze kera. Yari yarakatiwe igifungo cy'imyaka 30 muri gereza za Castro (soma Kasitro) kubera ko yagiye gusenga mu rusengero ku munsi wa Noheli. Abayobozi ba gereza bamwicishaga inzara, bakamukubita ndetse bakamugaragariza ko bamusuzuguye cyane nyamara ntiyigeze areka kwizera kwe.

Hari ikintu cyatumaga akomeza kwhangana: ni isezerano yari yaragiriye umugore wari ukiri muto witwaga Marita. Bahuriye aho muri gereza maze barahakundanira. Marita yanyuzwe cyane no kwizera gukomeye kwe. Bidatinze bombi basezeranira imbere y'ubutegetsi bwa leta ko Marita abaye umugore wa Armando kandi ko Armando abaye umugabo wa Marita, uwo muhango wabereye ku mbuga ya gereza. Nyamara Marita yimuwe ku mbaraga ajyanwa i Miyami.



Kutaba hamwe kwabo kwabateye agahinda gakomeye. Nyamara Armando yabashije kugira amagambo y'isezerano yandikira umukunzi we ku gapapuro gato kari karatawe, agira ati "Nzaza aho uri. Ibunda zingera amajanja ntizizaba zikimbuza". Iyo mfungwa yahamije idashidikanya ko mu buryo runaka we na Marita bazabasha guhamiriza ayo masezerano mu rusengero imbere y'Imana kandi ko umunsi umwe kubana kwabo kuzashoboka. Yaramwandikiye ati "Igihe cyose uba uri kumwe nanje"

Isezerano rya Armando ryakomeje kumutera kwhangana muri iyo myaka yose yagirirwaga nabi, uko kugirirwa nabi kwashoboraga gutuma abagabo benshi bacogora. Kandi ryatumye Marita akomeza kugira icyizere. Yakoranye umwete amenyesha abantu iby'isezerano ry'umugabo we. Ibyiringiro bye ntibyigeze bicogora.

1. ISEZERANO

Ibihe bimwe dushobora gucogora tukaba twakwibaza tuti "Ni iby'ukuri koko umunsi umwe Kristo azagaruka aturutse muri iri juru ry'ubururu riri hejuru yacu maze twibanire mu munezero?" Mu by'ukuri hashize igihe kirekire cyane dutandukanye na we. Bamwe bashobora gutekereza ko uwo musozo mwiza cyane w'amateka maremare y'isi yaranzwe n'ubugizi bwa nabi, ushobora kumvikana ko ari mwiza cyane ariko ntuzabeho. Nyamara hari ikintu kimwe kigomba gutuma ibyiringiro byacu bitagira ikbihungabanya mu mitima yacu. Icyo ni isezerano ryo kugaruka kwa Yesu. Mbere y'uko Yesu asiga abigishwa be ngo ajye mu ijuru, yabahaye iri sezerano:

"Ntimuhagarike imitima yanyu; mwizere Imana, nanje munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba atahari, mba mbabwiye kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, NZAGARUKA mbajyane iwanje, ngo aho ndi namwe muzabeyo." Yohana 14:1-3.

Mbere y'uko Yesu asubira mu ijuru yahamirije abayoboke be ati "NZAGARUKA!" Yasezeranye ko azagaruka gutwara abamwiringira maze akabajana ahantu yagiye kudutegurira. Ibyanditswe Byera bivuga iri sezerano incuro zigera ku 2500. Kuba Yesu azagaruka ni inkuru y'ukuri nk'uko kuba yarabaye hano mu myaka 2000 ishize ari inkuru y'ukuri.

Kera Imana yasezeranye ko Mesiya azaza, Umucunguzi wagombaga kwikorera ibicumuro byacu maze akatubarira ibyaha. Abantu benshi bavunwaga n'imitwaro y'ubu buzima babonye ko iryo sezerano ari ryiza cyane, ku buryo gusohora kwaryo byasa nk'ibitashoboka. Nyamara Yesu



GENZURA

yaraje maze apfira ku musaraba. Iryo sezerano ryabaye impamo, rishyika mu bwiza butangaje kurenza uko abantu babyibwiraga. Isezerano ryo kugaruka kwe na ryo rizasohora. Dushobora kwizera wa Wundi udukunda, tukemera ko azaza gutwara abo yaguze igiciro kitagereranywa.

Nubwo Armando yari afunzwe, yakomeje koherereza Marita mu ibanga ubutumwa bwanditswe mu mivugo, akamwoherereza n'ubundi bushushanyije. Marita yashoboye gucapisha ubwo butumwa abugeza kuri rubanda nyamwinshi. Imbaraga zari ziburimo zatumye abo ku isi babwitaho. Za leta zatangiye kotsa Kasitro igititu ngo arekure abantu bafunzwe kubwo kwizera kwabo. Prezida w'u Buferansa yarahagobotse nuko ku iherezo, mu kwezi kwa cumi k'umwaka w'1982, Armando yashyizwe mu ndege yari igiye i Paris.

Yabaye nk'uri mu nzozi ubwo yari ahawe umudendezo ndetse no kugeza ubwo indege yagwaga ku kibuga yari atariyuvamo rwose ko afunguwe. Nyamara nyuma y'imyaka makumyabiri yo kubabazwa, no gутегереza yihanganye, Armando yagezaho abasha kwiruka maze ahobera Marita.

Nyuma y'amezi make gusa uwo muryango wari unezerewe mu rusengero rwitiriwe umuntu waranzwe n'ingeso nziza witwaga Kiera ruri i Miami maze bahamya amasezerano yabo. Ku iherezo ubumwe bwabo bwarashytse buruzura. Isezerano ngo: "Nzaza kukureba" ryarasohoye.

Ushobora gутekereza ibyishimo bizaba mu iteraniro rikomeye ubwo tuzabona Kristo amaso ku maso? Kuboneka kwe mu bwiza kuzahanagura imbabaro no guhangayika twagize maze uburibwe twakomeje kugira mu mitima busibangane burundi.

Kugaruka kwa Yesu kuzasohoza ibyifuzo byacu bikomeye kandi kube igisubizo cy'ibyo dushaka cyane. Ubwo ni bwo tuzatangira kugira ubuzima buzira iherezo, burangwa n'ubumwe bwuje urukundo tuzagirana n'Incuti yacu ihebuje izindi zose zigeze kubaho.

Yesu agiye kugaruka vuba! Mbese witeguye kumusanganira?

2. YESU AZAZA ATE?



(1) Mbese azaza mu ibanga?

"Dore, mbibabwiye bitaraba. Nuko nibababwira bati `Dore ari mu butayu', ntimuzajyeyo: cyangwa bati, `Dore ari mu kirambi', ntimuzabyemere. Kuko NK'UKO MURABYO urabiriza iburasirazuba UKABONEKERA aho rirengera, NI KO NO KUZA K'UMWANA W'UMUNTU KUZABA." Matayo 24:25-27.

Nk'uko iyo umuryabyo urabije ugaragara neza nubwo waba uri kure, ni ko kugaruka kwa Yesu kutazaba igikorwa cy'ibanga cyangwa cyihishe.

(2) Mbese Yesu azagaruka ameze nk'umuntu nyawe?

"Bakiraramye batumbira mu ijuru, akigenda, abagabo babiri barababonekera, bahagaze iruhande rwabo, bambaye imyenda yera. Barababaza bati `Yemwe bagabo b'i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? YESU UBAKUWEMO akazamurwa MU IJURU, AZAZA ATYO nk'uko mumubonye ajya mu ijuru." Ibyakozwe 1:10-11.

Ku munsi Yesu yazamutseho avuye kuri iyi si abamarayika bahamirije intumwa ko "uwo Yesu" wari uzamuwe mu ijuru -uwo nguwo, s'undi wundi -azigarukira we ubwe ari Umwami w'abami. Uwo Yesu wakijije abarwayi agahumura amaso y'impumyi. Uwo Yesu wabwiye

GENZURA

amagambo y'ineza umugore wafashwe asambana. Uwo Yesu wahanaguye amarira y'abariraga kuko bari bapfushije kandi agakikira abana bato. Uwo Yesu wapfiriye ku musaraba w'i Kaluvari, akaruhukira mu gituro, kandi akazuka mu bapfuye ku munsi wa gatatu, ni we uzagaruka.

(3) Mbese Yesu azagaruka maze tumubone?

"Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba." Ibyahishuwe 1:7a.

Abazaba bariho ubwo Yesu azaba agarutse, abakiranutsi n'abakiranirwa, bazamubona agarutse.

Yesu yavuze ko abazamureba agarutse bazaba bangana iki?

"Ubwo ni bwo ikimenyetso cy'Umwana w'Umuntu kizaboneka mu ijuru, n' AMOKO YOSE YO MU ISI ni bwo azaboroga, ABONYE Umwana w'Umuntu aje ku bicu byo mu ijuru afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi." Matayo 24:30.

Buri muntu wese uzaba ariho ubwo Kristo azaba agarutse ku isi azamubona.

(4) Ni ba nde bazaherekeza Yesu ubwo azaba agarutse?

"Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika bose, afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe" Matayo 25:31.

Tekereza uko bizaba bimeze ubwo Yesu azaba agarutse mu cyubahiro cye cyose ashagawe n'"abamarayika bose".

(5) Mbese dushobora kuvuga igihe ntarengwa Kristo azagarukiraho?

"Ariko uwo munsi n'icyo gihe nta wubizi, nahoh baba abamarayika bo mu ijuru, cyangwa Umwana, keretse Data wenyine... Nuko namwe mwitegure kuko igihe mudatekereza, ari cyo Umwana w'umuntu azaziramo." Matayo 24:36, 44.



Buri muntu azabona Yesu Kristo aziye mu bwiza, nyamara abenshi bazaba batiteguye kugaruka kwe. Mbese wowe ubwawe witeguye kugaruka kwa Yesu?

3. YESU AZAKORA IKI UBWO AZABA AGARUTSE?

(1) Yesu azakoraniriza hamwe abacunguwe bose (intore).

"Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhoreye impera y'ijuru, ukageza iyindi mpera yaryo." Matayo 24:31.

Niba waremereye Yesu ngo agutegure mu mutima no mu bugingo, uzamuramutsa unezerewe nk'Umukiza wawe.

(2) Yesu azakangura abakiranutsi bazaba barapfuye.

"Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'lmana; nuko ABAPFIRIYE MURI KRISTO NI BO BAZABANZA KUZUKA." 1 Abatesalonike 4:16.

Yesu natunguka, mu ijuru hazumvikana urusaku. Ijwi rye rikomeye rizumvikana ku isi yose.

Rizamenagura ibituro byo mu marimbi yose maze rizure za miliyoni nyinshi z'abantu bamwemeye mu bihe byose byabayeho. Mbega uko uwo munsi uzaba ushimishije!

GENZURA

(3) Yesu azahindura abakiranutsi bose nagaruka -ntabwo ari abakiranutsi bapfuye gusa ahubwo n'abakiranutsi bazima azabahindura.

"Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, DUHEREKO TUJYANANWE NA BO tuzamuwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose." Umurongo wa 17.

Kugira ngo Kristo adutegurire kubaho iteka ryose, imibiri yacu ipfa azayihindura imibiri idapfa.



"Dore, mbamenere ibanga: Ntituzasinzira twese, ahubwo TWESI TUZAHINDURWA -mu kanya gato, mu kanya nk'ako guhumbya ubwo IMPANDA Y'IMPERUKA IZAVUGA. Impanda izavuga koko, ABAPFUYE BAZURWE UBUTAZONGERA KUBORA, natwe DUHINDURWE. Kuko uyu mubiri ubora ukwiye kuzambikwa kutabora, n'uyu upfa ukazambikwa kudapfa." 1 Abakorinto 15:51-53.

Kristo n'agaruka "twese tuzahindurwa." Bitekerezeho: nta rubagimpande izongera kubaho, nta bumuga buzabaho yewe nta na kanseri. Amavuriro azakingwa n'amazu aberamo ibyunamo ntazaba agifite icyo akimaze ubwo Kristo azaba agarutse!

(4) Yesu azatwara abakiranutsi bose mu ijuru.

Yesu ubwe yitangiye iryo sezerano ati "Nzagaruka mbajyane iwanjye" mu rugo rwa Data (Yohana 14:1-3). Petero avuga iby'umurage w'abakiranutsi "mwabikiwe mu ijuru" (1 Petero 1:4). Dushobora guhangamaso imbere maze tukabona ibyiza biri mu murwa w'Imana, Yerusalem Nshya, n'amahirwe tuzagira yo kurushaho kumenya Data wa twese wo mu ijuru.

(5) Yesu azakuraho ibibi byose n'umubabaro, ku buryo bitazongera kubaho ukundi.

Inkozi z'ibibi -abakomeje kwinangira bakanga impano yose y'ubuntu Kristo abaha -mu kuri biciraho iteka. Ubwo bazitegereeza mu maso ha Yesu atungutse ku bicu, ibyaha bakoze bizatuma batihanganira kumureba; maze batakire imisozi n'libitare bati "Nimutugweho, muduhishe amaso y'iycaye kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'Intama!"(Ibyahishuwe 6:16). Bazahitamo gupfa aho guhagarara imbere y'ijisho rya Yesu rireba byose.

Bazamenya ko ijwi rizaba ryumvikanira cyane mu bicu ari ryo igihe kimwe ryagiye ribingingira kwemera ubuntu bw'Imana. Abantu baharaniye mu buzima bwabo kwiruka inyuma y'amafaranga, ibibanezeza cyangwa imyanya y'icyubahiro bazagera aho basobanukirwe ko birengagije ikintu rukumbi cyari gifite agaciro gakomeye mu buzima.

Bizaba ari ibintu bibabaje cyane. Kuko mu kuri nti byari ngombwa ko hagira umuntu n'umwe muri abo bantu urimbuka. Imana ubwayo yaravuze iti "Sinezewa no gupfa k'umunyabyaha" (Ezekiyeli 33:11). Yesu aratwinginga ati "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange, ndabaruuhura" (Matayo 11:28). Nyamara ikibabaje ni uko bamwe banga kwitaba irarika ryayo rye ubuntu.

4. MBESE WITEGUYE KO KRISTO AGARUKA?

Byavunnye Yesu cyane kugira ngo atubonere uburyo bwo kuzibanira na we mu bwiza "mu rugo rwa Data." Byamusabye gutanga ubugingo bwe!

"NI KO NA KRISTO AMAZE GUTAMBWA RIMWE, ngo yishyireho ibyaha bya bensi, azaboneka ubwa kabiri, atazanywe no kwitambira ibyaha, abonekerere abamutegereeza kubazanira agakiza." Abaheburayo 9:28.

GENZURA

Umukiza wapfiriye ku musaraba kugira ngo adukureho ibyaha byacu azaboneka "ubwa kabiri azaniye agakiza abamutegereza" Kristo yitangiye kugira ngo atume buri wese muri twe ahabwa agakiza. Nyamara haramutse hatabayeho kugaruka kwe, gupfira ku musaraba kwe byaba byarabaye impfabusa. Kristo ashaka kuduha urugo tuzibaniramo na we dufite umutekano. Kugira ngo ibyo bizashoboke, tugomba kwemera ko agenga imitima yacu, akatubera Umukiza n'Umwami ubu nguba.

Mu gitondo cyo ku italiki ya 16 Kanama, 1945 umwana muto yirutse mu kibuga cy'i Shantung mu Majyaruguru y'u Bushinwa avuga cyane ko abonye indege iguruka mu kirere. Imfungwa zose zari zigifite agatege zahise zisohoka zija hanze maze zireba hejuru. Abo bagabo n'abagore bari barababariye mu bwigunge, barabuze ibyagombaga byo kubagoboka, barishwe n'ishavu. Bari barafunzwe n'Ubuyapani bubaziza ko ari abaturage bakomoka mu bihugu by'abanzi. Kuri benshi muri abo ikintu kimwe ni cyo cyabakomezaga: icyizere cy'uko umunsi umwe intambara izarangira.



Imbaraga zimeze nk'iz'amashanyarazi zabaye nk'izikwira muri izo mfungwa 1500 zari zighumeka, ubwo zari zimaze kumenya ko iyo ndege ishobora kuba jje KUBAROKORA. Ubwo urusaku rw'indege rwarushagaho kumvikana cyane, hari umuntu wasakuje cyane agira ati "Nimurebe ibendera rya Amerika rishushanje ku ruhande rw'indege!" Nuko nyuma yo kwitegereza ibyo batari biteze, humvikana amajwi asakuza ngo, "Nimubarebe, barazunguza amaboko baturamutsa! Baratuji. Baje kudutwara."

Bigewe aho umunezero w'abo bantu bari bararusimbutse nyamara bakaba bari bambaye ubushwambagara, kandi bananiwe ndetse bakumbuye iwabo urushaho kwiyongera. Urusaku no kwiruka bajya hirya no hino byariyongereye. Abantu birukaga bazenguruka basakuza cyane, bazunguza amaboko yabo kandi barira.



Mu kanya gato, kubera impumu iteraniro ryose ryakanuye amaso rituje. Ako kanya ku ruhande rumwe rw'indege haba harafungutse maze abantu batangira kumanukira mu mitaka. Abari baje kubacungura ntibari bagitegereje umunsi runaka wo kuzaziraho kubatabara, ahubwo UWO MWANYA, bari hagati muri bo!

Iteraniro ryahise rigana ku irembo ry'ikigo cyabo. Nta n'umwe muri bo wigeze agira icyo atekereza ku mbunda zikomeye zari mu minara zitunzw aho hasi bari bari. Nyuma y'imyaka myinshi bari bamaze mu bwihebe n'ubwigunge, basohotse mu ruzitiro maze biruka bajya aho abasirikari bari baje kubatabara bagwaga bavuye mu ndege.

Bidatinze abantu benshi cyane bahise bagaruka maze biroha mu kigo bari bamaze igihe bafungiwemo, baza bahetse abasirikari ku ntugu. Umusirikari mukuru wari ushinzwe kurinda icyo kigo yahise ashyira amaboko hejuru atiriwe arwana. Mu kuri imirwano yari irangiye. Bari bahawwe umudendezo. Kuri bo isi yari ibabereye nshya.

Bidatinze Imana YACU, Umukiza WACU azamanuka aturutse mu bicu azanwe no kuducungura. Igitekerezo giteye ishavu cy'ubugizi bwa nabi abantu bagirira abandi ku iherezo kizarangira. Hazabaho kwishima cyane uwo munsi, n'urusaku rutewe n'umunezero ubwo ku iherezo tuzumva indirimbo zivuga ngo: "Araje, ararushaho kutwegera; ndabona abamarayika bavuza impanda." Amajwi y'impanda azumvikana cyane, ubwiza bw'igicu burabagirane kurenzaho, kugeza ubwo kwihanganira kubureba bizaba biruhije. Nyamara ntitezareka gukomeza kubwitegereza mu gihe buri wese mu bazakizwa azaba

azirikana ngo: "Aranzi. Azi uwo ndi we." Buri wese muri abo azamenya yishimye cyane Umwami we maze avuge ati "Iyi ni Imana yanje, ije kunjyana, ntizaza kera, ahubwo ije uyu munsi, ije aka kanya."

Mbese witeguye gusanganira Umwami ubwo azatunguka yambaye ubwiza bwe bwose? Niba utabyiteguye, nyabuna rarika Yesu ngo aze mu mibereho yawe uyu munsi. Nk'uko kugaruka kwa Yesu kuzakemura ibibazo by'isi yose, ni ko aramutse aje mu mutima wawe ubu byakubashisha gukemura ibibazo uhura na byo buri munsi. Umuhanga mu Gukemura ibibazo ashobora kugukiza umutima ugutoteza akagukuraho n'umutwaro w'ibyaha maze akaguha ubugingo buhoraho.

Kuza kwa Yesu mu mibereho bishobora guhindura iyo mibereho by'iteka nk'uko kugaruka kwa Kristo kuri iyi si bizayihindura rwose. Ushobora kwisunga Yesu. Azakubashisha kwitegura kugaruka kwe maze aguhe ibyiringiro bikomeye by'imibereho irangwa n'umunezero w'iteka ryose.

URUGO RWAWE RWO MW'IJURU

Ubwo Mariko Polo yari agarutse mu mugi yari atuyemo wa Venice (soma Venise) nyuma y'imyaka myinshi yari amaze mu Burasirazuba, incuti ze zatekereje ko ingendo ze ndende zatumye aba umusazi. Yababwiye ibitekerezo batashoboye kwizera.

Mariko yari yanyuze mu mugi wuzuyemo ifeza n'izahabu. Yari yarabonye amabuye y'umukara ashya, nyamara nta muntu n'umwe wari warigeze yumva iby'amahindure yaka mu birunga. Yari yarabonye umwenda udashya n'ubwo wawujugunya mu muriro, nyamara nta muntu n'umwe wari warigeze yumva ibya bene iyo myenda bita abestos. Yavuze ibyerekeye ibiyoka binini bifite uburebure bwa metero icumi bifite inzasaya nini cyane ku buryo zishobora kumira umuntu, amatunda afite ubunini bungana n'umutwe w'umuntu kandi akagira imbere hererana nk'amata, n'ibantu bitemba biva mu butaka bishobora gutuma amatara yaka. Nyamara nta muntu n'umwe wari warigeze abona ingona zo mu ruzi, amatunda y'ibiti bya koko (noix de coco), cyangwa peteroli. Baramusetse ubwo bumvaga ibyo bitekerezo. Hashize iminsi myinshi ubwo Mariko yari aryamye agiye gupfa, umwe mu ncuti ze utaravugaga rumwe na we wari hafi y'aho yari aryamye yamubwiye kwivuguruza akabwira abari aho ko ibitekerezo yababwiye byose byari ibinyoma. Nyamara Mariko yaranze ahubwo aravuga ati "Byose ni ukuri -buri kantu gato kose kabyo ni ukuri. Mu kuri ntan'ubwo nabashije kuvuga kimwe cya kabiri cy'ibyo nabonye byose."



Abanditsi ba Bibliya batubwira ibantu bike byerekeye uko ijuru rimeze basa n'abavuga ibihwanye n'ibyo Mariko Polo yavuze. Mu iyerekwa babonaga ahantu hari umucyo mwinshi, ahantu hatangaje, ku buryo bashoboraga gusobanura gusa umugabane muto w'ibyo babonaga. Kandi dusakirana n'abatemera iby'abo banditsi bavuga nk'uko hari incuti za Mariko Polo zitemeraga ibyo yazibwiraga. Tugomba kugergeza gutekereza " ingona zo mu mazi namatunda y'ibiti bya koko" tutigeze tubona kubera ko ibyo Bibliya itubwira bitumenyesha ko ibyiza by'ijuru birenze kwicara ku bicu tugacuranga inanga.

1. MBESE IJURU NI AHANTU NYAHO KOKO?

Yesu aradutegurira ahantu nyaho rwose muri iki gihe mu ijuru ririho.

"Ntimuhagarike imitima yanyu; mwizere Imana, nanje munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba atahari, mba mbabwiye, kuko NGIYE KUBATEGURIRA AHANYU. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanje, ngo aho ndi namwe muzabeyo." Yohana 14:1-3.

Yesu agiye kugaruka kuri iyi si maze atujyane mu ngoro ya cyami y'akataraboneka iri mu murwa wo mu ijuru ifite ubwiza burenze uko dushobora kubyibwira: Yerusalem Nshya.

Nyuma yo kubayo imyaka igihumbi, Kristo azazana ku isi urwo rugo rwe rwo mu ijuru kuri iyi Si. Ubwo Yerusalem Nshya izaba imanutse, umuriro uzeza isi.

Iyi si izaba imaze kugirwa nshya izahinduka urugo rw'iteka rw'abacunguwe. (Ibyahishuwe 20:7-15. Ibigeretse kuri ibi wabisoma mu Cyigisho cya 22).



"Mbona ijuru rishya n'isi nshya: kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize, n'inanya yari itakiriho. Mbona ururembo rwera, Yerusalem nshya,

GENZURA

rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uko umugenzi arimbishirizwa umugabo we. Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga ritu "Dore ihema ry'lmana riri hamwe n'abantu, kandi izaturana na bo, ibe Imana yabo." Ibyahishuwe 21:1-3.

Nyuma y'uko isi izaba imaze kwejeshwa umuriro, Yesu asezerana ko ari ba nde bazatura mu isi?

"Hahirwa abagwaneza kuko ari bo bazahabwa isi" Matayo 5:5 (Na none soma mu Byahishuwe 21:7).

Kristo asezerana guhindura iyi si yari nziza kera akayisubiza ubwiza yahoranye mu Edeni, kandi abagwaneza "bazahabwa isi."

2. MBESE TUZAHABWA IMIBIRI NYAYO MU IJURU?

Ubwo Yesu yabonekeraga abigishwa be afite umubiri wazutse kandi wahawe ubwiza, yawusobanuye ate?



"Nimurebe ibiganza byanje n'ibirenge byanje, mumenye ko ari jye ubwanje. Ndetse nimunkoreho, murebe, kuko umuzimu atagira umubiri n'amagufwa nk'ibyo mundebana." Luka 24:39.

Yesu yari afite umubiri nyawo; yararikiye Tomasi kumukoraho (Yohana 20:27). Muri uwo mwanya Yesu yinjiye mu nzu nyayo, avugana n'abantu nyabo, kandi arya ibyokurya bisanzwe (Luka 24:43).

Ijuru ntirituwe n'imyuka, ahubwo rituwe n'abantu nyabo bashimishwa n'imibereho y'iby'umwuka, kandi bafite "umubiri w'ubwiza."

"Naho twebweho iwacu ni mu ijuru, ni ho dutegereje Umukiza ko azava, ni we Mwami Yesu Kristo, uzahindura uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu akawushushanya n'umubiri w'ubwiza bwe, kuko afite imbaraga zo kumubashisha kwigandurira byose."
Abafilipi 3:20, 21.

Dushobora kumenya tudashidikanya ko imibiri yacu mu ijuru izaba ikomeye, ari imibiri nyayo nk'umubiri Kristo yazutse afite.

Mbese mu ijuru tuzabasha kuhamenyera imiryango yacu n'incuti zacu?

"Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibiroriori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose." 1
Abakorinto 13:12.

Mu ijuru "tuzamenyana byuzuye". Tuzasobanukirwa kandi dukundane cyane kurenza uko bimeze kuri iyi si. Abigishwa ba Yesu baramumenye nubwo yari yambaye umubiri w'ijuru, uko bigaragara bitewe n'ibyari bisanzwe bimuranga mu mikorere ye (Luka 24:36-43). Mariya yabashije kumumenyera ku gituro bitewe n'ijwi rye yari yaramenyereye kumva ubwo yamuhamagaraga amuvuze mu izina (Yohana 20:14-16). Abigishwa babiri bari mu nzira ijya Emawusi bamumenye bitewe n'uburyo yakoresheje imyanya ye y'umubiri (cyane cyane amaboko n'amaso), kuko yakoze uko yari yaramenyereye gukora. Ubwo babonaga uburyo yahaye umugisha ibyokurya, bamenye ko ari Umwami wabo bashingiye ku buryo babonye akora (Luka 24:13-35).

Abacunguwe bazagira umunezero mwinshi "barebana amaso" mu ijuru.

GENZURA

Tekereza umunezero uzaterwa no kubona uburyo uwo mwashakanye amwenyura, cyangwa guhamagarwa n'umwana washyinguye kera, cyangwa imyitwarire y'incuti wakundaga. Tuzagira igihe kizira iherezo cyo gushimangira umubano w'urukundo kandi tuzabona uburyo bwo kunoza umubano wacu n'abantu tuzishimira cyane mu isi no mu ijuru.

3. TUZAKORA IKI MU IJURU?

Tuzakora imirimo myinshi mu ijuru. Utekereza iki ku gushushanya inzu yawe wishakira?

"Dore ndarema ijuru rishya n'isi nshya....kuko ndema i Yerusalem ngo mpagire ibyishimo, nkarema abantu baho bakaba umunezero... Bazubaka amazu bayabemo; kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo... kandi abatoni banjiye bazashyira kera bishimira imirimo y'intoki zabo."
Yesaya 65:17-22.

Ubu Yesu arategura amazu ya buri wese mu Murwa Wera, Yerusalem Nshya (Yohana 14:1-3; Ibyahishuwe 21). Iyo mirongo igaragaza ko natwe tuzitegura kandi tukubaka andi mazu -ahari insisiro nziza cyane tukazirimbisha dukoresheje ibimera by'akataraboneka byo mu ijuru. None se ni nde wamenya ubuhanga buhanitse tuzagira mu ngoma y'Imana izaba ifite amajyambere yo mu rwego rw'akataraboneka? Ubuvumbuzi bugerwaho n'ubuhanga buhanitse muri iki gihe n'ingendo zo mu kirere bizamera nk'udukino tw'abana mu gihe tuzaba dutangiye guhishurirwa ibiri mu rugo rwa "Data wa twese."

Mbese ukunda kwitegereza ubwiza bw'amasumo, ibyanya bitoshye, amashyamba manini akurura imvura n'uburabyo bwiza cyane?

"Uwiteka ahumurije i Siyon,...ubutayu bwaho abuhinduye nka Edeni, n'ikidaturwa cyaho akgize nka ya ngobyi y'UWITEKA; muri yo hazaba umunezero n'ibyishimo n'impundu n'amajwi y'indirimbo." Yesaya 51:3.

Imana izahindura isi iyigire Umurima wa Edeni w'akataraboneka. Nta birunga bizongera ku ruka amahindure, nta rwokotsi ruzongera kubaho, nta mapfa azabaho ukundi; ibiyaga bizaba bisa neza cyane, hazabaho ibiti binini cyane kandi imisozi ntizongera kuba uruharabuge.

Ntabwo ubwiza bw'isi buziyongera gusa ahubwo n'ububasha bwacu bwo kubwishimira buziyongera. Bizaba nk'umunsi wa mbere umuntu ashotse akajya gutembera yari amaze igihe arwaye cyane. Kandi "iminuta makumyabiri ya mbere" y'ibyo byiza tuzahabwa iziyongera maze ihinduke igihe kizira iherezo.

Mbese ushimishwa no guhabwa ibintu bishya? Ushimishwa no kwiga cyangwa guhimba ibintu runaka?

"Icyo gihe, abantu badapfa bazitegerezanya umunezero utangaje ibitangaza bituruka ku bubasha bwo kurema, n'amabanga y'urukundo rwaducunguye... Ubushoboz iwbwose buzagenda bwaguka, ububasha bwose burusheho gutera imbere. Kumenya ubwenge ntibizananiza intekerezo cyangwa ngo bitume imbaraga zigwa agacuho. Aho ngaho imirimo ikomeye cyane izahakorerwa, ibyifuzo bahanitse bizagerwaho, kandi hazaba hakiri intera zo hejuru zizatumbagirwa, ibitangaza byinshi byo gushimwa ndetse n'ukuri gushya tuzamenza, ibintu bishyashya imbaraga z'ibitekerezo zizamenza, iz'ubugingo n'umubiri bizaharanira kugeraho. Ibyiza byose by'isi n'ijuru bizaba biri imbere y'abo Imana izaba icunguye kugira ngo babyige." (*Byakuwe mu gitabo cy'Intambara Ikomeye, The Great Controversy*), p. 677



4. MBESE HAZONGERA KUBAHO IMPUNGENGE Z'UKO IBIBI BYAGARUKA?

GENZURA

"Muri rwo ntihazinjiramo ikintu gihumanya, cyangwa ukora ibizira, akabeshya; keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'intama." Ibyahishuwe 21:27.

Imana izatsema icyaha n'ingaruka zacyo burundu; ntibizongera kubaho. Yesu n'agaruka, "tuzasa na we" (1 Yohana 3:2). Aho kwifata ngo twibuze kwica, kwiba, kubeshya no gufata ku ngufu, tuzarushaho kugira imico iranga ab'ijuru.

"Imana] izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi: kuko ibya mbere bishize."
Ibyahishuwe 21:4.

Ndetse n'umwanzi uruta abandi bose ari we rupfu, azarimbuka. Mu gihugu cyo mu ijuru kizabamo ubusore bw'iteka abacunguwe "ntibazapfa" (1 Abakorinto 15:53); nta muturage waho uzongera kugira ingorane ngo asaze.

Ijuru ntirizakuraho ingaruka z'icyaha gusa ahubwo rizakora ibihabanye na zo. Tekereza uko bizamera ku bantu bihanganiye ubumuga mu mibereho yabo yose:

"Icyo gihe impumi zizahumurwa, n'ibipfamatwi bizaziburwa. Icyo gihe ikirema kizasimbuka nk'impara, ururimi rw'ikiragi ruzarimba." Yesaya 35:5,6.

5. IKIZASHIMISHA CYANE MU IJURU NI IKIHE?

Tekereza kwitegereza Umwami w'ijuru n'isi amaso ku maso.

"Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu, kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo izabana na bo, ibe Imana yabo." Ibyahishuwe 21:3



Imana ishobora byose isezerana kugendana natwe maze ikatubera umwigisha. Mbega umunezero uzakomoka ku kwicara imbere yayo. Tekereza icyo umucuranzi yatanga kugira ngo agire amahirwe yo kumarana umwanya muto n'abahanga baminuje mu ndirimbo bitwa Beethoven (soma Bitoveni) cyangwa Mozart (Mozariti). Tekereza uburyo umuhanga mu bidukikije yashimishwa cyane n'akanya yamarana n'umuhanga kabuhariwe Albert Einstein (soma Aluberi Enshiteyini) cyangwa agaciro umuntu ushushanya yaha amahirwe yo kubonana na Michelangelo (soma Mikelangero) cyangwa Rembrandt (soma Rembranditi).

Tekereza uburyo abacunguwe bazagira amahirwe atangaje. Bazaganira n'Umuremyi w'ubumenyi bwo kuririmba, ubuhanga buhanitse, no gushushanya. Bazashyikirana byimazeyo n'Umuhanga uhebuje ababaho bose, kandi n'Umunyarukundo kurenza abandi bose babaho. Maze uwo mubano utume habaho kumuramya.

"Uhoreye mu mboneko z'ukwezi ukageza mu mboneko z'ukundi, no guhera ku Isabato ukageza ku yindi, abantu bose bazajya baza gusengera imbere yanje." (Yesaya 66:23).

Hagati y'umurwa w'Imana hari intebi nini y'Umwami Imana. Izengurutswe n'umukororombya w'akataraboneka. Mu maso hayo harabagirana nk'umucyo mwinshi w'izuba. Munsi y'ibirenge byayeo hari inyanja y'ibirahuri ikwiye mu mpande zose. Kuri iyo nyanja y'ibirahuri, imurika ubwiza bw'Imana, ni ho abacunguwe bazateranira maze bayihimbaze bishimye cyane.

GENZURA

"Abacunguwe n'UWITEKA bazagaruka bagere i Siyoni baririmba; ibyishimo bihoraho bizaba kuri bo, bazabona umunezero n'ibyishimo; kandi umubabaro no gusuza umutima bizahunga."
Yesaya 35:10.

Ahongaho tuzaba turi kumwe n'Ufite ineza itagira impinduka. Gukiranuka, kwihangana n'impuhwe bye ntibishira. Izina rye ryera nrihimbazwe!

6. TUGOMBA KUZABAYO!

Yesu yifuza cyane kuzarebana nave amaso ku maso. Iyo ni yo mpamvu yashatse kugukiza ibyaha atanze igiciro cy'akaburarugero. Iyo mpano ukwiye kuyakira. Ugomba kwiyegurira Kristo ukamwemera nk'Umwami n'Umukiza wawe. Ukeneye imbabazi zatanzwe zikomotse ku musaraba kubera ko:

**"Muri rwo hatazinjiramo ikintu gihumanya, cyangwa
 ukora ibizira, akabeshya; keretse abanditswe mu gitabo
 cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama." Ibyahishuwe 21:27.**

Yesu adukiza ibyaha ntadukiriza mu byaha. Tugomba kumusanga binyuze mu mbaraga ye ikorera muri twe ikadutandukanya n'inkozi z'ibibi n'abatejejwe. Yesu ni we nzira rukumbi itugeza mu bwami bwe.

Kandi iyo ngoma ishobora gutangira ubunguba mu mutima wawe. Iyo Kristo adukijije ibyaha, imbere muri twe aharema ijuru rito. Ashoboye kudufasha kugira ngo twihanganire agahinda, ishavu, kurarikira, ubwoba n'intimba bitubuza amahoro. Ibyiringiro by'ijuru ntabwo ari uguhunga ingorane zo muri ubu buzima; ahubwo ibyo byiringiro bituma turushaho kugira ijuru hano ku isi. Ubushakashatsi bwakozwe vuba aha bwagaragaje ko "abizera ko nyuma y'urupfu hari ubundi buzima bagira imbereho irangwa n'umunezero kandi biringira abandi bantu kurusha abatabyizera."



Nta kintu na kimwe gishobora guhindura imbereho yacu muri iki gihe kurenza isano ishingiye ku kwiringira Yesu Kristo:

"Uwo mumukunda mutaramubona, kandi n'ubwo none mutamureba muramwizera, ni cyo gituma MWISHIMA IBYISHIMO BYIZA BITAVUGWA, kuko muhabwa agakiza k'ubugingo bwanyu, ni ko ngororano yo kwizera kwanyu." 1 Petero 1:8,9.

Ibyo byose -n'ijuru naryo. Mbese waba waramenye imbereho myiza Kristo yifuza kuguha? Nyabuna we kwanga irarika rye ryuje impuhwe.

**"Umwuka n'Umugen barahamagara bati: `Ngwino!' Kandi uwumva nahamagare ati: `Ngwino!'
 Kandi ufite inyota naze; ushaka ajyane amazi y'ubugingo ku buntu." Ibyahishuwe 22:17.**

Yesu ari kumwe nave ubu, aravugana n'umutima wawe mu gihe usoma iyi mirongo. Arakurarika ati "Ngwino!" "Ngwino!" "Ngwino!" Nta guhendahenda cyangwa kwinginga kwaruta uko. Niba utaramusanga, uyu mwanya, kurenza undi uwo ari wo wose ni wo mahirwe yawe yo kwakira impano aguha.

Ni kuki utamubwira ko wakiriye impano aguhaye ku buntu kandi ko wifusa kuzabana na we iteka ryose? Mubwire ko umukunda. Mushimire ibyo yagukoreye byose n'ibyo ateganya kuzagukorera. Niba hari igitotsi hagati yawe n'lmana yisabe kuguha ubushake bwo kugikuraho. Uyu munsi, mu gihe wumva ijwi ryayo, kandi umutima wawe ukaba witeguye kwakira Imana, yiyegeurire burundi. Unika umutwe wawe aka kanya maze uvuge uti: "Yesu Mwami wanjiye, ndaje. Nkwiyeguriye uko ndi kose. Nzaba uwawe ubuzira herezo."

NI IKI CYEREKANA KO YESU AGIYE KUGARUKA VUBA?

Bensi muri twe bagira amatsiko yo kumenya ibyo ahazaza. Twifusa kumenya ibiri hirya y'aho dushobora kureba. Ariko ibyahanuwe byo bihora ari ukuri nyako. Turi mu bihe biruhanyije byo kumenya icyo bacyana.

Nyamara hariho umuntu umwe, ibyo yahanuye byasohoye nk'uko yabivuze. Mu ijambo rye, Yesu Kristo atwerekwa ibyo ahazaza; ni Umuyobozi utayoba. Muri iki cyigisho tuzareba ibyo yavuze byerekeranye no kugaruka kwe. Uretse ibyo kandi, ni nde ushabora kumenya cyane ibyerekeranye n'umunsi w'imperuka y'isi kurusha uwayiremye mbere na mbere?

1. IBIMENYESTO BIGARAGAZA KO KRISTO AZAZA MU GIHE CYACU.

Yesu amaze guhamiriza abigishwa be ko azagaruka kuri iyi si.
(Mat.23:39), n'ikihe kibazo bamubajije?

Bati tubwire "Ibyo bizabaho ryari n'ikimenyetso cyo kuza kwawe n'icy'imperuka y'isi n'ikihe"? - Mat.24:3.

Yesu yaba subije mu buryo bufututse kandi mu kuri. Mu gice cya 24 cya Matayo no mu cya 21 cya Luka ubwe yatanze "ibimenyetso" cyangwa yerekanye ukuri tumenyeraho ko kuza kwe kwegereje. Ubundi buhanizi bwa Bibiliya budufasha kubona ishusho y'uko isi izaba imeze mbere y'uko Yesu agaruka. Nk'uko tuza kubibona ubu buhanizi busohora tubwibonera, bwerekana ko kugaruka kwa Kristo kuri hafi ndetse ku rugi.



Turebere hamwe ibimenyetso 10 mu buhanizi bwa Bibiliya bitwerekaza ku rugendo rujya mu ijuru, maze tugenzure ingorane ziraho muri iyi nzira, umugenzi yabaza mu gihe abisoma.

IKIMENYETSO CYA 1: UMUBABARO, UBWOBA, GISHINDIKANYA!

Hashize imyaka 1900 Yesu ahanuye ibyaduka muri iki gihe cyacu, nyamara bigasa n'ibyanditswe bwa mbere mu kinyamakuru cyaraye cyanditswe nimugoroba.

"Hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja nimiraba bihorera. Abantu bazagushwa igihumure no kwibwira ibyenda kuba mu isi, kuko imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. Ubwo nibwo bazabona Umwana w'umuntu aje mu gicu, afite imbaraga n'ubwiza bwinshi. Nuko ibyo nabitangira kubaho, muzararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora." Luka 21:25-28.



Nta kintu na kimwe cyo muri iki gihe gishobora kubihagarika. "Abantu bazagushwa igihumure n'ubwoba bw'ibyenda kuba ku isi". Intwaro z'intambara zahunitswe zishobora kurimbura iyi si yose. Byamera bite ibihebe bibaye ari byo bitegetse izo ntwaro?

Yesu arahumuriza abariho muri iki gihe cy'ibyorezo. Imbabaro n'indwara biri ku isi muri iki gihe birerekana ukuri ko "kugaruka kwa Kristo kutwegereye". Muri iki gihe abantu buzuwe n'amaganya kubwo "kureba uko isi yahindutse". Ariko umwigishwa w'Ubuhanuwe bwa Bibiliya,

ashobora kuvugana ijwi ry'ibyiringiro ati "Murebe Ugiye kuza muri iyi si yacu".

IKIMENYETSO CYA 2: IBYOREZO KU ISI.

Ni buryo ki ibyaremwe biggerwaho n'ibyago byo mu gihe giheruka?

"Kandi mu isi hamwe na hamwe hazaba ibishitsi bikomeye,kandi hazabaho inzara n'ibyorezo by'indwara; hazabaho n'ibitera ubwoba n'ibimenyetso bikomeye biva mu ijuru. Nuko namwe nimubona ibyo bibaye, muzamenye yuko Ubwami bw'lmana buri hafi". Luka 21:11,31.

Nimutekereze ho gato iby'inzara zibaho: imibare y'abicwa n'inzara n'abazira ibihebe bikomeza kugaragarira mu binyamakuru. Mbese ntibitangaje ko isi yohereza intumwa ku kwezi, itabasha kugaburira abayituyeho ? Yesu yari azi ko inzara izabaho, kandi kwikunda kwa kamere muntu kuzarushaho **kuba kubi**.

Ariko se bite ku bishitsi ? Dukurikije, imimuriko yatanzwe mu mwaka w'1999 myaka ijana yose ya kalendari y'Ubukristo, ibishitsi bikomeye byarushagaho kwiyongera: Mu kijana cya 18 habaye ibishitsi 6 bikomeye. Mu ijana rya 19 ibishitsi 7 bikomeye. Mu ijana rya 20 habaye ibishitsi 100 bikomeye. None birakomeza kwiyongera uko dukomeza kwegereza imperuka.



Iyi mibare iremeza ubuhanuzi bwa Yesu. Inzara n'ibishitsi bigeze ku rwego ruhanitse, "Ubwami bw'lmana buri hafi". Mbese ikinyejana cyacu cya 21 kizarushaho kubamo ibishitsi byinshi bikomeye cyangwa kuza kw'Umwami w'Abami?

IKIMENYETSO CYA 3: KURUNDANYA UBUTUNZI.

Ubu ku isi ubukire buri mu maboko ya bakeya cyane, batindi n'abatindi nyakujya bakaba benshi cyane, ibyo bisobanuye iki?

**"Mwabitse ubutunzi bwanyu mu minsi y'imperuka"--
Santiago 5:3.**

Duhereye ku bukire bw'imbere mu gihugu, abakire bararushaho kwirundanyaho ubukire, abakene nabo bakarushaho gukomeza gukena. Ubwiyongere bwa za miliyoni nyinshi z'amadolari ni ikindi kimenyetso cyerekana ko kugaruka kw'Umwami wacu kuri hafi, (umurongo wa 8).



IKIMENYETSO CYA 4: GUHAGARIKA IMITIMA.

Ni mpamvu ki, kutanyurwa no guhagarika imitima bibyutsa impagarara mu bakozi?

"Dore, ibihembo by'abasarazi basaruye imirima yanyu,ibyo mwabimishije uburiganya, birataka; kandi umuborogo w'abo basarazi winjiye mu matwi y'Uwiteka Nyiringabo. Mube ari ko namwe mwihangana, mwikomeze imitima, kuko kuza k'Umwami Yesu kubegereye." Yakobo 5:4,8.

Yakobo amaze kuvuga iby'ubusumbane bwo kurundanya ubutunzi mu minsi yacu, Yakobo yeretswe imiyivumbagatanyo yabyutse bitewe no kutanyurwa kw'abakozi. Intambara zikomeza kuvuka hagati y'abakire n'abatindi nyakujya na cyo ni ikindi kimenyetso cyerekana ko kuza k'Umwami kwegereje.

GENZURA

DISCOVER
online

IKIMENYETSO CYA 5: KONONEKARA KW'IBITEKEREZO

Ni kuki intekerezo z'abantu zisa n'izononekaye ?

"Ariko umenye yuko mu minsi y'imperuka, hazaza ibihe birushya; kuko abantu bazaba bikunda,bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera,badakunda n'ababo,batuzura,babeshyerana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza, bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana,bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako.Kandi abantu babi n'abiyita uko batari, bazarushaho kuba babi, bayobya bakayobywa". 2 Tim.3:1-5,13.



Mbese hari undi watekereza ubundi buryo yavuga iby'isi yacu? Ni utunga kamera yawe mu ruhande rwose muri iyi minsi, uzafata amafoto y'abirata ubutunzi. Uzafata ibyorezo by'abana biteye ubwoba kandi bahahamutse.Uzafata abasore batagira ingano batagishobora kwitegeka,bahinduka ibyihare bakiri bato, abicanyi,n'abacitse zimwe mu ngingo zabo. Ibi byose ubiteranirije mu mashini yawe ifata amafoto, ni amajwi aranguruye, atangaza ko kugaruka kwa Yesu kwegereje.

IKIMENYETSO CYA 6:KUMENA AMABANGA

Kuki tubona amabanga y'ibinyoma asandara ahantu hose?

"Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza,kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka" Mat.24:24.

Uyu murongo urerekana ko igihe giheruka kizabonekamo ibitangaza n'ibimenyetso by'uburyo bwose,imbaraga zidasanzwe ziziyerekana. Abarozi n'abapfumu bongorerana n'abazimu bazaduka mu isi. Abamaji barakwiriye hose, bagenda bagurisha izo mpano zabo,bagafatanya n'abadayimoni bavuye mu bantu. Ibimenyetso n'ibitangaza biracuruzwa. Kandi byose biraduka nkuko Yesu yabihanuye,igihe turimo ni icyo kugaruka kw'umwana w'umuntu (umurongo wa 27).

IKIMENYETSO CYA 7: ISI IKANGUTSE

Gukanguka mu bitekerezo kw'ibihugu by'Afrika y'iburasirazuba bwo hagati,Ubulayi bw'iburasirazuba,n'ibihugu by'ibuvazuba bwa kure,bisobanura iki?

"Abanyamahanga nibaharuruke;... Muzane imihoro kuko ibisarurwa byeze: erega ibibi byabo ni byinshi.Dore inteko, inteko nyinshi ziri mu gikombe cyo guciramo imanza! Kuko umunsi w'Uwiteka wo guciramo iteka mu gikombe cy'imanza uri hafi." Yoweli 3:12-14.

Muri iyi minsi, ibihugu byo muri Asiya no muri Afrika,mu Bulaya bw'iburasirazuba, mu cyahoze ari Repubulika Zunze ubumwe z'Abasovieti n'iby'iburasirazuba bwo hagati,turahamya yuko ighugu cyose cyakangukiye gukwira hose mu bintu byose dukurikije amateka yabyo twabonye ko "umunsi w'Uwiteka uri hafi."



IKIMENYETSO CYA 8: INAMA Z'AMAHORO N'IMYITEGURO Y'INTAMBARA

Turi mu isi iyoberanye.Umuntu wese yemera ko icya mbere ari amahoro.Turayaganira, ariko ibikorwa bikaba ubwicanyi. Mu binyejana byinshi bishize,isi yitabiraga imirwano. Abahanuzi Mika na Yoweli bahanuye ko muri icyo gihe rwose amahanga azavuga ko bifuza kugira amahoro (Mika 4: 1-3),ku rundi ruhande bagakangurira abantu kwitegura intambara (Yoweli 3:9-13).

GENZURA

Mu bihe bya kera Bibiliya yerekanye igihe cyacu cy'amahoro yifubitse intambara, kandi itangaza yuko amahoro nyamahoro azaba ku isi ubwo Yesu azaba agarutse.

IKIMENYETSO CYA 9: AMAJYAMBERE MURI IKI GIHE

Kuki hashize imyaka amagana mu mateka y'abantu imigenderanire no gutumanaho bikaba bihuriye isi yose hamwe?

"Kugeza igihe cy'imperuka;benshi bazajarajarira hirya no hino; kandi ubwenge buzagwira"
Daniyeli 12:4.

Daniyeli yahanuye yuko ubwenge buzagwira "kugeza mu gihe cy'imperuka". Ariko ubu buhanuzi burerekana bukomeje igihe cy'amakuru atangwa mu byuma kabuhariwe (Computers). Ubwenge bw'uburyo bwose bwagwiriye mu buryo bwhuse cyane mu myaka mike ishize. Mu myaka 50 hahindutse byinshi kuruta mu myaka 2000 ya mbere. BENSHI BAZAJARAJARIRA HIRYA NO HINO bashaka ko ubwenge bugwira.Mbere y'Umwaka w'1850, abantu bagenderaga ku ndagobe no ku magare mato biruseho gato amajyambere yo mu ntango z'igihe. None ubu,turahuranya iyi si n'indege ya Concorde mu mwanya muto gusa.

Ingendo ziriyongera, ubuvumbuzi butagira ingano bwerekana ko turi mu igihe giheruka.

IKIMENYETSO CYA 10: KWAMAMAZA UBUTUMWA KU ISI YOSE

Yesu yahanuye yuko mbere ho gato yo kugaruka kwe, ubutumwa buzabanza gutangazwa ku isi yose:

"Kandi ubu butumwa bwiza bw'Ubwami, buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose;nibwo imperuka izaherako ize" Matayo 24:14.



Nko mu myaka mirongo ishize, hafi ya kimwe cya kabiri cy'isi yose, inzugi z'ibyuma zari zifungiwe ubutumwa bwiza. Ariko kandi na none bensti mu Bulaya bw'iburasirazuba basohokaga muri za nzugi z'ibyuma z'ubukomonisiti. Urukuta rwagabanyaga Umudugudu wa Berlini rwari rumaze gusenywa, maze ubutegetsi bw'imbaraga bw'Ubukomonisiti burahanguka.Uwo mwanya kimwe cya kabiri cy'isi, bakingurira ubutumwa bwiza.

Mu kuri ubutumwa bumaze kugera ku "isi yose" nk'uko Yesu yabivuze, uko bitigeze kubaho mbere hose. Ubutumwa bwa Kristo, butangwa ku byogajuru bwumvikanira mu birere by'amahanga yose.

Turi mu gihe rwose Yesu yatangaje ubwo yavugaga ati "Kandi ubu butumwa bwiza bw'Ubwami buzigishwa mu isi yose, maze imperuka ihereko ize"

2.NI BURYO KI YESU AZAGARUKA VUBA?

Yesu amaze kugaragaza ibizabanziriza kuza kwe kwa kabiri, yashojeje agira at

"Ndababwira ukuri yuko ab'ubu bwoko batazashiraho kugeza aho ibyo byose bizasohorera" Matayo 24:34.

Indunduro y'amagambo ya Yesu ni ingenzi cyane, ab'iki gihe bavugwa muri ibi biminyetso by'ubuhanuzi bazabona Yesu agarutse ku isi. Ntabwo bitinze akaza gutsempa icyaha n'imbabaro cyateje, maze akimika ingoma ye izahoraho iteka ryose.Yesu aratuburira ati "Ntawe uzi umunsi cyangwa igihe



GENZURA

(umurongo wa 36). Yesu arongera ati "Nuko namwe mwitegure, kuko igihe mudatekereza, aricyo Umwana w'umuntu azaziramo" Matayo 24:44.

3. YESU GUSA, IBYIRINGIRO BY'IYI SI

Yesu niwe byiringiro biheruka by'isi yacu, kuko ari we wenyine ushabora gutsembaho icyayibujije amahoro ari cyo cyaha. Yagombye gupfira i Kaluvari ku Musaraba kugira ngo abone uko atsinda icyaha n'ibibi byose bihagaritse abantu imitima ngo abone uko arokora umunyabyaha wese wakira impano y'agakiza.

"Ukora ibyaha ni uwa Satani, kuko uhoreye mbere ne mbere Satani akora ibyaha. Iby'Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi, ni ukugira ngo amareho imirimio ya Satani" 1 Yoh. 3:8.



Umukiza wacu yaharuye inzira yasibamye inyura mu isi yahindutse amatongo, nuko yitambaho igitambo cy'umubiri n'amaraso bye bwite. Uwo Yesu, umunsi umwe niwe uzakiza indwara zose ziri ku isi atsembyeho icyaha, muri uyu mwanya aragusaba ngo umwemerere ahanagure icyaha mu bugingo bwawe. Nturiindire ko agaruka ngo ubone gukurwaho ibyaha byawe, ingeso zawe n'inyifato yawe ya kirimbuzi. Yesu aragutegereje ngo aguhe amahoro muri uyu mwanya.

Umuore umwe yaje mu materaniro yo kubwiriza ubutumwa yumvise akozwe ku mutima n'ubutumwa bw'ubo munsi. Ubwo yumvise igitekerezo cy'uko Yesu agiye kugaruka vuba, maze ibintu byose bigasubira uko byahoze. Ibyo byatumye atekereza. Amasha yuko ibyo yiringiraga, urukundo, umunezero n'amahoro bikomoka mu mafuti. Yesu yamubereye igisubiz

Bukeye Umubwiriza butumwa ajyana n'abafasha be kumusura, abarondorera ibibi yakoze byose mu mibereho ye mibi.

Yahoraga yigaragura mu byondo yanyoye ibiyobyabwenge, kandi yari abeshejweho n'uko yari indaya. Amaze kubatekerereza ingorane ze zose, abishingukamo, ati "amagambo mwambwiye nimugoroba, yari ay'ukuri."

Ariko ijwi ry'Imana niryo ryari ryakoze ku mutima we. Kandi yavuganaga ijwi ry'amahoro. Yemeye kwitandukanya n'ibyo byose, ararikira Yesu kwinjira mu mutima we, nk'Umwami n'Umucunguzi we, yuzurwa n'ibyiringiro byo kugaruka vuba k'Umukiza we.

Mu byumweru byakurikiyeho, yabonye ko ubwoba bwinshi n'amahoro make yagiraga, byaterwaga no kwibwira ko yabigabanirizwa n'ibiyobyabwenge. Nuko yiyumvamo amahoro asesuye kuko yamaraga igihe kinini yiganirira na Yesu. Atangira gutandukana n'ibyamubuzaga amahoro mu bugingo bwe. Yakoraga n'ibindi bibi byinshi nawe ubwe atishimiraga.

Ariko ubuntu bwa Kristo bwamuteye imbaraga kuruta isoni yikozaga. Igitekerezo cy'igisambo cyo ku Musaraba, yacyigiyeho byinshi. Mu minsi yacyo iheruka, ku isaha y'umubabaro, ahindukirira Umuziranenge wari iruhande rwe aramusaba ati "Mwami Yesu uzanyibuke, ubwo uzazira mu bwami bwawe" (Luka 23: 42).

Uwo mwanya Yesu ahita asubirisha icyo gisambo isezerano, ryo kubana na we muri Paradiso (umurongo wa 43).

Uwo Yesu wababariye igisambo cyasambiraga ku musaraba, aragushaka ngo akwihere agakiza, akubabarire buheruka, kandi aguhe amahoro yo mu mutima. Yigenzurire wowe ubwawe uyu munsi.

GENZURA

DISCOVER
online

Nawe ubwawe wabasha gusenga nka cya gisambo cyasambaga kivuga kit "Yesu uzanyibuke igihe uzazira mu Bwami bwawe". Kandi azagusubiza ati "Nzagaruka, kandi uzabana nanje muri Paradiso."

IMBARAGA IHISHWE MU BUGINGO BWANJYE

Mu mwaka w'1929 Frank Morris yinjiye mu bwato bwajyaga i Switzerland. Yari yaragambiriye ko umunsi umwe azakora urwo rugendo. Ariko mu mateka yarwo rwamucishije bugufi. Umurinzi yari yishingiye kumurinda maze bwira akamufungira mu kumba. Yamara gusamura Frank agakomeza gutapfuna, ariko aba umupfu ubwo yemeraga gushyirwa mu gatete nk'akanyamaswa kabunze. Hanyuma Umurinzi yicaza Frank ku ntebe icumba umwotsi. Igihe cyose yabonaga umugenzi w'umugwaneza umurarikira kugira aho bajyana, umurinzi yaramwangiraga, akavuga yuko, adashaka ko amuva iruhande.



Frank yari akuze, afite ibitekerezo n'ubushake bisanzwe by'abantu bakuru. Ariko kandi yari impumyi. Umurinzi abona yuko akwiriye kwizizira akiyobora. Frank yafatwaga nk'igipfunyika cyangwa indi mitwaro batekera aho bashatse.

Ariko ageze i Switzerland imibereho ye ihinduka mu buryo butangaje. Ahamenyera ko hari imbwa zigishwijwe kuyobora impumyi; zari zigaruye umushumba witwaga Buddy wari ugarutse muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Frank atangira gahunda y'isi yose "Kurinda Ijisho". Noneho igihe yari kumwe na Buddy bagenda ku runana, Frank yashoboraga kujya aho ariho hose n'igihe icyo ari cyo cyose nta we bajyanye. Yiyumvamo umudendezo.

Ubwo baganiraga n'itsinda ry'abanyamakuru muri bus mu muhanda wa New York, Buddy yayoboraga Shebuja mu buhangga bava mu muhanda umwe bajya mu wundi, mu gihe imodoka zabaga zimaze guhita. Kuko rero yiringiraga Buddy, Frank nawe yambukiranya imihanda bimworoheye. Abanyamakuru babonaga ko bagize ibihe bibaruhiye. Ndetse umwe yagombye gufata taxi kugira ngo abone uko ava mu ruhande rumwe rw'umuhandha ajya ku rundi.

Ku mpapuro nkeya zikurikira turiga umurimo w'Umwuka Wera Umuyobozi wifuza ko ubugingo bwacu twabushyira mu maboko ye. Umuntu wese muri twe yadindijiwe n'imibereho ya kamere muntu, ubuhumyi nk'ubwo bwo kutamenya icy'ingenzi icyo ari cyo. Twononnye imibereho yacu, dutera intambwe nk'iz'umusinzi cyangwa umusazi twigana abandi mu cyimbo cyo kwiterera izacu ntambwe. Turacyashidikanya uko twakwegurira Umwuka Wera ubugingo bwacu. Ariko icyagaragaye n'uko Umwuka Wera ategereje umuntu wese muri twe, ari iki "tuzabona uburuhukiro mu mitima yacu bitewe n'uko twiyeguriye Umwuka Wera akayobora ubugingo bwacu.

1.UHAGARARIYE KRISTO MU ISI

Ubwo Yesu yari yegereje gusubira mu ijuru, yasezeranje abigishwa be impano ikomeye:

"Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira, ari uko ngenda: kuko ni ntagenda, Umufasha atazaza aho muri: ariko ni ngenda nzamuboherereza. Uwo Mwuka w'ukuri n'aza, azabayobora mu kuri kose: kuko atazavuga kubwe, ahubwo ibyo azumva, nibyo azavuga: kandi azababwira ibyenda kubaho. Uwo azanyubahiriza kuko azenda ku byanjye akabibabwira." Yoh.16: 7, 13,14.

Mu nama y'lmana, Yesu yagombaga gusubira mu ijuru kuduagararira imbere y'intebi y'lmana, "ahagarare imbere y'lmana kubwacu" (Abaheburayo 9:24). Ubwo Umwami wacu wa bambwe aduhagarariye mu ijuru, natwe dufite Umwuka Wera ho umujyanama n'umuyobozi hano ku isi, ari mu cyimbo cya Yesu.



Yesu akiri mu isi yakoraga umurimo we nk'umuntu, ntiyashoboraga kubera hose icyarimwe. Naho Umwuka Wera ntagira urwo rubibi. Ashobora kuba Umujyanama w'umuntu ku giti cye, kandi akayobora abantu batagira umubare ahantu henshi kandi mu gihe kimwe. Kristo abona ingorane zacu binyuze ku Mwuka wera.

2. UMWUKA WERA NI NDE

Bensi muri twe bashobora kubwira Imana Data ko bakeneye uburinzi bwayo, nk'umubyeyi watureze. Kandi dushobora kwerereza Umwana Yesu, kuko yabaye muri twe nk'umuntu. Ariko biraruhije kwerekana ishusho ya Mwuka Wera cyangwa kumusobanura. Nta mutu twabona twamugereranyaho. Ariko nyamara Bibiliya itumenyesha imiterere y'ukuri y'Umwuka Wera.

Imibereho ye Yesu yagereranje Umwuka Wera n'Umwe mu bumana, hamwe n'Imana Data, n'Imana Mwana.

"Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka wera" Mat.28:19.

Umwuka Wera afite imico imuranga: Aratekereza (Abaroma 8:27); Afite ubwenge burondora byose (1 Abakorinto 2:10); Yiyumvamo urukundo (Abaroma 15:30); Kubabazwa n'uko tuguye mu cyaha (Ebafeso 4:30); Ubuhangga bwo kwigisha n'imbaraga zo kutuyobora (Nehemiya 9:20);

Yagize uruhare mu irema. Umwuka Wera yafatanije n'Imana Data n'Imana Mwana kurema isi yacu.

"Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. Maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi" Itang.1:1,2.

3. IMIRIMO Y'UMWUKA WERA



(1) Guhindura imitima y'abantu. Yesu mu kiganiro yagiranye na Nikodem, yibanze cyane ku murimo Umwuka Wera akora ahindura imitima y'abantu.

"Ni ukuri ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe n'amazi n'Umwuka atabasha kwinjira mu bwami bw'Imana" (Yoh. 3:5).

"Kubyarwa n'Umwuka" bisobanura ko Umwuka Wera adutangiza bushya. Ibyo birenze cyane guhindura inyifato twari dusanganywe. Umwuka ahindura imibereho yacu y'imbere. Ibyo bigasohoza iri sezerano "Nzabaha umutima mushya" (Ezek.36:26).

(2) Atwangisha ibibi akadukundisha ibyiza.

"Ubwo azaza, azatsinda ab'isi, abemeze iby'ibyaha n'ibyo gukiranuka" (Yoh.16:8).

Igihe wumva igitekerezo giteye ubwuzu cy'umuntu wigobotoye imbereho y'ibyaha agahindukirira Imana agahinduka umugenwa Kristo wizerwa, uhora atera intambwe agana ku kwera biba ari ingaruka y'umurimo w'Umwuka Wera.

(3) Aratuyobora mu mibereho yacu ya gikristo. Kristo avuganira natwe mu "ijwi ryoroheje" binyuze mu Mwuka Wera. Kandi nimujya kunyura iburyo cyangwa ibumoso, amatwi yowe azajya yumva ijambo riguturutse inyuma rivuga riti

"Iyi niyo nzira mube ari yo mukomeza" Yes.30:21.

Mu makuru anyura mu byo gajuru, televiziyo zihora zituzanira amashusho n'imibiru biturutse muri kontinenti za kure mu cyumba tubamo. Imirimo y'Umwuka Wera ijya kumera nka icyogajuru cy'Imana

GENZURA

atuzanira ishusho ya Kristo hano ku isi, ivuye mu ijuru ikadusabanya na we iyo tumukeneye cyane (Yoh.14:15- 20).

(4) Kudufasha gusenga

"Kuko tutazi uko dukwiriye gusenga, Umwuka Wera ubwe niwe udusabira,aniha iminiho itavugwa nk'uko Imana ishaka"(Rom. 8:26,27).

Igihe duhirimbana ushaka amagambo Umwuka asenga mu cyimbo cyacu.Igihe ducogoye dushobora kuganyira Imana,Umwuka atunganya ayo maganya yacu atabaza Imana n'integre nke,akayahindura amashengesho avuganywe imbaraga imbere y'intebe y'ubuntu y'Imana, aho Yesu akorera ubu ngubu.

(5) Akomeza ingeso z'ubukristo n'imico yabwo.

Umwuka Wera ahindura ingumba mu by'Umwuka zikaba nk'igiti cyera imbuto z'amoko yose.

"Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo, n'amahoro, no kwihangana, no kugira neza, n'ingeso nziza,no gukiranuka, no kugwa neza, no kwirinda." Gal.5:22,23.

Kwera imbuto z'Umwuka byerekana ko turi mu muzabibu w'ukuri, Yesu (Yoh.15:5). Na n'ubu Yesu ashobora kuba mu buggingo bwacu binyuze mu mbaraga y'Umwuka Wera.

(6) Adutegurira guhamya Kristo.

Yesu yarasezeranye ati:
"Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera n'abamanukira,kandi muzaba abagabo bo ku mpamya..... ndetse no ku mpera z'isi" Ibyak.1:8.

Abumva babishaka bose, Umwuka Wera ashobora kubahindura abahamyN.Kushobora kuba tutabona ibisubizo byose, ariko Umwuka Wera akaduha amagambo akora ku mitima no ku bwenge.Mbere y'Umuni wa Pentekote intumwa zari zifite ingorane,ariko aho Umwuka Wera amariye kubamanukira bahamije Kristo bafite imbaraga zikomeye, "bubika igihugu cyose" (Ibyak.17:6).

4. IMPANO Z'UMWUKA

Ibyanditswe byera bitandukanya impano y'Imana itangwa n'Umwuka Wera igahabwa uwizera wese kugira ngo atsinde mu buzima bwe bwa gikristo, n'impano zitari zimwe z'Umwuka Wera zihabwa abizera kugira ngo bakorere Imana mu nzira zitandukanye.

"Amaze kuzamuka mu ijuru,Ajyana iminyago myinshi, Aha abantu impano.Nuko aha bamwe kuba intumwa ze,n'abandi kuba abahanuzi;n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n'abandi kuba abungeri n'abigisha, kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo." Ef.4: 8,11-12.



Umukristo wese ntahabwa izo mpano zose, bamwe bashobora guhabwa impano nyinshi kurusha abandi;Umwuka "agabira umuntu wese nk'uko ashaka"(1 Kor.12:11).Umwuka aha umwizera wese impano akurikije umurimo yagenewe gukora mu nama y'agakiza. Imana izi igihe n'ahantu izo mpano zatangirwa kugira ngo zifasha abantu n'itorero ryayo.

Urundi rutonde rw'impano z'Umwuka ruboneka mu 1 Kor.12:8-10 rugizwe n'ubwenge, ubumenyi, kwizera, gukiza indwara, guhanura,kuvuga indimi nyinshi, no gusobanura indimi nyinshi. Intumwa Pawulo atubwira ko dukwiriye gushaka impano iruta izindi. Ariko mwifuze cyane impano ziruta izindi.

GENZURA

DISCOVER
online

"Nyamara dore ndabereka inzira irushaho kuba nziza" (1 Kor. 12:31). Igice cy'urukundo (1 Kor.13) gikurikira uwo murongo kivuga yuko "inzira irushaho kuba nziza ari ukugira urukundo". Kandi urukundo ni imbuto y'Umwuka (Gal.5:22).

Icyo dukwiriye gukora twese ni ugushaka imbuto y'Umwuka maze tukemerera Umwuka akadukwizamo impano ze nk'uko ashaka (1 Kor.12:11).

5. KWUZURA UMWUKA KU MUNSI WA PENTIKOTE



Ku munsi wa Pentikote, Umwuka Wera yasutswe ku rwego rw'imbaraga zidafite urubibi, asohoza isezerano rya Yesu.

"Icyakora muzahabwa imbaraga, Umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamy, i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi" Ibyak.1:8.

Ku munsi wa Pentikote Umwuka wera yabashishije intumwa kwamamaza ubutumwa bwiza kandi bwumvikana mu bantu bari baturutse mu mahanga yose yo munsi y'ljuru (Ibyak.2:3-6).

Bamwe mu bigishwa ba Bibiliya bagereranya gusukwa kw'Umwuka Wera no kugwa kw'имвura y'impangukano y'umuhindo wo muri Palestina (Yoweli 2:23). Umwuka wasutswe ku munsi wa Pentikote, wari umeze nk'имвura yagwaga bwa mbere, iyo imvura y'umuhindo yahinduraga yamezaga imbuto. Ubwo rero hakaba harimo ibyokurya by'Umwuka bitunga abakristo bo mu itorero mu gihe cyose bakiri bato mu by'Umwuka.

6. IMVURA Y'ITUMBA Y'UMWUKA

Ubuhanuzi bwa Bibiliya butubwira ko hari umunsi uzaza, ubwo Umwuka w'Imana azasukwa ku itorero nk'имвura y'umurindi, abizera b'itorero bagahabwa imbaraga zo guhamya Yesu (Yoweli 2:28,29). Mu binyejana byinshi byashize, igitekerezo cy'inama y'agakiza cyamamajwe mu migabane myinshi y'isi.Ubu ni igihe cy'имвura iheruka yo gukuza imbuto ngo zitegurirwe gusarurwa.

Mu gihe ibintu bigenda bihinduka mbere yuko Kristo agaruka,Imana izategura umwizera wese w'ukuri mu itorero kujya mu ijuru akoresheje gusukwa gukomeye kw'Umwuka wayo. Mbese hari ubwo wigeze wakira imbaraga yatanzwe n'имвura y'umuhindo itegurira itorero kwakira imvura y'itumba? Mbese mu mibereho yawe wumva wuzuye Umwuka? Mbese waba waremereye Umwuka Wera akakubashisha kwemera gukoreshwa n'Imana gutangulariza abandi urukundo rwe no kugaruka kwa Kristo kugeze hafi?

7. IBISABWA KUGIRA NGO DUHABWE UMWUKA WERA

Ku munsi wa Pentikote Umwuka Wera yamanukiye abumvise ubutumwa bagatera hejuru bati "Bagabo bene Data tugire dute?" (Ibyak.2:37).

Petero arabasubiza ati "Nimwihere,umuntu wese mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu,kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera" Ibyak. 2:38.

Kwihana ni ugutera icyaha umugongo mu bugingo bwawe, ugahindukirira Kristo nicyo cya ngombwa cya mbere cyo guhabwa impano y'Umwuka. Kugira ngo dusukweho Umwuka Wera, icya mbere dukwiriye kubanza kwihana, ubugingo bwacu



tukabwegurira Kristo. Na none Yesu yongeye gusobanura ko, kumukurikira ukamukunda ari kimwe mu byahesha umuntu impano y'Umwuka Wera (Yohana 14:15 - 17).

8. KWUZURA UMWUKA

Yesu mbere yuko azamuka mu ijuru, Yesu yigishije abigishwa be:

Nuko abateraniriza hamwe abategeka kutava i Yerusalem ati "Ahubwo murindire ibyo Data yasezeranje,ibyo nababwiye; kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzabatirishwa Umwuka Wera." Ibyak.1:4,5.

Hose mu ibyanditswe Byera byerekana ko umukristo, akwiriye kuzuza uzuye Umwuka Wera. (Ibyak.2:4;4:8,31; 6:3,5;7:55;917 ;13:9,52;19:6). Umwuka Wera ahindura ubugingo bwe akabwuzura, agahinduka umukristo wuzuye kandi uzira inenge kuko ubugingo bw'umukristo wuzuye Umwuka Wera, bumugeza ku rugero rushyitse.

Naho ibyo gusobanuro iby'ubugingo bw'umukristo wuzuye Umwuka Wera, Pawulo yasabiye umwizera wese:

"Ndayisaba ngo, ikurikije ubwinshi bw'umutungo w'ikuzo ryayo,ibahe ububasha, mukomezwe imitima, mubikesha Mwuka wayo, kugira ngo Kristo ature mu muntu wese, bitewe n'uko mwizera. Nuko rero Imana ibasha gukora ibirenze kure ibyo twasaba, ndetse n'ibyo twakwibwira byose ibigirishije ububasha bwayo bukorera muri twe." Ef. 3:16,17,20.

Nk'uko Frank Morris n'imbwa ye Buddy, yamubereye umuyobozi wizerwa, natwe ubwo dufite Umwuka Wera uyobora imitima yacu, dushobora gukora ibiruse ibyo twakoraga mbere. Iyo tumaze kugira ubushake bushya, ubushobozi bushya bitubashisha gukomeza guhinduka abizerwa mu cyimbo cyo guhugiranira mu ngorane z'ubu buzima.



Kwuzura Umwuka bihora bivugurura imibereho yacu uko bukeye, binyuze ku gusenga no kwiga Ijambo ry'Imana. Amasengesho atugira umwe na Kristo, kwiga Ijambo ry'Imana bikadutera gusobanukirwa n'inama zayo. Ibyo byose bisenya urusika rwabaga hagati yacu na Kristo rwimira impano y'Umwuka ifite agaciyo gakomeye. Uko niko gukura, ingeso zose mbi tukazisimbuza inyifato nziza n'imico itagira amakemwa.

Mu Baroma 8, haduha ubusobanuro bw'ubugingo bwuzuye Umwuka. Shaka igihe cyo kujya usoma icyo gice, umenye ibihe Pawulo yagiye yerekana uko "Umwuka" ari imbaraga mu buggingo bw'umukristo.

Mbese waba warigeze kugira imibereho itangaje yo kuzura Umwuka Wera ? Hari ubwo ujya wumva yuko Umwuka Wera ari mu buggingo bwawe ? Mbese waba warigeze kwiyumvamo imbaraga itanga ubugingo ? Kingurira umutima wawe imbaraga ikomeye ibumbatiye isi yose.

UMUKIZA UHORAH



Ubwo agahungu ko muri Scotland kitwaga Petero kari hafi kuzimira mu mwijima n'ijoro, Imana yamuhamagaye mu izina rye "Petero." Yongeye kumva ijwi ryo mu ijuru rimuhagaye mu izina, Petero ahagarara mu nzira, arebye hepfo, asanga yari ashigaje intambwe imwe gusa ngo yirohe mu rwobo bacukuragamo amabuye y'ishwagara.

Mbese ntibyaba ari igitangaza tubaye twumvira ijwi ry'Imana rihora riduhamagara mu mazina yacu? Mbese ntibyadutera ibyishimo byinshi duhora tugendana n'Imana tukagirana nayo ibiganiro birambuye ku byerekeranye n'urugamba turimo n'ibyo turutekerezaho?

1. GUSANGA YESU NTA NKOMYI

Twaba tubyizera cyangwa tutabyizera, dushobora kwegera Yesu, tugashyikirana nawe mu biganiro kuruta uko twaganira na we abaye ari hano nk'umuntu ugaragara. Koko kubana na we hano mu mudugudu wacu ameze nk'umuntu byaba ari igitangaza, ariko mwibaze gato imbaga y'abantu baba babyiganira kumubona gusa. Mutekereze ibibazo yahuraga na byo akiri hano ku isi. Dushatse umwanya muto wo kuganira nawe mu biganiro by'ubu bugingo twaba dukoze neza.

Kristo yifuza igihe cyo kugaragaza isano afitanye na muntu wese muri twe. Iyo niyo mpamvu yatumye ava muri iyi si ngo ajye gukora umurimo w'umwihariko mu ijuru, umubashisha gushyikirana n'umuntu wese muri twe umwe umwe umunsi wose. Kuko muri iki gihe, kubwo Umwuka Wera, Yesu ataguma ahantu hamwe nk'uko yari ameze muri iyi si akiri mu mubiri. Ubu Yesu ari hafi yacu noneho, kuyobora umuntu wese umushaka. Ni irihe sezerano ry'humure Yesu yasezeranye mbere yuko ajya mu ijuru? Ati

"Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mpera y'isi" Matayo 28: 20.

Ni murimo ki Yesu akora mu ijuru utuma ashobora "kubana nawe ibihe byose"?

"Nuko ubwo dufite Umutambyi Mukuru ukomeye, wagiye mu ijuru, niwe Yesu Umwana w'Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero twegere intebey'ubuntu tudatinya, kugira ango tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye" Heb.4:14 -16.

Menya ko dufite ubwishingizi bwo kugira Yesu uduhagarariye mu ijuru. "Yageragejwe uburyo bwose nka twe" "Azi intege nke zacu" "Adufasha mu byo dukenera byose"

Kuko dufite Yesu ho Umutambyi Mukuru ntabwo turi kure y'ijuru; Kristo atuvugira ku Mana. Ntibidutangze "twegeza intebey'ubuntu tudatinya"

Mu ijuru Yesu ari mu mwanya ki?

"Ariko wa wundi amaze gutamba igitambo kimwe cy'iteka cy'ibaya, yicara iburyo bw'Imana" Heb.10:12.

Yesu Umukiza uhoraho, utuzi twese, niwe uduhagarariye ku ntebe y'ubuntu, "iburyo bw'Imana." Kubaho kwa Yesu kwamuteguye gute guhinduka Umutambyi wacu?

"Nicyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe Umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'lmana, abe n'impongano y'ibaha by'abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose." Heb 2:17,18.

Mukuru wacu wafatanije natwe kamere muntu, wageragejwe nka twe, ubu niwe Mutambyi wacu mukuru wicaye iburyo bw'lmana. Uwabayeho nka twe, azi ibitubaho byose. Yarashonje, yagize inyota, yarageragejwe kandi yarasenze rasubizwa. Hari igihe yiyumvise ko yatereranywe, ari ntawe umwitayeho.

Nyamara ibyo byose nibyo byabashishije Yesu kuba Umutambyi Mukuru, kuko yapfiriye kudukiza ibaha. Yarapfuye kugira ngo impongano y'ibaha byacu, apfa mu cyimbo cyacu. Ubu nibwo butumwa, ubutumwa bwiza ku bantu bose, aho bari hose bwo mu bihe byose.

Umwe mu bayobozi b'amashuri yacu ya Bibiliya yatugejejeho iki gitekerezo.

"Ubwo umukobwa wacu muto yari amaze imyaka itatu y'ubukuru, yasesetse urutoke mu ntebe, maze igufwa rirajanjanurika. Ubwo twari tumugejeje kwa Muganga, induru yavuzaga kubwo uburibwe yari afite, mu kuri byaratubabaje. Uwo mubabaro ku buryo bwhariye wageze mu mutima w'umukobwa wacu wundi w'imyaka itanu y'ubukuru. Sinzibagirwa amagambo ye, ubwo Umuganga yabagaga murumuna we, ataka atabaza ababyeyi n'abavandimwe. Yavuganaga ikiniga n'agahinda agira ati "Ayii! Data, Iyaba ruriya rutoke ruriya rutoki rwacitse rwari urwanjye"!

Ubwo abantu bose bari bamaze guhinduka abanyabyaha, bagacirwaho iteka ryo gupfa buheriheri, Yesu yaravuze ati Ayii! Data "iyaba jye". Nuko Imana yubahiriza icyifuzo cya Yesu iramatanga apfira ku Musaraba. Umukiza yababajwe uburyo bwose nka twe, ndetse agira n'akarusho.

2. UBUTUMWA MU ISEZERANO RYA KERA



Ubwo Abisirayeli bari bakambitse munsi y'umusozi wa Sinayi, Imana yabwiye Mose kurema Ubuturo bugendanwa bwo kujya bayisengeramo, akurikije icyitegererezo yamwerekeye ku musozi. (Kuva 25:40). Hashize imyaka 500 urusenegero runini rwa Salomo rusimbura ubuturo bwagendanwaga. Kandi urwo rusengero rwubatswe ari rwiza cyane kandi igishushanyo cyarwo ari kimwe n'icy'urwo mu butayu rwagendanwaga.

Ubwo Imana yahaga Mose icyitegererezo cyo kurema Ubuturo, umugambi wayo ukomeye wari uwuhe?

"Kandi bandemere Ubuturo bwera, nture hagati muri bo" (Kuva 25:8)

Icyaha cyatandukanije abantu n'Umuremyi wabo. Ubuturo bwari inzira Imana yakoresheje ngo yongere kujya ibana na twe. Ubuturo cyangwa hanyuma Ursengero rwahindutse isangano ry' Imana n'abantu n'isangano ry'amasengesho mu Isezerano rya Kera. Mu bitondo byose n'imigoroba abantu bahoraga bateranira ahakikije urwo Rusengero baje gusenga (Luka 1:9,10), bishyuza Imana isezerano ryayo ngo "Nzaba ndi hagati yanyu" Kuva 30:6).

Isezerano rya Kera ryigisha ubutumwa bw'agakiza kimwe n'Isezerano rishya. Yombi yerekana ishusho ya Yesu apfira ibaha byacu, akerekana n'umurimo we ari Umutambyi mukuru mu buturo bwo mu ijuru.

3. UMURIMO YESU ADUKORERA UGARAGARIRA MU BUTURO BWERA BWO MU IJURU.

GENZURA

Ubuturo bwo mu isi n'imrimo yabukorerwagamo, byerekana icyo Yesu akora ubu mu Rusengero rwo mu ijuru, n'icyo akora ubu ku isi, gufasha umuntu wese muri twe, kumuyobora mu buzima bwacu iminsi yose.

Kuva ubwo ubuturo bwera bwo mu isi bwubakwaga ari igishushanyo cy'Urusengero rwo mu ijuru, bwerakanaga ubuturo bwo mu ijuru aho Kristo akorera umurimo we ubu ngubu. Kuva 25 -40 hasobanura imrimo n'imihango yo mu buturo bwo mu butayu mu buryo bunonosoye. Mu magambo make ibyakorerwaga mu buturo bigaragara no mu Isezerano Rishya.



"Isezerano rya mbere naryo ryari rifite imihango y'ubutambyi, rifite n'Ahera h'iyi si;... kuko hariho ihema ribanzirizwamo, ryarimo igitereko cy'amatabaza n'ameza n'imitsima iyateretsweho imbere y'Imana rikitwa Ahera. Kandi hirya y'inyagemo ya kabiri ikinze, hariho ihema, hitwa Ahera cyane: aho hariho icyotero cyacuzwe mu izahabu n'isandugu y'isezerano yayagirijweho izahabu impande zose, irimo urwabya rw'izahabu rurimo manu, irimo na ya nkoni ya Aroni yapfunditse uburabyo na bya bisate by'amabuye, Imana yanditseho amategeko yayo icumi(Guteg. 10:1-5) Hejuru yayo hariho abakerubi b'icyubahiro batwikiriye (intebe y'imbabazi)" Heb. 9:1-5.

Ubuturo bwarimo imigabane ibiri, Ahera n'Ahera cyane. Imbere y'Ubuturo hari urugo rwubatswe neza. Mu rugo hari igicaniro cyacuzwe mu muringa, niho Umutambyi yoserezaga ibitambo hakaba n'igikarabiro bakarabiramo barangije uwo muhango.

Igitambo cyatambirwaga ku gicaniro cy'imiringa cyashushanyaga urupfu rwa Yesu ku musaraba ukuraho ibyaha by'abari mu isi (Yoh. 1:29). Iyo umunyabyaha wihannye yazanaga igitambo ku ruhimbi, avuga ibyaha bye, yarababairwaga akezwa mu maraso ya Yesu (1 Yoh.1:9).

Mu cyumba cya mbere cyangwa Ahera, ibitereko birindwi by'amatabaza byahoraga byaka, byerekana ko Yesu atagira ubwo abura "umucyo w'isi" Yoh. 8 :12). Ameza ariho imitsima yejejwe, yerekana uko atumara inzara y'umubiri n'iy'Umwuka kuko ari "umutsima w'Ubugingo" (Yoh. 6:35). Igicaniro cy'izahabu cy'umubavu cyerekana amasengesho Yesu adusabira ku Mana (Ibyah.8:3,4).



Mu cyumba cya kabiri ari cyo cyitwa Ahera cyane, hari isandugu y'isezerano. Iyo sandugu yerekana intebe y'Ubwami y'Imana, umutemeri wayo n'imikondo igenderaho, bishushanya uko Kristo Umutambyi mukuru atuvugira ku Mana mu masengesho, asengera abantu bishe amategeko y'Imana. Ibisate bibiri by'amabuye Imana yanditseho amategeko yayo cumi, yari ashayizwe munsi y'umutemeri w'imbabazi. Abakerubi batwikira intebe y'imbabazi bari bari ku mpande ku maherezo y'isandugu. Hagati y'abo bakerubi b'ubwiza hahoraga umucyo w'ubwiza werekana umucyo w'Imana ubwayo.

Hari inyegamo ikingiriza ahera ikabuza rubanda kuhabona igihe abatambyi babaga bakora umurimo wabo mu rugo. Inyegamo ya kabiri yari ikinze hagati y'Ahera n'Ahera Cyane yakingirizaga Ahera Cyane, ikabuza abatambyi binjiraga mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwera.



Ubwo Yesu yapfiraga ku Musaraba, byabaye bite ku mwenda wakingirizaga Ahera Cyane?

"Umwenda ukingiriza Ahera cyane utabukamo kabiri utangirira hejuru ugeza hasi." Mat. 27:51.

Igihe Yesu yapfaga Ahera cyane hashyizwe ku mugaragaro. Nyuma y'urupfu rwa Yesu nta nyegamo yindi igomba kuzitira umwizera w'ukuri

GENZURA

kwegera Imana yera; Yesu Umutambyi Mukuru niwe utwegereza intebe y'ubuntu bw'Imana (Heb.9:19 - 22). Dufite uburenganzira bwo kwegera intebe y'Imana mu cyumba cyo mu ijuru kuko Yesu ari we Mutambyi Mukuru kandi uri iburyo bw'Imana. Yesu atubashisha kujya imbere y'Imana nk'umwana usanga Se w'urukundo. None rero, twegere intebe y'ubuntu.

4. IBYEREKANA KRISTO APFIRA KUDUKIZA.

Nk'uko ubuturo bwera bwo mu isi bwari igishushanyo cy'Urusengero rwo mu ijuru, aho ubu Yesu akorera umurimo wo kudusabira, imirimo yakorwaga mu buturo bwera bwo ku isi yari icyitegererero cyangwa se "igicucu cy'ibiru mu ijuru" (Heb. 8:5). Ariko hari itandukaniro rikomeye. Abatambyi bakoreraga mu Rusengero rwo mu isi, ubwabo ntibashoboraga kubabarira ibyaha, ariko ku Musaraba, Yesu abonetse rimwe gusa ku mperuka y'ibihe, kugira ngo akuzeho ibyaha kwitamba" (Heb. 9:26).

Mu isezerano rya Kera, igitabo cy'Abalewi cyerekana mu buryo bunonosoye ibyakorerwaga mu buturo bwera. Imihango yahakorerwaga yari igabanijwemo imigabane ibiri: iya iminsi yose n'iyakorwaga rimwe gusa mu mwaka.(Icyigisho cya 13 kigaragaza ibyakorerwaga rimwe mu mwaka).

Mu byakorerwaga iminsi yose Umutambyi yatambiraga muntu wese igitambo azanye kandi agatambirira n'iteraniro ryose muri rusange. Uwakoraga icyaha yazanaga itungo ritagira inenge kuba igitambo cy'icyaha cye, "akarambiika ibiganza bye mu ruhanga rw'icyo gitambo gitambirwa ibyaha, maze, akakibikirira aho babikirira ibitambo byoswa (Lewi. 4:29). Ibicumuro by'umunyabyaha bikamukurwaho bigashyirwa kuri iryo tongo ritagira icyaha, hakozwe ibantu bibiri kwatura ibyaha no kurambika ibiganza mu ruhanga rwaryo. Ibyo bisobanura ko Kristo ajyana ibyaha byacu i Kaluvari, Umuziranenge ahinduka icyaha ku bwacu" (2 Kor. 5:21). Iryo tongo bazanyeho igitambo ryagombaga kwicwa, uko amaraso yaryo yaviriranaga niko yacureraga cya gihano gikomeye, Yesu yababarijwe ku Musaraba.

5. KUKI BYABAGA NGOMBWA KO HAVA AMARASO?

"Kandi amaraso atavuye ntihabaho kubabarirwa" (Heb. 9:22).

Ibyakorerwaga mu buturo bwo mu Isezerano rya Kera byerakanaga umurimo ukomeye Yesu azakora wo gukiza. Yapfiriye ibyaha byacu. "Ahubwo yahinijiwe rimwe n'amaraso ye, amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka" (umurongo wa 12). Ubwo amaraso ya Yesu yaviraga ku Musaraba ku bw'ibyaha byacu, inyegamo yo mu Rusengero i Yerusalem yatabutsemo kabiri itangiriye hejuru igeza hasi " (Mat.27:51). " Kubera igitambo cya Yesu ku Musaraba, ntitugikeneye amatungo yo gutambira ibyaha byacu.



Ubwo Yesu yasesaga amaraso ku Musaraba, yari atanze ubugingo bwe buzira amakemwa kuba incungu y'ibyaha n'amafuti yose dukora. Ubwo Data wa twese n'Umwana we bababarizwaga i Kaluvari, Imana Data yahinduye amaso ireba hirya ibabaye, maze Yesu aranogoka. Yesu wari Imana, mu mateka ye yagendaga ateguza kuko ubwe yabaga yikoreye, aremerewe n'ingaruka zose z'icyaha. Ibyo ni nabyo byagaragaje neza ububi bw'icyaha. Yashoboraga kubabarira abanyabyaha, atabanje guhinyuza ibyaha byabo. Kristo yasanishije amahoro amaraso ye yaviriye ku Musaraba." (Kol.1:20).

6.IBYEREKANA KO YESU AHORAHITEKA NGO ADUKIZE IBYAH.

Ni uwuhe murimo Yesu akora iminsi yose mu ijuru?

"Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana nawe, kuko ahoraho iteka ngo abasabire" (Heb.7:25).

GENZURA

Ubu Yesu ni muzima, ahora yerekana amaraso ye yavuye n'igitambo yatanze ku bwacu. Ubu arakorana umwete kugira ngo akize umuntu wese umuvumo w'icyaha. Abantu bamwe bagoreka ukuri bavuga ngo ubwo Yesu ari Umuvugizi wacu mu ijuru, ahora yinginga Imana ngo itubabarire ariko yo ngo ikaba itabishaka. Nyamara Imana yakiranye umunezero igitambo Umwana wayo yatanze ku bwacu. Kristo Umutambyi wacu Mukuru mu ijuru, avugira abantu yaremye.

Arakora cyane kugira ngo n'abatamwitaho, bagire undi mwanya wo kugaruka bakakira agakiza, afasha abanyabyaha bihebye akabagaruramo ibyiringiro by'inkuru nziza, no gufasha abizera kurushaho kwiga Ijambo ry'Imana, no kurushaho gushakira imbaraga mu masengesho. Yesu ahindurira ubugingo bwacu guhwana n'amategeko y'Imana no kudufasha kugira GENZURA imico izatubashisha gushikama mu gihe cy'ibigeragezo.

Yesu yatanze ubugingo bwe kugira ngo acungure umuntu wese wabayeho n'uzabaho muri iyi si. None ubu ni Umuhuza wacu, ni muzima, arasaba abantu kwizera ko yapfiriye ibyaha byabo. Yiyunze n'isi yaguye ku bw'Umusaraba we, ariko ntakiza utareméra ubuntu bwe. Ntabwo abantu bazarimbuka bazize ko ari abanyabyaha, ahubwo aro uko banze kwakira imbabazi zitangwa na Yesu.

Icyaha cyasibye inzira y'umubano mwiza Adamu na Eva bari bafitanye n'Imana ubwayo banezerewe. Ariko Yesu Umwana w'intama w'Imana yapfiriye gukiza abantu bose ibyaha byabo no kubagarurira umubano bagiranaga n'Imana. Mbese hari ubwo ujya umureba ari Umutambyi Mukuru, ubereyeho kugira ngo adukomereze umubano wacu n'Imana.

Urpfu rwa Yesu ni urupfu rw'umwihariko. Umurimo Yesu adukorera mu ijuru, ntugira uwo wagereranyaho. Yesu gusa niwe utwegereza Imana. Yesu gusa niwe ushobora gutuza Umwuka Wera mu mitima yacu. Yisize ubusa kugira ngo atuboneze. Yakorewe ibyo twari dukwiriye gukorerwa. Nimutyo tumwakire abe Umukiza n'Umwami w'ubugingo bwacu.



GENZURA

KUVA KU MUNYABYAHU UGANA KU WABABARIWE AKABA UMWERE

Nta biganza byabonetse, nta n'intwaro yigeze ivumburwa. Nta wigeze abona umwicanyi yinjira mu biro bya muganga mukuru. Ndetse nta n'uwigeze yumva amasasu avuga. Ariko basanze uwo muganga mukuru yaguye inyuma y'ameza yakoreragaho, amasasu atanu yatobaguye ishati ye. Cyari icyaha kigaragara rwose.

Polisi ikihagera ntabwo yashoboraga kumva uko byagenze. Ariko baza kubona akagozi gato kaziritsse aho muganga mukuru yashyiraga ikaramu. Ako kagozi karagendaga ka kinjira muri radiyo ifata amajwi yari mu kabati (tiroir) k'ibyo biro.

Baje kuvumbura ko mu by'ukuri iyo karamu y'igitu yari microphone (mikrofone) uwo muganga yifashishaga mu gufata ibiganiro yagiranaga n'abarwayi yagiraga inama. Ubwo abakoraga anketi baba basubije vuba inyuma kaseti, maze bakurikirana uwuzu uko kaseti yasubiragamo uko icyaha cyagene.



Umugabo witwa Antoni yari yinjiye muri ibyo biro bya muganga atangira kuvugana nabi na muganga. Amasasu aravuga kaseti irangirana no gutaka cyane kwa muganga wasambiraga ku itapi hasi. Buri gace kose gateye ubwoba kari kafashwe. Umwicanyi yibwiye ko icyaha cye cyari kuyobekana burundu. Yari yabyitondeye kugira ngo adasiga ikimenyetso.

Nyamara kaseti yavuze uko byagenze byose. Muri aka gatabo tugiye kureba ukuntu urubanza ruheruka Imana izacira abantu ari "ugucirwa urubanza hakurikjwe ibyo bakoze nkuko byanditwe mu gitabo" (Ibyahishuwe 20:12). Kubataremeye Kristo nk'Umukiza wabo, bizababera inkuru mbi. Ariko urubanza ni inkuru y'agatangaza kubabonye uburinzi bwa Kristo.

1. WAHAGARARA UTE MU RUBANZA NTA BWOMBA?

Ni nde uzacira isi urubanza?

"Kuko ari nta n'umwe Data aciraho iteka, ahubwo yabihaye umwana ngo abe ariwe uca amateka yose." Yohana 5:22.

UMUSARABA WATEGUYE KRISTO UTE KUTUBERA UMUCUNGUZI?

"Ni we Imana yeshyizeho kuba impongano amaraso ye, kugira ngo yerekane gukiranuka kwayo kwayiteye kwirengagiza ibyaha byakozwe mbere y'icyo gihe ubwo Imana yabyihanganiraga."
Abaroma 3:25



Urupfu rwa Yesu nk'incungu yacu rumuha ububasha bwo gukora nk'umucamanza w'umunyakuri kandi akaba n'udutsindishiriza w'umunyambabazi ubabarira umunyabyaha wihana. Igihe ijuru ribajije ikibazo ngo "Bishoboka bite ko urubanza rutabera ruhindura umunyabyaha ruharwa utariho icyaha?" Yesu asubirisha kwerekana inkovu zo mu biganza bye. (Yahanwe igihano gikwiye ku bw'ibyaha byacu mu maraso ye yahaboneye intsinzi ikwiye y'ibyaha byacu).

Ibitabo byo mu ijuru bibitse inyandiko z'iby'ubuzima bwa buri muntu, kandi izo nyandiko zikoreshwa mu rubanza (Ibyahishuwe 20:12). Iyo ni inkuru mbi ku bibwira ko ibyaha byabo byo mu rwiherero kimwe

GENZURA

n'ibicumuro bitazabagaruka mu mutwe. Ariko hari inkuru ishimishije ku bemeye Kristo babikuye ku mutima ngo ababere Umuvugizi mu ijuru. "Kandi amaraso ya Yesu ...atwezaho ibyaha byose." 1Yohana 1:7.

Yesu atanga kiguzi ki ku bw'ubuzima bwacu bw'ibyaha?

"Kuko atigeze kumenya icyaha, Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'lmana." 2 Abakorinto 5:21.

Ubuzima bwacu bw'ibyaha bwaguranywe ubuzima bwa Kriso butagira amakemwa. Ku bwo ubuzima bwa Kristo butagira icyaha n'urupfu rwe, Imana ishobora kutubabarira maze ikadufata nk'abatigeze bakora icyaha.

Ni iki gihindura Yesu kutubera Umuvugizi n'Umucamanza?

YESU YAJE MU GIHE GIKWIYE

Abatizwa Yesu yasizwe amavuta n'Umwuka Wera:

"Yesu amaze kubatizwa, uwo mwanya ava mu mazi: ijuru riramukingukira, abona umwuka w'lmana amanuka, asa n'inuma, amujyaho maze ijwi rivugira mu ijuru riti: Nguyu Umwana wanje nkunda nkamwishimira." Matayo 3:16-17.

Kristo amaze gusigwa n'Umwuka Wera abigishwa baravuze bat:

"Twabonye Mesiya (risobanurwa ngo: Kristo)." Yohana 1:41.

Abigishwa bari bazi ko ijambo ry'igiheburayo "MESIYA" kimwe n'ijambo ry'ikigiriki "Kristo" yombi asobanura "Uwasizwe"

Luka, Intumwa ya Yesu yanditse itariki yasizweho nka Mesiya avuga ko hari mu mwaka wa cumi na gatanu wa Tiberiysi Kayisari (Luka 3:1). Kuri twe ibyo byaba ari mu mwaka wa 27 nyuma y'ivuka rya Kristo.

Mu myaka irenga 500 mbere yuko Yesu aza Umuhanuzi Daniyeli yahanuye ko Yesu agomba gusigwa amavuta nka Mesiya mu mwaka wa 27 nyuma y'ivuka rya Kristo.



"Uhoreye igihe bazategeka kubaka Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware, hazaba ibyumweru birindwi." Daniyeli 9:25.

Ibyumweru birindwi wongeyeho ibyumweru mirongo itandatu na bibiri bihwanye n'ibyumweru mirongo itandatu n'icyenda, cyangwa se iminsi 483 (7x69=iminsi 483).

Mu mvugo nciamarenga ya gihanuzi, muri Bibiliya buri munsi ungana n'umwaka, (Ezekiyeli 4:6, Kubara 14:34). Ni ukuvuga rero ko iminsi 483 ihwanye n'imyaka 483. Daniyeli yahanuye ko hari gutangwa itegeko ryo kongera gusana no kubaka Yerusalemu, kandi ko imyaka 483 yuzuye iryo tegeko rimaze gutangwa, Mesiya yagombaga kuboneka.

Ese koko Yesu agaragaye nka Mesiya mu gihe cyari cyavuzwe? Ahasuwerusi yatanze itegeko ryo kongera kubaka Yerusalemu muri 457 Mbere y'ivuka rya Kristo. Ubwo imyaka 483 yarangiye muri 27 Nyuma y'ivuka rya Kristo (457 M.K + 27 N.K) = 484. Itegeko ryatanzwe muri 457, Kristo asigwa amavuta muri 27 nyuma y'ivuka rye. Iyo myaka yose tuyiteranyije, ni ukuvuga ko igihe cy'ukuri cyaba imyaka 483. Mu gihe cyavuzwe, muri 27 nyuma y'ivuka rya Kristo, Yesu agaragaye afite ubu butumwa ati "Igihe

GENZURA

kirageze" (Mariko 1:15). Ukuzura gushyitse k'ubu buhanuzi bwo muri Bibliya ni igihama gitangaje ko Yesu w'i Nazareti ari we Mesiya koko, Imana yigize umuntu.

Yesu yagombaga kumara igihe kingana iki ahamya ibyahanuwe?

"Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rikomeye rimara cyumweru kimwe" Daniyeli 9:27 (ahabanza).

Dukurikije ko umunsi umwe uhwanye n'umwaka, iki cyumweru cyaba imyaka irindwi. Bityo, mu gihe cy'emyaka irindwi (ni ukuvuga guhera muri 27 Nyuma y'ivuka rya Kristo kugeza muri 34 Nyuma y'ivuka rya Kristo), Kristo yagombaga "guhamya isezerano" cyangwa ibyasezeranywe, kugira ngo akize abantu ibyaha binyuze mu urupfu ry'Umuntu wagombaga gupfa ku bw'ibyaha byacu (Itangiriro 3:15).

Ni iki cyagogombaga kuba hagati muri iki cyumweru cya karindwi?

"Nikigera hagati, azabuzanya ibitambo n'amaturo." Daniyeli 9:27,(ahahera).



Yesu yabambwe muri 31 Nyuma y'ivuka rya Kristo hagati muri "icyo cyumweru". Igihe Yesu yapfaga, Imana yaciye "Umwenda ukingiriza ahera cyane h'urusengero utabukamo kabiri, utangirira hejuru ugeza hasi" (Matayo 27:51). Igitambo cyari kigiye gutambwa (gishushanya Yesu "Umwana w'intama w'l'mana") cyacitse umatambyi. Iki cyari ikimenyetso ko Imana itagishaka ko abantu bongera gutamba amatungo. Mu kuzuza ubuhanuzi nkuko bwavuzwe ijambo ku ijambo, Yesu "yakuyeho" kongera gukenera gutamba ibitambo uko ariko kose. Uhoreye igihe Yesu yapfiriye, abantu bafite uburenganzira bwo kugera ku Mana batabikesheje ibitambo cyangwa se abatambyi, ahubwo babikesheje Mesiya, Umwana w'intama w'l'mana kandi Umutambyi wacu Mukuru.

3. IGIHAMYA KO IBYAHABIBABARIWE.

Dushingiye ku buhanuzi bwa Daniyeli, ni kuki Yesu yapfuye,

"Mesiya azakurwaho, kandi ntacyo azaba asigaranye." Daniyeli 9:26

Igihe Yesu yapfiraga ku musaraba, yari "akuweho". Yarapfuye, ariko atari ku bwe, ndetse atari no kugira ngo yishyure igihano cy'ibyaha bye, ahubwo kugira ngo yishyure igihano cy'ibyaha by'abari ku isi bose.

Twamenya dute ko Imana yatubabariye ibyaha byacu byose?

"Ni ko gukiranuka kw'l'mana abizera bose baheshwa no kwizera Yesu Kristo...BOSE BAKOZE IBYAHAB..., ahubwo BATSINDISHIRIZWA N'UBUNTU BWAYO, ibibahereye ubusa, ku bwo gucungurwa muri Yesu Kristo... Ni we Imana yashyizeho kuba impongano y'UWIZERA AMARASO YE" Abaroma 3:22-25.

Ingingo z'ingenzi muri iyi mirongo ni "Twese twakoze ibyaha" ariko ku bw'UBUNTU bw'l'mana, bose "baratsindishirizwa", "Abizera" imbaraga yeza iboneka mu maraso ya Kristo. Iyo Imana iduhanaguyeho ibyaha by'igihe cyashize ntiba ikitubaraho ibicumuro. Imana itwita abakiranutsi, "ugukiranuka kuva ku Mana tugukesha kwizera Yesu Kristo."



GENZURA

Twese abananijwe n'intambara yo kurushaho kuba beza, dushingiye ku byo dukora, dushobora kubona ikiruhuko nyacyo turamutse twemeye ko Kristo atwakirana imbabazi ze. Yadusezeraniye ati "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura." (Matayo 11:28). Twese abaremerewe n'inkovu z'ibyo twakoze mu gihe cyashize kandi tukababazwa no kumva tudashyitse, ndetse dufite n'ikimwaro, dushobora kubonera amahoro no kumva dushyitse muri Kristo.

4. IGIHE URUBANZA RUGOMBA GUTANGIRIRA.

Mu gice cya munani cy'igitabo cya Daniyeli, marayika yeretse uwo muhanuzi iby'igihe kizaza. Daniyeli yabonye (1) imfizi y'intama, (2) Isekurume y'ihene (3) iyo sekurume y'ihene yari ifite ihmbe rigaragara cyane hagati y'amaso yayo, "hashamikaho agahembe gato, karakura cyane, kaba rinini" (Daniyeli 8:8-9); Ibimiyetso bishushanya (1) Abamedi n'Abaperesi, (2) Ubugiriki, na (3) Roma (Daniyeli 8:1-12;20-26).

Igicye cya kane cy'ubu buhanuzi ni ikihe? Ibyo byerekanywe by'igitambo gihoraho...bizagera ryari?

Aransubiza ati "bizamara iminsi ibihumbi bibiri na maganatatu uko bukeye bukira: nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa." Daniyeli 8:13-14.

Daniyeli yikubise hasi yubamye mbere y'uko marayika asobanura iby'ubwo buhanuzi bw'iminsi 2300. Kandi igice cya munani kirangira nta busobanuro kibutanzeho.

Ariko nyuma marayika aragaruka maze avuga aya magambo "...umenye n'ibyo weretswe: Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwave n'umurwa Wera, kugira ngo ibicumuro bicibwe n'ibaha bishire , no gukiraniwa gutangirwe impongano." Daniyeli 9:22-24.

Ni byo koko iminsi 2300 ni imyaka 2300, umunsi ukaba ungana n'umwaka (Ezekiyeli 4:6). Ibyumweru mirongo irindwi cyangwa imyaka 490 bigize igithe kinini cy'imyaka 2300. Ibihe byombi bitangira muri 457 M.K (Mbere y'ivuka rya Kritso) Igihe ubuperesi bwatangaga itegeko "ryo kongera kubaka Yerusalem." Dufashe imyaka 2300 tugakuramo imyaka 490, twasigarana 1810. Twakongera imyaka 1810 kuri 34 N.K nyuma y'ivuka rya Kritso, ubwo imyaka 490 yarangiraga, ibi bituzana mu mwaka w'i 1844 N.K.

5. UBUTURO BWO MW'IJURU BWEJEJWE - URUBANZA.

Marayika yabwiye Daniyeli ko mu 1844, mu mpera z'imyaka 2300 "ubuturo buzezwa" Daniyeli 8:14. Ariko se ibyo bivuze iki? Uhoreye mu mwaka wa 70 N.K, igihe Abaroma basenyaga urusengero rw'i Yerusalem. Abana b'lmana nta rusengero baribagifite ku isi. Ni ukuvuga ko ubuturo bugomba kwezwa, uhoreye muri 1844, ari ubuturo bwo mu ijuru, ubwo mu isi bwashushanya.



None se kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru bisobanura iki? Isirayeri ya kera y'itaga umunsi wo kweza ubuturu bwo ku isi Yom Kipuru (Yom Kippur), Umunsi w'impongano. Mu by'ukuri wari umunsi w'urubanza.

Nkuko ntabibonye mu gatabo ka 12, icyo Yesu adukorera mu buturo kirimo ibice bibiri: (1) Ibitambo bya buri munsi bijyana n'umurimo w'umutambyi mu cyumba cya kabiri, Ahera cyane (Abal. 16). (2)

Mu buturo bwo ku isi, uko abantu bihanaga ibyaha buri munsi, amaraso y'itungo ryishwe yamishwaga iruhande rw'igicaniro, nyuma akajyanwa ahera (Abalewi 4na 6) Ni uko ibyaha byihanwe byazanwaga mu buturo akabikwa aho, ibi bigakorwa nk'umuhango.

GENZURA

DISCOVER
online

Buri mwaka, ku munsi w'impongano, ubuturo bwezwaga ibyaha byose byihanwe umwaka ushize Abalewi 16. Muri uwo muhango wo kwezwa Umutambyi mukuru yatambaga igitambo kidasanzwe cy'ihene yatoranjwe. Ubwo agafata amaraso yayo akayajyana ahera cyane akayamisha imbere y'intebe y'hongero bishushyanya amaraso ya Yesu, Umucunguzi uzaza, akariha umwenda w'icyaha. Hanyuma, mu buryo bushushanya umutambyi yavanaga ibyaha byihanwe mu buturo akabishyira ku mutwe w'indi hene, yohererwaga mu butayu kugira ngo izapfireyo (Abalewi 16: 20-22).

Uyu muhango wo ku munsi w'impongano wezaga urusengero ibyaha. Abantu bawufataga nk'umunsi w'urubanza kuko abangaga kwihana ibyaha bafatwaga nk'abakiranirwa ubwo bagahita "bacibwa mu bwoko bw'lmana" (23:29).



Ibikorwa by'imigenzo byacureraga ibzaza Umutambyi mukuru yakoraga rimwe uko umwaka utashye, Yesu Umutambyi wacu mukuru yabikoze rimwe na rizima. (Abaheburayo 9:6-12). Ku munsi ukomeye w'urubanza akura mu buturo bwo mu ijuru ibyaha byicujijiwe by'abamwemeye nk'Umukiza wabo. Niba twarihanny ibyaha byacu, uwo mwanya azabihanagura burundi, abisibanganye mu gitabo. (Ibyakozwe n'Intumwa 3:19).

Uyu murimo ni akazi ko guca imanza Yesu yatangiye mu 1844, igihe isaha y'urubanza ry'lmana yageraga mu ijuru, ubutumwa bw'iyo saha y'urubanza bwatangiye kwigishwa mu isi yose (Ibyahishuwe 14:6-7).

6.KUREBA IBYO WAKOZE MU BUZIMA BWAWE MU RUBANZA.

Guhera mu 1844 Kristo nk'Umucamanza, yatangiye kugenda areba ibyanditswe kuri buri muntu wese wabayeho kugira ngo yemeze ugomba kuba mu bakijjiwe igihe Yesu azaza. Nk'umucunguzi wacu, Yesu ahanagura ibyaha byose by'abakiranutsi mu gitabo cyo mu ijuru cyanditswe mo iby'ubuzima bwabo. (Ibyakozwe n'Intumwa 3:19).



Iyo izina ryawe rigezweho mu rubanza, biroroshye kureba ibyo wakoze mu ubuzima NIBA waremeye Kristo nk'Incungu yawe. Iyo urubanza rw'abakiranutsi rurangiye, Yesu azagaruka ku isi kubaha ingororano (Ibyahishuwe 22:12,14).

Ese witeguye kugaruka kwa Yesu? Cyangwa hari icyo ukimuhishe? Ese ugorana umubano udafifitse kandi wo gukiranuka n'uwasezeranye ati:

"Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo kwizerwa kandi ikiranuka kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." 1Yohana1:9

Kwatura ibyaha mu buryo bworashye,bisobanura kwemera kureba ibyaha byacu, wemera imbabazi z'lmana, no kwemera ko dukeneye imbaraga n'ubuntu bye.

Igihe yasuraga imfungwa muri Potsdam, Umwami Ferederiko Wiliyamu wa I yateze amatwi gusaba imbabazi kwa benshi. Imfungwa zose zarahiraga zivuga ko zifunzwe kubera abacamanza bari bazifiteho ibitekerezo bibi, ko abashinja bababeshyeeye cyangwa se abababuranira batagira icyo bitaho. Uko yavaga mu cyumba ajya mu kindi ni ko yakomezaga kumva abiregura babeshya. Ariko ageze mu cyumba kimwe, imfungwa imwe ntacyo yari ifite cyo kuvuga. Frederiko aratangara maze avuga yikinira ati "Ndibwira ko nawe uri umwre."

GENZURA

DISCOVER
online

Umugabo arasubiza ati "Oya Nyagasani, ndi umunyacyaha ku buryo nkwiye rwose gukanirwa urunkwiye."

Umwami arahindukira areba abarinzi ababwira mu ijwiriranguruye ati "Nimugire vuba mukure uyu mugome aha mbere yuko yanduza iyi mbaga y'abere."

Twitegura dute urubanza? Twitegura dute kuza kwa Kristo? Gusa, twari dukwiye kwatura by'ukuri tukavuga ukuri tuti: Nkwiye rwose igihano cy'urupfu ku bw'ibyaha byanje, ariko hari uwakimpaniwe maze ampa imbabazi z'agatangaza. Iyemeze none aha ko icyaba cyose, uzakomeza isano yawe na Kristo amaso ku maso ukiranuka kandi ukiranuka mu mutima.

IBANGA RY'ISENGESHO RISUBIJWE



Anatoli Livitini, umwanditsi w'Umurusiya akaba n'umuuhanga mu by'amateka, yamaze imyaka muri Gulagi ho muri Siberiya aho kwinginga Imana kwe kwari gutuma umuntu yibwira ko kwabaye ipfabusa. Ariko yavuye aho yuzuye rwose mu by'umwuka. Yaranditse ati "Igitangaza kiruta ibindi ni isengesho." Icyo ngomba gukora gusa ni ukwerekeza intekerezo zanje ku Mana ubwo ngahita numva imbaraga ntazi aho ivuye ikinjira mu mutima wanjiye, mbese mu buzima bwanjiye bwose.

Ibyo se biterwa n'iki? Umusaza nkanjiye utagira shinge na rugero, uruhijwe n'ubuzima, nakura he iyo mbaraga ingira mushya kandi ikankiza, ikanyerere hejuru y'si? Iyo mbaraga ntituruka muri jye, kandi nta yindi mbaraga ku isi yayihangara. Muri iki gitabo muzabona uko isengesho ribasha kudufasha tukagirana n'Imana umushyikirano uhamye kandi tukagira n'ubuzima bwa gikiristo buhamye.

1. KUGANIRA N'IMANA.

Twamenya dute ko Imana itwumva iyo dusenga?

"Kandi muzanyambaza, muzagenda MUNSENGE NZABUMVIRA. Muzanshaka mumbone, ni munshakana umutima wanyu wose" Yeremiya 29:12,13

Ni ikihe gihamya Yesu yatanze ko azumva kandi agasubiza amasengesho yacu?

"Nanje ndababwira nti Musabe, muzahabwa, mushake muzabona: Mukomange ku rugi, muzakingurirwa" Luka 11:9.

Isengesho ni ikiganiro cy'abantu babiri. Ibyo ni byo Yesu adusezeranira:

""Dore mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanje, agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire". Ibyahishuwe 3:20.

Bishoboka bite kwicarana na Yesu ni mugoroba mugasangira muganira? Bwa mbere, ni ukumubwira ibiri mu mitima yacu iyo dusenga. Byongeye tugatega amatwi twitonze. Uko dusenga bucece, Imana ishobora kuvugana natwe mu buryo butaziguye. Uko dusoma ijambo ry'Imana tubishyizeho umutima, Imana izavuganira natwe mu biryanditsemo. Gusenga bishobora guhinduka akamenyero mu buzima bw'umukristo.

"Mwishime iteka ; MUSENGE UBUDASIBA; mubibaho byose muri Kristo Yesu." 1 Tes 5:16-18.

Twasenga "ubutitsa" dute? Ese tugomba kumara igihe cyose dupfukamye cyangwa se duhora dusubira mu magambo amwe yo guhesha Imana ikuzo cyangwa yo kuyambaza? Oya rwose. Ahubwo tugomba kurushaho kubana na Yesu kugeza ubwo twumva ko twaganira na we igithe icyo ari cyo cyose n'ahantu hose.



GENZURA

"Haba mu mianda yuzuye abantu, mu gihe dukora imirimo, tugomba kwambaza Imana tuyisaba ubuyobozi buvuye mw'ijuru... Tugomba guhora dufunguye inzugi z'imitima yacu tugatumbira Yesu ngo aze abane natwe ature muri twe nk'umushyitsi uturutse mu ijuru." Kugana Yesu p99 (Steps to Christ p99)

Bumwe mu buryo bwiza bwo gukuza iyo sano y'umwihariko ni ukwiga gutekereza kubyo dusenga.

"Ibyo nibwiye biyinezze: Nanje nzajya nishimira UWITEKA" Zaburi 104:34.

Ntukihutire kuvuga uhubutse urutonde rw'iby'usaba igihe usenga. Itonde kandi utekereze. Gutekereza usenga bishobora gukuza mu buryo bw'agatangaza umushyikirano ugirana n'Imana.

"Mwegere Imana nayo izabegera." Yakobo 4:8.

Uko turushaho kwegera Yesu niko turushaho kumenya ko ari kumwe na twe. Nuko rero komeza kuvugana na Yesu, ntuhangayikishwe n'uko ugomba kuvuga amagambo akwiye. Pfa kuvuga ubikuye ku mutima kandi ntacyo uhisha . Vuga ibyawe byose. Yanyuze mu gahinda k'urupfu kugira ngo abe Inshuti yawe Magara.

2. UBURYO BWO GUSENGA

Iyo dusenga, dushobora gushaka gukurikiza isengesho ry'Umwami wacu. Isengesho ntangarugero Yesu yigishije abigishwa be igihe bamusabaga bati " Twigishe gusenga."

**"Data wa twese uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe.
Ubwami bwave buze, ibyo ushaka bibebo mu isi nk'uko
biba mu ijuru; Uduhe none ibyo kurya byacu by'uju
munsi; Uduharire imyenda yacu, kuko natwe twayihariye
abarimo imyenda yacu ;ntuduhane mu bitwoshy,
ahubwo udukize umubi, kuko ubwami n'ubushobozi
n'icyubahiro ari ibyawe none n'iteka ryose" Amen.**



Dukurikije urugero Yesu yatanze mu isengesho rye, tugomba gusanga Imana na Data wa twese uri mu juru. Dusabe kugira ngo ubushake bwe bugenge imitima yacu nk'uko buhora busabye ijuru ryose. Tumushakaho iby'umubiri ukenera, kugirirwa imbabazi, no kugira ngo dushobore kubarabira abandi. Ujye wibuka ko ubushobozi bwacu bwo kurwanya icyaha buva ku Mana

Isengesho rya Kristo risozwa n'imvugo yo gusingiza Imana.Ubundi Yesu yigishije abigishwa be gusenga Data "mu izina ryanje" (Yohana 16:23)-Ibyo ni ukuvuga gusenga bijyanye n'amahame ya Yesu. Niyo mpamvu abakristo bakunze gusozesha amasengesho yabo aya magambo "Mu izina rya Yesu, Amen." Amen ni ijambo ry'Igiheburayo rivuga ngo " Bibe bityo".

Nubwo isengesho ry'Umwami wacu riduha umurongo w'ibyo tugomba gusengera, uburyo tuvugana n'Imana buba bwiza iyo tuvuga ibituvuye ku mutima. Dushobora gusengera ikintu cyose. Imana iturarikira gusaba imbabazi z'ibyaha byacu (1 Yohana 1:9) kongererwa kwizera (Mariko 9:24), ibikenerwa mu buzima (Matayo 6:11), Kudukiza ububabare n'indwara (Yakobo 5:15), gusukwa kw'umwuka wera (Zakariya 10:1). Yesu atwizeza ko tugomba kumutura ibyo dukeneye byose no kumusaba kutwitaho. Nta kintu na gito kidakwiye gusengerwa.

"Muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe"(1 Petero 5:7).

Umukiza wacu yita ku kantu kose kajyanye n'imibereho yacu. Umutima we unezezwu n'uko imitima yacu imusanganye urukundo no kwizera.

GENZURA

3. ISENGESHO RYO MU BWIHERERO



Bensi muri twe dufite ibantu dutinya kubwira inshuti zacu magara. Imana yo idutumira kwitura imitwaro yacu twifashishije amasengesho y'umwihariko: Tukabivugana ho na we. Si ukubera ko hari ibyo akeneye kutumenyaho. Ushobora byose azi ubwoba bwacu bwiherero, imigambi yacu ihishe, n'inzangano twahambye muri twe kurenza uko twe tubizi. Ariko dukeneye gukingura imitima yacu, tukayikingurira wa wundi utuzi byimbitse kandi udukunda bitagira akagero. Gukira indwara bishobora gutangira igahe Yesu akoze ku bisebe byacu. Iyo dusenga, Yesu Umutambyi wacu mukuru, aba aturi iruhande ngo adufashe:

"Dufite UWAGERAGEJWE UBURYO BWOSE NKATWE, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero twegere intebi y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiye." (Abaheburayo 4:15,16).

Mbese wumva uhangayitse, wihebye, uri umunyabicumuro? Bishyire imbere y'Umwami kuko ashobora gusubiza ibyo dukeneye byose.

Ese tugomba kugira ahantu hiherereye ho gusengera?

"Wehoho n'usenga, ujye winjira mu nzu, ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye: Nuko So ureba ibyihherereye azakugororera" (Matayo 6:6).

Ibigeretse ku gusenga umuntu agenda mu nzira, akora imirimbo cyangwa se ari kumwe n'abandi bantu, umukristo wese agomba kugira igahe cy'umwihariko buri munsi, kugira ngo asenge ku gitu cye kandi yige Bibliya. Ujye ugirana gahunda n'Imana buri munsi, igahe wumva ubishaka cyane kandi wumva udafite ibikurangaza.

4. ISENGESHO RYO MU RUHAME



Guhurira n'abandi mu isengesho birema ubumwe budasanzwe kandi bigahamagara Imana mu buryo budasanzwe.

"Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanje, mba ndi hagati yabo." (Matayo 18:20).

Kimwe mu bintu bikomeye dushobora gukora nk'umuryango ni uguteza imbere ubuzima bwo gusengera hamwe. Jya wereka abana bawe ko dushobora gutura Imana ibyo dukeneye byose nta wundi duciyeho. Bazanezererwa Imana uko babona igenda isubiriza amasengesho mu bintu bifatika byo muri ubu buzima. Ujye utuma gusenga mu rugo biba igahe cyo kwishima no gusangira ibibazo mu buryo bwisanzye.

5. AMABANGA ARINDWI Y'ISENGESHO RISHUBIJWE.

Igihe Mose yasengaga, Inyanja Itukura yaratandukanye, igahe Eliya yasengaga, Umuriro wavuye mu ijuru. Igihe Daniyeli yasenze, marayika yafunze iminwa y'intare mbi. Bibiliya itwereka byinshi binejeje by'amasesengesho yasubijwe. Kandi yemeza ko isengesho ari uburyo bwo guhabwa imbaraga ikomeye y'Imana. Yesu yasezeranye ati:

"Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanje, nzagikora." Yohana 14:14.

GENZURA

DISCOVER
online

Nyamara hari amasengesho asa n'aho atumviswe. Kubera iki? Aha turatanga amahame arindwi azagufasha kugira ngo usenge mu buryo bukwiye.

(1) OMATANA NA KRISTO.

"Nimuguma muri jye amagambo yanje akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose, muzagihabwa." Yohana 15:7.

Iyo dushyize imbere umubano wacu n'lmana kandi tukaguma gushyikirana na yo. Tuzumva kandi twitege guhabwa igisubizo cy'amasengesho yashoboraga kudasubizwa.

(2) KOMEZA WIZERE IMANA

"Kandi ibyo muzasaba MWIZEYE, muzabihabwa byose." Matayo 21:22.

Kwemera, cyangwa kwizera bisobanura ko koko dutumbiriye Data wa twese uri mu ijuru kugira ngo asubize ibyifuzo byacu. Iyo ugize ingorane ukabura ukwizera ujye wibuka ko Umukiza wacu yakoreye igitangaza umuntu wasabye yihebye ati :

"Ndizeye; nkiza kutizera ." Mariko 9:24.

Ukwiye kudatezuka ku ukwizera UFITE, ntukwiye guhangayikishwa n'ukwizera UDAFITE.

(3) IRUNDURIRE UGUSHAKA KW'IMANA UTUJE

"Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye, ni uko atwumva, iyo dusabye ikintu NK'UKO ASHAKA." 1 Yohana 5:14.

Ibuka ko lmana ishaka kutwigisha kandi ko ishaka kuduha ibyo tuyisabye, binyuze mu masengesho. Ni yo mpamvu rimwe na rimwe ivuga idusubiza iti " OYA", ubundi ikaduha ikinyuranye n'icyo twasabye. Isengesho ni uburyo butuma umuntu arushaho gushyikirana n'lmana kandi tukarushaho gukurikiza ubushake bwayo. Dukwiye kumenya ibisubizo by'lmana kandi tukabyigiraho. Kuzirikana ibintu runaka wasabiye no kuzirikana ibisubizo wahawewe kuri byo bintu ni ubufasha bukomeye cyane.



Umwuka wera azagufasha kugera ku ntego ugambiriye. "Kuko Umwuka asabira abera, nkuko lmana ishaka." Abaroma 8:27. Ujye wibuka yuko ubushake bwacu bushobora guhuza n'ubushake bw'lmana iyaba twashoboraga kuroro nk'uko yo irora.

(4) TEGEREZA IMANA WIHANGANYE

"NATEGEREJE UWITEKA NIHANGANYE; antegera ugutwi, yumva gutaka kwanje." Zaburi 40:1

Muri uyu murongo ingingo nkuru ni ugutumbira IMANA, ugategereza igisubizo izaguha. Uramenye kandi mu gihe kimwe ntugasabe lmana kugufasha, ngo mu kindi wirohe mu kwishakira ibikunezeza. Tegereza Uwiteka wihanganye; dukeneye cyane kwitoza uwo muco.

(5) NTUKAGIRE ICYAHU WIHAMBIROHO.

"Iyaba NARIBWIRAGA IBYO GUKIRANIRWA MU MUTIMA WANJYE, Uwiteka ntaba anyumviye." Zaburi 66:18.

Icyaha kizwi kizitira imbaraga y'lmana mu buzima bwacu; kikadutandukanya n'lmana (Yesaya 59:1-2). Ku ruhande rumwe ntubasha kwhambira ku cyaha, ngo ku rundi ruhande utakire lmana kugira ngo igutabare. Kwatura ibyaha utaryarya no kwhhana by'ukuri bikemura icyo kibazo.

GENZURA

Niba tudashaka kwemerera Imana ngo itubohore ku ntekerezo, amagambo, n'ibikorwa bibi, amasengesho yacu ntacyo yaba amaze.

"**Murasaba ntimumhabwe, kuko musaba nabi, mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi.**" **Yakobo 4:3.**

Imana ntizasubiza ngo "Yee" ku masengesho y'umuntu wikunda. Jya uhora uteze amatwi amategeko y'Imana n' ubushake bwayo ubikurikize; na yo izagutega amatwi iguhe ibyo ujisabye.

"**Uwiziba amatwi ngo atumva amategeko, gusenga kwe na ko ni ikizira**" **Imigani 28:9.**

(6) UJYE WIYUMVAMO KO UKENEYE IMANA

Imana isubiza abashaka ko ibana na bo n'imbaraga ya yo ikaba muri bo.

"**Hahirwa abafite inzara n'injota byo gukiranuka, kuko ari bo bazahazwa.**" **Matayo 5:6**

(7) NTUGATEZUKE KU GUSENGA.

Yesu yerekanye ko dukeneye gusenga ubudacogora yifashishije igitekerezo cy'umupfakazi wakomeje gusanga umucamanza amugezaho icyifuzo cye. Bishyize kera Umucamanza ararambirwa, ni ko kuvuga ati "Kubera ko uyu mupfakazi anduhije, ngiye kumurengera. Nuko Yesu arangiza avuga ati "Ubwo bibaye bityo, Imana yo ntizarengera intore zayo ziyyatikira amanywa n'ijoro? Mbese yazirangularana?" (Luka 18:5-7)

Ibyo ukeneye byose, ibyo wiringira byose n'ibyo ugambirira byose, uje ubiganirira Imana. Saba Imana iguhe imigisha ku bintu runaka kugira ngo bikunganire mu gihe ubikeneye. Jya ukomeza ushakashake, ukomeze utege amatwi kugeza ubwo ugira icyo wigira ku gisubizo Imana iguhaye.

6. ABAMARAYIKA BASUBIZA IBYIFUZO BY'ABASENGA.

Umunyazaburi yashimishijwe n'uko abikesheje umurimo w'abamarayika , amasengesho ye yasubijwe.

"**Nashatse Uwiteka aransubiza, ankiza ubwoba bwose nari mfite...**
Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza." **Zaburi 34:4-7.**

Iyo dusenga, Imana yohereza abamarayika gusubiza amasengesho yacu (Abaheburayo 1:14). Buri mukristo afite umumarayika murinzi bagendana.

"**Mwirinde mudasuzugura umwe muri abo bana bato. Ndababwira yuko abamarayika babo bo mu ijuru bahora bareba mu maso ha Data wo mu ijuru.**" **Matayo 18: 10.**



Kubera amasengesho yacu:

"**Umwami wacu ari bugufi. Ntimukagire icyomwiganyira, ahubwoibyomushaka byose bimenywe n'Imana, mubisabiye, mubyigingiye, mushima. Nkuko amahoro y'Imana, ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarinde imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu.**" **Abafilipi 4:5-7**

7. IMIBEREHO YA GIKRISTO.

Bibiliya yerekana mu buryo busobanutse imibereho ya gikristo. Dushingiye ku bivugwa mu Abefeso 4:22-24 umukristo agomba "Kwiyambura" imibereho ya kera ituruka ku kwifusa gushukana, hanyuma

GENZURA

"akambara" imibereho mishya ari yo "yarmewe kumera nk'Imana." Muri iki cyigisho no mu cyigisho cya 6, twabonye ko iyo tuvutse bushya "tuba turemwemo bundi bushya", undi muntu muri Kristo.

Iki cyigisho n'ibindi byigisho bitandatu bikurikira byerekana imibereho ya gikristo; biduhishurira ibanga ry'umunezero mu buzima bw'Umukristo. Bizagufasha kubaka umubano ukomeye ugirana na Kristo, uwo mubano ukazahindukamo imiberho ya gikristo ifututse. Bityo rero uyu munsi utumbire Yesu, kandi ushobora kuzaba umwe mubazishimira gutsinda kudasubirwaho ubwo amahoro ya Kristo adahinyuka azaba aganje.

IBANGA RY'UMUNEZERO

Mu 1943, Ingabo zategekaga Ubuyapani zashyize amagana menshi y'abanzi babo b'Abanyamerika n'Abanyaburayi mu ngando zigamije kugorora ibitekerezo byabo. Iyo ngando yabereye mu Ntara ya Shantung ho mu Bushinwa. Bagombaga kumara amezi menshi nta mudendezo, bafite isoni, barundanye ari benshi kandi bafite ubwoba. Abantu badahuje imico, barakara vuba.

Ubushotoranyi hagati yabo burushaho kwiyongera. Arikohari umugabo umwe washimwaga n'umwe mu bayobozi b'iyo ngando. Abantu benshi biyambazaga, bubahaha kandi wari ukunzwe muri iyo ngando. Uwo ni Lideli Eric, umubwirazabutumwa ukomoka muri Sikotiland (Scotland).

Indaya y'umurusiya yari muri iyo ngando yaje kuvuga ko Lideli (Liddell ariwe mugabo wenyine wagize icyo amukorera adategereje kwishyurwa ineza yamugiriye. Ubwo yazaga bwa mbere mu ngando, ari wenyine abandi bamuhaye akato, Lideli yari yiyeje kumushakira aho arara.

Undi muntu muri iyo ngando yavuze ko Lideli ari umugwaneza kandi afite uburyo ahumuriza umuntu utentebutse amubwira ibantu bituma aseka.

Mu nama imwe abari mu ngando bari barakaye, umuntu wese asaba ko hagira umuntu wita ku bana bari bafite imyaka cumi bari bafite ibibazo. Lideli atanga igisubizo. Ategura imikino, imirimo y'ubukorikori, imitwe y'abana maze atangira gutanga igihe cye umugoroba wose abafasha.

Lideli yari yahawe umudari w'ishimwe wa zahabu ku kwiruka metero 400 mu mikino ngororango mu w'1924. Arikohantu h'impfungane yagaragaje ko ari imena muri gahunda za gikristo nk'uko ashimwa n'abantu benshi muri gahunda zindi.

None se icyamuranga cy'umwihariko ni iki? Washoboraga gutahura ibanga rye saa kumi n'ebyiri z'gitondo cyose. Icyo ni cyo gihe yombokaga, akarenga bagenzi be baryamanye, akicara ku meza afite agatara gato kamurika mu ikaye ye no muri Bibilia. Erike Lideli iminsi yose yavomaga imbaraga n'ubuntu bw'Imana mu butunzi bwe mu ijambo ry'Imana.

1. IGITABO KIYOBORA IMYIFATIRE N'IMIBEREHO YA GIKRISTO



Bibiliya yandikiwe kuyobora umukristo, yuzuyemo ibitekerezo bigaragaza imibereho abantu bameze nkatwe banyuzemo, bahura n'ibibazo nk'ibyo duhura nabyo iminsi yose. Kumenya uko abo bantu bagiye bifata, n'umunezero wabo, n'umubabaro wabo, ingorane ndetse n'amahirwe bagiye bagira bidufasha gukura mu by'umwuka nk'abakristo.

Umunyazaburi Dawidi yagaragaje isano dufitanye n'ijambo ry'Imana arigereranya n'umucyo w'isitimu mu gihe cy'umwijima.

"Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanje ni umucyo umurikira inzira yanje" (Zaburi 119:105).

Umucyo dukura muri Bibiliya iminsi yose utugaragariza neza imico ikwiriye kuturanga mu mibereho yacu n'amahame atubashisha gutera imbere mu by'umwuka. Hejuru y'ibyo byose, Bibiliya itwereka Yesu, umucyo w'isi. Ubuzima bugira agaciro iyo Yesu abumurikiye.

2. UBUCUTI BUHINDURA



Kristo ashaka ko Bibiliya ikubera nk'urwandiko wandikiwe n'inchuti yawe magara.

"Nabise inshuti kuko ibyo numvise kuri Data byose nabibamenyesheje" Yohana 15:15.

Yesi adushakira ibyiza cyane. Ijambo rye ritwegereza Imana, tukaba abiringirwa kandi akaba ariwe ubwe utwiyigishiriza.

"Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye." Yohana 16:33.

Kugira ngo tubone ayo mahoro, bikwiriye kugira umushyikirano uhamye na Kristo no gusoma inzandiko atwandikira. Uko niko Bibiliya iri: gusabana n'ijuru. Ntidukwiriye kubika izo nzandiko tutazisomye. Ubutumwa buguhindura buri mu Ijambo.

Dore ubuhamya nyakuri bugaragaza imbaraga iri muri Bibiliya: "Nari nkeneye ubufasha, mbubona muri Yesu. Icyo nifuzaga cyose ndagihabwa, inzara y'umutima wanje irashira; Bibiliya impishurira Kristo. Nizera Yesu kuko ari Umukiza wanje. Nizera Bibiliya kuko muri yo ijwi ry'lmania ribwira umutima wanje." Umurimo w'Ubuuvi (The Ministry of Healing, p. 461).

3. IMIBEREHO ISHINGIYE KURI BIBILIYA N'AMATEGEKO CUMI

Tugenzye ho hato amategeko cumi y'lmania byadufasha kumenya neza impamvu ayo mategeko na Bibiliya ari urufatiro nyakuri rw'imibereho itunganye.

Amategeko cumi agabanijemo imigabane ibiri. Amategeko ane ya mbere atwereka umubano dukwiriye kugirana n'lmania; atandatu aheruka atwereka umubano dukwiriye kugirana n'abandi bantu. Aboneka mu Kuva 20:3-17.

Amategeko abiri ya mbere agaragaza umubano dukwiriye kugirana n'lmania ndetse n'uburyo bwo kuyisenga.

- I. "Ntukagire izindi mana mu maso yanje."
- II. "Ntukiremere igishushanyo kibajwe... Ntukabyikubite imbere kandi ntukabikorere...."



Itegeko rya gatatu n'iry a Kane atugaragariza uburyo bwo kubaha izina ry'lmania n'umunsi wayo wera.

- III. "Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yaye..."
- IV. "Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoramo imirimo yaye yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yaye...."

Itegeko rya gatanu n'iry Karindwi arinda ab'umuryango.

- V. "Wubahe So na Nyoko..."
- VII. "Ntugasambane."

Itegeko rya gatandatu, irya munani, irya cyenda n'iry cumi aturinda mu by'umubano.

- VI. "Ntukice"
- VIII. "Ntukibe"
- IX. "Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe."


GENZURA

X. "Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe. Ntukifuze umugore wa mugenzi wawe... cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe."

Amategeko cumi agaragaza umubano dukwiriye kugirana n'Imana n'uwo dukwiriye kugirana n'abandi. Ni inkigi zikomeye z'ubugingo bwa Gikristo.

4. ICYO YESU AVUGA KU MATEGEKO CUMI.

Umunsi umwe Yesu yigisha, umusore aza aho ari yihuta aramubaza ati "Mwigisha mwiza nkore nte cyiza ki, ngo mpabwe ubugingo buhoraho?" (Mat.19:16) Kristo abona ko agihirimana n'ingorane y'amafranga niko kumugira inama yo kwikuraho ibyo atunze byose no "kumvira amategeko" (umurongo wa 17).



Uwo musore agerageza kwirengagiza ingorane Yesu yamubonanye niko kubaza ngo amategeko avuga ni ayahe. Maze Yesu amutondagurira amategeko cumi (imirongo 18,19).

Hanyuma uwo "umusore w'umutunzi w'umutegetsi" arikubura agenda ababaye cyane (imirongo 20 na 22). Yabashaga gutondagura amategeko cumi ariko ntabashe gukurikiza ibiyakubiyemo ngo areke kwizirikana ubwe wenyine.

Amategeko cumi atwereka uko isano tugirana n'Imana n'abandi yabasha kujya mbere. Yesu yerekanye ko kumvira ari yo nzira y'umunezero nyakuri.

"Ni MWITONDERA AMATEGEKO YANJYE, muzaguma mu rukundo, nk'uko nanje nitondeye amategeko ya Data, nkaguma mu rukundo rwe. IBYO MBIBABWIRIYE kugira ngo umunezero wanje ube muri mwe, kandi N'UMUNEZERO WANYU UBE WUZUYE" Yohana 15:10,11.

5. UMUYOBOZI WEREKEZA KU BUGINGO BUNEZEREWE

Igitabo cy'Umubwiriza kirimo iby'ubushakashatsi bwa Salomo ku byerekeranye n'umunezero. Yanditse ibyo yatekerezaga ko byamuhesha umunezero mu butunzi bwo mu isi: amazu meza, imirima y'imizabibu irumbuka, imirima yamatunda aryoshe. Yari afite abagaragu benshi. Yari afite ikintu cyose umuntu yakwifuza ariko umunezero uramwitaza, niko kwandika ati:

"Maze nitegereje imirimo yose y'amaboko yanje n'imirimo yose niruhije nkora, nsanga byose ari ubusa, ni nko kwiruka inyuma y'umuyaga kandi nta gifite umumaro kiri munsi y'ijuru" Umubwiriza 2:11.

Salomo yiringiye kubona umunezero mu binezeza byo mu isi. Atwarwa n'inzoga, abagore n'indirimbo. Indunduro ye:

"Ni ubusa gusa. Nta kamaro byose ni ubusa" Umubwiriza 12:8.

Salomo yarasogongeye abona ko Uwitaka ari mwiza. Ubwo yagereranyaga imibereho ye ya mbere acyubaha Imana n'igihe cy'ubugoryi bwo gushakira umunezero mu byaha, yaravuze ati:

"Iyi ni yo ndunduro y'ijambo... Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese." Umubwiriza 12:13

Salomo yumvaga ko yabona inzira y'ubusamo yo kugera ku munezero abaho imibereho nk'ijo inyamaswa. Ku iherezo ry'ubugingo bwe yabaye umugabo nyamugabo wemera igicumuro cye. Maze aburira abandi agira ati

GENZURA

"Ukomeza amategeko arahirwa" Imigani 29:18.

6. AMATEGEKO CUMI UMUYOBOZI UDASIMBURWA MU ISEZERANO RISHYA


Mu isezerano rishya, Yakobo arahamya ati:

"Umuntu wese witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose; kuko uwavuze ati "Ntugasambane", niwe wavuze ati "Ntukice". Nuko rero n'udasambana ariko ukica, uba ucumuye amategeko yose. Muvuge kandi mukore nk'abajya gucirwa urubanza n'amategeko atera umudendezo." Yakobo 2:10-12.

Karoli Sipagon (Charles Spurgeon) Umubwiriza ukomeye w'Ababatisita wo mu kinyejana gishize yaravuze ati: "Amategeko y'Imana arera, ni ay'ijuru, aratunganye. Ntasaba ibirenze, ntasaba bike, ntacyo wayagereranya kuko ubutungane bwayo ari ikimenyetso cy'uko ari ay'Imana"

Yohana Wezile (John Wesley), umwe mu bashinze itorero Metodiste yanditse ibi bikurikira ashyigikira amategeko: "Amategeko mbonezamubano, aboneka mu mategeko cumi... Kristo ntiyigeze ayakuraho... umugabane wose w'a ya mategeko ugomba kubahirizwa n'abantu bose b'ibihe byose." Ibibwirizwa (Sermons vol.1. pp 221, 222)

Bili Grahamu (Bill Graham), umubwiriza w'ikirangirire ku isi yose yubahiriza amategeko cumi ku buryo butangaje byatumye yandika igitabo cyose agaragaza akamaro kayo ku mu kristo.



7. IMBARAGA YO KUMVIRA

Bibiliya n'amategeko cumi y'Imana ntibihinduka, nta kibisimbara, ni umuyobozi nyakuri utugeza ku buggingo bwuzuye umunezero. Nyamara mu mutima hakomeza kuba intambara. Umugore umwe yabivuze muri aya magambo: "Nizera ko amategeko cumi ari uruzitiro. Sinshidikanya ko kuyumvira bihesha umunezero. Nagerageje uko nshoboye kuyakurikiza birananira. Maze mwemera ko nta wundi wabishobora"

Muri kamere y'umuntu agerageza kugira ubugingo yumvira amategeko y'Imana. Ariko muri uko kugerageza uko ashoboye kose bikamunanira, umutima ucuze umwijima, akavuga ati "Simbasha kumvira" Kuki? Kuko :

"Umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira" Abaroma 8:7.

Umugambi w'amategeko cumi ni uwuhe?



"Amategeko niyo amenyekanisha icyaha" Abaroma 3:20.

Umurimo w'amategeko ni ugutuma tumenya ko turi abanyabyaha bo kurimbuka kandi ko dukeneye umucunguzi.

"Ubwo ni bwo buryo amategeko yatubereye umushorera wo kutugeza kuri Kristo ngo dutsindishirizwe no kwizera." Gal. 3:24.

GENZURA

Yesu niwe gisubizo! Iyo turi iruhande rwa Yesu, twumva ntacyo twakwimarira, ku bwo kwizera tubasha kubabarirwa ibyaha byacu no guhabwa imbaraga itubashisha kumvira amategeko ye.

8. GUKUNDA KUMVIRA AMATEGEKO CUMI

Yesu atubwira ko kumvira bituruka ku rukundo.

"Ni munkunda, muzitondera amategeko yanje" Yohana 14:15

Niba dukunda Imana, tuzubahiriza amategeko ane ya mbere atwereka umubano tugomba kugirana n'Imana, kandi niba dukunda abantu, tuzumvira amategeko atandatu aheruka atwereka umubano dukwiriye kugirana n'abandi.

Umutu ukandagira amategeko y'Imana aba akoze icyaha.

"Umutu wese ukora icyaha, aba agomye, kandi icyaha nibwo bugome" 1 Yohana 3:4.

Ariko Imana ishimwe, kuko dufite Umukiza waje mu isi, agapfa, akazuka, ubu akaba afite umugambi umwe gusa:



"Muzi ko uwo yerekaniwe gukuraho ibyaha" (Umurongo wa 5).

Umukiza wacu aratubabarira, adukuraho ibyaha byacu (1 Yohana 1:9). Yadusezeranje urukundo rwe ngo dukunde mu buryo butari ubwo kuzirikana ubwacu kandi twanga icyaha.

"Kuko urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'Umwuka Wera twahaze" Abaroma 5:5.

Nta bushobozi kamere dufite bwo kumvira amategeko y'Imana. Urukundo rw'Imana "rwasabye mu mitima yacu" nirwo rwonyine twiringiye.

9. UBUNTU BW'IMANA NO KUMVIRA AMATEGEKO

Agakiza ni impano. Ntidushobora kugakorera. Tukakira kubwo kwizera. Duhabwa gutsindishirizwa (gutunganira Imana) nk'impano, tubiheshwa gusa no kwizera ku bw'ubuntu bw'Imana.

"Mwakijije n'ubuntu kubwo kwizera, ntibavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana, ntibavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagira uwirarira" Efeso 2:8,9.

Ntitubasha gukomeza amategeko ku bw'imirimo yacu, twigeragereza ubwacu. Ntitubasha gukomeza amategeko ngo dukizwe. Ariko iyo dusenze Yesu mu kwizera, tukamwiyegeurira turakizwa kandi urukundo rwe rugasaba mu mitima yacu. Imbuto ikomoka ku buntu bwe no kutwakira ituma tumukurikira, tukamwumvira kuko imbaraga y'urukundo rwe iri mu mitima yacu (Rom. 5:5).



Pawulo ashimangira umumaro muke w'imihati y'umuntu avuga ko tudatwarwa n'amategeko ngo tubone agakiza, ahubwo ni ku bw'ubuntu bw'Imana.

GENZURA

**"Mbese dukora ibyaha, kuko tudatwarwa n'amategeko, ahubwo dutwarwa n'ubuntu. Ntibikabeho!"
Rom.6:15.**

Kuki? Kuko umutima uhatwa n'urukundo urangwa no kumvira gushingiye ku rukundo! (Rom.13:10). Gukunda Kristo n'ukumwumvira:

"Ufite amategeko yanje, akayitondera, niwe unkunda." Yohana 14:21.

Ericke Lideli yagaragaje ko no mu bihe by'akaga, umwizera ukoreshwa n'imbaraga y'urukundo rw'lmana, abasha kugira imibereho irimo umunezero kandi yumvira. Lideli yerekanye ko yagiriwe ubuntu mu gihe giteye ubwoba. Urukundo n'umubano yari afitanye na Kristo byamwongereye imbaraga y'Umwuka Wera, bituma asohoza gukiranuka "gusabwa n'amategeko" (Rom.8:1-4). Urukundo n'umushyikirano tugirana n'Umukiza wabambwe akazuka bitubashisha kugira ubugingo buzira amakemwa.

Mbese wari wasobanukirwa n'iryo banga? Urukundo Yesu yagukunze rwatumye atanga ubugingo bwe ku bw'ibyaha byawe. Yitangiye kugira ngo ashimangire umubano wawe na we ushingiye ku rukundo kandi ngo ugire imbaraga zo gukora ubushake bwe (Heb.13:21). Igisubizo cyawe ni ikihe?

IBANGA RY'UBURUHUKIRO BWO MU IJURU

Mu myaka mike ishize abantu bateganya ko hazabaho igihe cyo kwinezeza bituma twibaza icyo tuzagikoresha. Hari impamvu zumvikana zatumaga abantu bateganya batyo badashidikanya. Mu midugudu yo mu isi, ibyuma kabuhariwe mu kubara byakoraga imirimo yakozwe mu kwezi kose mu kanya nk'ako guhumbya. Imashini zikora cyane ntizinanirwe nizo zikora imirimo igomba imbaraga nyinshi mu nganda zikomeye.

Ariko nyuma y'aho ibyuma kabuhariwe mu kubara bisakariye n'imashini zikoresha ubwazo zigakora, tubura akanya ko kuruhuka kuruta ikindi gihe. Muri iyi minsi abantu barasiganwa n'igihe. Ikirenze ibyo byose, imiryango irasiganwa n'igihe. Abagabo n'abagore birabagora kubonera ige abana babo; ikirenze ibyo na bo nta gihe bagira cyo kuvugana ubwabo.



Mu mudugudu umwe, ubushakashatsi bwerekanye ko muri rusange igihe ba se bamarana n'abana babo ku munsi ari amasegonda 37! Imiryango nta gihe ifite nuko hakabura umwanya wo kubonana.

Mbese twagabanya umuvuduko dute kugira ngo tubone igihe cyo guhura?

1. U MUTI WO GUHORA UHANGAYITSE

Yesu yitaye cyane ku ngorane z'imiryango ihagaritse imitima kandi ashaka ko twumva ko ikuhuko cyo mu buryo bw'Umwuka gifite uruhare rwo gutuma abantu bagira imibereho myiza.

"Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruuhura... Mu nyigireho kuko ndi umugwa neza kandi noroheje mu mutima namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu"
Matayo 11:28,29

Bibiliya iraturarikira bene icyo ikuhuko mu buryo bubiri: Gusanga Kristo iminsi yose no kumusanga icyumweru cyose.

2. KUGIRANA ISANO NA YESU IMINSI YOSE

Incuro nyinshi abantu bensi basangaga Yesu bamubaza ibibazo. Maze nawe agasubiza afite amahoro n'umutima utuje umuntu wese umusanze. Byaterwaga n'iki? Yagiraga igihe cyo gushyikirana na Se wo mu ijuru uko bukeye. Imbaraga zo gutsinda n'ibigeragezo by'iminsi yose yazikomoraga kuri Se (Yoh.6:57).

Niba dushaka kugira imibereho ituje nk'ije dukwiriye kugirana umubano uhoraho na Kristo, tukareka ijambo rye n'umwuka we bikaduhindura. Uburyo bwiza bwo guhura n'ijo mbaraga ikagurumanira muri twe kandi katujan jagura nk'abagize imiryango n'ukumarana umwanya na Kristo. Aravuga ati

"Mugume muri jye, nanje ngume muri mwe kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite."
Yoh.15:4,5.

Kimwe mu bintu bikenewe cyane muri iki gihe cyacu n'ukuvoma ku isoko y'ibyo Umwuka iminsi yose tugirana umushyikirano uhamye na Yesu. Kimwe mu bintu by'ingenzi bikeneye kwitabwaho mu mibanire yacu na Kristo ni umurimo warangiriye ku musaraba. Ikuhuko nyacyo, umutekano wuzuye bibasha kuboneka gusa ku bw'umurimo



GENZURA

Kristo yashohoreje ku musaraba ubwo yavugaga ati "Birarangiye" Yoh.19:30. Mu yandi magambo, umurimo we wo kuducungura wari urangije.

"Ahubwo noneho abonetse rimwe gusa... kugira ngo akuzezo ibyaha kwitamba." Heb.9:26.

Igihe Kristo yapfaga, "yakuyeho icyaha". Niyo mpamvu umukristo iyo yamenye ibyaha bye akabyihana abona "uburuhukiro" mu murimo Kristo yarangije ku musaraba.

Icyo gihe turemerwa. Ikidodo gitewe n'icyaha kiruta kure ubwoba tugira mu mibereho yacu ya none. Ku musaraba niho Yesu yarangirije iteka iyo ngorane. Yesu yaravuze ati "Birarangiye", aba ashohoje isezerano rye ryo kuvuga ngo "Nimuze ndabaruhura" biba igikorwa gisohoye Kristo yashohoje umurimo wo kuducungura ku musaraba w'i Karuvali (Tito 2:14), aruhukira mu gituro ku isabato, agisohokamo ku wa mbere w'isabato mu gitondo anesheje icyaha n'urupfu. Nta bindi byiringiro umukristo akwiriye kugira birenze guhabwa uburuhukiro n'umurimo Kristo yarangirije ku musaraba.

"Twegere dufite imitima y'ukuri, twizera rwose tudashidikanya... Dukomeze kwatura ibyiringiro byacu tutanyeganyega kuko uwasezeranje ari uwo kwizerwa." Heb.10:22,23.

Kuko "uwasezeranje ari uwo kwizerwa", tubasha kwinjira mu gakiza aribwo buruhukiro Yesu yasezeranje.

Ituza, amahoro n'uburuhukiro tubona muri Kristo iminsi yose s'ingaruka z'ibyo dukora ibyo aribyo byose, ahubwo ni iz'ibyo Kristo yakoreye ku musaraba.

Tubasha kubona uburuhukiro muri Kristo kuko agakiza kacu tukiringiye. Ibyo byiringiro bidutera gusabana na Yesu iminsi, yose turya ibyo kurya bituraka mu ljambo rye, tugahumeka umwuka mwiza w'ijuru mu buryo bw'amasengesho. Uwo mubonano tugirana na Yesu udfasha guhindura imibereho itagira amahoro ikaba imibereho yuzuye amahoro kandi ifite umugambi.

3. KUGIRANA ISANO NA YESU ICYUMWERU CYOSE



Kristo amaze kurema isi mu minsi itandatu (Kol.1:16-17), yashyizeho ikiruhuko cy'lsabato. N'amahirwe dufite y'icyumweru cyose yo kunoza umubano wacu nawe.

"Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane. Buragoroba buracya: uwo ni umunsi wa gatandatu. Ijuru n'isi n'ibirimo byinshi byose birangira kuremwa. Ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yakoze: iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze. Imana iha umugisha umunsi wa karindwi iraweza: kuko ariwo Imana yaruhukiyemo imirimo yose" Itangiriro 1:31-2:3.

Yesu umuremyi wabyo, yaruhutse Isabato ya mbere ari kumwe na Adamu na Eva. Yahaye umugisha umunsi w'Isabato maze araweza. Imana ntiiyashyizeho umunsi wa karindwi ku bwayo ahubwo yawushyiriye Adamu na Eva ndetse natwe muri iki gihe. Kuko yita ku bantu bayo yaremye, Imana yashyizeho umunsi wa karindwi w'icyumweru cyose mu mibereho yabo ngo bayishake.

Isabato yose nkoko izina ryo riri, igomba kuba ikiruhuko mu buryo bw'umubiri no mu buryo bw'umwuka. Kuva icyaha kije mu isi, byatumye Isabato y'ikiruhuko irushaho kuba ngombwa no kugira agaciro. Uwo Mukiza nyine wahaye Adam na Eva ikiruhuko ni we wahaye Mose amategeko ku musozi Sinayi nyuma y'imyaka hafi ibihumbi bibiri (1 Kor.10:1-4). Yesu yahisemo gushyira Isabato y'ikiruhuko hagati mu mategeko cumi. Itegeko rya kane riravuga ngo:

GENZURA

"Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ariyo ukoreramo imirimo yawe yose: Arike uwa karindwi ni Isabato y'Uwiteka Imana yowe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu: kuko mu minsi itandatu ariyo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi; nicyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunzi w'Isabato, akawenza" (Kuva 20:8-11).

Imana yashyizeho Isabato ngo ube umunsi wo kwibuka ko Uwiteka ari umuremyi w'isi n'ijuru. Isabato n'ikiruhuko itwunga n'umuremyi wahaye umugisha uwo munsi kandi akawenza.

Igihe Yesu yari mu isi, yakoresheje igihe yabonaga cyose kugira ngo asabane na Se. Ikiruhuko cyo ku Isabato cyamugiriraga umumaro cyane, yajyaga gusenga ku Isabato. Luka abivuga muri aya magambo:

"Ajya i Nazareti, aho yarerewe; ku munsi w'Isabato yinjira mu isinagogi nk'uko yamenyereye, arahagarara ngo asome" Luka 4:16.

Niba Yesu Imana-muntu yarakeneraga ikiruhuko no gusabana n'Imana ku munsi w'Isabato, nta gushindikanya ko twe abantu tubikeneye kurutaho. Igihe Yesu yagaragarizaga Abayuda ko amategeko yabo y'imihango adafite akamaro (Matayo 12:1-12), yababwiye ko Isabato yabayeho ku bw'abantu.

"Arababwira ati: Isabato yabayeho ku bw'abantu, abantu sibo babayeho ku bw'Isabato: nicyo gituma umwana w'umuntu ari Umwami w'Isabato nayo" Mariko 2:27,28.

Yesu yagaragaje agaciyo k'Isabato mu buryo bukomeye no mu rupfu rwe. Yapfuye ku wa gatandatu "umunsi wo kwitegura, Isabato yenda gusohora" (Luka 23:54). Icyo gihe nibwo yavuze ati "Birarangiye", n'ukuvuga ngo umurimo we wo kuza mu isi no gupfa mu cyimbo cy'ikiremwa muntu wari urangiye (Yohana 19:30; 4:34; 5:30). Yesu kugira ngo yubahirize umurimo we yari arangije, yaruhukiye Isabato mu gituro.

Nk'uko Kristo yaruhutse ku munsi wa Karindwi ubwo yari arangije umurimo we wo kurema ku munsi wa gatandatu akaruhuka ku wa karindwi, niko yarangije umurimo we wo gucungura ku munsi wa gatandatu ubwo yapfiraga ku musaraba, maze aruhuka kuwa karindwi.

Kuwa mbere w'iminsi irindwi, mu gitondo Yesu yasohotse mu gituro, Umukiza aba aranesheje (Luka 24:1-7). Yesu yasabye abigishwa be gukomeza kuruhuka Isabato ubwo yahuraga nabo nyuma yo kuzuka. Avuga ibyo kurimbuka kwa Yerusalemu kwabaye mu myaka mirongo ine nyuma y'urupfu rwe, yasabye abigishwa be ngo:

"Namwe musenge kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu mezi y'imbeho cyangwa ku Isabato." Matayo 24:20.



Umukiza wacu yashakaga ko abigishwa be ndetse n'abazamwizezwa n'ijambo ryabo bazakomeza gukurikiza ibyo yabisheje (Yohana 15:15,16). Yifuzaga ko basobanukirwa n'ikiruhuko babonera mu gakiza n'uburuhukiro babona mu Isabato. Abigishwa ba Yesu ntibamutetereje. Bakomeje kuruhuka Isabato na nyuma y'urupfu rwa Kristo (Reba Luka 23:54-56; Ibyak.13:14; 16:13; 17:2; 18:1-4).

Intumwa ikundwa Yohana yakomeje kugirana umushyikirano we na Kristo wa icyumweru cyose ku munsi w'Isabato. Mu myaka ye ya nyuma yaranditse ati "Ku munsi w'Umwami nari mu mwuka." (Ibyak.1:10).

GENZURA

DISCOVER
online

Kuri Yesu "umunsi w'Umwami" ni Isabato", kuko Umwana w'umuntu ari Umwami w'Isabato" (Matayo 12:8).

Ku Isabato twizihiza ibintu bibiri bikomeye Uwiteka yadukoreye: Kuturema no kuducungura. Isabato izakomeza kubaho no mu ijuru:

"Nk'uko ijuru rishya n'isi nshya, ibyo nzarema, bizahoraho imbere yanje, niko urubyaro rwawe n'izina ryawe bizahoraho. Niko Uwiteka avuga... no guhera ku Isabato ukageza ku yindi; abantu bose bazaja baza gusenga imbere yanje niko Uwiteka avuga!!" Yesaya 66:22,23.

4. AKAMARO K'ISABATO IKIRUHUKO

Muri iki gihe umuntu wese ahugije mu mpagarara z'imibereho ye. Abantu bananijwe cyane n'ibibazo by'ubuzima. Abagize umuryango baratatanye ndetse ntibafitanye ubwumvikane. Imana iduha Isabato ngo itubere uburyo bwiza bwo kugira ubugingo bwiza.

Ni mutyo turebe bimwe mu byiza by'Isabato-ikiruhuko:

(1) Isabato ni urwibutso rw'irema, iyo tuyeyeje, tuba duhaye agaciro urwibutso rw'Umuremyi wacu. Amasaha yayo yera atubera amahirwe atangaje yo gusobanukirwa neza n'ibiza biri ku isi Imana yaremye. Ni ryari uheruka, wowe, cyangwa umuryango wawe, kugira umwanya wo kwitegerezwa ubwiza bw'ishyamba rituje, cyangwa amazi atemba mu bitare? Ku Isabato tugira igihe cyo kubana na Yesu maze tugasogongera no ku byiza yaturemeye.

(2) Ku Isabato tugira umunezero wo gusenga Imana no gusabana n'abandi Bakristo. Hari inyungu ikomeye iyo dusenga Imana dufatanije n'abandi. Isabato iduha igihe cyihariye cyo guhurira hamwe nk'itorero ngo dusubizwemo imbaraga z'iby'umwuka.

(3) Isabato iduha uburyo bwo gusohoza imirimmo y'ubugwaneza. Mbese hari mugenzi wawe urwaye utigeze ubona akanya ko kumusura mu cyumweru cyose? Hari inchuti yawe ikeneye guhumurizwa kuko yapfushije umugabo maze imihati y'ubuzima ituma utabasha kuyitaho? Yesu aratugira inama ati "Amategeko yemera ko umuntu akora neza ku Isabato" (Matayo 12:12).



(4) Isabato ni umunsi wo gushimangira ubumwe bw'ab'umuryango. Igihe Kristo yategekaga ati "Ntukagire umurimo wose uwukoraho" (Kuva 20:10), yatanze umuti w'ingenzi ku ndwara no gutwarwa n'imrimo no guhorana inkeke ku mutima. Isabato ni icyapa kivuga ngo hagarara. Ibyo utekereza ko byihutirwa bisimbuze ibifite umumaro kuruta ibindi byose. Isabato ni wo munsi wonyine urutoto turusimbuza gusenga, imihati tuyisimbuza guseka, imirimmo y'inzitane tuyisimbuza gutekereza dutuje. Isabato iha umuryango wose umwanya wo gusabana na Kristo maze bakongera kuvoma ku isoko y'imbaraga z'iby'umwuka.

(5) Isabato n'igihe Yesu arushaho kutwegera. Umubano wose ukenera igihe gihagije n'umubano wacu na Kristo nawo ni uko. Guharira Kristo umunsi wose icyumweru cyose ni uburyo bwo kunoza ubucuti dufitanye nawe, tukarushaho kubuvugurura no kubukomeza. Ku Isabato tubona umwanya uhagije wo kwiga ijambo ry'Imana no gusenga, n'umwanya uhagije wo kuba imbere y'Imana dutuje.

Yesu "yahaye umugisha umunsi w'isabato araweza" asezerana gutterana natwe (Itangiriro 2:3). Urumva impamvu ari ingirakamaro kubahiriza umunsi wa karindwi w'icyumweru ari wo Sabato, kuko ariwo munsi Kristo yejeje mu gihe cyo kurema ngo aije avugana natwe by'umwihariko.

GENZURA

Igihe Yesu yaremaga isabato bigaragara ko yatzirikanaga. Muri iki gihe abantu bahora ku nkeke nicyo kintu bakeneye; umunsi bahagarika imirimo iyo ariyo yose. Umunsi wo gushengerera Imana no kongera kuremwa bundi bushya, tugashimangira umubano aho gutwarwa n'ibantu.

5. UMUSOGONGERO W'IKIRUHUKO CYO MU IJURU

Mu magambo make, imigisha yo kwiyunga na Yesu uko bukeye icyumweru cyose iherira mu ijambo rimwe: ikiruhuko. Ijambo Isabato rikomoka mu ijambo ry'Igiheburayo rivuga ikiruhuko. Ntabwo rero bitangaje ko ibyaditswe byera byita umunsi wa Karindwi "Isabato yo kuruhuka." (Lewi 23:3).

"Kuko hari aho yavyuze iby'umunsi wa karindwi iti: "Imana yaruhutse imirimo yayo yose ku munsi wa karindwi." ... ku bw'ibyo, haracyariho uburuhukiro bw'Isabato bubikiwe abantu b'Imana;... Nuko tugire umwete wo kwinjira muri ubwo buruhukiro." Heb.4:4-11.

Kwimenyereza "ikiruhuko cy'Isabato" ni umusogongero w'icyumweru w'umunezero tuzagira mu buruhukiro nyakuri bwo mu ijuru. Ubwo buruhukiro ntibuvuga kutagira icyo umuntu akora, ahubwo bushaka kuvuga umutekano, amahoro no kugubwa neza. Ibyo kandi n'urufatiro rw'imibereho myiza. Kugira ngo umuntu asobanukirwe n'ubwo buruhukiro bwo mu buryo bw'umwuka ni ngombwa kubanza kubunyuramo. Ubuhamya bw'abanyuze muri ubwo buruhukiro bwo gucungurwa n'uburuhukiro bw'Isabato bwageze ku isi yose: "Iyo wemeye kuruhurwa na Yesu usabana nawe iminsi yose, icyumweru cyose, uzamenya ibanga rikomeye cyane ry'ubugingo."



Mbese wakwemera gushimira Yesu ku bw'impano itagira uko isa y'ikiruhuko? Ntiwamushimira buri munsi isezerano rishingiye ku gakiza n'ikiruhuko, dore ko rituma twihanganira ibirushya byo muri ubu buzima, kandi ukamushimira isezerano ry'ikiruhuko cy'Isabato tugira uko icyumweru gitashye kugira ngo isano ufitanye na we irusheho gukomera? Mbese niba utarigera wakira iyo mpano ye y'agakiza wakunda gufata icyo cyemezo uyu munsi? Wakwemera ku mubwira ko wifuza kuruhuka Isabato uko icyumweru gitashye? Wakwemera kuvuga uti "Mwami, ndifusa kubonera umucyo mu munsi wishyiriyeho wowe ubwawe? Kuki utakwiyegurira Imana uyu mwanya?

(Watangara uti: Ni nde wahinduye Isabato ari wo umunsi wa karindwi w'icyumweru, akayisimbuza icyumweru ariwo munsi wa mbere w'icyumweru? Mbese yahinduwe ryari? Mbese Imana yigeze itanga ubwo burenganzira? Ibyo bibazo bizasubirizwa mu cyigisho cya 21).

IBANGA RYO GUKURA MU BYO UMWUKA KUZANWA NO KUGANIRA IJAMBO RY'IMANA

Lari (Larry) yarimo yiyyumvira ibiganiro bishekeje, yinywera icyayi cy'Abayapani, arya n'ibisuguti mu nzu kwa Komori mu gihe abandi bashyitsi bari hanze bafite Bibiliya zabo. Bamwitegerezaga bamutegereje. Bwana Komori aramubaza ati "Mbese ntiwaduha icyigisho cyawe ubu?" Lari arikanga kuko yinywera icyayi.

Yari azi ko ari umwanya wo guhura n'abantu bakiganirira. Ntiyari afite icyo kuvuga.

Lari yigishije ibygisho bya Bibiliya mu mashuri menshi mu ishuri ry'icyongereza ry'abakristo mu Buyapani aho yakoraga. Byose byabaga biteguye neza. Yabashaga kugira ibyo yigisha bikomotse muri Bibiliya bitamugoye. Ariko guhita asobanura iby'Imana byari ibindi.



Lari yari yarumvise ibitekerezo byose byo muri Bibiliya kuva akiri muto. Ariko ntacyo byari bimubwiye cyane mu mibereho ye bwite. Yakomezaga gukora ibantu azi ko ari bibi mu maso y'Imana. Yabashaga ate kubwira abandi iby'Imana nawe ubwe atayizi?

Ubu bwo rero yari yicaye mu ntebe nziza, azengurutswe n'abantu bifuzaga ko agira icyo ababwira atangiye kurya iminwa. Ako kanya, n'ubwoba bwinshi yumva isomo ryerekereye nuko Umwuka Wera azaduha amagambo yo kuvuga igihe tuzaba tugomba kumuhamya imbere y'abantu (Luka 12:12) rimuje mu mutwe. Yahise avuga isengesho ryihuse ryo gutabaza Imana ngo imugoboke maze igitekerezo kimwe cyo muri Bibiliya kimenyerewe kimuzamo: Umwana w'ikirara.

Ubwo Lari yasobanuraga uburyo Imana ikunda n'abayigomera, yumvise ayo magambo amukoze ku mutima. Ijambo ry'Imana ryari rimugezemo. Bwari ubwa mbere mu mibereho ye Lari amenye neza ko Imana imukunda.

Iryo joro yapfukamye imbere y'igitanda cye maze yiyyegurira Imana abikuye ku mutima. Kuganira n'abandi ijambo ry'Imana n'urukundo rwayo byaramuhinduye arenga urwego rw'amagambo gusa. Byari ibantu bimurenze.

1. YESU ADUSABA KUGANIRA N'ABANDI IJAMBO RY'IMANA

Abigishwa ba Yesu bamaze imyaka itatu n'igice bumva amagambo ya Kristo, bitegerezza ibikorwa bye. Bigye byinshi ku rupfu rwe no ku kuzuka kwe. Igihe Yesu yari agiye gusubira mu ijuru, yasabye abigishwa be kumubera intumwa:

"Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira; kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalem, n'i Yudaya yose, n'i Samariya no kugeza ku mperuka y'isi." Ibyakozwe n'Intumwa 1:8.

Ubwo abigishwa ba Kristo bamweguriraga imitima yabo ku munsi wa Pentekote, Kristo wazutse yahinduye ubugingo bwabo kubwo imbaraga y'Umwuka Wera. Baba abagabo bo guhamya iby' urupfu rwa Kristo, kuzuka kwe no kujya mu ijuru kwe ariko bahamya n'imbaraga yo kuzuka kwe yahinduye ubugingo bwabo.

Natwe abakristo turi abahamya bo kuzuka kwa Kristo kuko iyo mbaraga yahinduye ubugingo bwacu.

GENZURA

"Ariko Imana, kuko ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo, Ku bw'urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu (ubuntu nibwo bwabakijje); nuko ituzurana na we... kugira ngo... izerekane ubutunzi bw'ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu" Abefeso 2:4-7



Twahinduranywe bazima na Kristo, Ku bw'ibyo "tubasha kwerekana ubutunzi bw'ubuntu bwe butagira akagero" Kandi adusaba kujyana iyo nkuru nziza y'ibyo abasha gukora mu bugingo bw'umuntu ngo tuyimenyeshe abari mu isi bose ndetse adusezeranira kuzabana natwe (Matayo 28:19-20).

H.M.S. Ricadi (Richards) uwatangiye umurimo wo kubwiriza ubutumwa bw'Ijwi ry'Ubuhanuzi kuri radiyo, rimwe yaravuze ati "Nabonye guhinduka kw'imitima y'abantu bumvise ubutumwa bwa Kristo. Nageze mu bihugu izina ry'Imana n'irya Yesu Kristo atigeze amenywa mbere yuko Itorero rigeza muri ibyo bihugu ubutumwa bwiza. Nabonye abo

bantu bahinduka bava mu mwanda bagira isuku, bagira amagara mazima, bareka guhorana ubwoba buzira umunezero n'amahoro bitangwa na Kristo. Nabonye abagore bahinduka mu mibereho yabo. Nabonye imiryango myinshi yavuye mu mwijima wo kutamenya Imana yakira umucyo wa Kristo. Mu gihugu cyose nagiyemo nabonye abantu bahinduve n'ijambo ry'Imana. Nzi ko ubutumwa bwa Kristo... ari imbaraga y'Imana iduhesha agakiza (Abaroma 1:16). Nzi ko ubwo Itorero ryabwirizaga ubutumwa, ihinduka rikomeye ryabayeye mu mitima no mu miryango myinshi ku buryo byagaragaraga mu mibereho y'abemeye kwitanga."

Imana yatugeneye uruhare muri uyu murimo unejeje, kuko kuganira n'abandi ijambo ry'Imana ari ingenzi cyane mu gukura mu byo Umwuka, kugira ngo kwizera kwacu gushikame ni ngombwa kukugaragariza abandi. Nkoko byagendekeye Lari kandi atari abyiteze, kuganira n'abandi ijambo ry'Imana byongera kwizera kwacu maze bigatuma dukura.

2. UBURYO TUBAHO BUGARAGAZA KRISTO MURI TWE

Umusore utaravukiye mu muryango wa gikristo, igihe kimwe yaravuze ati "Narebeye kubabyeyi banjye bampaye ishusho mbi y'Imana; nta muntu n'umwe mu bafite umubiri wigeze angaragariza urukundo." Abantu batuzengurutse biteze ko hagira umuntu, nubwo yaba umwe, wabagaragariza ishusho nyakuri y'Imana. Bakeneye umuntu ufite umubiri wabagaragariza imico y'Imana. Ikibwirizwa cyacu cy'ingirakamaro ni imbereho yacu. Mbere yuko umuntu yita kubyo uzi, agomba kubanza kumenya ibyo ukora. Petero aratubwira ati

**"Mugire ingeso nziza hagati y'abapagani, kugira ngo...
nibabona imirimo yanyu myiza, izabatere guhimbaza Imana...
kandi ibyo nibyo mwahamagariwe kuko na Kristo
yabababarijwe, akabasigira icyitegererezo kugira ngo mugere
ikirenge mu cye."** 1 Petero 2:12,21.

Kubera ko Kristo yatubabarijwe ku musaraba i Karuvari, dufite urugero rufatika rw'urukundo rwitanga. Urwo rukundo ruduteramo imirimo myiza ni imbaraga ikomeye cyane ikururira abatizera kuba mu mubare w'abagize ingabo za Kristo.



3. TUGARAGAZA KRISTO MURI TWE MU BURYO DUTEKEREZA

Igihe umwanzi Satani yagerageza Yesu amutegeye kunda, icyubahiro no kwigerezaho, Yesu yaneshesheje gusubirisha ibyanditswe (Matayo 4:4,7,10). Kristo yari yariteguye kuko ibitekerezo bye

byari byuzuye ukuri ko mu ijambo ry'Imana. Mu bitekerezo niho dutsindira intambara cyangwa tugatsindwa.

"Kuko uko umuntu atekereza ku mutima ari ko ari" (Imigani 23:7).

Abakristo bakura mu by'Umwuka barangamira ijuru mu bitekerezo byabo. Bita ku mico bakwiye kugira.

"Muje mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose... ibyo mushaka byose bimenye n'Imana, mubisabiye, mubyingingiye, mushima. Nuko amahoro y'Imana, ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarinda imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu. Ibisigaye bene Data, ibyo ukuri byose, ibyo kubahwa byose, iby'igikundiro byose, n'ibishimwa byose, ni haba hariho ingeso nziza, kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira... Nibwo Imana itanga amahoro izabana namwe." Abafilipi 4:4-9.

Ibyo dushyira mu bitekerezo byacu ni byo bidutandukanya n'abandi. Iyo dushyizemo imyanda niyo ibisohokamo, iyo dushyizemo ijambo ry'Imana, imico yayo niyo itugaragaraho.

4.INYIFATO YACU IGARAGAZA KRISTO MURI TWE

Nk'umuntu uhagarariye Kristo, umukristo akwiye kwicisha bugufi no mu nyifato ye, akirinda gukabya mu byo akora byose.

"Kugira ngo nubwo abagabo bamwe batumvira ijambo ry'Imana, bareshywe n'ingeso z'abagore babo... babonye ingeso zanyu zitunganye zifatanije no kubaha. Umurimbo wanyu we kuba uw'inyma, uwo kuboha umusatsim, cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukanisha imyenda, ahubwo ube uw'imbere, uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka, ufite ubugwaneza n'amahoro; ni wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana. Abagore ba kera biringiraga Imana niko birimbishaga." 1 Petero 3:1-5



Kwicisha bugufi mu myambarire no kwirimbisha ni kimwe mu byaranze kuva kera abagera ikirenge mu cya Kristo by'ukuri. Nk'abakristo, icy'ingenzi s'uko abantu barangazwa na mode z'ibyo twambaye ahubwo bakwiriye gukururwa n'uburyo tugaragaza Kristo mu mibereho yacu.

5. TUGARAGAZA KRISTO MU BYO DUKORA

Umunyamateka Eduwari Giboni (Edward Gibbon) avuga ko igihe Galeriyusi (Galerius) yasakaga mu nkambi y'Abapersi, umusirkare yaguye ku isakoshi irabagirana yuzuye amabuye y'agaciro. Uyu mugabo yabitse neza iyo sakoshe y'agaciro ariko ajugunya ayo mabuye y'igiciro.

abantu bagundira umunezero w'isi w'akanya bakirengagiza Yesu Kristo, Ibuye ry'igiciro rikomeye, bari mu kaga gasumba ak'umusirkari usahura ubutunzi mu gihe cy'intambara. Ntabwo Yesu ari ubutunzi tugumana mu ntoki gusa, ahubwo ni agakiza k'iteka ryose. Nuko rero Ibyanditswe byera biratugira inama:

"Ntimugakunde iby'isi, cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we; kuko ikiri mu isi cyose, ari irari ry'umubiri, ari n'iry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo, bidaturuka kuri Data wa tese, ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashirana no kwifusa kwayo; ariko ukora ibyo Imana ishaka, azahoraho iteka ryose." 1 Yohana 2:15-17.

GENZURA



Satani akora uko ashoboye kugira ngo ategi ibyaha ndetse n'imico mibi izarimbuza abantu. Mu kwamamaza ibiyobya bwenge yerekana abasore beza, bafite imbaraga, buzuye umunezero. Nta na rimwe ajya yerekana umuntu mubi ugenda adandabirana asohotse mu kabari afite isakoshi ikozwe mu ikarito.

Dukwiye kwitondera ubucuti bubangamira amahame yacu ya gikristo (2 Abakorinto 6:14). Nibyo koko Kristo yifuza ko tugirana ubucuti n'abatari abakristo. Ubucuti ni inzira yingenzi ikoreshwa kugira ngo abantu bageze ibyo bizera ku bandi. Ariko ukwiye kumenya neza ko incuti zawe zidakwiye kugusubiza inyuma mu nzira mbi wavuyemo.

Ibyo duhitamo mu mibereho yacu, ndetse n'imikino, bigira ingaruka mu mibereho yacu y'iby'umwuka. Dukwiye kwita cyane kubyo twinjiza mu bwenge cyangwa mu bitekerezo byacu.

"Sinzagira ikintu kidakwiriye nshyira imbere yanje" Zaburi 101:3.

Nidushyira ibyiza mu mitima yacu, ibibi ntibizashobora kudukurura. Kwifusa kugera kurugero rwo hejuru mu byo dukora mu miryango yacu no mu bitekerezo ntibizadindiza imibereho yacu. Umukristo afite byinshi byo kumunezeza kurusha undi uwo ariwe wese.

"Imbere yawe niho hari ibyishimo byuzuye; mu kuboko kwave kw'iburyo hari ibinezeza iteka ryose" Zaburi 16:11.

6. TUGARAGAZA KRISTO MURI TWE IYO DUTANGA



Ubwo yari agiye kubatiza umwizera mushya, Nyakwigendera Pasitoro H.M.S. Rishari (Richards) yumvise uwo mugabo afite ikotomoni nziza mu mufuka. Rishari yabajije uwo mwizera niba yibagiwe gusiga amafaranga mu cyumba bambariramo. Uwo mugabo yaramusubiza ati ndifuza kubatizanywa n'ikotomoni yanje. Yari yarasobanukiwe neza n'ubukristo nyakuri: ubukristo nyabwo bushingiye ku gufasha abandi. Abakristo bakura mu by'umwuka bafasha abandi. Niyo yo mpamu Yesu ubwe yavuze ati "Gutanga bizana imigisha kuruta guhabwa" Ibyakozwe n'Intumwa 20:35.

Ibyo dutanga kugira ngo dutebutse Ubwami bw'lmana bifite agaciro gahoraho iteka ryose.

"Ntimukibikire ubutunzi mu isi aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba; ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru aho inyenzi n'ingese zitaburya ... kuko aho ubutunzi bwawe buri, ariho n'umutima wawe uzaba". Matayo 6:19-21

Mu gihe utanga ujye wibuka ko "Isi n'ibiyuzuye ari iby' Uwiteka, isi n'abayibamo" (Zaburi 24:1) byaba ifeza cyangwa izahabu (Hagayi 2:8). Natwe ubwacu turi ab'lmana kuko ariyo yaturemye kandi kuko yaturokoye mu byaha byacu ubwo yatangaga amaraso yayo ho impongano y'ibyaha byacu (1 Abakorinto 6:19-20). Ibyo dutunze byose ni iby'lmana kuko ariyo iduha imbaraga zo kubikora (Gutegeka kwa Kabiri 8:18).

Ni kangahe Umwami wacu wabambwe akazuka adusaba kumuhamya tugeza ku bandi inkuru nziza y'agakiza?

"Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwebwe mwarabinyimye. Nyamara murabaza muti "Twakwimye iki? Mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n'amaturo... Ni muzane imigabane ya

GENZURA

kimwe mu icumi ishyitse, mubishyire mu bubiko, inzu yanje ibemo ibyokurya; ngaho nimubingeragereshe", niko Uwiteka nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomororeho imigomero yo mu ijuru nkabasukaho umugisha mukabura aho muwukwiza:. Malaki 3:8-10.

Kimwe mu icumi cy'ibyo wungutse ni umugabane w'Uwiteka (Gutegeka kwa kabiri 14:22; Itangiriro 28:22). Ku muhinzi cyangwa umucuruzi icyo yungutse ni ibisigara umaze kuvanamo ibyo washoye muri icyo gikorwa. Ku mukozi ni umushahara wose. Ihame rijyanye n'icya cumi ni ihame ry'itozamuco kuko rigira uruhare mu kurema imico. Iyo tudatanze umugabane (icya cumi) tuba twibye Imana. Icy a cumi ni icy'Imana kandi kigomba gukoreshwa gusa mu gushyigikira umurimo w'Imana (1 abakorinto 9:14) Icy a cumi kigomba gufasha mu gikorwa cyo kurangiza umurimo w'Imana hano ku isi kugira ngo Kristo agaruke (Matayo 24:14).

Ubwo Yesu yazaga mu isi yahamije ibyo gutanga icya cumi mu isezerano rishya (Matayo 23:23). Mbese twatanga amaturo angana iki? Amaturo aturuka ku cyemezo cya buri muntu. Buri muntu atange uko yagambiriye mu mutima we (2 Abakorinto 9:5-7). Ntushobora guha Imana ibifite agaciro karenze ak'ibyo yaguhaye:

"Mutange namwe muzahabwa, urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye, nirwo muzagererwamo; kuko urugero mugeramo, arirwo muzagererwamo namwe" Luka 6:38.

H.M.S. Richards igihe kimwe ubwo yatangaga ubuhamya kuri aya magambo yaravuze ati: "Umukinnyi w'inzobere yaje mu materaniro yanje i Los Angeles, kandi ntabwo nzibagirwa ikiganiro nagiranye na we twiherereye mu cyumba aho imikino ibera. Yazamuye i paki y'inoti mu mufuka we (amadolari 500) maze igihe yayamperezaga aravuga ati: Iki nicyo cya cumi cyanje ntanze bwa mbere".

Uyu mugabo ntabwo yari amerewe neza kandi nta kindi yari yarakoze uretse gukina imyaka iri hagati ya 30 na 40, maze ndamubwira nti:

"Ubu se uzatungwa n'iki?"

Aransubiza ati: "Nsigaranye amadorari atanu gusa kuko ayandi yose ari ay'Imana."

"Nongera kumubaza nti: "Uzakora iki?" "Aransubiza ati simbizi, gusa icyo nzi n'uko ngomba kugarurira Imana icya cumi, ahasigaye izanyitaho".

Nta gushidikanya Imana yarabikoze. Kwihana k'uyu mugabo kwari kuvuye ku mutima. Yiyeguriye Imana byimazeyo kandi byamuhaye umunezero mu mibereho ye yose, kandi Imana yaramutunze kugeza ku munsi wo gupfa. Imana ntabwo yasezeranje abayizera by'ukuri ko bazagira ubukungu bwinshi, ariko Umuremyi wacu yadusezeranje kuzaduha ibyo dukennyne mu mibereho yacu. Kristo yatanze byose ku bwacu. Mureke tumwegurire imitima yacu guhera uyu munsi. Mureke tumuhamirize abandi dukoresheje imibereho yacu, ibitekerezo, imyifatire, ibikorwa no gutanga. Ni kuki tutaharanira kwibonera umunezero ukomoka ku kumenyesha abandi Kristo no gukurira mu buntu bwe butangaje?



IBANGA RY'UBUZIMA BUZIRA UMUZE

Abashakashatsi b'iki gihe bagowe no kugaragaza ukuri kuboneka muri Bibiliya kwerekana ko umuntu ari ikiremwa cyuzuye, kigizwe n'Umubiri, ubwenge n'Umwuka, kandi byose bikubiye hamwe ntibitandukana. Ni ukuvuga ko igikoze ku bitekerezo, kiba gikoze no ku mubiri. Imibereho yacu ya gikristo igira icyo imarira imibiria yacu, maze byose bigakorana. Buri muntu aruzuye.



Icyitegererezo n'uko abashakashatsi babizobereyemo babonye ko umunezero n'inseko nziza byongerera umuntu ubuzima bwiza. Guhorana umunezero bishobora gufasha umubiri wawe maze ugashobora kurwanya indwara! Ubushakashatsi bugaragaza neza uko ibitekerezo n'umubiri bikorana.

Mu myaka ibihumbi ishize, ijambo ry'lmana ryerekanye ubu bumwe buri hagati y'ibitekerezo n'umubiri none muri iki gihe inyigisho z'ubuganga zarabyemeye:

"Umutima unezerewe ni umuti mwiza; ariko umutima ubabaye umutera konda."
Imigani 17:22.

Intumwa Yohana yerekana uko ibitekerezo n'umubiri bifitanye isano n'imibereho yacu ya gikristo.

"Ukundwa, ndagusabira, kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga, nk'uko umutima wawe uguwe neza". 3 Yohana 2.

Umuremyi wacu ashaka ko tugira "ubuzima buzira umuze". Ijambo ry'lmana rishobora kuba isoko y'ubuzima bwacu, ndetse rikatubera n'isoko y'ubugingo buhoraho.

Kuko ubuzima bw'umubiri n'ubwenge n'iby'Umwuka byacu bikorana, Intumwa Paulo araturika avuga ati:

"Namwe iyo murya, cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimaza Imana." 1 Abakorinto 10:31.

Ubuzima buzira umuze bushobora kudufasha kuba abakristo bashikamye.

Dore amabwiriza munani ugomba gukurikiza niba ushaka kugira ubuzima buzira umuze:

1. UMWUKA MWIZA

Umwuka mwiza, ufutse ni ingenzi ku buzima bwiza. Ku manywa na njoro turyamye, ni byiza guhumeka umwuka mwiza kugira ngo amaraso akwize umwuka mwiza (okisijene) mu ngingo zose z'umubiri. Gukora imyitozo ngorora mubiri buri gitondo ni uburyo bwiza bwo kwinjiza umwuka mwiza mu mubiri wawe.

Umwuka duhumeka ni ingirakamaro. Jya wirinda guhumeka umwotsi, umwuka utari mwiza (gaz) cyangwa undi mwuka uwo ari wo wose w'ahantu hari imyanda. Umwotsi w'itabi uhumanya umwuka; ni kimwe mu byica abantu muri iyi mins. Ubushakashatsi bwimbitse bwerekanye ko itabi ritera kanceri yo mu bihaha, ubwoko runaka bwa asima ifata mu bihaha, ibuza umuntu guhumeka neza, n'indwara y'umutima. Iyo umubiri umenyereye uburozi bwitwa nikotini yo mu isigareti, biba bikomeye kugira ngo umuntu ayireke. Abantu nibakomeza kunywa amasigareti nkuko bayanya muri iki gihe, hazajya hapfa abantu miliyonu cumi n'ebiyiri buri mwaka uhoreye mumwaka w'2020.

2. UMUCYO W'IZUBA

GENZURA

"Akamaro k'umucyo w'izuba ni kenshi:

- (1) Guhagarara mu mirasire y'izuba buri gitondo cyangwa buri kigoroba buri munsi mu minuta cumi n'itanu cyangwa mirongo itatu bifasha umubiri gukora vitamine D, ifitiye uruhu akamaro gakomeye cyane. Vitamine D ifasha amaraso gukora ubutare bukomeza amagufa bwitwa kalisiyumu na fosifore.
- (2) Umucyo w'izuba wica imbuto z'indwara zitwa bacteries.
- (3) Izuba rifite ububasha butuma ibimera bishobora gukura no kwera bityo abantu n'inyamaswa bakabona ibibatunga.... Uwo murimo ukorwa n'imirasire y'izuba utabayeho inyamaswa zapfa abantu na bo gagapfa.
- (4) Imirasire y'izuba iha imbaraga kumanywa abantu bakora imirimo ya nijoro, kandi igarura ubuyanja mu bantu baba mu turere tubamo imbeho nyinshi.



"Umuburo: Hari ubwo imirase y'izuba yonona. Umuntu agumye ku izuba igihe kirekire, rishobora kumwotsa, rikaba rya mutera kanseri yo ku ruhu, rikica amaso, kandi rigatera umuntu indwara y'amaso ishobora gutuma ahuma aramutse atayivuje hakiri kare." (Byakuwe mu gitabo cyitwa Reba Hejuru Maze Ubeho Look Up and Live: A Guide to Health).

3. IKIRUHUKO

Umubiri ugomba kuruhuka kugira ngo ugarure ubuyanja. Tugomba kugira igihe cyo kuruhuka imiruho yimirimo n'inshingano dufite mu muryango. Abantu batabona ikiruhuko gihagije, bagira umubabaro, gucika intege n'umwaga. Uko kunanirwa gutera indwara ihatira abantu kuruhuka, dore ko umubiri uba ukeneye icyo kiruhuko. Nta kintu wasimbuba ibitotsi byiza.

Ni byiza kongera ubushyuhe bw'iby'umwuka mu mabuye ya batiri zacu buri munsi, kugira ngo tugire amagara mazima. Umukristo wiyegereza Imana buri munsi, akiga Bibiliya kandi agasenga, ibyo bizakiza umubiri n'umutima we. Dukeneye ikiruhuko buri gihe turangije gukora; umunsi w'ikiruhuko buri cyumweru, n'ikiruhuko cya buri mwaka, cyangwa buri mezi atandatu.



4. IMYITOZO

Imyitozo ni ingira kamaro ku buzima bwacu:

- (1) Imyitozo ituma amaraso agenda neza mu mubiri
- (2) Imyitozo ituma amaraso menshi agera mu ngingo zose z'umubiri, maze umubiri wose ukagira ubushyuhe.
- (3) Imyitozo ikiza umunaniro n'umwaga, igafasha umuntu maze akumva amerewe neza. Imyitozo ni umuti mwiza uvura agahinda n'umunaniro.
- (4) Imyitozo ituma amashanyarazi yinjira mu bwonko no mu mubiri. Yongera ubuzima, umubiri ugashobora kurwanya indwara. Iyo umubiri ukoreshejwe inyitozo myiza, ubwonko butekereza neza.
- (5) Imyitozo ifasha umuntu agahora amerewe neza, kandi afite imbaraga.
- (6) Yongera ingufu, ikagabanya umunaniro w'umubiri n'u'w' ibitekerezo.
- (7) Ifasha ubwonko gukora umuti utuma umuntu yumva amerewe neza, bityo akabasha kwhanganira uburibwe bw'umubiri.

Niba udakora imyitozo, tangira uyikore buhoro buhoro maze ugende uyongera uko urushaho kumenyera. Byaba byiza kubaza muganga inama mbere yuko utangira. Umugambi wawe ube uwo gukora umwitozo uhwanye no kugenda kilometero imwe n'igice mu minota cumi n'itanu, kane cyangwa kenshi buri cyumeru.

5. AMAZI

GENZURA

Tugomba kunywa amazi menshi, kuko ari ingirakamaro mu mubiri.

"1. Purusa mirongo irindwi ni zo mugabane amazi afite mu mubiri w'umuntu.

"2. Umuntu agomba kunywa amazi atari munsi ya litiro imwe n'igice buri munsi, kugira ngo umubiri we ukore neza. Amaraso agenda neza mu mubiri, imyanda igasohoka, ibyo kurya bigakwira mu mubiri n'igifu kigakora neza.

"3. Umuntu uringaniye afite selile z'ubwonko ziri hagati ya biliyonu cumi n'eshanu na mirongo ine. Buri selile igizwe na purusa 70 kugeza kuri 85 z'amazi. Kunywa amazi ahagije ukagburira izo selile bituma ubwonko bukora neza, maze umuntu agatekereza neza.

"4. Amazi umuntu anywa si yo y'ingirakamaro gusa. Kwiuhagira amazi afutse cyangwa y'akazuyaze buri munsi bituma amaraso atembera neza, maze umubiri n'ubwonko bigakorana imbaraga. Kwiuhagira kandi bikura imyanda ku ruhu, ndetse bigabanya umuriro w'umurwayi."



6. IBYO KURYA BYIZA



Imana imaze kurema Adamu na Eva yabategetse kurya ibimera byose byera imbuto, n'igitu cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo. (Itangiriro 1:29).

Adamu na Eva bamaze gucumura, imboga zongerewe ku byo kurya byabo (Itangiriro 3:18). Hanyuma y'umwuzure, Imana yabongereyeho inyama z'inyamaswa zitazira (Itangiriro 7:2-3; 9:1-6).

Inyama z'inyamaswa zirimo urugimbu rwinshyi n'icyitwa Kolesiterol aribyo bitera kutagenda neza kw'amaraso mu mubiri, kanseri, kubyibuba cyane, diyabete, n'izindi ndwara. Muri iki gihe abaganga benshi, baha inama abaryi b'inyama ko bajya bazirya zitarimo urugimbu, zitetse neza, kandi bakarya nke.

Kuko abantu batungwa n'ibyo kurya bitarimo inyama bagira amagara mazima, kandi bakarama, abahanga mu by'ubuzima baduha inama ko dukwiriye gusubira ku byokurya Imana yahaye umuntu mu irema ry'isi: imboga amatunda n'impeke.

Niba ushaka gutangira kurya ibyokurya bitarimo inyama, ugomba kumenya neza uko utegura iryo gaburo rrimo intungamubiri zuzuye ritarimo inyama. Buri munsi ujye urya ubwoko butanu cyangwa butandatu bw'amatunda, impeke n'imboga zinyuranye. Imboga z'icyatsi kibisi n'iz'umuhondo ndetse n'indimukali, ni ingirakamaro. Ni byiza gukoresha ifu itayunguruye cyane y'ibinyampeke (kuko iba ifite intungamubiri nyinshi) n'umuceri w'ibihogo, aho gukoresha umuceri w'umweru. Urugimbu rukomoka ku nyamaswa urusimbuze urukomoka ku bimera.

Ibi byokurya tumaze kuvuga haruguru birahagije utagombye gukoresha ibikomotse ku nyamaswa. Abahitamo kurya inyama bagomba kurya inyama z'inyamaswa zitazira zemewe na Bibiliya. Igihe Imana yahaga umuntu uruhusa rwo kurya inyama hanyuma y'umwuzure (Itangiriro 7:2-3; Abalewi 11:47), yerekanye inyamaswa zizira n'izitazira.

Soma Abalewi igice cya 11 no Gutegeka igice cya 14, urahabona urutonde rw'inyoni, inyamaswa n'ifi Imana yavuze ko zidakwiriye kuribwa.

Ingurube ni imwe mu nyamaswa zizira, ububi bwayo bwaragaragajwe (Gutegeka 14:8). Abantu benshi barya ingurube barwara utuyoka aduto cyane twitwa trichinae [soma ngo trikinaye]. Izo nzoka ziterwa na twa mikorobe dutoya duterwa no kurya inyama z'ingurube. Uko ubushakashatsi butera imbere bwerekana impamvu Imana yavuze ko hari inyamaswa zizira. Impamvu imwe nuko zitera kurwara inzoka za trichinae ziterwa no kurya inyama z'ingurube. Indi mpamvu nuko urugimbu rwuzura mu gifu rukomotse kuri izo nyamaswa ratera indwara.

7. KWIRINDA IBYONONA UMUBIRI

Dore imiburo ituruka muri Bibiliya:

"Vino n'umukobanyi, inzoga zirakubaganisha, kandi ushukwa nabyo ntagira ubwenge". Imigani 20:1.

"Cyangwa abajura, cyangwa abifuza, cyangwa abasinzi, cyangwa abatukana, cyangwa abanyazi; bene abo ntibazaragwa Ubwami bw'Imana."
1 Abakorinto 6:10.



Ibyo inzoga yonona mu mubiri;

- "1. Gahunda yo mu mubiri igamije kurwanya indwara - Inzoga igabanya abasirikari barwanya indwara mu mubiri (globule blancs), maze bigatumu umuntu arwara umusonga, igituntu, umwijima na za kanseri z'ubwoko bwinshi.
- "2. Gahunda yo gufasha imikorere myiza y'imyanya y'umubiri - Kunywa inzoga kabiri cyangwa gatatu ku munsi bishobora gutuma umugore akuramo inda, cyangwa umwana akavuka yapfuye, cyangwa umwana akavuka igihe kitageze.
- "3. Gutembera kw'amaraso - Kunywa inzoga bitera indwara y'umutima, bigabanya isukari yo mu maraso, kandi bikongera urugimbu mu maraso, ndetse n'amaraso agatembera birenze urugero, ari byo bita iperitansiyo.
- "4. Inzira zijiyan ibyo kurya mu mubiri - Inzoga itera uburibwe mu gifu igakomeretsa igifu... Kunywa inzoga kenshi bituma umwijima ubyimba, umwijima ukagira uburibwe, umuwijima ukavubura ibara ry'umuhondo.

Kunywa inzoga bitera abantu benshi kwiyahura, konona abana, n'umuvurungano mu ngo.

8. KWIZERA UBUSHOBOZI BW'IMANA

Umuntu uhorana ubwoba cyangwa igicumuro bizamukomerera kugira ubu buzima bwuzuye tumaze kuvuga. Nyamara umuntu unejejwe no kwizera Imana azamenya isoko y'imibereho myiza:

"Mutima wanje, himbaza Uwiteka; Ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose, Niwe ubabarira ibyo wakiraniwe byose; Agakiza indwara zawe zose; Agacungura ubugingo bwawe ngo butajya muri rwa rwobo." Zaburi 103:2-4.



David Larson umusuzumi mu kigo cy'ubuvuzi bwo mu mutwe mu gihugu cya Amerika, yakoze ubushakashatsi buhanitse bwerekanye n'isano iri hagati y'idini n'ubuzima. Ubushakashatsi bwe bwerekanye ko hari ubumwe hagati yo kwizera k'umukristo n'ubuzima. Yatangajwe no kumenya ko: abantu bajya mu itorero barama kurusha abari hanze y'itorero. Abari mu itorero bake ni bo barwara umutima, indwara yo kwihuta cyane kw'amaraso (hypertension) n'izindi ndwara. Abizera Imana bararama kuko badakunze kurwara indwara yo kwiheba, ntibasinda, ntibakunze gufungwa incuro nyinshi, bagira ingo nziza. Kwiringira Imana ni urufatiro rw'imibereho myiza irangwa n'ubuzima buzira umuze n'ubuzima bunejeje.

Mu myaka irenga 30 ishize, Abadiventiste bo muri California [soma Kariforuniya] bagera ku bihumbi mirongo itanu bakoreweho ubushakashatsi. Ibisubizo byerekanye ko abagabo b'Abadiventiste babaho imyaka 8 n'ibice icyenda, abagore nabo bakarama imyaka 7 n'ibice bitanu irengeje iy'abandi baturage batari Abadiventiste. Ubushakashatsi bwakozwe ku Badventiste bo muri...

GENZURA

Holande, Norveje, na Poland nabwo bwagaragaje ko Abadiventisti baho babaho igithe kirenze icy'abandi baturage. Abashakashatsi babonye ko uko kurama kw'Abadiventiste, guterwa n'uko bakurikiza aya mabwiriza munani ari muri iki cyigisho. Abakurikiza aya mabwiriza ntibarama gusa, ahubwo bagira n'ubuzima bwiza.

Gushyira mu bikorwa ibyo Bibliya yigisha bishobora guhindura imibereho yacu yose, bikatwemeza ko ubukristo aribwo dini rishingiye ku mahame y'ukuri kandi rifite akarusho ku yandi madini yose yo ku isi. Bihindura ibitekerezo n'ibikorwa by'abantu, maze bagahinduka bakagira imibereho mishya.

Kuko ibitekerezo, umubiri n'iby'umwuka bifitanye isano, abakristo bemera ijambo ry'lmana, bazakurikiza amabwiriza y'ubuzima buzira umuze, mu gihe bitegura kugaruka kwa Yesu (1 Yohana 3:1-3). Yesu ntashaka ko twitegura kumusanganira n'agaruka gusa, ahubwo ashaka n'uko twagira ubuzima bwiza mur'iki gihe. Tuba dufatanije na we iyo dukurikiza amabwiriza y'ibanze y'ubuzima twahawe n'lmana.

Yesu yadusezeraniye ko imbaraga ze zidukoreramo, zizadukiza buri ngeso zose zonona (Abefeso 3:20). Niba mugerageza gutsinda ingeso zonona umubiri, nko kunywa itabi, cyangwa kunywa inzoga, ibitekerezo byanyu byiza ntibigatezuke. Nyamara wemeye imbaraga zigukoreramo, Imana yaguha ububasha bwo gutsinda. Dore amasezerano y'ijambo ry'lmana: "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" (abafilipi 4:13).

INTANGIRIRO Y'IMIBEREHO YA GIKIRISTO

Dore urwandiko ruteye amatsiko rwanditswe n'umwe mu bantu bo muri Afrika bahagarariye ishuri rya Bibiliya:

Hashize imyaka itanu Ijwi ry'ubuhanuzi rinsabye kujya gusura umugororwa wari umwigishwa waryo. Icyo kintu nkigeza ku bategetsu ba gereza, maze bamerako bemera gutanga uruhusa. Kuko uwo mwigishwa yari afite ubwuzu bwo kwiga Bibiliya, nahoraga njya kumusura.

"Nyuma y'amezi atandatu musura, asaba ko yabatizwa maze akaba umwizera mu itorero. Abategetsi ba gereza bemera ko abatirizwa muri gereza. Abarinzi n'abandi bagororwa bose bahamije iby'ubo mubatizo nari nyoboye.

"Hashize igihe gito, uwo muvandimwe arafungurwa, nubwo yari agishigaje igihe cyo gukorera Imana. Mbajje impamvu, bambwira ko ubugingo bw'ubo mugabo bwahindutse cyane, kandi yabaye umuhanya w'umukiza we n'itorero rye, bituma atakibarwa nk'umugororwa. Uwo mugabo yasanze umuryango, none ubu n'umuyobozi wa rimwe mu matorero afite abizera benshi."



1. UMUBATIZO USOBANURA IKI?

Igihe uwo mugororwa yahindukaga Umukiristo n'ubugingo bwe bugahinduka rwose, kuki byari ngombwa ko abatizwa? Mu kiganiro cya Nikodem, wa mutware wasanze Yesu nijoro, Yesu yerekana neza agaciro n'ubusanuro bw'umubatizo:



"Umuntu utabyawe ubwa kabiri... utabyawe n'amazi n'umwuka ntabasha kubona Ubwami bw'Imana." Yohana 3:3,5.

Dukurikije Yesu, tugomba kubyarwa "n'amazi n'Umwuka". Kubyarwa n'Umwuka ni ukwinjira mu buggingo bushya, ibitekerezo n'umutima bigahinduka. Kwinjira mu Bwami bw'Imana bisaba ubugingo bushya, ntabwo ari ugsana ubuging bwa kera, ahubwo byitwa kubyarwa ubwa kabiri. Umubatizo w'amazi ni ikimenyetso cyerekana guhinguka kwa mbere hagomba guhinduka.

Umuyobozi wacu yabatije umugororwa kuko yari yiyegeuriye Kristo, kandi bikaba ari ikimenyetso cyerekana ko Umwuka Wera yatangiye mu mico ye.

2. KUKI ARI NGOMBWA KO MBATIZWA?

Agakiza kacu kaboneka mu bikorwa bitatu bya Yesu by'ingirakamaro:

"Kristo yapfiriye ibyaha byacu, nk'uko byari byaranditswe... agahambwa, akazuka ku munsi wa gatatu, nk'uko byari byaranditswe na none." 1 Abakorinto 15:3,4

Urupfu rwa Yesu, guhambwa no kuzuka kwe, byatumye agakiza kabaho.

GENZURA

"Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo, twabatirijwe no mu rupfu rwe? Nuko rero, Ku bw'umubatizo twahambanywe nawe mu rupfu rwe, kugira ngo, nk'uko Kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese, abe ari na ko natwe tugendera mu bugingo bushya." Abaroma 6:3,4.

Yesu yapfiriye ibyaha byacu, yarahambwe, hanyuma arazuka, aduha ubugingo bushya bwo gukiranuka. Iyo tubatijwe tuba twemeye urupfu, guhambwa no kuzuka bya Yesu. Umubatizo usobanura ko twapfuye ku cyaha hamwe na Kristo, kandi tuzuka tukagira "ubugingo bushya" muri Kristo. Urupfu n'umuzuko bya Kristo biba urupfu n'umuzuko byacu. Imana ituma dupfa ku cyaha, bikaba nk'aho twabambwe. Imana ishobora kutubeshaho mu buryo bw'Umwuka, tukaba nk'aho twazutse mu bapfuye.



Umubatizo ugaragaza intambwe zo kwhiana. Ubwa mbere, twinjira mu mazi, twibizwa mu mazi rwose nk'uko umuntu wapfuye ahambwa mu imva bakayisiba. Ibyo byerekana ko dushaka gupfana na Kristo no guhamba ubugingo bwacu bwa kera. Umubatizo n'uguhamba; ni ugusezerera ubugingo bware imbata y'icyaha. Ubwa kabiri, tuvanwa mu mazi, nk'uko umuntu azuka akava mu gituro. Ibi bivuga ko turi "icyaremwe gishya", tukagira "ubugingo bushya" Imana iduha.

Umubatizo wo kwibiza mu mazi ni wo wonyine werekana ubusobanuro bw'umubatizo, urupfu, guhambwa no kubyarwa ubwa kabiri. "Umubatizo wo gutonyangiriza amazi ku gahanga ntabwo ari icyimenyetso cyo kubyarwa

ubwa kabiri.

None se, gupfana na Kristo bisobanura iki koko?

"Kandi tumenye iki, yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe nawe, kugira ngo umubiri w'icyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha." Abaroma 6:6.

Umubatizo werekana mu bigaragarira inyuma icyo umuntu akwiriye gukora muri we: kwegurira Kristo ibantu byose. Nitugira icyo twima Imana, ubwo tuzasigara turi "imbata z'icyaha". Nitwiyegurira Kristo, ubushake bwo gukora icyaha buzabura. Nitwegurira Kristo ubugingo yacu yose, ubushake bwo gukora icyaha ntibuzaba bugifite imbaraga, maze dutangire guhinduka.

Ni nde utuma habaho uko guhinduka?

"**Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho; nyamara si jye urihom, ahubwo ni Kristo urihom muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera umwana w'Imana wankunze, akanyitangira.**" Abagalatiya 2:20.

Iyo nemeye ko Yesu yambambiwe nkabigaragarisha kubatizwa, mba ntumiye imbaraga ikomeye mu bugingo bwanjye. "Kristo aba muri jye."

Kugira ngo ushyire ubugingo bwawe bwose mu maboko ya Yesu, ubwa mbere banza urebe kuri Kristo apfira ku musaraba. Ntiwite ku cyaha kigutera ubwoba, ntiwite ku mibereho yawe ya kera ngo wihebe; ahubwo reba kuri Yesu. Urebye imbabazi n'ubutwari bye apfira ku musaraba i Kaluvari, ushobora kuvuga ufatanije nawe uti: `"Ku bw'imbaraga z'umusaraba, ndemeza ko napfuye ku ngeso za kera nemera guhamagarwa n'Imana. Mbana na Kristo. Guhera none `nzakomeza kwizera Umwana w'Imana, wankunze akanyitangira."` Ubwo twemeye imbaraga z'urupfu n'umuzuko bya Kristo, dukomeza kubona ingeso ze zisimbura ingeso zacu za kera:

"**Umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.**" 2 Abakorinto 5:17.

GENZURA

Mu mubatizo niho twerekanira ko twifuza gufatanya na Yesu maze tukagira ubugingo bushya kandi bwiza "muri Kristo." Yesu adukorera icyo tutashoboraga kwikorera ubwacu. Tuva mu mazi tukaba "ibyaremwe bishya"; aduha imbaraga zo kugira "ubugingo bushya".

3. KUKI YESU YABATIJWE?

Ku munsi wa Pentekote, Petero yabwiye abantu bashakaga gukira ibyaha ati "Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe" ubwo Kristo ashobora kubabarira ibyaha byanyu." Ibyakozwe n'Intumwa 2:38. Ko Yesu atigeze akora icyaha na kimwe, kuki yiyeje kubatizwa?



"Icyo gihe Yesu ava i Galilaya, ajya kuri Yorodani, asanga Yohana ngo amubatize... kuko ari byo bidukwiriye, ngo dusohoze gukiranuka kose." Matayo 3:13,15

Yesu nta cyaha yakoze. Ntiyari akeneye kwhiana icyaha. Hari indi mpamvu yamuteye kubatizwa: "gusohoza gukiranuka kose." Kubatizwa kwe, Yesu yaduhaye icyitegererezo cyiza, twe b'abanyanteg e nke n'abanyabyaha. Yesu ashaka ko tunyura mu nzira yanyuzemo.

Iyo abizera bibijwe mu mazi y'umubatizo, baba bakurikije intambwe ze. Kuko Kristo yapfuye Ku bw'ibyaha byacu, ashobora kuduha ubutungane bwe.

"Kuko utigeze kumenya icyaha, Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muriwe duhinduke gukiranuka kw'Imana." 2 Abakorinto 5:21.

Mu maso y'Imana twarahindutse tuva mu banyabyaha tujya mu bera, dukurira muri ubwo "butungane, maze tukagira ubugingo bushya muri Kristo"

4. KUKI ARI NGOMBWA KO NIBIZWA MU MAZI?

Yesu yibijwe mu mazi; Igihe yabatizwa ntabwo yatonyangirijweho amazi ku gahanga. Yohana yamubatirije mu ruzi rwa Yorodani kuko hari "Amazi menshi" (Yohana 3:23). Igihe Yesu yabatizwaga, yaramanutse ajya mu mazi, "aribizwa, akimara kubatizwa ava mu mazi" (Matayo 3:16).

Iyo tumenye ubusobanuro nyakuri bw'Umubatizo, ntiturushywa no kumenya umubatizo w'ukuri uwo ariwo. Ijambo "kubatiza" rikomoka mu ijambo ry'Ikgiriki "baptizo", risobanurwa "kwibiza mu mazi".

Igihe John Wesley yasuraga Amerika mu mwaka 1737, agatsiko k'abayobozi b'itorero 34 baramugerageje bamurega ko yanze kubatiza umwana wa Bwana Parker, ngo keretse yibijwe mu mazi." Nyamara uwo mukambwe w'umumethodiste yabatizaga abihannye akabibiza mu mazi menshi.

Umagorozi Yohana Calvini yaravuze ati "Ni byukuri ko umubatizo wo kwibiza mu mazi menshi ari wo wakoreshwaga n'itorero rya kera." Institutes of the Christian Religion, BK.4, chap.15 sec. 19.

Amateka y'itorero rya mbere agaragaza neza ko umubatizo usobanura kwibiza mu mazi. Dean Stanley wo mu itorero ry'Abepiscopale yaranditse ati "Mu binyejana cumi na bitatu bya mbere, umubatizo dusoma mu Isezerano Rishya, niwo wakoreshwaga hose, ni nabwo busobanuro bw'ijambo "umubatizo" -



GENZURA

ababatizwaga baribizwaga, bakarengwaho n'amazi." Christian Institutions, p.21.

Ibizenga byabatirizwagamo abihanye biboneka mu matorero menshi byubatswe mu Burayi no muri Asiya hagati y'ikinyejana cya kane n'icya cumi na kane; amatorero nka catederale yo muri Pisa, Italia, ni ya mutagatifu Yohana, ari nayo nini muri Roma.

Mu kinyejana cya cumi na gatanu mu nama yabereye i Ravenna, nibwo itorero Gatolika ryemeje ko umubatizo wo gutonyanza uhwanye n'ubo kwibiza. Ku byerekeye imihango y'itorero, ntidukwiriye gukurikiza inyigisho z'umuntu, ahubwo dukurikize inyigisho za Yesu n'Intumwa ze.

Abakristo bensi bakunda umuhango wo kubatiza abana bato, kandi uhereye na kera kwegurira Imana abana bacu bakiri bato biremewe. Nyamara Bibliya yerekana neza ko umuntu agomba kwigishwa inzira y'agakiza mbere yuko abatizwa (Matayo 28:19,20), kandi umuntu agomba kwizera Yesu mbere yuko abatizwa (Ibyakozwe n'Intumwa 8:35-38) kandi umuntu agomba kwihana icyaha, maze akabarirwa, mbere yuko abatizwa (Ibyakozwe n'Intumwa 2:38). Umwana ntashobora kwizera, ntashobora kwihana, cyangwa kwicuza, kandi aribyo bikwiye kubanziriza umubatizo.

5. KUKI KUBATIZWA ARI INGIRAKAMARO?

Yesu yavuze ko umubatizo ari ngombwa ku muntu wese wifuza kujya mu ijuru:

"Yesu aramusubiza ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe n'amazi n'umwuka atabasha kwinjira mu Bwami bw"Imana." Yohana 3:5.

Yesu atanga itandukaniro rimwe gusa. Igisambo cyari ku musaraba cyari "cyarabyawe n'Umwuka", nubwo atashoboraga kuva mu musaraba ngo yibizwe mu mazi maze bibe ikimenyetso cy'uko umutima we wahindutse. Yesu yamusezeraniye ko ari bubane nawe mu Bwami (Luka 23:42,43). Ku bw'iki gisambo, ti "kubyarwa n'amazi n'Umwuka" byerekana amaraso ya Yesu amweza ho ibyaha bye. Augustine yagize ati, "Hari umuntu wihammye ari ku gitanda yegereje igihe cyo kuvamo umwuka, uwo ni cya gisambo kihannya bityo rero, nta muntu ugomba gucika inteqe, ariko kandi ibyo ntawe ukwiye kubigira urwitwazo."

Yesu ubwe yaravuze ati:



"Uwizera akabatizwa, azakizwa; ariko utizera azacirwaho iteka."
Mariko 16:16.

Yesu yerekanye urukundo adukunda, kuko yadupfiriye i Kaluvari. Natwe duktiriye kwihana ku mugaragaro, ntidukorwe n'isoni zo kwiyegurira Yesu Ku bw'umubatizo. Mbese watangiye kugira ubugingo bushya muri Kristo? Mbese warabatijwe? None se niba utarabatizwa, kuki utitegura kubatizwa vuba?

6 UMUBATIZO NI INTANGIRIRO

Umubatizo werekana ko twemeye kugira ubugingo ya gikristo. Nyamara kwitanga tukabatizwa si ukuvuga ko biciriye aho.

Iyo umwana avutse, habaho ibirori. hanyuma y'ubo munsi wo kuvuka, uwo mwana agomba kugaburirwa buri munsi, kuhagirwa buri munsi, no kumwitaho buri munsi. N'umubatizo n'uko bigenda. Paul yavuze iby'ubugingo ye ati "Mpore mpfa



uko bukeye". 1Abakorinto 15:31. Iyo turetse kwikunda buri munsi, tugenda turushaho kwemera Yesu.

Umuhango w'umubatizo, kimwe n'uwbukwe wagombaga kuba icyemezo kigaragaza ko ubumwe busesuye kandi bukomeza bwatangiye. Kugira ngo duhagarare dushikamye, dukaneye kwiyegurira Kristo buri munsi, tukakira ubugingo bushya twifashishije amashengesho no kwiga Bibiliya buri munsi.

7. IKIDUTERA KUNEZERWA

Umubatizo utera umunezero mwinshi kuko abizera Yesu bagira ibyiringiro by'ubugingo buhoraho. "Uwizera akabatizwa azakizwa." Mariko 16:16. Iyo tubatijwe, tuba duteye intambwe itwerekeza ku munezero w'iteka ryose.

Umubatizo utera umunezero wo kubana na Yesu. Yadusezeraniye impano itagira ikiguzi ariyo Mwuka Wera (Ibyakozwe 2:38). Iyo turi kumwe na Mwuka twera "imbuto y'Umwuka, ariyo: "urukundo", rukatwuzuzamo" kwihangana, kugira neza, ingeso nziza gukiranuka, kugwa neza no kwirinda". (Abagalatiya 5:22,23).

Iyi sano ihumuriza dufitanye n'Imana idufitiye inyugu nyinshi, nyamara ntitubuza kugira ingorane. Umwanzi agerageza guteza ingorane abamaze kwiyegurira Kristo. Nyamara, iyo turi mu maboko y'Imana, dushobora kumenya ko Imana izakoresha ibitugeraho byose, byaba byiza cyangwa bibi, kugira ngo itwigishe kandi idufashe gukura. (Abaroma 8:28).

Umagore ukiri muto yafashe icyemezo cyo kwiyegurira Yesu, kandi ngo abatizwe; atitaye ku iterabwoba ry'umugabo we wamukangisha ko bazatana. umugabo we ntiyashakaga ko aba Umukristo, nyamara uwo mugore yakomeje kwizera Yesu, ndetse arushaho kugira urukundo. Umugabo yagerageje kumushyiraho amananiza imuhira. Ariko hanyuma uwo mugabo yatsinzwe n'ikibazo atashoboye gusubiza: uko uwo mugore yahindutse Umukristo. Uwo mugabo nawe yahereyeko yiyegeurira Kristo, maze arabatizwa.

Kunamba kuri Kristo mu "bikomeye n'ibyoroshye" bizatuma tuba ibikoresho bifite imbaraga mu biganza bye. Dushobora kumwiyegeurira tudashidikanya, kuko yamaze kudukunda igihe yitangaga ku musaraba Ku bw'ibyaha byacu. Mbega amahirwe ni tumugaragariza urukundo n'ubutungane! Niba utarabikora, kuko utakwiyegeurira Kristo ubu. Musabe akurememoo ubugingo bushya Ku bw'Umwuka Wera, maze ubatizwe muri Kristo.

IBANGA RYO GUKURIRA MU BUMWE

Mu itangiriro ry'umwaka wa 1960, umuvandimwe Andereya, wo mu gihugu cy'Ubuholande, yafashe za Bibiliya nyinshi atabifitiye uruhusa azuzuza mu modoka ye, yambuka umupaka w'igihugu cya Rumania anyura ku barinzi b'abakomunisti. Ageze mu i hoteli areba abantu barimo, nuko asaba Imana kugira ngo imuyobore ahari itsinda ry'abakristo bari gushobora gukoresha neza izo za Bibliya yari abazaniye.

Mu iherezo ry'icyumweru Andereya yasanze umunyamabanga w'iyo hoteli amubaza aho yabona urusengero.

Uwo munyamabanga aramwitegerezza cyane, aramusubiza ati, "ino ntitugira ahantu henshi nk'aho, kandi nubwo wahabona ntiwakumva ururimi". Andereya asubiza uwo munyamabanga ati, "mbese ntuzi ko Abakristo bafite ururimi rumwe bavuga ku isi yose?"

"Ni uruhe?"

"Rwitwa urukundo (Agape)"

Uwo munyamabanga ntiyari yarigeze kurwumva, nyamara Andereya yaramubwiye ati, "urwo nirwo rurimi ruhebuje ku isi yose."

Andereya yaje kumenya ahantu henshi hari amatsinda muri ako karere, kandi ashobora no guhura na Perezida n'umunyamabanga w'itorero rimwe. Nyamara nubwo Andereya n'abo bantu bari bazi indimi nyinshi z'i Bulayi, basanze nta na rumwe bari bahuriyeho. Nuko bicara aho barebana gusa. Andereya yari yagenze urugendo rurerure kandi rubi, ahetse ibyo bitabo, nyamara ntacyagaragazaga ko abo bantu ari Abakristo beza cyangwa ko ari abagenzurira guverinoma.

Nuko Andereya ashyira Bibliya y'Ikirumaniya ku meza aho mu biro. Arongera azana indi y'ururimi rw'ikidage. Abumbura mu 1 Abakorinto 16:20 yerekana n'izina ry'icyo gitabo, maze barakimenya. Muri uwo mwanya abo bantu batangira kunezerwa. Baherako babumbura icky gice n'uwo murongo bakoresheje Bibliya z'Ikirumania, maze basoma aya magambo: "Abavandimwe bose barabaramutsa. Muramukanye muhoberana mu buryo butagira amakemwa."

Abo bagabo begera Andereya. Nuko umwe muri bo abumbura Bibliya ye abona Imigani 25:25. Andereya nawe abona uwo murongo arawusoma: "Nk'uko amazi afutse amerera umutima waka; ni nako n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure".

Abo bantu bamaze igice cy'isaha baganira, banahugurana mu byanditswe byera. Banejejwe n'ubwo bumwe bwambukiranije imipaka, barasetse kugeza ubwo amarira yabonetse mu maso yabo.

Andereya amenya ko yabonye abavandimwe be. Yaberetse umutwaro wa za Bibliya yari yabazaniye; Abanyarumiya baramuhobeye cyane.

Muri uwo mugoroba bari ku i hoteli, uwo munyamabanga ahamagara Andereya aramubwira ati "Nashakashatse "agape" mu gitabo gikubiyemo ubusobanuro bw'amagambo. Nta rurimi rw'iryo zina nabonyemo. Ni ijambo ry'Ikiriki risobanura "urukundo" gusa."

Andereya aramusubiza ati, "Niryo nyine. Urwo nirwo rurimi navugaga uyu mugoroba wose."



Urwo rurimi rw'agahebuzo wararusobanukiwe? Muri iki cyigisho muziga uko Imana ishobora kudukoranyiriza muri urwo ruziga runini rw'urukundo.

1. ITORERO RYAHANGIWE KUBA MU BUMWE

Yesu yahanze itorero kugira ngo rigeze umuntu ku byangombwa aribyo guhugura no gushyigikira. Twese hari ibyo dukaneye. Ibyo kandi nibyo itorero rishinzwe. Ni ahantu dufatanya kandi tugagashanya. Ibyanditswe byerekana imbaraga yari mu itorero ry'intumwa, ryahamagariraga abagabo n'abagore gufatanyiriza hamwe banezerewe, maze ibyo bikagera ahantu hose no kuri Nyirububasha:

"Ibyo twabonye tukabyumva, nibyo tubabwira, kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo. Ibyo nibyo tubandikiye, kugira ngo umunezero wanyu ube mwinshi." 1 Yohana 1:3,4.

Imitima ishyize hamwe biturutse kuri Yesu na buri muntu wese, igira "umunezero" mwinshi cyane. Abantu bavuga ururimi rumwe, arirwo rurimi rw'urukundo

Abakristo baba umugabane w'umuryango wagutse. Baba abavandimwe muri Kristo, bitewe n'uko bose bafite umutima wa kivandimwe. Ubumwe bw'imyizerere yagutse, n'imbaraga yo gufatanya kw'abakristo iriyongera.

Abizera b'amatorero yahanze n'abigishwa ba Yesu bari bunzwe n'uko imyizerere yabo yari imwe, urukundo bakundaga Imana, no gushaka kuyikorera bamamaza ubuntu bwayo mu isi. Ubwo bumwe bwari imwe mu mpamvu yatumye abo banyantege nke barenganijwe ari bake bashobora gukwirakwiza Ubutumwa bwiza ku isi.

2. ITORERO KRISTO YAHANZE

Mbese Kristo afite itorero, cyangwa se intekerezo yose ya gahunda y'idini yahimbwe n'abantu? Yesu arasubiza ati:

"Kandi nzubaka itorero ryanje kuri urwo rutare, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora."
Matayo 16:18.



Yesu niwe Rutare, ibuye rikomeza imfuruka y'itorero rye. Nirihe tsinda rigize umugabane w'urufatiro?

"Kuko mwubatswe ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, ariko Kristo niwe buye rikomeza imfuruka." Abefeso 2:20.

Ni iki Yesu yujuje igihe ubutumwa bwabwirizwaga?

"Kandi uko bukeye, Umwami Imana ikabongerera abakizwa." Ibyakozwe 2:47.

Igihe Yesu anhanze itorero, yasezeranye ko "amarembo y'ikuzimu atazarishobora." (Matayo 16:18), kandi itorero rya gikristo riracyashikameye.

Itorero ryagize abanzi bafite ububasha - guhera ku bami b'Abaroma kugeza ku bakounisiti bakandamizaga abantu - nyamara amaraso y'abarenganijwe bazira kwizera kwabo yatumye itorero rijya mbere cyane. Igihe Umukristo umwe yatwikirwaga ku karubanda cyangwa akajugunyirwa intare, abandi benshi barazaga bakamusimbura mu mirimo yakoraga. Abahakanyi bagerageje kumvisha Abakristo ko bakwiriye kuva mu itorero. Nyamara ukuri kwa gikristo gutsinda cyane mu uburyo bw'ubuhanga bwigeze kubaho, mu gihe cy'ubupagani.

GENZURA

DISCOVER
online

Ikintu gikomeye ku itorero cyarigezeho mu gihe gito hanyuma yuko ryemerwa ko ari itorero rizwi na Leta y'i Roma. Itorero ryateye imbere kandi nta gushidikanya ko ryari ririmo gukiraniwa. ryagaragaraga ko ryari ryarapfuye mu by'umwuka mu gihe cy'umwijima mu by'Umwuka (Dark Ages). Nyamara Nyagasanasi yasigaranye abantu b'intwari kandi b'intungane, babaye urumuri nk'inyenyeri mu gihe cy'umwijima.

Pawulo agereranya isano ya Kristo n'itorero, nk'iy'urukundo rw'umugabo, urinda guhungabana ku umubano we n'umugore we. (Abefeso 5:23-25). Itorero ni umuryango, aho buri mwizera agirana isano n'abandi bizera bo muri uwo muryango, maze buri wese agashakira mugenzi we kumererwa neza (Abefeso 2:19).

Pawulo yerekana ko itorero ari nk'umubiri, kandi ko Kristo ariwe mutwe waryo. (abakorosayi 1:18).

Iyo tubatijwe, duhamya ko twizera Yesu Kristo, kandi tuba abizera b'umubiri ariwo "Itorero".

"Kuko mu Mwuka umwe twese arimo twabatirije kuba umubiri umwe." 1 Abakorinto 12:13.

Igitabo cy'Ibyahishuwe cyerekana Kristo wazutse agenda mu matorero, akaba ariwe uyarinda (Ibyahishuwe 1:20,12,13). Kristo ntiyigize ahana abantu be, kandi ntateze kubikora.

3. ITORERO RIFITE UMUGAMBI

Kujya mu itorero n'ingirakamaro ku mukristo. Kugira ngo tugire kwizera gushikamye kandi dukure mu by'umwuka, dukeneye ubufasha bw'abandi.

Itorero rifite ibindi bintu bitatu by'ingenzi rikora:

(1) Itorero ririnda ukuri.

Nk'inlingi ni urufatiro rw'ukuri" (1 Timoteyo 3:15), itorero rishyigikira kandi rikarinda ukuri kw'lmana imbere y'ab'isi. Dukeneye kungurana uwewenge n'abandi bizera, bakadufasha kwerekeza k'ukuri nyako kuboneka mu byanditswe.

(2) Itorero ni icyitegererezo cy'icyo ubuntu bw'lmana bushobora gukorera abanyabyaha. Guhinduka Yesu yashyize mu bugingo bw'abizera, gutuma lmana isingizwa "ikatugeza mu mucyo w'agatangaza" (1 Petero 2:9).

(3) Abantu b'lmana n'abahamya bayo mu isi iri mu kaga. Yesu atarasubira ijuru, yasezeraniye abigishwa be ati:

"Icyakora muzahabwa imbaraga, umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya, i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugeza ku mpera y'isi." Ibyakozwe 1:8.

Itorero rifite amahirwe atangaje yo gutangaza mu isi, ubutumwa bukomeye bw'urukundo rw'lmana.



4. ITORERO RYAHANGIWE KUGIRA IMBARAGA

Itorero Kristo yahanze ryari rifite gahunda ihamye. Umuntu yashoboraga kuba umwizera waryo cyangwa kutaribamo. (Matayo 18:15-18). Itorero ry'lmana ryatoye abayobozi kandi rifite icyicaro cyaryo ku isi yose, rikagira n'aho buri Itorero ry'ibanze riteranira (Ibyakozwe n'Intumwa 8:14; 14:23; 15:2; 1 Timoteyo 3:1-13). Igihe abizera babatizwaga binjizwaga mu itorero ry'ibanze ryahanzwe (Ibyakozwe 24:41 na 47).

Itorero ribereyeho guhumurizanya.

GENZURA

"Kandi tujye tuzirikanana ubwacu, kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'imrimo myiza. Twe kwirengagiza gutteranira hamwe, nk'uko bamwe baja bagira, ahubwo duhugurane, kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ariko murushaho kugenza mutyo." Abaheburayo 10:24,25.



Mu magambo make, iki ni cyo abagize itorero bakora. Abizera baryo bungurana ibitekerezo mu byo kwizera bagahumurizanya. Imana yahanze itorero ryayo kugira ngo ritere abantu bayo ishyaka, kandi rihugure abantu, ndetse rinakorere isi. Dushobora kugera kuri byinshi nidufatanya, kuruta ibyo buri wese yakora ku gitit cye. Icyitegererezo: Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi. Dukora umurimo mugari w'ubuvazi ku isi yose - guhera mu mijyi, kugeza mu birwa byo mu majyepfo ya Inyanja ya Pasifikasi. Ibigo by'amashuri yazu byazanye ibihumbi byinshi by'abasore, bamenya uko bagira ubugingo bwiza muri Kristo - guhera muri Kaminuza ya Loma Linda, ahari abaganga bazobereye mu byo kubaga umutima, ukageza ku mashuri ari muri za Asosiyasiyo zo muri Afrika. Dufasha abagize ibyago n'abajahajwe n'inzara tubinyujije muri ADRA. Amatorero y'ibanze afashisha imyambaro n'ibyo kurya ku bakene n'ababuze ibyabo, bakabikoraniriza ku matorero. Amatsinda y'abizera b'Abadiventisti babwiriza ubutumwa bw'agakiza mu bihugu birenga magana abiri. Itsinda ry'abantu biyeguriye Kristo nibo bonyine bashobora kugira ubwo bushobozi ku isi yose.

Kristo n'intumwa bagereranyaga itorero n'umubiri, kandi berekanye yuko ingingo zose z'umubiri zikenewe (1 Abakorinto 12:21-28). Ingingo zose ntizimeze kimwe, nyamara zose n'ingenzi, kandi zose zigomba gukorera hamwe zifatanyije. Ijisho ryitandukanyije n'umubiri ntiryashobora kureba. Ukuboko gucitsse ntacyo kuba kukimaze. Tubaye ijisho ukuboko, cyangwa urutoki, ntacyo twakwimarira turi twenyine. Nk'Abakristo kuba mu itorero, kwifatanya n'abandi bizera bagize itorero, bitwongererera imbaraga.

5. UMUNEZERO WO KURAMYA

Mu mitima yazu huzuyemo ubushake bwo gusenga Imana, kandi ubwo bushake bushobora gushiraho niba tutabushyigikiye. Umunyezaburi yiymvaga ate iyo yatekerezaga kujya mu rusengero?

Narishimye, ibwo bambwiraga bati, "Tujye mu nzu y'Uwiteka." Zaburi 122:1.

Indirimbo zifite ruhare ki mu gusengera hamwe?

"Mukorere Uwiteka munezerewe: muze mu maso ye muririmba." Zaburi 100:2.

Bibliya itubwira ko gutanga amaturo ari umugabane ukwiriye wo gusenga.

"Muze mu bikari bye muzanye amaturo. Musenge Uwiteka, mwambaye ibyera." Zaburi 96:8-9.

Isengesho naryo ni umugabane w'ingenzi wo kuramya.

"Nimuze tumuramye twunamye, Dupfukamire Uwiteka, Umuremyi wacu." Zaburi 95:6.

Ibyigisho bya Bibliya no kubwiriza ni ishingiro ryo kuramya mu Isezerano Rishya. Ikibwirizwa cya Petero ku munsi wa Pentekote, kiboneka mu Ibyakozwe n'intumwa, kandi guhera mu gihe cy'Abagorozi b'Abaprotestanti kugeza ubu; ivugurura ryose ry'ingenzi ryari rishingiye ku kibwirizwa cya Bibliya. Kuki? Kuko ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose." (Abaheburayo 4:12-13).



6. ITORERO RIFITE UKURI KI?

Abantu bamwe bavuga ko itorero ryuzuyemo abanyabyaha. Ibyo Henri Ward Beecher yavuze n'iby'ukuri: "Itorero s'ahantu herekanirwa abakristo b'intungane cyane, ahubwo n'ishuri ryigishirizwamo abadatunganye."

Kuko nta n'umwe muri twe w'intungane, n'itorero ntirishobora gutungana. Mu migani ya Yesu, umwe muri yo utwibutsa ko urukungu rukurana n'amaska (Matayo 13:24-30). Iyo dusomye inzandiko za Pawulo mu Isezerano Rishya, tubona ko itorero ry'intumwa ryari rifite ibibazo bikomeye. No mur'iki gihe kenshi itorero rigira inenge witoroshye. Nyamara ndabinginze ngo mwibuke ko nta tsinda ry'abanyamakosa rishobora gusenza cyangwa kwangiza Ibuye rinini rikomeza imfuruka y'itorero ari we Yesu Kristo we ubwe. Nuko rero, nubwo turi mu matorero adatunganye, mbere ya byose tugomba gutumbira ku umucunguzi udukorera. Nubwo itorero rifite amakosa, ni irye, ku bw'ibyo, Hanga amaso kuri Kristo.

"KRISTO YAKUNZE ITORERO ARARYITANGIRA ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'ijambo rye, aryishyira rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge." abefeso 5:25-27.

Itorero ni ingenzi cyane kuri Yesu "yararyitangiye" igihe yapfaga, yapfiriye umuntu wese, ubwo aba apfiriye n'itorero muri rusange. Ubwo rero, kuba umwizera mu itorero ni ingirakamaro kuri wowe.

7. KUBONA ITORERO

Kwizera k'ukuri Yesu afite mur'iyi si kungana iki?

"Hariho umubiri umwe, n'umwuka umwe,... Hariho Umwami umwe no kwizera kumwe n'umubatizo umwe," Abefeso 4:4,5.

Kuko Kristo afite "kwizera kumwe", dushobora dute kumenya uko ari ko? Yesu aduha urufunguzo:

"Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenya ibyo nigisha, ko byavuye ku Mana, cyangwa yuko mbivuga ku bwanje."Yohana 7:17(Yohana 8:31,32).



Ni twemera gukora uko Imana ishaka, izadufasha kumenya yuko izo nyigisho zivuye ku Mana, cyangwa ko ziturutse ku bantu. Ikintu cy'ingenzi iyo ushaka guhitamo itorero, ni ukugenzeru icyo ryubahiriza n'uko ryemera ijambo ry'Imana. Ubumwe nyakuri buri mu Byanditswe byera, ntabwo buri mu muyobozi uvuga ko afite impano y'Imana, cyangwa ibigo bikomeye by'amadini.

Nimukomeze mukore ubushakashati muri ibi byigisho, mugendere mu mucyo nk'uko Imana iwubagaragariza muri Bibiliya, kandi izabuzuriza ubushake bwayo. Umukristo uterimbere ni umuntu ukingura umutima we n'ubwenge bwe ngo byemere ukuri nk'uko Imana ikwerekanira mu ijambo ryayo.

MBESE IMBAGA NYAMWINSHI YAYOBA?

Mu cyigisho cya 16 twabonye ko kuruhuka ku Isabato ari umuti w'ibibazo byinshi bitera abantu guhangayika. Kubera ko Imana isobanukiwe n'ibyo dukeneye byose, yashyizeho umunsi wose wa karindwi w'icyumweru kugira ngo tuwuruhukeho mu buryo bw'umubiri kandi duhindurwe bashya mu by'umwuka. Nyuma yo kurema iyi si mu minsi itandatu, Imana "yaruhutse" ku munsi wa karindwi, "iwuha umugisha" kandi "iraweza" (Itangiriro 2:1-3).

Ubwo Imana yahaga ubwoko bwayo bw'Isirayeli Amategeko yayo, yashyize itegeko ryo gukomeza Isabato hagati muri yo (ni umutima w'amategeko) [Kuva 20:8-11]. Dukurikije iryo tegeko, Isabato ni urwibutso rw'ububasha bw'Imana bwo kurema, umunsi wo kuruhuka tugatekereza ibyiza n'ibitangaza biri mu byo yaremye, umunsi wo gutuza tukegera Umuremyi wacu, umunsi wo gusobanukirwa mu buryo bwimbitse isano dufitanye na We.



Mu mibereho ya Yesu ya hano ku isi, na we ubwe yakomeje Isabato (Luka 4:16) maze yemeza ko ari umunsi ufitiye abakristo akamaro(Mariko 2:27, 28). Amasomo menshi yo mu gitabo cy'Ibyakozwe asobanura ko abigishwa ba Kristo basengaga ku Isabato na nyuma yo kuzuka Kwe (Ibyakozwe 13:14; 16:13; 17:2; 18:1-4, 11).

1. IKIBAZO GIKOMEYE

Ibi bituganisha ku cyigisho kigora abantu bensi. Abakristo bo ku isi mu bihe runaka bagiye bubahiriza iminsi ibiri itandukanye. Ku ruhande rumwe Abakristo bensi bubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche) babikuye ku mutima, bizera ko ari umunsi ubibuswa umuzuko wa Kristo. Ku rundi ruhande, umubare munini w'Abakristo bizera bakomeje ko Bibliya ivuga ko Isabato ari wo munsi wejejwe kandi ko nta hantu na hamwe ivuga ko umunsi wa mbere werejwe kuba isabato.

Ariko se mu kuri gukomeza umunsi runaka tuwita Isabato hari icyo bitwaye? Nk'abantu b'abanyamurava bagendera mu gukiranka kandi bifusa kumenya ukuri, iteka tugomba kwibaza tuti: "Icy'ingenzi kuri Yesu ni ikihe? Yesu yifuza ko nkora iki?"

Mu gufata icyemezo ku birebana n'ibi, ingingo nyinshi z'ingenzi zigomba gusobanurwa neza: Ni nde wahinduye Isabato ayikura ku munsi wa Karindwi w'icyumweru akayishyira ku munsi wa Mbere w'icyumweru? Mbese Bibliya yatanze uburenganzira bw'iryo hindurwa? Niba ibyemera, mbese Imana, Kristo, cyangwa ahari intumwa baba baremeye iryo hindura? Turakomeza turebe ibyo byose.

2. MBESE IMANA YAHINDUYE UMUNSI?

Mbese haba hari amagambo Imana yaba yaravuze ahindura Isabato ayikura ku munsi wa Karindwi akayishyira ku munsi wa mbere w'icyumweru?

Abakristo bensi bemera ko Amategeko Cumi ari yo muyobozi w'ukuri ugomba kutugenga.
Ni yo butumwa rukumbi Imana ubwayo yiyanikiye, ibwoherereje abantu.
Ni ingenzi, yayanditse ku mabuye ikoreshje urutoki rwayo (Kuva 31:18).

Mu itegeko rya kane Imana iratubwira iti:

"Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu uye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yaye yose, ariko UWA KARINDWI NI WO



GENZURA

SABATO Y'UWITEKA IMANA YAWE. Ntukagire umurimo wose uwukoraho...kuko iminsi itandatu ari yo UWITEKA yaremeyemo ijuru n'isi, n'inanya n'ibirimo byose, AKARUHUKA ku wa karindwi:ni cyo cyatumye Uwiteka AHA UMUGISHA umunsi w'Isabato AKAZEZA." Kuva 20:8-11.

Ubwo Imana yahaga ubwoko bwayo Amategeko Cumi, yasobanuye neza ko nta muntu ugomba kugira ubugororangingo akora cyangwa gukosora ibyavuye mu kanwa kayo.

"NTIMUKONGERE ku mategeko mbategeka, NTIMUKAYAGABANYE, mubone kwitondera amategeko y'UWITEKA Imana yanyu mbategeka." Gutegeka 4:2.

Imana ubwayo isezerana ko itazahindura amategeko yayo:

"SINZICA isezerano ryanje, SINZAHINDURA IJAMBO RYAVUYE MU KANWA KANJIYE." Zaburi 89:34

Bibliya igaragaza neza ko Imana itahinduye umunsi w'Isabato ngo iwukure ku wa karindwi iwushyire ku munsi wa mbere w'icyumweru.

3. MBESE YESU YAHINDUYE ISABATO?

Dukurikije ibyo Yesu yavuze nta kizahindura amategeko cumi:



"Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza. Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira." Matayo 5:17-18.

Mu cyigisho cya 16 twabonye ko Yesu yari yaramenyereye gusengera mu isinagogi ku Isabato (Luka 4:16). Na none twabonye ko Yesu yashakaga ko abigishwa be bakomeza kugira umunezero wo gukomeza Isabato (Matayo 24:20).

Dukurikije inyigisho za Yesu n'urugero yatanze bigaragara neza ko na n'ubu dukeneye ikiruhuko cy'Isabato, tugaca akabogi, maze tukamarana igithe n'Imana.

4. MBESE ABIGISHWA BA YESU BAHINDUYE ISABATO?

Yakobo, umuyobozzi wa mbere w'itorero rya gikristo yanditse ibi bikurikira ku birebana n'Amategeko Cumi.

"Umuntu wese witondera amategeko yose agasirata kuri rimwe, aba ayacumuye yose; kuko uwavuze ati 'Ntugasambane'; ni we wavyuze ati 'Ntukice.' Nuko rero, nudasambana ariko ukica, uba ucumuye amategeko yose." Yakobo 2:10, 11.

Luka, umuganga n'umubwirizabutumwa mu itorero rya mbere aravuga ati:

"Ku munsi w'isabato tuva mu mudugudu, tujya ku mugezi inyuma y'irembo, dukeka yuko hariho ahantu ho gusengera. Turicara tuvugana n'abagore bahateraniye." Ibyakozwe 16:13.



GENZURA

Igitabo cyo mu Isezerani Rishya cy'lbyakozwe kivuga incuro 84 Isabato yakomejwe n'abayoboke ba Kristo, kandi bose bayikomeje hashize imyaka irenga 14 Yesu amaze kuzuka: amasabato abiri muri Antiyokiya (Ibyakozwe 13:14, 42, 44); incuro imwe mu Bufilipi (Ibyakozwe 16:13); incuro eshatu i Tesalonike (Ibyakozwe 17:2,3); incuro 79 i Korinto (Ibyakozwe 18:4, 11).

Yohana intumwa ya nyuma yapfuye yakomeje Isabato. Yaranditse ati:

"Ku munsi w'Umwami wacu ndi mu Mwuka." Ibyahishuwe 1:10.

Dukurikije ibyo Yesu yavuze, Umunsi w'Umwami ni Isabato:

"Kuko Umwana w'umuntu ari umwami w'isabato." Matayo 12:8

Gushakashaka mu bihamya bya Bibliya byerekana ko intumwa zitagerageje guhindura umunsi w'ikiruhuko ngo ziwukure ku wa karindwi ziwigire uwa mbere w'icyumweru. Isezerano Rishya rivuga umunsi wa mbere w'icyumweru incuro munani gusa. Muri izo ncuro zose nta na hamwe hatubwira ko umunsi wa mbere ari umunsi wejejwe, nta n'ahavuga ko dukwiye kuwushyira ku ruhande kugira ngo tujye tuwsengaho. Iyo ugenzuye witonze ayo masomo umunani avuga ib'yumunsi wa mbere w'icyumweru ubona ibi bikorwa byagiye biba kuri uwo munsi:

- (1) Abagore baje ku gituro ku munsi wa mbere w'icyumweru (Matayo 28:1).
- (2) "Ubwo Isabato yari irangiye" abagore bongeye gukora imirimo isanzwe ku munsi wa mbere w'icyumweru (Mariko 16:1,2).
- (3) Yesu yabonekeye Mariya Magadalena kare kare ku munsi wa mbere w'icyumweru (Mariko 16:9).
- (4) Abayoboke ba Yesu bongeye gukora imirimo yabo ku munsi wa mbere w'icyumweru (Luka 24:1).
- (5) Mariya yagiye ku gituro cya Yesu ku munsi wa mbere maze asanga imva irimo ubusa (Yohana 20:1).
- (6) Abigishwa bateraniye hamwe kubera ko "batinyaga Abayuda" (s'uko bari bagamije gusenga) ku munsi wa mbere w'icyumweru (Yohana 20:19).
- (7) Pawulo yasabye abizera bo mu itorero guteranya amafaranga ku munsi wa mbere, maze bakayasonzoranyiriza hamwe kugira ngo azafashe abakene b'i Yerusalem (1 Abakorinto 16:1,2). Ntabwo uwo murongo uvuga ibyo guterana hagamijwe gukora iteraniro ryigishirizwamo iyobokamana.
- (8) Mu Byakozwe n'Intumwa 20:7 Luka avuga ko Pawulo yabwirije ku munsi wa mbere w'icyumweru muri gahunda yo gusezera. Mu kuri Pawulo yabwirizaga buri munsi, kandi intumwa zasangiraga umutsima buri munsi (Ibyakozwe 2:46).

Nta na rimwe muri ayo masomo rigaragaza ko intumwa zari zigamije kureka kubahiriza umunsi wa karindwi w'Isabato. Intumwa ntizigeze zivuga ko Isabato yaba yarigeze guhindurwa igakurwa ku munsi wa karindwi w'icyumweru igashyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru. Nta gihamya na kimwe cyo mu Isezerano Rishya kivuga ko Isabato yaba yarigeze ikurwa ku munsi wa karindwi igashyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru. Uko guhinduka kwaje nyuma y'igihe Yesu yari hano ku isi na nyuma y'igihe cy'intumwa, nuko rero tugomba kureba mu mateka uko iryo hinduka ryaje.

5. GUSENGA KU CYUMWERU BYATURUTSE HE?

Intumwa zituburira neza ko Abakristo bamwe bazasubira inyuma bakava mu nyigisho z'Ubukristo bwo mu Isezerano Rishya: "Nuko rero mube maso" (Ibyakozwe 20:29-31). Kandi uko ni ko byagenze rwose. Abanditse amateka biringirwa banditse neza uko Abakristo batangiye kugwa bakava mu kubonera kw'intumwa. Imigenzo n'inyigisho Pawulo, Petero n'abandi bantu batangije itorero rya Gikristo batigeze bigisha byinjiye buhoro buhoro mu itorero.

Guhindura umunsi w'Isabato hagashyirwaho gusenga ku Cyumweru byakozwe nyuma y'uko Isezerano Rishya ryari rimaze kwandikwa,



GENZURA

n'intumwa zimaze gupfa zose. Mu mateka handitse ko igithe cyageze maze Abakristo bagasimbuza ikeruhuko cyo ku munsi wa karindwi icyo ku munsi wa mbere. Nyamara iryo hinduka ntiryabaye mu mwanya umwe ngo abizera bose bareke gusenga ku munsi wa karindwi ari wo Sabato maze basenge ku Cyumweru dore ko bacyitaga Umunsi w'Umwami. Aho Abakristo batangiriye kuruhuka ku Cyumweru ni mu Butaliyani hagati y'ikinyejana cya kabiri nyuma y'ivuka rya Kristo. Hashize igithe kirekire abakristo benshi bubahiriza iyo minsi yombi, mu gihe hariho abandi bakomezaga Isabato gusa.



Taliki ya 7 Werurwe, 321 nyuma y'ivuka rya Kristo Konsitantino Mukuru yashyizeho itegeko rya mbere ritanzwe n'ubutegetsi bw'ingoma y'Abaroma rihatira abantu kuruhuka ku Cyumweru uretse abahinzi. Iryo tegeko hamwe n'andi mategeko atanu yatanzwe n'umutware Konsitantino yerekeye umunsi wa mbere w'icyumweru, ni yo, kugeza ubu, yabaye amategeko ya mbere yatanzwe n'ubutegetsi bw'igihugu ku birebana no kuruhuka ku Cyumweru. Mu kinyejana cya kane inama y'i Lawodikiya yabujije abakristo guhagarika imirimo ku Isabato ibahatira kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru mu buryo bwose bushoboka.

Amateka agaragaza ko kubahiriza umunsi w'icyumweru ari umugenzo wishyiriweho n'abantu. Bibliya ntitegeka ko Isabato iba ku munsi wa karindwi nk'uko itegeko rya kane rivuga ireke kubahirizwa. Umuhanuzi Daniyeli yahanuye ko mu gihe cy'Ubukristo imbaraga iyobya izakora uko ishoboye ngo ihindure amategeko y'Imana (Daniyeli 7:25).

6. UWAHINDUYE ISABATO NI NDE?

Ni nde washyizeho itegeko rihindura umunsi w'Isabato akemeza ko umunsi wa mbere w'icyumweru ari wo ukwiye kuruhukwa? Itorero Gatorika ryemeza ko ari ryo ryabikoze. Mu guharanira kurwana ku butegetsi bw'ingoma ya Roma yari itangiye guhanguka, abayobozi b'idini bari bazi gushyira mu gaciro bahurije hamwe umugambi maze bagerageza guhindura umunsi wo kuruhuka, bawukura ku Isabato bawuhindura umunsi wa mbere w'icyumweru.

Gatigisimu y'itorero Gatorika rifite icyicaro i Roma ivuga ngo:

"Ikibazo: Umunsi w'Isabato ni uwuhe?

"Igisubizo: Umunsi w'Isabato ni uwa karindwi.

"Ikibazo: Ni kuki twubahiriza umunsi wa mbere aho kubahiriza umunsi w'Isabato?

"Twubahiriza umunsi wa mbere aho kubahiriza umunsi w'Isabato kubera ko Itorero Gatolika ryafashe ukwera kw'Isabato rikagushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche)." [Byakuwe muri Gatigisimu y'Abemeye inyigisho z'Abagatorika], p. 50.



Itorero Gatorika ryirata ko abantu bayobora itorero ari bo bahinduye uwo munsi.

"Umunsi wera, Isabato, warahinduwé ukurwa ku wa karindwi ushyirwa ku wa mbere... bidaturutse ku mabwiriza aboneka mu Byanditswe Byera ahubwo bikomotse ku bubasha bwite bw'itorero... Abantu batekereza ko Ibyanditswe Byera ari byo bifite ububasha bukomeye bakwiye guhinduka Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi, maze bakeza Isabato." (Byavuzwe na Karidinali Maida, umuyobozi mukuru w'i Detroit mu kinyamakuru cyitwa Umurinzi w'Itorero ry'Abagatorika ryitiriwe Gatarina Wera, Ku wa 21 Gicurasi, 1955).

7. AMATORERO AMWE Y'ABAPROTESANTI AVUGA IKI?

Inyandiko zemewe zigaragaza ibyo amatorero y'Abapresitanti yizera zemeza ko Bibliya idategeka ko abantu bakomeza umunsi wa mbere w'icyumweru.

Maritini Luteri wahanze itorero ry'Abaluteriyani yanditse mu gitabo cyitwa Ubuhamya bw'i Augsburg, mu ngingo ya 28 ku gika cya 9 aya magambo akurikira:

"Abagatorika bafite icyicaro i Roma bavuga ko Isabato yahinduve ikagirwa umunsi wa mbere w'icyumweru, Umunsi w'Umwami, ibyo bikaba binyuranye n'[Amategeko cumi]... nta rugero birata mu byo bahinduye nko guhindura umunsi w'Isabato. Bavuga ko itorero rifite ububasha bukomeye cyane kubera ko ryahinduye itegeko rimwe riboneka mu mategeko cumi."

Abahanga mu lyobokamana bo mu itorero ry'Abametodisiti: Amosi Binney na Daniyeli Steele baravuze bat:

"Ni iby'ukuri nta tegeko rihari rivuga ko abana bagomba kubatizwa... nta n'irihari rivuga ko umunsi wa mbere w'icyumweru ugomba kwezwa." (Byakuwe mu gitabo cyitwa Inyandiko Zikubiyemo lyobokamana), p. 180, 181.

Dogiteri N. Summerbell, Umuhangwa mu by'Amateka wo mu Bigishwa ba Kristo cyangwa Itorero ry'Abakristo yaranditse ati:

"Itorero ry'i Roma ryari ryasubiye inyuma burundu ...Ryahinduye Itegeko rya Kane, rikuraho rwose Isabato yo mu Ijambo ry'lmana maze ryihimbira ko umunsi wa mbere w'icyumweru ari wo munsi wejejwe." (Byakuwe mu gitabo cyitwa Amateka y'Ukuri y'Umukristo n'Itorero rya Gikristo), pp. 417, 418.

8. AHO IKIBAZO CY'UKURI GISHINGIYE NI HE?

Ibi bituma duhangana n'iki kibazo gikurikira: "Ni kuki abakristo benshi bakomeza umunsi wa mbere w'icyumweru kandi atari ko Bibliya itegeka? Ikibazo cyiyongera kuri icyo ni iki: Umunsi nkwiye gukomezwa ni uwuhe? Mbese nkwiye gukurikira abavuga bat: "Ntabwo ntekereza ko kuruhuka umunsi uyu n'uyu bigize icyo bitwaye, icy'ingenzi ni uko nduhuka umunsi umwe mu minsi irindwi"? Cyangwa ngomba guhamya ko umunsi Yesu Umuremyi wacu yishyiriye ubwo yaremaga iyi si ari wo ngenzi, ari na wo munsi wagaragajwe mu Mategeko Cumi: "Isabato iba ku munsi wa Karindwi?"

Ahangaha duhanganye n'ikirenze umunsi ugaragarira amaso ko wubahirizwa, kandi tugomba kumenya umunsi Bibliya ivuga ko ari uw'ukuri. Ikibazo cy'ikubitiro ni ukumvira Yesu. Umuremyi wacu yashyizeho Isabato maze arayeza, aduha icyo gihe kandi agiha n'imiryango yacu kugira ngo tujye turushaho kuyegera bityo duhabwe imbaraga kandi tugurwemo ubuyanja. None ni nde ngomba kumvira? Nkwiye kumvira Kristo Umwana w'lmana, cyangwa imihango y'abantu ku birebana n'umunsi ngomba kweza? Uguhitamo kurasobanutse: inyigisho z'abantu cyangwa amategeko y'lmana.



Ijambo ry'abantu cyangwa Ijambo ry'lmana. Icyo abantu bishyiriyeo cyangwa itegeko ry'lmana. Umuhanuzi Daniyeli yari yaravuze iby'abantu bazagerageza "guhindura ibihe n'amategeko" (Daniyeli 7:25). Imana irahamagara abantu kugira ngo bayumvire. Irabarrikira gukomeza Isabato kugira ngo ibe ikimiyetso kiranga abayiyoboka kandi bayikunda.

Yesu yaravuze ati, "Nimunkunda, muzitondera amategeko yanje" (Yohana 14:15). Kandi asezeranira umunezero wuzuye abamukunda kandi bumvira amategeko ye (Yohana 15:9-11). Dufite Umukiza utangaje. Ashaka cyane ko tugira urukundo rwuzuye. Umutima urangwa no kumvira kudakebakeba ukingura urugi kugira ngo urwo rukundo rubone aho runyura.

Mu murima w'i Gitsemani Kristo yiyegeuriye mu buryo bwuzuye mu bushake bwa Data wa twese -nubwo yari agiye kubambwa ku musaraba kandi ibyaha by'abatuye isi bikaba byari bimuremerekereye. Ubwo yatatse abwira Imana ati "Data iki gikombe kindenge", ubushake bwe yakomeje kubwegurira Imana ubwo yungagamo ati "Nyamara bye kuba uko nshaka ahubwo bibe uko wowe ushaka" (Mariko 14:36).

GENZURA

DISCOVER
online

Kristo yifuza ko tubona ibyo dukeneye byose bikomoka ku mibereho ifite kumvira kudakebakeba. Kandi yifuza ko tugira umunezero w'ikiruhuko cy'lsabato. Yifuza ko tumwiringira kandi tukamwubaha mu bikorwa byose byo muri ubu buzima. Niwemera kwitaba irarika ry'lmana kandi ukumvira amategeko yayo yose, isezerano rya Yesu rizasohorezwa muri wowe rivuga ko umunezero we uzaba "muri wowe" kandi umunezero wawe ukaba "wuzuye" (Yohana 15:11).

MBESE IMANA ISHYIRA MU GACIRO?

Umuhungu wabaga hagati mu mudugudu akorera umurimo w'imuhira ku meza yishwe n'amatasu yayobye y'abagizi ba nabi.

Umuore wari ukiri muto wari utuye mu kajagari yasanze umwana we yaranduye agakoko ka sida bikomotse ku maraso yanduye yari yarahawe.

Ingorane zikomeza kwiyongera muri iyi si yacu. Kandi twifuza cyane guhabwa igisubizo cy'ibyo byose. Imana yacu irihe muri iyi si y' umubabaro n'urupfu bidafite ubusobanuro nyabwo? Umunyazaburi aduhamiriza ko "Isi yuzuye imbabazi z'Uwiteka" (Zaburi 33:5).

Nyamara niba ibyo ari ukuri, ni kuki se idahosha imbabaro n'impanuka? Igice cya 20 cy'Ibyahishuwe kitwereka uburyo n'igihe Imana izakuraho icyaha n'umubabaro.



1. IMYAKA IGIHUMBI YAMENYEKANYE

Mu Byahishuwe 20 hagaragaza imyaka 1000 izabanzirizwa no kugaruka kwa Kristo. Ibikorwa bizaheruka iyo myaka 1000 bizaba bigamije kurangiza intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani yatangiye igihe icyaha cyatangiriye kubaho.

Iyo ntambara yatangiriye mu ijuru ubwo Lusiferi yagiriraga Kristo ishyari, maze agashoza intambara mu ijuru afatanije n'abamarayika bacumuye nuko bagacibwa mu ijuru maze bakajugunywa kuri iyi si. Iyo ntambara yakomereje mu isi mu murima wa Edeni, mu myaka amagana yakurikiyeho kugeza ubwo igera ku gikorwa gishishana cya mbere, cyagaragariye mu bishuko Satani yinjije mu bantu maze bakabamba Kristo. (Ushobora gukenera kwiyibutsa icyo gitekerezo giteye agahinda mu cyigisho cya gatatu cya Genzura). Iyo ntambara izarangira rwose ku iherezo ry'imyaka 1000 ubwo iyi si yacu yacumuye izezwa maze igategekwa na Kristo. Mu Byahishuwe 20 hatugaragariza ko igihe cy'imyaka 1000 kiri hagati y'imizuko ibiri.



Ni ba nde Imana izazura mu muzuko wa mbere uzaba imyaka 1000 itangiye?

"Ufite umugabane mu kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo, kandi bazimana na yo imyaka igihumbi." Ibyahishuwe 20:6.

"Abahiriwe kandi bera" ni abemeye Yesu ngo ababere Umukiza. Ni bo bazazuka mu "muzuko wa mbere". Niba abakiranutsi "bazimana" na Kristo imyaka igihumbi, bagomba kuzazurwa mu itangira ryayo.

Sinno Ni ba nde bazazurwa mu muzuko wa kabiri nyuma y'imyaka 1000?

"Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka iyo myaka igihumbi itarashira." Ibyahishuwe 20:5.

"Abasigaye bapfuye" ni inkozi z'ibibi zizaba zarapfuye kuko "abakiranutsi bo" bazazuka ubwo imyaka 1000 izaba itangiye.

GENZURA

Nuko rero imyaka 1000 iri hagati y'imizuko ibiri: umuzuko w'abakiranutsi mu ntangira ryayo n'umuzuko w'abanyabyaha mu iherezo ryayo.

2. ABAZAZURWA UBWO KRISTO AZABA AGARUTSE

Umuzuko wa mbere ni uw'abakiranutsi ubwo Kristo azaba agarutse.



"Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru ... n'impanda y'Imana; nuko ABAPFIRIYE MURI KRISTO NI BO BAZABANZA KUZUKA. Maze NATWE ABAZABA BAKIRIHO BASIGAYE, DUHEREKO TUJYANANWE NA BO TUZAMUWE MU BICU, GUSANGANIRA UMWAMI MU KIRERE. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose." 1 Abatesalonike 4:16, 17.

Ubwo Kristo azaba agarutse kuri iyi si, azazura "abapfiriye muri Kristo" maze abajane mu ijuru hamwe n'abakiranutsi bazaba ari bazima. Kubera ko inkozi z'ibibi zikomeza kwihambera ku byaha, ntizishobora kubana n'Imana. Zizarimburwa ubwo Kristo azaba agarutse (Luka 17:26-30). [Ushobora gukenera gusubira mu cyigisho cya 8 cya Genzura kugira ngo urusheho kumenya ibizaba ubwo Yesu azaba agarutse].

3. SATANI AZAFUNGIRWA KU ISI MU GIHE CY'IMYAKA 1000

Ubwo imyaka 1000 izaba irangiye abakiranutsi bose bazaba bari mu ijuru kandi inkozi z'ibibi zizaba zarapfuye. Ikizaba kuri iyi si mu myaka 1000 ni iki?

"Mbona marayika amanuka ava mu ijuru, afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka ni cyo ya nzoka ya kera , ni yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, akijugunya ikuzimu, arahakinga ashyiraho ikimenyetso gifatanya, kugira ngo kitongera kuyoba amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira." - Ibyahishuwe 20:1-3.

Ubwo Kristo azaba agarutse, Satani azabohwa maze agume muri Gereza mu gihe cy'emyaka 1000. Ni he Satani azaboherwa? "Ikuzimu", ni ijambo rikomoka mu Rugiriki risobanurwa ngo "umwobo muremure cyane" cyangwa "umwobo utagira iherezo". Mu Itangiriro 1:2 Isezerano rya Kera rya Bibliya y'Ikgiriki rikoresha ijambo "imuhengeri" igira ngo igaragaze uko isi yari imeze itaranonosorwa mbere y'uko icyumweru cy'irema kiba. Nuko rero iyi si ni urwobo Imana izafungiramo Satani.



Ibyanditswe Byera bivuga ko Satani azafungishwa "umunyururu munini". Mbese uwo ni umunyururu nyawo? Oya ni ikigereranyo cy'ibizamubaho icyo gihe. Satani yari kuzanezewa no gukomeza gushuka abakiranutsi mu gihe cy'emyaka 1000. Nyamara nta mukiranutsi n'umwe azabona kubera ko bose bazaba bibereye mu ijuru. Kandi nta banyabyaha azabona ngo abayobore kubera ko bose bazaba barapfuye bari mu bituro. Kubera ko atazashobora kugira uwo ashuka cyangwa ngo agire uwo agerageza, azazerera mu isi izaba irimo ubusa atekereza ibyago n'amakuba yateje iyi si.

4. ABAKIRANUTSI BAZACIRA ABANYABYAHIA IMANZA

Igihe cy'emyaka igihumbi na none ni igihe cyo guca imanza. Nyamara mwibuke ko urubanza rugizwe n'imigabane ine:

(1) Urubanza rw' abakiranutsi mbere y'uko Kristo agaruka.

GENZURA

(2) Igihembo cy'abakiranutsi ubwo Kristo azaba agarutse.

(3) Urubanza rw'abanyabyaha mu gihe cy'imyaka 1000.

(4) Igihembo cya Satani n'abanyabyaha ku iherezo ry'icyo gihe. Wibuke icyigisho cya 13 cya Genzura kivuga iby'umugabane wa 1 n'uwa 2 y'urubanza, isuzuma n'ibihembo by'abakiranutsi.) Ubu turasuzuma umugabane wa 3 n'uwa 4 werekeye isuzuma n'ibihembo by'abanyabyaha.

Twamaze kubona ko abakiranutsi bazaba barapfuye bazazurwa maze hamwe n'abakiranutsi bazaba bakirho bakazamurwa ubwo Kristo azaba agarutse. Bazaba bibereye iwabo mu ijuru mu gihe cy'imyaka 1000. Bazaba bakora iki?

"Ntimuzi ko ABERA [abacunguwe] BAZACIRA ABARI MU ISI URUBANZA? ...Ntimuzi ndetse ko tuzacira ABAMARAYIKA URUBANZA?" -1 Abakorinto 6:2-3.

"MBONA INTEBE Z'UBWAMI, MBONA N'ABAZICARAHO, BAHABWA UBUCAMANZA...BARAZUKA BIMANA NA KRISTO IMYAKA IGHUMBI." -Ibyahishuwe 20:4.



Mu gihe cy'imyaka 1000, abakiranutsi bazaba basubira mu manza z'abanyabyaha n'iz'abamarayika bacumuye, hamwe n'urubanza rw'umuyobozi wabo Satani. Mbega uko bizaba ari ibantu bishimishije kugira ngo abarenganjewe, abanesheje, n'abayoboke b'ubutumwa bwiza banyuze mu ntambara bazasuzume kandi basobanukirwe uko Imana izacira abanyabyaha imanza?

Mu buntu bwayo Imana yahaye abacunguwe amahirwe yo gusuzuma ibyo yagiye ikorera abanyabyaha. Dushobora kuzagira ibibazo nk'ibi: "Kuki masenge atari hano? Yasaga n'aho ari umuntu mwiza." Ubwo tuzaba dusuzuma ibyanditswe maze tugacira abapfuye imanza "z'ibyanditswe muri ibyo bitabo" tuzibonera rwose ko Imana yagiye

ikoresha ukuri no gukiranuka mu byo yagiye ikorera abantu bose. Tuzabona uburyo Umwuka Wera yahaye abantu amahirwe menshi yo kwiyegurira Imana kandi bizagaragara ko buri rubanza rwose rwaciwe mu kuri.

5. SATANI AZABOHORWA UBWO IMYAKA IGHUMBI IZABA IRANGIYE

Ku iherezo ry'imyaka igihumbi Bibliya iravuga iti

"Mbona ururembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uko umugenri arimbishirizwa umugabo we." Ibyahishuwe 21:2..

Uwo murwa mwiza cyane tuzaba tuwumazemo imyaka igihumbi. Hanyuma uwo murwa wera -Kristo n'abo yacunguye bazaba barimo -uzamanuka mu ijuru uze hano ku isi.

Icyo Satani azakora ubwo imyaka igihumbi izaba irangiye ni iki?

"Iyo myaka igihumbi n'ishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe. Azasohoka ajye kuyobia amahanga yo mu mfuruka enye z'isi... kugira ngo ayakoranirize intambara. Umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja. Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa." Ibyahishuwe 20:7-9.

Abanyabyaha bazazurwa mu muzuko wa kabiri nyuma y'imyaka 1000 (umurongo wa 5). Ubwo abakiranutsi bazamanuka baje ku isi bari mu Murwa Wera n'abanyabyaha bakazuka, Satani "azabohorwa igihe gito" (umurongo wa 3). Azongera ayobore abanyabyaha maze yibasire abakiranutsi. Nta mwanya na muto apfushije ubusa, azahita atangira



GENZURA

kuyobora abanyabyaha abagire ingabo nyinshi cyane. Satani azatanga itegeko ryo gutera umurwa. Ubwo abanyabyaha bazaba bamaze kujya mu byimbo bazengurutse Yerusalem Nshya (umurongo wa 9) bazerekwa cinema y'ibyo bakoze bizaba bigiye gutuma barimbuka buheriheri.

6. IGIKORWA CYA NYUMA CY'URUBANZA

Icyo gihe ni bwo ku ncuro ya mbere abantu bose aho bava bakegera bazarebana. Yesu azaba ayoboye abana b'lmana bazaba bacunguwe bari mu murwa. Satani azaba ayoboye ingabo z'abanyabyaha bazaba bari inyuma y'umurwa. Muri icyo gihe gikomeye, Imana izayobora umugabane uheruka w'urubanza ku banyabyaha.

"Ket nikitak ti maysa a dakkel a trono a puraw, ken daydi nagtugaw kenkuana.... Ket nikitak dagiti natay, babassit ken dadakkel, a nagtatakder iti sangoanana ti trono,... ket dagiti natay naokomda kadagiti banbanag a naisurat kadagiti pagbasaan kas mayannuot kadagiti aramidda."-- Apocalipsis 20:11, 12.

Ubwo abanyabyaha bazaba bahagaze imbere y'intevebe y'lmana bacirwa urubanza, ibyo bakoze byose bizabagaragarira. Yesu Kristo, Umucamanza ukiranuka azagaragariza abagabo, abagore n'abamarayika bacumuye amateka yerekeye gucumura kwabo yishingikirije ku bizaba byanditswe mu ijuru.



Ababaho bose bazabibona babyitegerez cyane. Yesu azahagarara imbere y'intevebe y'lmana maze asobanure umurimo yakoze wo gukiza abantu. Azagaragaza ko yazanwe no gushaka no gukiza abari bazimiye. Yaje muri iyi si afite umubiri maze agira imibereho izira inenge muri iyi si irimo ibigeragezo n'ibirushya, maze aritanga aba igitambo gihebuje ibindi byose ku musaraba, bityo atubera Umutambyi mukuru mu ijuru. Ku iherezo ubwo Kristo, uzaba urangwa n'ishavu, azigira imbere agacira urubanza abinangiye bakanga imbabazi ze, ibiremwa byose bizabona ko habayeho ubutabera kandi bazabona ko icyo gikorwa giheruka gikozwe n'lmana cy'irangiza rubanza cyari ngombwa.

"Twese tuzahagarara imbere y'intevebe y'imanza y'lmana; kuko byanditswe ngo: `Uwiteka aravuga ati: Ndirahiye, amavi yose azampfukamira, kandi indimi zose zizavuga ishimwe ry'lmana.'" - Abaroma 14:10-11.

"Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu... ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musarabal.... kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru cyangwa ay'ibyo mu isi kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihmbazwe." - Abafilipi 2:5-11.

Uhereye igihe icyaha cyatangiriye, Satani yakomeje gusebya imico y'lmana, ayirega ko idakiranuka. Nyamara icyo gihe ibibazo byose bizaba bishubijwe, ingorane zose zizaba zikemuwe. Icyo gihe umuntu wese ubaho azamenya ko Yesu, Umwana w'Intama w'lmana akwiye gukundwa no kuramywa. Gahunda yose n'umugambi wose w'lmana bizagaragazwa mu buryo budasubirwaho, kandi imico y'lmana izaba igaragajwe kandi itsinze.

Ntabwo ari abakiranutsi gusa ahubwo n'abamarayika bacumuye ndetse na Satani ubwe bazatura bemeze ko Satani yayobye nyamara inzira z'lmana zo zikaba zirangwa n'ukuri no gukiranku. Abantu bose bazabona ko ibyaha no kwikubira byokoje abantu umubabaro n'ishavu kandi ko bidakwiye kongera kuzabaho ukundi.

7. IHREZO RY'ICYAH A RIZASHYIRA RIGERE

GENZURA

Nubwo Satani n'iteraniro rinini ry'abanyabyaha bazemera ko Imana ikiranuka, imitima yabo ntizahinduka, imico yabo izakomeza kuba mibi. Nyuma y'aho ibihano bizahabwa abanyabyaha:

"Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru ubatwike, kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku.... Urupfu n'lkuzimu bijugunywa muri ya nyanja yaka umuriro. Iyo nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri. Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditse muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri iyo nyanja yaka umuriro." -Ibyahishuwe 20:9-15.

Mu rubanza ruheruka umuriro w'Imana Ihoraho uzarimbura icyaha n'abakomeza kucyihambiraho. Satani n'inkozi z'ibibi zose bazarimburwa n'"urupfu rwa kabiri", ruzaba ari urupfu rw'iteka, uwo ruzahitana ntashobora kuzongera kubaho. Kwigomeka kw'inkozi z'ibibi kuzazivutsa umunezero nyawo, maze zirimburirwe rimwe na Satani n'abamarayika be. Umuriro uzaba uvuye mu ijuru izeza isi uyimareho ibibi byose icyaha cyayizanye; ku iherezo Imana izagira isi iboneye, ntabwo ibibi bizongera kugira uwo bitera ubwoba. Igitekerezo kivuga ibyo guhangana kuri hagati y'ikiba n'icyiza, hagati ya Kristo na Satani kizaba kirangiye, maze Kristo yime ingoma. Ubutegetsi bwaranzwe n'ibyaha buzaba burangiye maze haganze ubwiza bw'isi nshya izaba ifite ibyiza bitarondoreka.



8. ISI IZEZWA MAZE IGIRWE NSHYA

Mu ivu ry'icyo gikorwa gishishana cyo kweza isi, Imana izarema isi nshya:

"Mbona ijuru rishya n'isi nshya , kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize... Mbona ururembo rwera Yerusalem nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana... `Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize... dore byose ndabihindura bishya!" -Ibyahishuwe 21:1-5.



Ubwo isi izaba isubijwe ubwiza yahoranye, izaba iwabo w'abacunguwe mu bihe bizira iherezo. Kwikubira kose, uburwayi bwose, n'umubabaro wose tuzaba twabikize dutangire kwiga ibiri mu ijuru no mu isi, tugirane umubano w'agahozo, maze twicare ku birenge bya Yesu tumwumve ubuziraherezo, atwigishe kandi dukundane by'ukuri. (Kugira ngo urusheho kumenya uko iyo si nshya izaba imeze, ongera usome icyigisho cya 9 cya Genzura).

Icyo gihe uteganya kuzaba mu ruhe ruhande? Mbese wamaze gufata umwanzuro wo kuzabana na Kristo imbere mu murwa ukijijwe by'iteka ryose? Cyangwa uzaba inyuma y'umurwa utagira Kristo kandi upfuye by'iteka?

Niba warashyize ubugingo bwawe mu biganza bya Yesu, ntukwiye kugira ubwoba nk'abazaba bari inyuma y'umurwa bazabona ko barimbutse by'iteka. Uko waba waritwaye kose muri ubu buzima, uramutse ushyize imibereho yawe mu biganza bya Yesu uyu munsi, ushabora kuzaba mu murwa uri hamwe na Kristo n'abandi bazaba bacunguwe. Niba utari wabikora, egurira Yesu umutima wawe ubu, na we azakuzengurutsa urukundo rwe n'imbabazi ze. Aya ni amahirwe yawe . Uyu ni wo munsi wawe wo gukirizwamo.

UMURIRO UTAZIMA NI IKI KANDI UBA HE?

Umunyeshuri umwe yinjiye mu ishuri yigagamo maze akora amarorerwa, arasa abanyeshuri benshi biganaga, barapfa. Umuntu wari wirukanwe ku kazi yazabiraniwe n'uburakari maze yinjira aho yakoreraga maze arasa uwari umukoresha we. Umugore wari kumwe n'abana be yatwaye imodoka maze ajya kuyiroha mu kiyaga.



Nibura ku migabane ibiri y'isi, abantu ibihumbi byinshi bishwe bikomotse ku nzangano zishingiye ku moko. Byatewe n'inzika zari zimaze imyaka amagana hagati y'ayo moko. Abagabo, abagore, abana ndetse n'impinja bararashwe, baratemagurwa, barakubitwa ndetse banafatwa ku ngufu.

Guhanisha bene ibyo byaha igihano cyo kwicwa, (no kwicwa kw'abagiye bica bagenzi babo urubozo), byamaganwa n'abantu benshi. Amashyirahamwe atemera ko habaho igihano cyo kwicwa yamagana yivuye inyuma icyo gihano akacyita "umugenzo wa gipagani". Barabaza bati "Mbese abo bicanyi ntibashobora gukizwa?"

Uburyo umuntu yahitamo umwicanyi yakwicwamo ni ubuhe? Mbese ni ukumwicisha amashanyarazi? Bamwe bavuga ko gutera umuntu urushinge rumusinziriza ubuticura nibura byo bitamubabaza. Abandi batekereza ko umuntu yapfa vuba ar'uko bamumanitse. Nyamara muri izo mpaka zose zigibwa ku birebana n'igihano cy'urupfu, hari uburyo bumwe butagira ababwemeza. Nta bantu bavuga ko abishe abandi urubozo, bakabavutsa ubuzima mu buryo bukojeje isoni, bicishwa urupfu rubabaza umubiri wabo buhoro buhoro. Nta bari batanga icyifuzu cy'uko abicanyi batwikwa buhoro buhoro kugeza ubwo bapfiriye.

Nyamara Abakristo benshi bavuga babikuye ku mutima ko Data wa twese wo mu ijuru azatanga igihano kibi kurenza ibyo. Bavuga ko abanyabyaha bagomba kuzababazwa cyane kugira ngo babashe kuryozwa ibyaha bakoze. Na none kandi ikirenze icyo, bavuga ko ahantu Imana izahanira ari aho izabariza abanyabyaha ubuziraherezo.

Ariko se mu kuri igihano abanyabyaha bazahanishwa kimeze gite? Ni buryo ki igihano cyabo kizaba gishingiye ku rukundo n'ubutabera bw'Imana? Reka turebe igisubizo cya Bibliya.

1. IKIZASHAVUZA YESU BWA NYUMA

Mu gihe kigera ku myaka 6000 Imana yakomeje kwindinga abagabo n'abagore:

"Umwami UWITEKA aravuga ati: 'Ndirahiye, sinezezwa no gupfa kw'umunyabyaha, ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye maze akabaho.'" -Ezekiyeli 33:11.



Umusaraba wagaragaje uburyo Imana ishaka gukiza abantu. Ubwo, ku musaraba, Yesu yatakaga ati "Data ubababarire kuko batazi icyo bakora" yagaragaje icyari gishavuje umutima we (Luka 23:34). Nyuma, Yesu yatanze ubuzima bwe. Bamwe bizera ko yishwe no guturika umutima (Yohana 19:30, 34).

Nyamara nubwo Yesu yagaragaje cyane urukundo mvajuru, hari abantu benshi batazemera kumuyoboka. Kandi mu gihe cyose icyaha kikiri kuri iyi si, kizakomeza gutuma abantu barushaho kumererwa nabi. Nuko rero icyaha kigomba kurimburwa. Imana iteganya ite kurimbura icyaha?

GENZURA

"Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza ... ubwo ijuru rizavaho hakaba umuriri ukomeye; maze iby'ishingiro ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, ISI N'IMIRIMO IYIRIMO BIGASHIRIRA." -2 Petero 3:10.

Ku iherezo Imana igomba kuzeza isi, igakuraho icyaha aho kiva kikagera maze igatsema icyaha burundu. Abantu bakomeza kwihambira ku cyaha, ku iherezo bazarimburwa n'uwo muriro wateguriwe kuzarimbura Satani, abamarayika be, n'icyaha ngo bitsembwe ku isi. Mbega uburyo Yesu azashenguka umutima ubwo azabona abo yapfiriye ngo bakizwe bakongorwa n'umuriro!

2. NI HEHE UMURIRO UTAZIMA UZABA URI KANDI NI RYARI UZACANWA?

Imana ntifite umuriro waka muri iki gihe ahantu hitwa "umuriro utazima" aho abanyabyaha bajya iyo bapfuye nk'uko abantu benshi babyizera. Umuriro utazima uzabaho ubwo iyi si izahindurwa inyanja y'umuriro. Imana itegereje guha igihano abanyabyaha ubwo urubanza ruheruka ruzaba rurangiye nyuma y'imyaka 1000 (Ibyahishuwe 20:9-15).

"Umwami Imana izi gukiza abayubaha ibibagerageza , no kurindira abakiranirwa kugeza ku MUNSI W'AMATEKA, ngo bahanwe." -2 Petero 2:9.

Na none Imana yeza iyi si yacu ikoreshjeje uwo muriro ugamije kweza.



"Ariko ijuru n'isi bya none, iryo jambo ni ryo na none ryabibikiye umuriro uzatera ku MUNSI W'AMATEKA, urimbure abatubaha Imana." 2 Petero 3:7.

Imana ntiyigeze itegura ko hagira umuntu uzarimbuzwa umuriro w'iteka. Nyamara iyo abantu banze gucana umubano na Satani bagakomeza kugundira ibyaha byabo, ku iherezo bagomba guhabwa ingaruka zo guhitamo kwabo.

"Maze azabwira n'abari ibumoso ati `Nimuve aho ndi, mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka WATUNGANIRIJWE UMWANZI N'ABAMARAYIKA BE.'" Matayo 25:41.

Dukurikije ibyo Yesu yavuze, umuriro utazima uzabaho ryari?

"Nk'uko urukungu rurandurwa rugatwikwa, ni ko bizaba KU MPERUKA Y'ISI. Umwana w'umuntu azatuma ABAMARAYIKA be BATERANYE IBINTU BIGUSHA BYOSE N'INKOZI Z'IBIBI babikure mu bwami bwe, BABAJUGUNYE MU ITANURA RY'UMURIRO, ni ho bazaririra bakahahekenyera amenyo." -Matayo 13:40-42.

Urukungu ari rwo rugereranya abanyabyaha ruzatwikwa ku mperuka y'isi. Mbere y'uko icyo gihano gitangwa, isi yose izamenyeshwa ko Imana yakiranutse mu byo yakoreye umuntu wese. Nk'uko bivugwa mu cyigisho cya Genzura cya 22, mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani, Satani yaharaniye kugaragariza ababa mu ijuru no mu isi ko inzira yo gukora ibyaha ari yo nzira nziza; Yesu we yakomeje kugaragaza ko inzira yo gukiranuka ari yo rufungozo rw'imibereho myiza.



Nyuma y'myaka 1000, uko kugaragaza ko gukiranuka ari inzira y'imibereho myiza bizasozwa n'igihano Satani, abamarayika be n'abanyabyaha bazahabwa. Nyuma y'uko ibitabo byanditswemo ibyo buri muntu wese yakoze muri iyi ntambara ikomeye bizaba bimaze kubumburwwa, Imana izajugunya Satani, urupfu n'ikuzimu na buri muntu wese "utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy'ubugingo... mu nyanja y'umuriro" (Ibyahishuwe 20:14-15).

GENZURA

Dukurikije uyu murongo ukurikiraho (Ibyahishuwe 21:1) Imana nimara kweza isi ikayikuraho icyaha ikoreshje umuriro izarema "ijuru rishya n'isi nshya".

3. MBESE UWO MURIRO UKAZE UZAMARA IGIHE KINGANA IKI WAKA?

Abizera benshi bemera inyigisho ivuga ko uwo muriro w'inkazi uzabaho iteka ryose, ukababaza abazatwika ubuziraherezo. Mutyo turebe twitonze amasomo avuga uko Imana izagenza icyaha n'abanyabyaha.

"Ahore inzigo abatamenye Imana n'abatumvira ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu. Bazahanwa igihano kibakwiriye, ni cyo KURIMBUKA KW'ITEKA RYOSE bakohera ngo bave imbere y'Umwami no mu bwiza bw'imbaraga ze." -2 Abatesalonike 1:8,9.

Nyabuna muzirikane ko "kurimbuka kw'iteka ryose" bidashaka kuvuga "kubabazwa iteka ryose". Bishaka kuvuga kurimbuka kutagira iherezo. Ingaruka y'uko kurimbuka ni ugupfa ubutazazuka. Petero yavuze iby'umunsi w'urubanza uzarimbura "abatubaha Imana".

Yesu avuga ko "ubugingo n'umubiri" birimburirwa muri gehinomu (Matayo 10:28). Mu Kibwirizwa cye cyo ku Musozi, Yesu yavuze iby'inzira ifunganye "ijyana mu bugingo" n'inzira ngari ijyana abantu "ku kurimbuka". Muri Yohana 3:16 Yesu asobanura ko Imana "yatanze Umwana wayo w'ikinege" kugira ngo abizera bose batarimbuka ahubwo "bahabwe ubugingo buhoraho." Yesu agaragaza guhabana kuri hagati y'ubugingo buhoraho no kurimbuka -ntabwo ari ugushya by'iteka. Tugomba rero kwanzura tugaragaza ko ikivugwa ko ari umuriro w'iteka, kizagera aho kigashira; uwo muriro uzatwika abanyabyaha ubarimbure rwose bashireho.

Amagambo asobanutse neza yo mu Byanditswe Byera byose atubwira ko abanyabyaha bazarimburwa. "Urubyaro rw'abanyabyaha ruzarimburwa" (Zaburi 37:28), "bazarimbukira buheriheri mu byonona byabo" (2 Petero 2:12), "bazarimbukira mu mwotsi" (Zaburi 37:20). Umuriro uzabahindura ivu (Malaki 4:1-3). "Ibihembo by'ibaha ni urupfu" ntabwo ari ubuzima buhoraho mu muriro utazima; ahubwo impano y'Imana "ni ubugingo buhoraho" (Abaroma 6:23).

Umugambi w'igihano giheruka mu muriro witwa uw'iteka ni ugukura icyaha ahantu hose, ntabwo ari ukubeshaho icyaha iteka ryose. Biraruhije cyane gutekereza ko Kristo waririye Yerusalem yari yaranze kwhiana kandi wababariye abamwishe, yakwhanganira kumara ibihe bizira iherezo areba kubabazwa kw'abarimbuka.



Nta gushidikanya umuriro uvugwa ko utazima uzagera aho uzime. Ubwo imyaka 1000 izaba irangiye Imana izasuka umuriro uve mu ijuru maze utsembe umwanzi Satani, abamarayika be n'abanyabyaha banga kureka ibyaha byabo. "Umuriro uzamanuka uva mu ijuru" ubatsembe bashire (Ibyahishuwe 20:9).

Dukurikije ibyo Yesu avuga ni umuriro "utazima" (Matayo 3:12). Nta bahanga mu kuzimya umuriro bazawuzimya ngo bawubuze gutwika rwose ibyo uzaba ugamije kurimbura.

Imana isezerana ko, muri icyo gikorwa cy'uwo muriro uzaba umaze kweza isi, izarema "ijuru rishya n'isi nshya", kandi "ibya kera ntibizibukwa" kandi "ijwi ryo kurira n'imiborogo ntibizahumvikana ukundi" (Yesaya 65:16-19).

Mbega umunsi uzaba unejeje! Impamvu yose itera abantu ishavu izavanwaho. Imana izahanagura inkovu z'icyaha mu mutima wose, kandi umunezero wacu uzaba wuzuye.


4. "ITEKA" MU BYANDITSWE BYERA

Muri Matayo 25:41 Yesu avuga iby'"umuriro w'iteka watunganirijwe Umwanzi n'abamarayika be." Mbese ijambo "iteka" ahangaha risobanurwa ngo "igihe kitagira iherezo?" Ku murongo wa 7 w'igitabo cya Yuda hagaragaza ko imidugudu ya Sodomu na Gomora yabaye "akabarore, ihanwa n'umuriro utazima." Uko biri kose ntabwo ubu ngubu iyo midugudu iriho ishya. Nyamara uwo muriro WABAYE uw'iteka ku mpamvu z'uko watwitse ugatsema rwose ibyagombaga gutsembwa.

Mu 2 Petero 2:6 na none tuhasoma ijambo "iteka". Nyamara iryo somo risoanura mu buryo bwumvikana ko Imana "yaciriyeho iteka imidugudu y'i Sodomu n'i Gomora, iyitwitse ikayigira ivu, ikayishyiraho kuba akabarore k'abazagenda batubaha Imana."

Abatarubahaga Imana bo muri Sodomu na Gomora ntibakbabazwa; bamaze guhinduka ivu kera. Nyamara ingaruka y'icyakozwe n'uwo muriro ni igikorwa cy"iteka" -kurimburwa kudasubirwaho. Ijambo "iteka" risobanurwa ngo igihano kirangiza neza umurimo wacyo ntabwo ari ughana kutarangira.

Kubera ko igitabo cy'Ibyahishuwe gikoresha iyo mvugo ikoresha imfashanyigisho, bamwe ntibasobanukirwa neza n'imirongo imwe yo muri icyo gitabo. Nk'urugero, mu Byahishuwe 14:11 havuga ko umwotsi wo kubabazwa kw'abazarimbuka "ucumba iteka ryose". Ibyo bijya kumvikana nk'aho byaba bishaka kuvuga **kubabazwa ubuziraherezo**. Nyamara reka tureke Ibyanditswe Byera ubwabyo byisobanure.




Mu Kuva 21:6 hatubwira iby'ugutwi kw'umugaragu shebuja yagombaga gupfumuza uruhindu, icyo kikaba ikimenyetso cy'uko agomba "kumukorera iteka". Ahangaha "**iteka**" ni ige cyose uwo mugaragu yagombaga kuba akiraho. Yona wabaye mu nda y'ifi iminsi itatu n'amajoro atatu (Matayo 12:40) yavuze ko yabaye mu nda y'iyo fi "**ibihe byose**" (Yona 2:6). Nta gushidikanya iminsi itatu yamaze muri uwo mwijima, ari mu bintu bitematema yamuhindukiye nk' "**iteka**".

Nuko rero tugomba kwitonda, tukagerageza gusobanukirwa ige Ibyanditswe Byera bikoresheje imvugo yifashishije imfashanyigisho cyangwa imvugo y'bisigo. Umwotsi uzamuka iteka uvuye mu nyanja y'umuriro ni imfashanyigisho igaragaza kurimburwa kw'iteka. Mu Byahishuwe 21:8 hatugaragariza neza ko inyanja yaka umuriro n'amazuku ari "urupfu rwa kabiri." Uwo muriro uteye ubwoba uzagira iherezo. Abanyabyaha bazakongoka; bazarimbura.

5. NI KUKI HAGOMBA KUZABAHO UMURIRO W'ITEKA?

Mu itangiriro Imana yaremye isi nziza cyane. Nyamara icyaha cyaje mu isi maze kizana ibyago, kubora n'urupfu. Uramutse utashye umugoroba umwe nuko wagera mu rugo ugasanga inzu yawe bayisahuye kandi bayangirije warekera aho ugaterera iyo? Uko biri kose ntiwarekera iyo ngo ushyire agati mu ryinyo. Wagerageza gukubura iyo myanda, n'ryo yarara ukagerageza gusukura hasi no hejuru maze ibikoresho byangiritse cyane ku buryo bidashobora gusanwa ukabijugunya. Imana na yo ni ko izakora. Izakora umurimo wo gusukura iyi si yangijwe kandi ikanduzwa n'icyaha maze iyiboneze rimwe rizima, irema isi nshya mu mwanya wayo. Umugambi w'Imana wo kwejesha iyi si umuriro uzaba ugamiye gutegura inzira ituma haremwa isi izira amakemwa abacunguwe bazabamo.



Nyamara Imana ifite ikibazo gikomeye kubera ko icyaha kitangije iyi si dutuyeho gusa ahubwo cyangije n'abantu. Icyaha cyangije isano twari dufitanye n'Imana n'iyo twari dufitanye na bagenzi bacu. Abantu bakomeje kubangamirwa n'ihohoterwa ry'abana, iterabwoba, kureba amashusho abyutsa iruba, n'ibindi byinshi cyane bimunga ubugingo. Umunsi umwe Imana igomba kurimburwa icyaha kubera ko icyaha kirihio kirimbura abantu. Ikibazo cy'Imana cyari giteye gitya: Yabashaga ite kurimburwa virusi yica y'icyaha ku isi

nyamara ntirimbure abantu bamaze kwandura iyo virusi? Umuti wayo wabaye uwo gushyira iyo virusi mu mubiri wayo; Yemeye ko iyo kanseri y'icyaha irimbura Imana ubwayo ku musaraba. Ingaruka iba iyih?

"Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, NO KUTWEZAHO GUKIRANIRWA KOSE." - 1 Yohana 1:9.

Uwo muti ukiza icyaha Imana iwuba buri muntu wese ku buntu. Nyamara ikibabaje ni uko hari abantu bamwe bakomeze kwizirika ku ndwara y'icyaha. Kandi Imana ntizahatira abantu ngo bahitemo inzira yayo y'ubugingo buhoraho. Abanga umuti itanga, ku iherezo bazahitwanwa n'iyo ndwara. Impamvu izatuma habaho umuriro w'iteka ni iyi:

"Kuko ubwo nabahamagaraga mutitabye; kandi ubwo nababwiraga, ntimwumviye; ahubwo mugakora ibyo nanze, mugahitamo ibitanezeza." -Yesaya 65:12.

Kubera ko abanyabyaha bazaba bitandukanije na Yesu kubwo guhitamo kwabo, bazabona ko nta yandi mahitamo yandi keretse urupfu rw'iteka.

6. UZARIMBUKA AZABA AHOMBYE IKI?

Nubwo Ibyanditswe Byera bitigisha ko umuriro utazima uzababaza abantu ubuziraherezo, bitumenyesha bike byerekeye akaga ko kuzarimbuka. Abanyabyaha bazabura ubugingo buhoraho. Mbega ishavu rikomeye bazaterwa no kumenya ko umunezero wo guhabwa ubugingo buhoraho ubacitse burundi kandi ko batazigera na rimwe bongera kugira umunezero uzira amakemwa wo gukundwa uko ibihe bihaye ibindi.



Ubwo Kristo yabambwaga ku musaraba, ibyaha by'abari mu isi bimutandukanije na Se, agomba kuba yarababajwe umbabaro abazarimbuka by'iteka bazagira. Ubwo abanyabyaha bazaba bareba umwijima w'icuraburindi uzaba ubategereje, icyo bazitegerezza ni ukurimbuka kw'iteka. Bazaba bagomba gupfa nta byiringiro bafite byo kuzongera kuzuka. Na none bazitegerezza uburyo bigijeyo Kristo buri gihe mu gihe yabegeraga akabagaragariza urukundo. Ku iherezo bazapfukama maze bavuge ko Imana ikiranuka kandi ko ari inyarukundo (Abafilipi 2:10, 11).

Nta mugayo reka abanditsi ba Bibliya babe baratugaragarije agaciro gakomeye ko guhitamo kwacu n'ibintu by'ingenzi cyane Kristo yadukoreye.

"Turabinginga ngo mudaherwa ubuntu bw'Imana gupfa ubusa; kuko yavuze iti "Mu gihe cyo kwemererwamo narakumviye, no ku munsi wo gukirizwamo naragutabaye". Dore NONE ni cyo gihe cyo kwemerwamo, dore NONE ni cyo gihe cyo gukirizwamo." -2 ABAKORINTO 6:1-2.

Nta byago mbona birenze iby'umuntu usuzugura igitambo kitagira akagero cya Yesu maze agahitamo kuzarimbuka. Amahitamo aturi imbere arasobanutse neza: kurimbuka kw'iteka -kumara igihe kitagira iherezo utabana n'Imana, cyangwa kugirana ubucuti bw'iteka na Kristo buzuzuza ibyifuzo byacu bihebuje ibindi byose. Ni iki wowe ubwawe uhitamo? Ni kuki utasobanukirwa n'icyo Kristo akwifuriza uyu munsi?

IYO UMUNTU APFUYE, N'IKI GIKURIKIRAHO?

Iyo umwana atubajije bwa mbere ati gupfa n'iki? Ducurika umutwe. Tugira ubwoba bwo kuvuga cyangwa gutekereza k'umuntu runaka cyangwa uwo twakundaga wapfuye. Urupfu ni we mwanzi w'abantu aho ariho hose.

Igisubizo cyaba ikihe ku bibabzo bikomeye byerekeye urupfu? Haba hari ubundi buzima nyuma y'urupfu? Twaba tuzongera kubona abacu bapfuye?

1. GUHURA N'URUPFU NTA BWOMA

Twese mu bihe runaka, ahari tukimara kubura abacu twakundaga, ducika igikuba, tukumva muri twe huzuye ubwigunge, iyo dutekereza impera y'ubuzima.

Muri aka kanya k'ingenzi, kuzuyemo ibitekerezo ishyano ryose, nihe twabasha gusobanukirwa n'ukuri kw'ibiba iyo dupfuye? Amahirwe yacu, nuko umugambi wa Yesu muri iyi si kwari "ugukura mu bubata abo bose baboshye no gutinya urupfu" (Abaheburayo 2:15). Kandi muri Bibilia, Yesu aduha ubutumwa budukomeza, bunasubiza ibibazo byacu ku byerekeye urupfu n'ubuzima bwahazaza.



2. UKO IMANA YATUREMYE

Kugira ngo dusobanukirwe neza ukuri kwa Bibilia ku byerekeye urupfu, reka duhere mw' itangiriro turebe uko Imana yaturemye.

"Uwiteka Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo; umuntu ahinduka ubugingo buzima." (Itangiriro 2:7).



Mwirema Imana yabumbye Adamu kuva mu mukungugu wo hasi." Yari afite ubwonko mu mutwe bwiteguye gutekereza; amaraso mu mitsi yiteguye gutemba umubiri wose. Nuko Imana imuhumekera mu mazuru "umwuka w'ubugingo;" maze Adamu ahinduka "umuntu muzima" [Mu Giheburayo, "Ubugingo buzima"]. Witegereze Bibilia ntivuga ko Adamu yahawe ubugingo; ahubwo ivuga ko "umuntu yahindutse ubugingo buzima." Ubwo Imana yahumekeraga muri Adamu, ubugingo bwatangiye gutemba buva mu Mana. Guteranya umubiri "n'umwuka w'ubugingo, ni byo byatumye Adamu aba "Umuntu muzima," "ubugingo buzima". Ku bwibyo rero tubasha kwandika agahurizo k'umuntu ko:

"Umukungugu wo hasi" + Umwuka w'ubugingo" = "Ubugingo buzima"

Umubiri udafite ubuzima + Umwuka uva ku Mana = "Umuntu muzima"

Twese dufite umubiri n'imbaraga yo gutekereza. Mu gihe tugihumeka, tuba turi umuntu muzima, ubugingo buzima.

3. BIBA BIGENZE BITE IYO UMUNTU APFUYE?

Iyo umuntu apfuye, ya gahunda y'Irema ivugwa mw'Itangiriro 2:7 iba icuramye (genda isubira inyuma).

GENZURA

"N'umukungungu ugasubira mu butaka uko wahoze n'umwuka ugasubira ku Mana yawutanze."
(Umubwiriza 12:7).

Bibilia ikoresha amgambo y'Igiheburayo avuga "Umwuka". Iyo abantu bapfuye, umubiri wabo uhinduka "igitaka" naho "umwuka" ugasubira ku Mana aho ukomoka. Ariko se "ubugingo" bite?

"Ndirahiye", niko Uwiteka avuga, Dore ubugingo bwa bose ni ubwanjye; ... ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa." **Ezekiyeli 18:3-4.**

Ubugingo burapfa! Ubu si ubw'iteka - bubasha gupfa. Ka gahurizo twakuye mw'Itangiriro 2:7, ubwo Imana yaturemaga, iyo bigeze mu gupfa karahinduka.

"Umukungugu wo hasi" - Umwuka w'ubugingo = Ubugingo bupfuye.
Umubiri udafite ubuzima - Umwuka uva ku Mana = Umuntu upfuye.

Urupfu n'uguhagarika ubuzima. Umubiri urabora ugahinduka igitaka, umwuka ugasubira ku Mana. Turi ubugingo buzima iyo tukiri bazima, ariko twapfa tugahinduka "intumbi", ubugingo bupfuye, umuntu upfuye. Abapfuye nti batekereza. Iyo Imana isubiranye umwuka w'ubugingo yari yaduhaye, ubugingo bwacu burapfa. Ariko nkuko turi bubibone imbere muri iki cyigisho, hari ibyiringiro muri Kristo.

4. UWAPFUYE AZI IBINGANA IKI?

Iyo umuntu amaze gupfa, ubwonko burabora, ntibuba bukibasha kumenya cyangwa kwibuka icyo aricyo cyose. Ibitekerezo by'umuntu bigarukiraho iyo apfuye.

"Urukundo rwabo, n'urwangano rwabo, n'ishyari ryabo, byose biba bishize; ... Umubwiriza 9:6.

Abapfuye ntibatekereza, niyo mpamvu batamenya ibikorwa. Nta mushyikirano na gato bagirana n'abazima.

"Abazima bazi ko bazapfa; ariko abapfuye bo nta cyo bakizi." **Umubwiriza 9:5.**

Urupfu ni nki ibitotsi bitarimo kurota, koko kandi Bibilia yita urupfu ibitotsi inshuro 45. yesu yigishije ko urupfu ari nki ibitotsi. Yabwiye abigishwa be ati

**"Incuti yacu Lazaro irasinziriye; ariko ngiye kumukangura.
 abigishwa baramubwira bati "Databuje, niba asinziriye,
 azakira". Nyamara Yesu yavugaga iby'urupfu rwa Lazaro,
 ariko bo batekereza yuko avuze gusinzira kw'ibitotsi. Yesu
 niko kuberurira ati "Lazaro yarapfuye". Yohana 11:11-14**



Lazaro yari amaze iminsi ine ubwo Yesu yahageraga. Ubwo Yesu yajyaga ku gituro cya Lazaro yagaragaje ko ku Mana byoroshye kuzura uwapfuye nkuko bitworohera gukangura incuti yacu isinziriye. N'ibyiringiro bikomeye kumenya ko abacu bapfuye "basinziriye", baruhukiye muri Yesu.

Iyi nzira y'urupfu, iyo natwe umunsi umwe tuzanyuramo, ni nk'ibitotsi bidafite icyibihungabanya.

5. ESE IMANA YABA ITAKIBUKA ABASINZIRIYE MU RUPFU?

Ibitotsi by'urupfu siryo herezo ry'ubuzima. Ku imva ya Lazaro Yesu yabwiye Marita mushiki wa Lazaro ati

GENZURA

"Ni jye kuzuka n'ubugingo; unyizera, naho yaba yarapfuye, azabaho." Yohana 11:25.

Abapfira "muri Kristo" basinziriye mu bituro kuribo hari ibyiringiro by'ahazaza. Ubasha kubara umusatsi wo ku mitwe yacu kandi udutengatiye mu kiganza cye, ntazigera atwibagirwa. Birashoboka ko twapfuye gutasubira mu gitaka, ariko imibereho yacu iba icyibukwa imbere y'Imana. Ubwo Yesu azagaruka, azakangura abakiranutsi bapfuye, nkuko yabijjenje kuri Lazar.

"Ariko bene Data, ntidushaka ko mutamenya iby'abasinziriye, mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro. Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, arangurure ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'Imana; nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka: maze natwe abazaba bakirihó basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. Nuko mumaranishe imibabaro kubwiranaaya magambo. 1 Abatesolonike 4:13, 16-18.

Ku munsi w'umuzuko, inzira y'urupfu izasa naho kari akanya gato ko kuruhuka. abapfuye ntibazabasha kwibuka igihe bamaze atari bazima. Abemeye Kristo nk'Umucunguzi wabo, bazakangurwa mu bitotsi n'ijwi ryiza rizaba rimanuka riza kw'isi. Hari ikindi kijyana ni byiringiro by'umuzuko:

Ibyiringiro by'iwacu mw'ijuru aho "Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo. Ntihazongera kubaho urupfu, umuborogo cyangwa gutaka" (Ibyahishuwe 21:4). Abakunda Imana ntibakwiye gutinya urupfu. Hirya yarwo hariho kubana n'Imana iteka ryose. Yesu niwe ufite "imfunguzo z'urupfu" (Ibyahishuwe 1:18). Tudafite Kristo, urupfu rwakabaye inzira inyurwamo abagana uruhande rumwe igaherera mukwibagirana, ariho iyo turi kumwe na Kristo hari umucyo, n'ibyiringiro bitangaje.

6. ESE UBU TUBASHA KUBAHO TUDAPFA?

Ubwo Imana yaremaga Adamu na Eva, yabaremanye umubiri ubasha gupfa. Iyo baza gukomeza kumvira Imana ntibari gupfa. Ariko bamaze gukora icyaha, bari bamaze kugurana uburenganzira bwabo bwo kubaho. Kutumvira kwabahinduye imbata z'urupfu. Icyaha cyabo cyokamye ababakomokaho bose, kandi kuko bose bakoze ibyaha, ntitubasha kubaho iteka, turi imbata z'urupfu (Abaroma 5:12). Kandi nta na hato muri Bibilia wa soma ko ubugingo bw'umuntu bubasha kubaho bwonyine we amaze gupfa.



Bibiliya ntaho isobanura ko ubugingo budapfa. amagambo y'Igiheburayo avuga "ubugingo n'umwuka, aboneka inshuro 1.700 muri Bibilia. Ariko nta na hamwe bivuga ko ubugingo, umwuka w'umuntu udapfa. Muri iki gihe Imana yonyine niyo ifite kudapfa.

"Niyo yonyine ifite kudapfa" 1 Timoteyo 6:15,16.

Ibyanditswe bigaragaza neza ko ubu buzima dufite atari ubw'iteka: butegerejwe n'urupfu. Ariko Yesu nagaruka, imibereho yacu izahindurwa.

"Dore mbamenere ibanga; ntitzasinzira twese tuzahindurwa, mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora, natwe duhindurwe; kuko uyu mu biri ubora ukwiriye kuzambikwa ku tabora, kandi uyu upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa". 1 Abakorinto 15:51-53

Nk'abantu, ubu ntitubasha kubaho by'iteka. Ariko ibyiringiro by'aba Kristo tuzambikwa ku dapfa ubwo Yesu azaba aje ubwa kabiri. Ihame ryo kuzaho iteka ryagaragaye ubwo Yesu yavaga mu gituro.

"Wahinduye urupfu ubusa, akerekanisha ubugingo nokudapfa ubutumwa bwiza". 2 Timoteyo 1:10.

7. KUBONA URUPFU RW'UWO WAKUNDAGA

Ubwoba dusanganywe bwo gutinya urupfu burushaho kwiyongera cyane iyo dupfushije abo twakundaga. Ubwo bwigunge no kwumva hari icyo ubuze birushaho kuduca intege. Igisubizo cy'agahinda duterwa n'abacu tuba dutandukanye, n'ihumure ritangwa na Yesu wenyine. wibuke ko uwo wakundaga asinziriye, kandi ko inshuti yawe iruhukiye muri Yesu ikazazukira ubugingo buhoraho ubwo Yesu azaba agarutse.



Imana iradutegurira umunsi utangaje wo kwongera kubonana n'abacu twabuze. Abana bazasubizwa ababyeyi babo. abagabo na abagore bazahoberana murukumbuzi rwinshi. Akaga ko gutandukana kazabagashize. "Urupfu ruzaba rumizwe no kunesha" (1 Abakorinto 15:54).

Bamwe ibiyumviro byo gutandukana n'ababo bituma bashakisha uko bavugana n'ababo bapfuye banyuze mu kwizera ibazimu cyangwa ubundi buryo bugezweho bwiki gihe. Ariko Bibilia itwihanangiriza kutagerageza korosha agahinda duterwa n'urupfu muri ubu buryo.

"Kandi nibababwira ngo "Nimushake abashitsi mubashikishe, mushake n'abapfumu, banwigira bakongorera". Mbese abantu ntibari bakwiye gushaka Imana yabo, bakaba ariyo babaza? Mbese ibya bazima byabazwa abapfuye? Yesaya 8:19.

Ese ni kuki? Bibiliya itubwira neza ko abapfuye badatekereza. uburyo nyabwo bwatumara agahinda duterwa no gutandukana n'abacu twakundaga ni uugusabana na Yesu niyo nzira ya mbere ibasha kudukura mu bihe by'agahinda. Buri gihe jya wibuka ko kongera gutekereza kw'abasinziye muri Kristo ari ubwo impanda yo kugaruka kwa Kristo ubwa kabiri ngo akangure abapfuye!

8. GUHURA N'URUPFU NTA BWOMA

Urupfu rubasha kutunyaga icyo aricyo cyose. Ariko kimwe gusa rutabasha kutambara ni Kristo, kandi Kristo afite ububasha bwo kutugarurira ibyo twabuze byose. Urupfu nitiruzahoraho iteka mw'isi. satani, abagome, urupfu, n'ikuzimu bizaba bijugunywe "mu nyanja yaka umuriro niyo rupfu rwa kabiri". (Ibyahishuwe 20:14).

Dore ingingo enye zadufasha guhura n'urupfu nta bwoma:

- (1) Gira imibereho yiringira Yesu, bityo uzahora witeguye guhura n'urupfu igihe icyo aricyo cyose.
- (2) Ubashishijwe n'imbaraga y'Umwuka wera, jya wumvira amategeko ya Kristo, uzategurirwa ubugingo bwa kabiri aho utazongera gupfa by'iteka ryose.
- (3) Tekereza urupfu nk'aho ari akanya gato k'ibitotsi aho ijwi rya Yesu rizagukangura na garuka ubwa kabiri.
- (4) Ha agaciro isezerano Yesu yaduhaye ryo kuzibanira nawe mu rugo rwo mw'ijuru ubuzira herezo.

Ukuri kwa Bibiliya kuvana umuntu mu bwoma bw'urupfu kuko guhishura Yesu, wa wundi urupfu rutabashije kunesha. Iyo Yesu yinjiye mu mibereho yacu, asesekaza amahoro mu mitima yacu:

"Mbasigiye amahoro, amahoro yanje ndayabahaye. Icyakora simbaha nkuko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntibahagarare, kandi ntitinye. (Yohana 14:27)

GENZURA

DISCOVER
online

Na none kandi Yesu niwe utubashisha kwihanganira akaga kokubura abacu twakunda. Yesu yanyuze "mu gikombe cy'gicucu cy'urupfu"; Azi ibyo bihe byicura burindi tunyuramo.

"Nuko rero, nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, niko nawe ubwe yahuje ibyo nabo, kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu ni we Satani, abone uko abatura abahoze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose". Abaheburayo 2:14,15



Dr. James Simpson, muganga mukuru wavumbuye anesthesia, yagize akababaro kenshi ubwo umwana we w'imfura yapfaga. Agira agahinda kenshi nk'abandi babyeyi. Ariko aza kubona ikimutera ibyiringiro. Kumva yuko umwana we yakundaga ahashyira ikimenyetso maze yandikaho amagambo yavuzwe na Yesu ku byerekeye umuzuko: "Nyamara ndi muzima."

Ibyo bikubiyemo byose. Agahinda k'umuntu hari ubwo kamutera gushidikanya; nyamara, Yesu ni muzima!

Dufite ibyiringiro muri Kristo by'ubuzima nyuma y'urupfu. Niwe "kuzuka n'ubugingo" (Yohana 12:25). Kandi agusezeranira ho, "Kuko ariho namwe muzabaho" (Yohana 14:19). Kristo niwe byiringiro byacu nyuma y'urupfu. Kandi Kristo nagaruka azaduha kudapfa. Ntituzongera kuba mu gicucu cy'urupfu, kuko tuzaba dufite ubugingo bw'iteka. Waba ubashije kugenzura ibi byiringiro bibasha kudufasha mu bihe turi mukaga? Niba utaremera Yesu nk'Umwami n'umucunguzi wawe, ese wabasha kubikora ubu?

MBASHA KUBONA ITORERO RY'IMANA MURI IKI GIHE?

Imana kenshi yagiye itanga ubutumwa bwhariye bukwiranye n'ubukene bw'ab'icyo gihe: ubutumwa bwo gufasha Adamu na Eva icyaha kimaze guhumanya isi yabo, ubutumwa ku isi mbere y'uko habaho umwuzure, ubutumwa ku Bisirayeli ubwo bari batewe ubwoba n'Abashuri cyangwa se Babuloni. Yesu yazanye ubutumwa bukwiranye nabi mu gihe cye, kandi natwe Imana yaduhaye ubutumwa bukwiranye n'igihe cyacu. Mu gice cya 12 na 14 cy'ibyahishuwe herekana mu nciamake ubutumwa bwacu muri iki gihe. Muri iki cyigisho ndetse n'igikurikiraho, tuzarebera hamwe ubwo butumwa.



1. ITORERO RYAHANZWE NA YESU

Imibereho n'imyigishirize ya Yesu bihamya ubumwe bwo kwizera no gushyira hamwe kw'itorero ry'intumwa yihangiye. Intumwa zagaragazaga isano ihamye na Kristo wazutse. Paul yagerageje gushushanya ubwo bumwe nk'umbumwe bwo gushyingiranwa:

"Kuko nabakwereye umugabo umwe, ni we Kristo, ngo mubashyingire, mumeze nk'umwari utunganye." (2 Abakorinto 11:2).

Nk'uko Paul abivuga, Itorero rya gikristo ni nk'umugore utunganye, umugen wa Kristo, ikimenyetso gikwiriye itorero rya Kristo akunda.

Mu Isezerano rya Kera iki kigereranyo gikoreshwa kivuga Isirayeli, ubwoko bwatoranijwe bw'Imana. Imana ibwira aba Israeli iti: Nibutse ineza yo mu bukumi bwawe" (Yeremiya 2:2); "Kuko mbabereye umugabo" (Yeremiya 3:14).

Na none igitabo cy'ibyahishuwe kigereranya itorero n'umugore:

"Ikimenyetso gikomeye kiboneka mu ijuru; mbona umugore wambaye izuba, ukwezi kwakira munsi y'ibirenge bye, ku mutwe yambaye ikamba n'inyenyeri cumi n'ebyiri." Ibyahishuwe 12:1.



(1) Umugore "wambaye izuba". Ibi bimenyesha Itorero rifite umucyo nk'uw'izuba, kubwo kwambikwa ubwiza bwa Kristo. Yesu "umucyo w'isi" (Yohana 8:12), amurika anyujije mu bagize itorero rye, maze nabo bagahinduka "umucyo w'isi." (Matayo 5:14).

(2) Umugore uhagaze ku "kwezi kwakira munsi y'ibirenge bye". Ukwezi kugaragaza urumuri rw'ubutumwa bukomoka ku bitambo n'imihango y'abantu b'Imana mu Isezerano rya Kera. Ukwezi kuba "munsi y'ibirenge bye" bisobanura ko uwo mucyo ukomoka ku butumwa wasimbuwe n'imirimo ya Kristo.

(3) Umugore ufite "ikamba rifite inyenyeri cumi n'ebyiri ku mutwe we." Inyenyeri zisobanura intumwa cumi n'ebyiri, babandi ubutumwa bwabo bwo guhamya Yesu na n'ubu bukimurikira isi. Birumvikana ko Yohana mu bitekerezo bye yari afitemo uko ibihe byagiye bisimburana ku bana b'Imana, uhereye ku Bisirayeli, mu Isezerano rya Kera kugeza ku itorero rya Kristo mu Isezerano Rishya. Izuba, ukwezi, n'inyenyeri bigaragaza uko ubutumwa butanga umucyo mu itorero rya Kristo mu kwamamaza inkuru nziza.

2. UKO SATANI YATSINZWE

GENZURA

Kuramukwa k'umugore bigaragaza intambwe ikomeye muri iyi ntambara:

"Kandi yari atwite. Nuko atakishwa no kuramukwa, ababazwa n'ibise. Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso; mbona ikiyoka kinini gitukura gifite imitwe irindwi n'amahembe icumi, no ku mitwe yacyo gifite ibisingo birindwi. Umurizo wacyo ukurura kimwe cya gatatu cy'inyenyeri zo ku ijuru, uzigunyu mu isi. Icyo kiyoka gihagarara imbere y'uwo mugore waramukwaga, kugira ngo namara kubyara giherekirye umwana we, kumutsotsobe. Abyara umwana w'umuhungu uzaragiza amahanga inkoni y'icyuma. Umwana we arasahurwa, ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo." Ibyahishuwe 12:2-5.

Hari ibantu bitatu by'ingenzi bigaragara muri iki gitekerezo:

(1) Umugore, twamaze kubona ko ashushanya itorero ry'Imana.

(2) Umwana w'umuhungu wabyawe n'uyu mugore agasahurwa akajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo", kandi rimwe "azategeka amahanga yose". Yesu niwe mwana wenyine wavukiye muri iyi si wajyanywe mu ijuru ku ntebe y'Imana kandi agiye kuzategeka amahanga yose.

(3) Ikiyoka gishushanya Satani.

"Mu ijuru habaho intambara. Mikayeli n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka: Ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. Ntibanesha, kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka. Cya kiyoka kinini kiracibwa ni cyo ya nzoka ya kera, yitwa Umwanzi na Satani, nicyo kiyobya abari mu isi bose; nuko kijugunyuwa mu isi abamarayika bacyo bajugunywana na cyo". Ibyahishuwe 12:7-9.



Ishusho irushaho gusobanuka iyo usobanukiwe n'ibiyiranga.

Ubwo Satani n'abamarayika be "umwanya wabo utongeye kuboneka mu ijuru", "baciriwe muri iyi si". Igihe Yesu yavukiraga muri iyi si, Satani yagerageje kumwica, wa mwana w'umuhungu, akimara kuvuka. Byaramunaniye, maze Yesu "arasahurwa" ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo".

Noneho Satani ahagurukira kurwanya itorero ry'abakristo ryahanzwe na Kristo. Intumwa Yohana wanditse Ibyahishuwe, yeretswe gato ku by?ijo ntambara hagati ya Kristo na Satani yayogoje iyi si. Ubwo iyo ntambara yari igeze ku mahenuka, ubwo Yesu yamanikwaga ku musaraba, Yohana yumvise ijwi rirenga riva mu ijuru:

"Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'Ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo; kuko umurezi wa bene Data ajugunyuwe hasi," Ibyahishuwe 12:10. (Gereranya Yohana 12:31 na Luka 10:18).

Yesu yatsinze Satani burundu ku musaraba. Maze bikomeza isezerano ryo "gucungurwa" kandi bitanga "imbaraga" yo gutsinda amayeri ya Satani. "Ubwami bw'Imana" burengera ubusugire bwabwo, maze ububasha bw'Umucunguzi wacu bwo kuba umutambyi wacu mukuru n'Umwami biremezwa.

"Dore agakiza kacu karasohoye" niko bigaragara muri icyo gikorwa gisoza amateka. Kuvuka kwa Yesu umucunguzi w'isi kuraba (umurongo 5). N'ubwo yahuye n'ibigereagezo bya Satani bikomeye, ntiyigeze acumura mu bugingo bwe, yarapfuye azuka anesheje icyaha n'urupfu (umurongo 10). Satani yatsinzwe burundu (umurongo 7-9). Umusaraba ushyirwa hejuru mu mbaraga zawo zuzuye.

Aya magambo ngo "dore agakiza kacu karasohoye," ntashimisha Yohana



gusa, ahubwo n'isi yose:

"Nuko rero wa juru we, namwe abaribamo, ni mwishime naho wowe, wa si we, nawe wa nyanja we, mu gushije ishyano, kuko Satani yabamanukiye, afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito."
Ibyahisuwe 12:12

Ijuru ryishimiye intsinzi ya Yesu. Kristo yerekanye ko Satani atagifite umwanya mu ijuru, kandi Satani uwo watsinzwe yambuwe burundu ububasha yirata ko afite kuri iyi si.

3. ITORERO RY'ABAKRISTO RIHANGANYE NA SATANI

Mbere y'uko Yesu azamuka ajya mu ijuru, yasize ahanze itorero ry'Abakristo (rigereranywa n'umugore). Urupfu rwe ku musaraba rwahesheje abakristo imbaraga yo gutsinda Satani.

"Na bo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa." Ibyahisuwe 12:11

Kristo ashobora guha itorero rye imbaraga ye, ariyo mbuto yo kunesha. Ku musaraba Yesu yatsinze Satani bitavuguruzwa, kandi n'ubu aracyakomeza kumutsinda mu itorero rye. Hari ibintu bitatu bigaragaza kunesha kw'itorero mu binyejana bishize by'ubukristo:
(1) "Bamuneshesha [Satani] amaraso y'umwana w'Intama: Yesu yajanywe ku ntebe y'Imana kugira ngo amaraso ye agirire akamaro abamukurikira. Abasha guhanagura ibyaha byacu, tugakizwa n'amaraso yaduseseye (1 Yohana 1:7), akanaduha imbaraga yo guhora dufite imibereho mizima ya gikristo buri munsi.

(2) "Ntibigeze bakunda ubuzima bwabo cyane ngo bitume batinya urupfu." "Amaraso y'Umwana w'Intama" yatumye bemera gupfa kubwa Kristo; ntibigeze "batinya urupfu." Uko Imana yababaye birenze, niko n'abakristo bitanze barababazwa ndetse bageza no ku gupfa; abana nabo bitanze nk'ibitambo. Hari igitekerezo cy'umubyeyi wari umukristo wajugunye mu rwobo rw'intare n'ubutegetsi bw'Abaroma azira



ko yubashye Kristo kumurutisha igihugu cye. Umwana we w'umukobwa, aho kugira uwobwa ngo ahunge, yumvise muri we imbaraga idasanzwe. Ubwo intare zatanyaguzaga nyina, nawe aririra hejuru ati "nanje ndi umukristo." Abategetsi b'Abaroma nawe baramufata bamujugunyira izo nyamaswa.



(3) "Bamuneshesheje [Satani]... ijambo ryo guhamya kwabo:" Si amagambo, ahubwo ijambo ryo guhamya kwabo, guhamya k'ubugingo bwabo; imibereho yabo ni igihamya cy'imbaraga ya Yesu n'inyigisho ze.

Bya bihe by'umwijima mu mibereho ya gikristo, intwari z'abakristo uhoreye ku bakurambere bacu mu itorero kugeza ku bagorozi, babashije gutsinda ibikomeye umwanzi yabatezaga, babihamisha imibereho yabo yuzuye ubutwari.

Mu Byahisuwe 12:11 hagaragaza itorero ry'intwari ryujujwe kunesha: intumwa, abahowe Imana, abagorozi, n'abandi bakristo b'inziramacyemwa. Ubugwaneza bwabo, kuba abanyakuri, ubutwari no kunesha, byakomeje kunyeganyeza isi.

Kubera ko Satani yananiwe kwica Yesu akiri kuri iyi si, aragerageza gutsembaho Kristo uri mu itorero rye.

"Nuko cya kiyoka kibonye yuko kijugunye mu isi, gihiga wa mugore wabyaye umuhungu. Umugore ahabwa amababa abiri y'ikizu kinini, kugira ngo aguruke ahungire mu butayu ahantu he, aho agaburirirwa igihe n'ibihe n'igice cy'igihe, arindwa icyo kiyoka. Icyo kiyoka gicira amazi ameze nk'uruzi inyuma y'uwo mugore, kugira ngo amutembane. ariko isi iramatabara, yasamya akanwa kayo, imira uruzi cya kiyoka cyaciriye." Ibyahisuwe 12:13-16.

GENZURA

Nk'uko byari byarahanuwe, muri cya gihe cy'umwijima ku bihe bya gikristo, Satani yohereje "uruzi" rw'akarengane ngo "rutembane" itorero nk'umugezi usuma. Satani arashaka kuzimanganya imbaraga ya Yesu mu buryo bwo gutsembaho itorero rye akoresha uburyo bushoboka ubwo ari bwo bwose. Ikiyoka gishushanya Satani. Ariko mwibuke ko Satani akoresha imibereho y'abantu ngo bamufashe mu murimo wo kurwanya abantu b'Imana. Yakoresheje Herode Umwami w'Abaroma mu kugergeza kwica Yesu akimara kuvuka. Yakoresheje ba bigisha b'amategeko bagiriye Yesu ishyari baramugenza, Umukiza bamubuza epfo na ruguru, kugeza ubwo bamubambye ku musaraba. Nyamara gutsinda kwa Satani kw'akanya gato byahindutse intsinzi ikomeye ya Kristo. Afite umujinya mwinshi ko atsindiwe ku musaraba, Satani ubwo burakari abwerekeza ku itorero ryahanzwe na Yesu. Mu binyagihumbi byinshi nyuma yo kubambwa kwa Yesu, ibihumbi n'ibihumbi byarishwe mu mbuga nini z'imikino y'Abaroma, mu mahuriro y'inzira, mu masenga no mu buvumo bwo mu butayu.



Mbere na mbere ibi byabanje gukorwa n'abategetsi b'igihugu. ariko nyuma y'urupfu rw'Intumwa, ibantu byagiyebihinduka mu itorero. Mu kinyejana cya kabiri, icya gatatu ndetse n'icya kane, benshi mu itorero batangiye guhindura ukuri Kristo n'intumwa ze bari barigishije. Abategetsi bari bamaze kugomera itorero batangiye kurenganya abakristo bari bagikomeje ukuri kw'lsezerano Rishya.

Abanditsi bagereranya ko abantu bagera kuri miliyoni 50 bishwe bazira kwizera kwabo. Mu murava wo gushaka uko yatsema itorero, Satani yohehereza "uruzi" rw'akarengane ngo "rutembane" itorero nk'umugezi usuma". Ariko isi itabara umugore... irasama imira rwa ruzi" rw'akarengane n'inyigisho z'ibinyoma.

Muri icyo gihe cy'akarengane, Itorero ry'ukuri ryahunze ubutegetsi bwari bwarigometse ku Mana,kuva ubwo ryihisha mu butayu, aho Imana yariteguriye ngo rihamare iminsi 1260 (umurongo 6). Ubu buhanuzi bwarasohoye mu gihe cy'imyaka 1260 y?akarengane uhoreye mu mwaka 538 mbere ya Kristo ukageza 1798 (mu buhanuzi bwa Bibiliya umunsi ungana n'umwaka, soma Ezekiyeli 4:6).


Muri ibi bihe by'umwijima, abakristo bakomeza ukuri kwa Bibiliya bashatse ubuhungiro hirya no hino ahashoboka hose; nko mu kibaya k?i Waldensian mu burengera zuba bw'Ubutiliyani, iburasirazuba bw'Ubufaransa, no mu itorero ry'i Celtic mu birwa by'Ubwongereza.

4. ITORERO RY'IMANA MU GIHE CYACU

Ibi bitugeza mu gihe cyacu - ku itorero rya Kristo ry'ukuri uhoreye 1798. Nk'uko bigaragara, cya Kiyoka kiracyafite umujinya ku bantu b'Imana. Intambara ikomeye kandi itagaragara iracyakomeza. Ni ukuri, Satani ararushaho kurwanya itorero cyane mbere y'uko Yesu agaruka.

"Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu." Ibyahishuwe 12:17.

Ubu buhanuzi bushingiye ku gihe cyacu. Satani afite umujinya; arashoza intambara "ku basigaye b'urubyaro", rwa wa mugore, ari bo bantu b'Imana muri iki gihe.



Dore ibimenyetso bibaranga:

(1) Aba bizera bo mu gihe giheruka "bafite guhamya kwa Yesu".

Bakomeza by'ukuri inyigisho zishingiye ku ijambo ry'Imana; imibereho yabo ya gikristo ihamya Yesu.

(2) Aba bakristo bo mu gihe giheruka ni abantu bakurikiza ubuhanuzi.

Kwakira guhamya kwa Yesu nibyo byabashishije Yohana kwandika igitabo

cy'Ibyahishuwe (Ibyahishuwe 1:1-3). Itsinda riheruka ry'abizera naryo rihabwa iyo mpano: guhamya kw'Imana kunyuze mu ntumwa zayo ku isi. Iyo mpano y'ubuhanuzi ishingiye ku guhishurirwa n'Imana inshingano bafite n'aho bagana.

(3) Abakristo b'igihe giheruka barangwa no kuba "bumvira amategeko y'Imana". Ntabwo baharanira gusa ubusugire bw'amategeko cumi, ahubwo barayakomeza. Urukundo rw'Imana mu mitima yabo rubyara kumvira nta gahato (Abaroma 5:5; 13:8-10).

Aba bakristo bo mu gihe giheruka bakurikiza ikitegererezo cya Yesu n'itorero rya mbere mu kumvira amategeko y'Imana. Ibi ni byo bishoza intambara ya cya Kiyoka - Satani. Kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, kuko ari abahamya b'urukundo rw'Imana rugaragaza muri bo imico yo kumvira. Nkuko Yesu yababwiye ati:

"Ni munkunda, muzitondera amategeko yanje." Yohana 14:15.

Imibereho y'abakristo muri ibi bihe biheruka, igaragaza ko bishoboka gukunda Imana n'umutima wacu wose, kandi na bagenzi bacu nk'uko twikunda. Nk'uko Yesu yabivuze, ibi byombi, gukunda Imana no gukunda bagenzi bawe, bikubi yemo amategeko yose uko ari icumi (Matayo 22:35-40).

Itegeko rya kane ridusaba kweza umunsi w'Isabato, umunsi wa karindwi w'icyumweru. Ubwo urukundo rwa Yesu ari rwo rwashinze amategeko cumi mu mitima yabo, aba bakristo baruhuka Isabato.


Isabato ni kimwe mu butumwa bw'ingenzi bw'Imana buheruka ku bantu be mu Byahishuwe igice cya 12 na 14:6-15. Umutungo wose w'ijuru werekejwe ku itorero ry'iki gihe giheruka nk'uko biboneka muri ibyo bice. Umukiza uhoraho niwe mufasha wabo igihe cyose, kandi umwuka wera arakora ngo "abongere imbaraga mu byo bagambiriye." Isezerano ni iryo kwizerwa. Bazanesha Satani "babiheshejiwe n'amaraso y'umwana w'intama n'iijambo ryo guhamya kwabo." (Ibyahishuwe 12:11)

Waba wifuzza kuba umwe muri abo bakristo bo mu gihe giheruka "bakomeza amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa yesu."? Kuki utafata icyo cyemezo nonaha?

MBESE IMANA IFITE UBU TUMWA BW'UMWIHARIKO YAGENEYE IGIHE CYACU?

Ramon Umashankar yavutse ari Umubrahmin (ugomba kuba umutambyi mukuru mu myizerere y'Abahindu). Mukuru we yamwigishije uhoreye mu bwana ko ari imana, kandi ngo kugira ngo asobanukirwe n'ubwo bumana bwe, agomba kwitoza Yoga (umuhango w'Abahindu mu myizerere yabo bavuga ko uguhesha amahoro mu buryo bwose), no kugira umwanya wo kwiherera mu masengesho. Ariko akiri ingimbi, Ramon yatangiye kwibaza niba abasha kumenya Imana binyuze mu gusenga ibigirwamana byo mu nsengerero z'Abahindu.

Ramon atangira gusuzuma Bibiliya n'ibyo ivuga kuri Kristo.
Yahoraga yubahira Yesu uburyo bwe bwo kwicisha bugufi, ariko noneho aza kumva ko uwo Yesu yiyita umwana w'Imana w'ikinege.
Kandi yaje kubona ko abakristo benshi bafite amahoro we atashoboye kubona mu myaka yamaze mu byumba by'amasengesho. ariko, Ramon yakomeje kugambirira gushaka ukuri mu idini ye ya Gihindu.



Maze rimwe aza kubona senema y'imibereho ya Yesu. Bwari ubwa mbere amenya ko Yesu yagize umubabaro n'ubwoba nk'abantu. Mbere y?aho yatekerezaga ko Yesu yaba yarakoresheje imbaraga ze zidasanzwe ngo atababazwa n?urupfu rwo ku musaraba. Ariko ubu, yumvaga atasobanura umusaraba. Byaramutangaje. Yesu yaba yaranyuze ate muri aka gasuzuguro kose, Ku bw'abanyabyaha?

Uko Ramon yakomeje gutekereza ku rupfu rwa Yesu, byaramushenguye atekereje urwo rukundo. Yiyemeza kureka bwa butambyi bwe (Brahmin) maze ubugingo bwe akabwegurira Umukiza Yesu. Agereranya ibindi n'urukundo rw'igitambo cya Kristo, Ramon yaravuze ati, "Ibindi byose ni ubushwambagara".

Uyu musore wari umu Brahmin yaragenzuye abona isoko y'ukuri y'Ubukristo: Yesu, umukiza w'isi.

1.IDINI IFITE AGAKIZA NI IYIHE?

Yesu niwe nzira ? imwe rukumbi - y'agakiza.

"Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo." Ibyakozwe n'Intumwa 4:12

Bibiliya yigisha bisobanutse yuko twahabiye mu cyaha, Ku bw'ibyo dukwiye igihano cy'icyaha: urupfu (Abaroma 6:23). Bose bakoze ibyaha (Abaroma 3:23), Ku bw'ibyo bose bahura n'urupfu. Kandi Yesu niwe wenyine ubasha kuducungura akatuvana muri icyo gihano cy'icyaha.

"Kuko icyo Data ashaka ari iki, ari ukugira ngo umuntu wese witegerezza Umwana akamwizera, ahabwe ubugingo buhoraho: nanje nzamuzure ku munsi w'imperuka." Yohana 6:40.

Hari idini imwe gusa y'ukuri:

"Hariho Umwami umwe, no kwizera kumwe, n'umubatizo umwe." Abefeso 4:5.

2. IMANA YABA IFITE UBU TUMWA BW'UMWIHARIKO KU BAKRISTO BO MU MINSI IHERUKA?

GENZURA

DISCOVER
online

Ye. Ubu butumwa bw'inkubwe eshatu buboneka mu Byahishuwe 14:6-16. Kwamamazwa kw'uba butumwa bw'abamarayika batatu kuzasozwa no kugaruka kwa Yesu ubwa kabiri (umurongo 14-16).



(1) Ubutumwa bwa Marayika wa mbere.

"**Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanje ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati "Ni mwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igehe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye lyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko." Ibyahishuwe 14:6,7.**

Nubwo ubu butumwa bugaragara nk'aho bunyuzwa mu bamarayika batatu, abantu b'Imana nibo bagomba kuba intumwa ngo bukwire isi yose. Ntabwo bamamaza inkuru nshya, ahubwo "ubutumwa bw'iteka ryose, ku isi yose, mu mahanga yose, n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose." "Ubutumwa bwa Yesu bw'iteka ryose" ni nabwo butumwa bw?agakiza abo mu gihe cy?Isezerano rya Kera bemeye kubwo kwizera." (Abaheburayo 3:16-19; 4:2; 11:1-40); ni nabwo Yesu ubwe yigishije, nibwo intumwa ze zamamaje babasha gutsinda imitima ya benshi kubwa Kristo, iyo nkuru niyo yagiye ikwirakwira mu binyejana by'imbereho ya gikristo.

Ubu butumwa bworoheje, bw'agakiza ka Yesu Kristo bwageze aho busa n'ubuzimiye, buva mu itorero mu gihe gisaga imyaka igihumbi y'igihe cy'umwijima, ariko ivugurura ryongera kububyutsa, none abantu b'Imana barabwamamaza ku isi muri iyi minsi. Marayika wa mbere yatangaje iyo nkuru, ariko mu buryo bushya, uburyo bukwira isi yose, ku batuye isi mbere y'uko Kristo agaruka ubwa kabiri.

Abemera ubwo butumwa, barahamagarirwa "kubaha Imana bakayihimbaza [bagaragaza imico yayo]. Bereka isi imico y'urukundo rw'Imana, bitari mu magambo yabo gusa, ahubwo n'imibereho yabo ikaba igihamya gikomeye. Bagaragaza ibitangaza bikomeye Imana ibasha gukorera mu bantu bayo buzuwe n'umwuka wa Kristo.



Ubu butumwa bw?abamarayika batatu ni ryari buzamamazwa ku isi hose? Ubwo igehe "cy'urubanza rw'Imana kizaba kigeze." Icyigisho cya 13 gisobanura ko Yesu yatangije igehe cyo kugenzura imanza mbere y'uko agaruka uhoreye 1844. Muri uwo mwaka, 1844 Yesu yetetse abantu bo ku isi yose ko bakwiriye gutangira kubwiriza ubutumwa bw'Ibyahishuwe 14.

Ubu butumwa buraduhamagarira "guhimbaza lyaremye ijuru n'isi" (Ibyahishuwe 14:7). Imana idusaba "kwibuka kweza umunsi w'Isabato" (Kuva 20:8-11). Mu 1844 ubwo Darwin yerekana igitekerezo cye yuko ibantu bigenda bihindagurika (evolution), Imana yariho ihamagarira abantu kuyihimbaza nk'Umuremyi wabo.

(2) Ubutumwa bwa marayika wa kabiri

"**Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati "iraguye iraguye! Babuloni, wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga, nizo ruba ry'ubusambanyi bwabo." Ibyahishuwe 14:8.**

Marayika wa kabiri arababurira ati:"Babuloni wa mudugudu ukomeye ugiye kugwa." Ibyahishuwe 17 hatwereka "Babuloni" mu by'umwuka - abakristo bateshutse ijambo ry'Imana - bagereranywa n'umugore w'umusambanyi (umurongo 5). Akaba atandukanye n'umugore mwiza mu byahishuwe 12 ushushanya itorero ry'ukuri rya Kristo. Umugore



ushushanya Babuloni ni umugore waguye, wateretse amahanga yose inzoga, ni zo ruba ry'ubusambanyi bwe." Inzoga y'inyigisho z'ibinyoma yacengeye abantu b?ingeri nyinshi biyita abakristo. Ubutumwa bwa marayika wa kabiri burahamagara abantu b'lmana guhunga izo nyigisho z'ubukristo bwateshutse.

Babuloni bisobanura uruvange rw'uburyo butandukanye bw'inyigisho z'ubukristo bwateshutse. Iteje akaga kuko ihindura ishusho y'lmana, ikayigira ikindi kintu giteye urujijo: ngo Imana Irahora kandi Idusaba ibirenze, cyangwa ngo Imana igira impuhwe nk?iza sogokuru utita ku gucyaha uwo ariwe wese Ku bw'icyaha cye. Itorero rizima rizagaragaza imico y'lmana kandi ryerekane uko ubutabera n'imbabazi byayo byerekana mu kuri yuko Imana ari urukundo.

Imana irahamagarira abantu "gusohoka" muri Babuloni (Ibyahishuwe 18:4), kwanga inyigisho zidashingiye kuri Bibiliya, no gukurikira ibyo Kristo yigisha.

(3) Ubutumwa bwa marayika wa gatatu

"Marayika wundi wa gatatu akurikiraho, avuga ijwi rirenga ati 'umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w'lmana, yiteguye idafunguwe mo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Ntibaruhuka ku manywa na nijoro, abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo.' Aha niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'lmana, bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Ibyahishuwe 14:9-12

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugabanya isi yose mu matsinda abiri. Ku ruhande rumwe hahagaze abakristo bateshutse "basenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo kandi bafite ikimenyetso cyayo mu ruhanga cyangwa ku kiganza cyabo."

Witegerezre ibitandukanya aya matsinda abiri ahabanye. Abo bafite ikimenyetso cy'inyamaswa ni abemera imisengere ikurikiza ibitekerezo abantu bishyiriyeho bibanogeye. "Abakiranutsi" bafite nabo ibibaranga aribyo: "Kwihangana", kumvira "amategeko y'lmana, kandi bagakomeza kuba "abizerwa kuri Yesu."

Nyuma y'uko ubu butumwa butatu buhetura isi yose, Yesu azaza "gusarura" abakiranutsi.

"Mbona igicu cyera; no ku gicu mbona uwicayeho, usa n'Umwana w'umuntu, wambaye ikamba ry'izahabu ku mutwe, kandi afite umuhoro utyaye mu ntoki ze. Marayika wundi ava mu rusengero, arangurura ijwi rirenga, abwira uwicaye kuri icyo gicu ati 'Ahura mo umuhoro wawe, usarure, kuko isarura risohoye, kandi ibisarurwa byo mu isi byeze cyane.' Nuko uwicaye ku gicu yahura umuhoro we mu isi, isi irasarurwa."
Ibyashuwe 14:14-16.



3. ITORERO RYA KRISTO RYO MU MINSI Y'IMPERUKA

Waba ufite amatsiko y'iro torero rikomeye, ry'abakristo batanyeganyega, batangaza benshi Ku bw'umuhati wabo,bihangana kandi bizerwa, ukaba nawe wifufa kuba nka bo mu by'umwuka? Mu byahishuwe 14 Imana yatanze ubutumwa bukwiranye n'iki gihe kandi ni bwo bubasha kuguhesha iyo mibereho.

Nkoko byaganiriweho mu cyigisho cya 25, mu Byahishuwe 12:17 herekana ko abakristo bo mu minsi y'imperuka ari "abakomeza amategeko y'lmana kandi bafite guhamya kwa Yesu." Ibyahishuwe 14:12 hasobanura ko iyo tsinda ari "abakiranutsi bubaha amategeko y'lmana kandi bakomeza kuba abizerwa kuri Yesu."

Reka tuvuge muri makeya ku bakristo bo mu minsi y'imperuka.

(1) Bafite "guhamya kwa Yesu." N?ubwo Satani yabarakanira, "bakomeza kuba abizerwa kuri Yesu." Kwizera kwabo si uko bihimbiro, ni impano bahabwa n'Imana (Abefeso 2:8). Abagize Itorero ry'Imana ryo mu minsi iheruka, bagenda bunguka kumenya Kristo n'imico ye y'ukuri, maze Ku bw'ubuntu, binyuze mu kwizera, bagahinduka ishusho igaragaza imbaraga ya Yesu ibarimo.

(2) "Bafite kwizera nk'ukwa Yesu." (Ibyahishuwe 14:12). Kwizera Yesu yari afite, kwizera yigishije, kwizera kwaranze imibereho ye, kukaba ari ko kuzura imitima yabo. Ntibafite ukuri kwonyine ahubwo bakomeza ukuri bakagukurikiza. Kuri bo idini ni imibereho, ibyo bemera bigaragazwa n?ibikorwa, kandi kwizera kugendana no kumvira. Imibereho yabo irangwa no "kwizera kwa Yesu." Bamenye ko inyigisho za Bibiliya, iyo zishyizwe mu mibereho yabo ya buri munsi, bibyara imibereho ya gikristo itajegajega. Bamaze kumenya ko uko kuri gukomeye kwa Bibilia kubyutsa urukundo no kwiyejurira Kristo bigatuma banyurwa n?ibyo umutima w'umuntu wifufu byose.

(3) "Bubaha amategeko y'Imana." Amategeko cumi, amategeko agaragaza imico y'Imana. Icyo bifufa kuruta ibindi byose ni ukubaha ubushake bw'Imana, amategeko yayo yose. Bagaragaza urukundo bakunda Imana n'urwo bakunda abandi bantu, bakurikiza amategeko y'Imana harimo n'irya kane ridusaba kuramya Umuremyi wacu ku isabato y'umunsi wa karindwi.

(4) Bamamaza "ubutumwa bw'iteka ryose" ku isi yose (Ibyahishuwe 14:6). Ubutumwa buvuga ko Yesu yapfiriye ibyaha byacu, kandi ko yazutse akanesha igituro bikaduhesha ibyiringiro ko ari we Mucunguzi wacu. Itorero rya Kristo ryo mu gihe giheruka ni irihamagarira abantu kuva hirya no hino ngo bave mu rudubi rw'inyigisho z'ibinyoma maze bagirane ubumwe na Yesu bushingiye ku kuri kwa Bibilia.

(5) Hari ikibahatira kwihuta " ni uko igehe cy'isarura kigeze, kuko ibisarurwa ku isi byeze" (Ibyahishuwe 14:15), nyamara miliyoni nyinshi z'abantu ntiziramenya Kristo.

(6) Ubutumwa Imana yabo yabahaye ntibutuma bahwema. Kubera ko "Babuloni ikomeye" iguye, baringinga abo bose bakiri mu rudubi rw'inyigisho z'ibinyoma, "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo" (Ibyahishuwe 18:4). Barashaka gusaranganya umubano bafitanye na Kristo, ibyishimo byabo, n'abandi.



Ibi byose ndetse n'ibindi byinshi byunga imitima y'abakristo miliyonu nyinshi bo mu bihe biheruka bahamagarwa n'ubutumwa bw?abamarayika batatu. Imibereho yabo yuzuye ibyishimo ituma bafatanya na Yohana kukugezaho ubu butumire:

"Ibyo twabonye tukabyumva, ni byo tubabwira, kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo. Ibyo ni byo tubandikiye, kugira ngo umunezero wanyu ube mwinshi." 1 Yohana 1:3,4.

Binyuze mu mwuka we no mu itorero rye, Yesu araguhamagara ngo uze umwegurire byose:

"Umwuka n'umugenzi barahamagara bati "ngwino"! Kandi ufite inyota naze; ushaka ajyane amazi y'ubugingo ku buntu. Ibyahishuwe 22:17.

4. ISARURA RY'UBURYO BUBIRI

Ubutumwa bw'abamarayika batatu bwerekana kugaruka kwa Kristo mu isi gusarura abacunguwe b'ibihe byose (Ibyahishuwe 14:14-16). Yesu akoranye abacunguwe bose maze abajyane "aho yabateguriye" mu ijuru (Yohana 14:1-3). Atsembeho icyaha burundi, indwara, agahinda n'urupfu. Abakiranutsi batangire ubuzima bushya hamwe nawe iteka ryose (Ibyahishuwe 21:1-4).

Yesu kandi "azasarura" n'abanyabyaha ubwo azagaruka.

**"Marayika wundi ava muri rwa rusengero rwo mu ijuru
nawe afite umuhoro utsyaye. Hakurikiraho undi ...
arangurura ijwi, abwira wa mu marayika wundi ufite
umuhoro utsyaye ati " Ahura umuhoro wawe utsyaye, uce
amaseri yo ku muzabibu w'isi, kuko inzabibu zavo zinetse.
Nuko marayika yahura umuhoro we mu isi, aca imbuto
z'umuzabibu w'isi azijugunya mu muvure munini
w'umujinya w'lmana. Uwo muvure wengesherezamo
ibirenge inyuma ya wa mudugudu, uvamo amaraso agera
ku mikoba yo ku majosi y'amafarashi, ageze sitadiyo igihumbi na magana atandatu." Ibyahishuwe
14:17-20.**



Iki kizaba igihe cy'akaga ko kurimbura guheruka, igihe giteye Yesu agahinda ko kurimbura abo bose banze gukizwa. Yesu "aracyakwihanganiye, ntashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ngo bose bokane." (2 Petero 3:9).

Ubwo Yesu azaza gusarura isi, uzaba mu bihe bisarurwa? Uzahagarara mu mbuto zeze hamwe n'abacunguwe by'iteka ryose (Ibyahishuwe 14:13-16)? Cyangwa uzaba mu nzabibu zizajugunyuwa mu muvure munini w'umujinya we (umurongo wa 17-20)?



Impamvu ishyizwe ku mugaragaro. Ku ruhande rumwe, Yesu ahagaze arambuye amaboko ye ateyemo imisumari, akwingingira gufatanya n' "abera bitondera amategeko y'lmana bagakomeza kwizera kwa Yesu" (umurongo 12). Ku rundi ruhande hari amajwi y'abantu buntu, bakwemeza ko kubahiriza Bibiliya yose ndetse n'amategeko y'lmana atari ngombwa.

Rimwe abari bateraniye mu cyumba cy'urukiko kwa Pilato bahuye n'ibihe nk?ibyo. Ku ruhande rumwe hari Yesu, Imana muntu. Ku rundi ruhande hari Baraba, umuntu udafite icyo yimariye, utabasha kugira icyo yakwimarira cyangwa kugira icyo yamarira abari muri ryo teraniro. Nyamara ijwi rya Pilato ryumvikanye mu matwi y'abari mu iteraniro ribaza riti "Muri aba babiri mbabohorere nde"? Amajwi yose avugira icyarimwe n'umujinya, ngo "Baraba"?

"None se" Pilato arabaza, uwo Yesu mugenze nte, uwiyita Kristo?"

Mu ijwi rimwe iteraniro riti, "Nabambwe!"

Nuko Yesu utari ufite icyaha, arabambwa; maze Baraba umugome ruharwa, ararekurwa. (soma Matayo 27:20-26).

Ni nde uhitamo uyu munsi, Baraba cyangwa Yesu? Uhisemo gukurikiza ibitekerezo by'abantu n'inyigisho zidahuje n'amategeko y'lmana n'ubutumwa bw'iteka ryose bwa Yesu? Cyangwa wifufa "kumvira amategeko y'lmana ugakomeza kuba umwizerwa kuri Yesu?" Wibuke ko, Yesu ariwe ugusezeranira kukohherereza umwuka wera ngo agukemurire amajune yose, akize indwara zawe zose zo mu mutima, kandi akubere byose.